# Ikinyarwanda – Amashuri yisumbuye

## Umwaka wa kabiri 2

# Twumve, tuvuge, dusome, twandike, duhange mu Kinyarwanda

Igitabo cy'umwarimu

© 2020 Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB)
Iki gitabo ni umutungo wa Leta y'u Rwanda
Uburenganzira bw'umuhanzi w'ibikubiye muri iki gitabo bufitwe n'Ikigo Gishinzwe
Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB).

**IJAMBO RY'IBANZE**

Barimu, barezi,

Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igitabo k'Ikinyarwanda cy'umwarimu, umwaka wa kabiri, ikiciro rusange. Iki gitabo kizabafasha mu myigishirize ishingiye ku bushobozi bw'umunyeshuri mu kunoza imyigishirize y'ibiteganijwe. Intego u Rwanda rufite mu burezi ni ugukora ku buryo umunyeshuri agera ku rwego rushimishije rujyanye n'ikiciro arimo. Ibyo bigamije gutegurira abanyeshuri gukoresha neza amahirwe y'akazi aboneka mu muryango nyarwanda.

Mu rwego rwo kuzamura ireme ry'uburezi, Guverinoma y'u Rwanda ishyira imbaraga mu gutegura imfashanyigisho zijyanye n'integanyanyigisho kugira ngo bifashe abanyeshuri mu myigire yabo. Hari impamvu nyinshi zituma abanyeshuri biga, ibyo bize bikabaha ubushobozi bwo gukora. Muri zo twavuga ibyigwa biteguye neza, abarimu beza, uburyo bw'imyigishirize, uburyo isuzuma rikorwa ndetse n'imfashanyigisho zateguwe.

Muri iki gitabo, twitaye cyane ku myitozo ifasha abanyeshuri mu myigire yabo. Iyo myitozo bayubakiraho batanga ibitekerezo ndetse banivumburira udushya, binyuze mu bikorwa bifatika bikorwa na buri wese ku giti ke cyangwa bari mu matsinda mato. Iyo myitozo ibafasha kandi kwimakaza indangagaciro zizatuma haboneka ubudasa kuri bo ubwabo ndetse no ku Gihugu muri rusange. Bafashijwe n'abarimu abanyeshuri bazunguka ubushobozi bushya bazifashisha mu buzima bwabo buri imbere.

Mu nteganyanyigisho ishingiye ku bushobozi, imyigire yubakiye ku munyeshuri, aho ategurirwa ibikorwa bimwinjiza mu isomo, bikamufasha kwiyungura ubumenyi, kongera ubushobozi ndetse no kwimakaza indangagaciro zikwiye. Ibi bitandukanye n'imyigire ya kera yari ishingiye ku bumwenyi gusa, aho umwarimu yafatwaga nk'uzi byose. Ikindi kandi, ubu buryo buzafasha abanyeshuri gukora ibikorwa bitandukanye, batekereza ku byo bakora kandi banakoresha ubumenyi basanganwe muri iyo myigire. Ni muri urwo rwego, mu mikoreshereze y'iki gitabo, mukwiye kwita kuri ibi bikurikira:

- Gutegura isomo n'imfashanyigisho ziboneye.
- Gushyira abanyeshuri mu matsinda mwita ku bushobozi bwa buri wese, ntimukore amatsinda y'abahanga gusa cyangwa ay'abadakurikira neza gusa.
- Guha abanyeshuri uruhare mu myigire yabo bajya impaka mu matsinda, bakorera imyitozo mu matsinda cyangwa buri wese ku giti ke kandi bakora ubushakashatsi.

- Gutegurira abanyeshuri uburyo buzamura ubushobozi bwabo mukoresheje imyitozo ituma batekereza byimbitse, bakemura ibibazo, bakora ubushakashatsi, bahanga udusha kandi babasha gusabana, gukorera hamwe no kubana n'abandi.
- Gufasha no koroshya uburyo bw' imyigire muha agaciro imyitozo abanyeshuri bakorera mu ishuri.
- Kuyobora abanyeshuri mu guhuza ibyo bakoze.
- Gushyigikira imyitozo yakorewe mu ishuri na buri munyeshuri ku giti ke, mu matsinda mato ndetse no mu matsinda magari no gukoresha isuzuma rishingiye ku bushobozi hakoreshejwe uburyo buboneye bwo gusuzuma.

Mu kuborohereza kwigisha amasomo yanyu, ibigize iki gitabo cy'umwarimu birasobanuye kugira ngo mugikoreshe ku buryo bworoshye. Iki gitabo kigizwe n'ibice bitatu:

Igice cya mbere: Gisobanura imiterere y'igitabo n'uburyo bukoreshwa mu kwigisha.

Igice cya kabiri: Kigizwe n'ingero z'imiteguro y'amasomo atandukanye.

Igice cya gatatu: Kerekana uko buri somo riri mu gitabo cy'umunyeshuri ryigishwa.

Nubwo iki gitabo cy'umwarimu gifite ibisubizo by'imyitozo yose iri mu gitabo cy'umunyeshuri, ni ngombwa kubanza gusubiza buri kibazo na buri mwitozo mbere yo kumva no kugira icyo muvuga ku bisubizo by'abanyeshuri.

Twizeye ko iki gitabo kizagufasha kwigisha neza Ikinyarwanda, gukundisha abanyeshuri ururimi rw'Ikinyarwanda, umuco kibumbatiye, umuco wo gusoma no guhanga bigana ubuvanganzo bize, kugira ngo bakurane inyota yo kugira ubushobozi bwo gusabana n'abandi mu Kinyarwanda.

**Dr. NDAYAMBAJE Irénée**

**Umuyobozi Mukuru w'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda/ REB**

## GUSHIMIRA

Ndashimira abarimu bigisha mu mashuri yisumbuye bitanze kugira ngo iki gitabo gishobore gukosorwa.

Ndashimira kandi abakozi b'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda, cyanecyane abo mu Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho bagize uruhare rukomeye muri uyu mushinga wo gukosora iki gitabo.

Habaye hari ubundi bwunganizi ku byanozwa muri iki gitabo twabwakira kugira ngo buzifashishwe mu ivugururwa ryacyo.

**MURUNGI Joan**

**Umuyobozi w'Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho/CTLRD**

# Ishakiro


Ijambo ry'ibanze ........................................ iii
Gushimira ........................................ x
Iriburiro ........................................ xii
Imbonerahamwe y'ibikubiye muri iki gitabo ........................................ xxv

**Umutwe wa 1: Ibidukikije ........................................ 1**

Umwandiko "Akamaro k'amashyamba" ........................................ 1
Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko ........................................ 1
Intera ya kabiri: Gusesengura umwandiko ........................................ 4
Intera ya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro ........................................ 6
Intera ya kane: Ikibonezamvugo........................................ 7
Umwandiko "Ibyanya by'inyamaswa"........................................ 12
Intera ya mbere : Gusoma no kumva umwandiko ........................................ 12
Intera ya kabiri: Gusesengura umwandiko ........................................ 15
Intera ya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro / Kujya impaka ........................................ 16
Intera ya kane: Ikeshamvugo ........................................ 17
Umwandiko: "Zimwe muri kariyeri ziboneka mu Rwanda" ........................................ 20
Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko ........................................ 20
Intera ya kabiri: Gusesengura umwandiko ........................................ 23
Intera ya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro ........................................ 25
Ikiganiro ku icukurwa ry'amabuye ritangiza ibidukikije ........................................ 26
Intera ya gatatu: Ibiganiro nyungurana bitekerezo ........................................ 29
Intera ya kane: Ibihe bikuru by'inshinga........................................ 31
Inshamake y'ibikubiye muri uyu mutwe........................................ 33
Isuzuma rusange risoza umutwe wa mbere ........................................ 34

**Umutwe wa 2: Kwidagadura ........................................................ 37**
Umwandiko: "Ikipe itigererwa" ........................................................ 37
Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko ........................................ 37
Intera ya kabiri: Gusesengura umwandiko .................................................. 40
Intera ya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro ............................................ 41
Intera ya kane: Amoko y'inshinga ................................................................ 42
Umwandiko: "Nzaba igihangange mu mukino w'intoki" ............................ 45
Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko ........................................ 45
Intera ya kabiri: Gusesengura umwandiko .................................................. 48
Intera ya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro ............................................ 49
Intera ya kane: Uturemajambo tw'inshinga iri mu mbundo ....................... 50
Umwandiko "Ku ishuri turidagadura" .......................................................... 54
Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko ........................................ 54
Intera ya kabiri: Gusesengura umwandiko .................................................. 57
Intera ya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro ............................................ 59
Intera ya kane: Ikibonezamvugo ................................................................... 60
Amategeko y'igenamajwi akoreshwa mu nshinga ......................................... 60
Inshamake y'ibikubiye muri uyu mutwe ........................................................ 62
Isuzuma rusange risoza umutwe wa kabiri .................................................... 62

**Umutwe wa 3: Uburinganire n'ubwuzuzanye ............................... 65**
Umwandiko: "Ndabaramukije bari b'u Rwanda" ............................................ 65
Intera ya mbere : Gusoma no kumva umwandiko ........................................ 65
Intera ya kabiri: Gusesengura umwandiko .................................................. 68
Umwandiko: "Umugabo n'umugore baba banganya ubwenge?" ................ 69
Intera ya mbere : Gusoma no kumva umwandiko ........................................ 69
Intera ya kabiri: Gusesengura umwandiko .................................................. 73
Intera ya gatatu: ihangamwandiko "umwandiko ntekerezo" ....................... 74
Inshamake y'ibikubiye muri uyu mutwe ........................................................ 77
Isuzuma rusange risoza umutwe wa gatatu ................................................... 78

**Umutwe wa 4: Ubuzima ...... 80**
Umwandiko: “Ubuzima buzira umuze” ...... 80
Intera ya mbere : Gusoma no kumva umwandiko ...... 80
Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko ...... 85
Intera ya gatatu: Impuzanyito, imvugwakimwe, impuzashusho, ingwizanyito n’imbusane. ...... 87
Umwandiko: “Agakoko gatera SIDA n’izindi ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina” ...... 93
Intera ya mbere: Kumva no gusobanura u,wandiko: ...... 93
Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko ...... 96
Inera ya gatatu: Umwitozo w’ubumenyi ngiro ...... 98
Intera ya kane: Ikomorazina mvazina ...... 99
Inshamake y’ibikubiye muri uyu mutwe ...... 104
Isuzuma rusange risoza umutwe wa kane ...... 105

**Umutwe wa 5: Umuco nyarwanda ...... 109**
Umwandiko: Ubuvanganzo bwo muri rubanda ...... 109
Intera ya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko ...... 109
Intera ya kabiri: Gusesengura umwandiko ...... 113
Intera ya gatatu: Umwitozo w’ubumenyi ngiro: ...... 114
Umwandiko Binego bya Kajumba” ...... 116
Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko ...... 116
Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko ...... 119
Intera ya gatatu: Igitekerezo cyo muri rubanda ...... 121
Intera ya Kane: Imigani migufi ...... 123
Umwandiko: Ubukwe bwa kinyarwanda ...... 127
Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko ...... 127
Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko ...... 131
Intera ya gatatu: Umwitozo w’ubumenyi ngiro ...... 132
Intera ya kane: Ikinyazina nyereka n’ikinyazina mbanziriza ...... 134
Intera ya gatanu: Ikeshamvugo ku mata, ku nka, ku gisabo no ku cyansi. . 142

Inshamake y'ibikubiye muri uyu mutwe .......... 148
Isuzuma rusange risoza umutwe wa gatanu: .......... 148

**Umutwe wa 6: Ikoranabuhanga .......... 153**
Umwandiko: "Mudasobwa mu iterambere". .......... 153
Intera ya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko .......... 153
Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko .......... 156
Intera ya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro .......... 158
Intera ya kane: Imimaro y'amagambo: ruhamwa, inshinga, icyuzuzo .......... 159
Umwandiko: Itangazamakuru mu iterambere .......... 166
Intera ya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko .......... 166
Intera ya kabiri: Gusesengura umwandiko .......... 170
Intera ya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro: .......... 171
Intera ya kane: Ikinyazina ndafutura .......... 172
Inshamake y'ibikubiye muri uyu mutwe .......... 177
Isuzuma rusange kuri uyu mutwe .......... 178

**Umutwe wa 7: Umuco w'amahoro .......... 181**
Umwandiko "Nta murage w'ubwigunge" .......... 181
Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko .......... 181
Intera ya kabiri: Gusesengura umwandiko .......... 185
Intera ya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro .......... 186
Intera ya kane: Inshoberamahanga .......... 187
Umwandiko: "Menya uburenganzira bwawe" .......... 190
Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko .......... 190
Intera ya kabiri: Gusesengura umwandiko .......... 194
Intera ya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro .......... 195
Umwandiko "Ubunyarwanda burambera" .......... 197
Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko .......... 197
Intera ya kabiri: Gusesengura umwandiko .......... 200
Intera ya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro .......... 201

Intera ya kane: Umuvugo ........ 202
Inshamake y'ibikubiye muri uyu mutwe ........ 205
Isuzuma risoza umutwe wa karindwi ........ 205

**Umutwe wa 8: Ibiyobyabwenge mu mashuri ........ 208**
Umwandiko: "Ikiganiro Gahongayire yagiranye n'umunyamakuru" ........ 208
Intera ya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko ........ 208
Intera ya kabiri: Gusesengura umwandiko ........ 212
Intera ya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro: ........ 213
Intera ya kane: Imvugo z'Ikinyarwanda ........ 214
Intera ya Gatanu: Imyandikire y'Ikinyarwanda/ Amagambo akatwa ........ 216
Inshamake y'ibikubiye muri uyu mutwe ........ 218
Isuzuma risoza umutwe wa munani ........ 218

**Umutwe wa 9: Iterambere ........ 221**
Umwandiko "Ibishyimbo" ........ 221
Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko ........ 221
Intera ya kabiri: Gusesengura umwandiko ........ 224
Umwandiko "Ibihingwa ngandurarugo" ........ 225
Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko ........ 225
Intera ya kabiri: Gusesengura umwandiko ........ 229
Intera ya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro ........ 231
Intera ya kane: Imiterere y'amasaku ku magambo ........ 232
Umwandiko: "Ibihingwa ngengabukungu" ........ 236
Intera ya mbere : Gusoma no kumva umwandiko ........ 236
Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko ........ 240
Intera ya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro ........ 241
Intera ya kane: Ibaruwa y'ubuyobozi ........ 242
Inshamake y'ibikubiye muri uyu mutwe ........ 248
Isuzuma rusange risoza umutwe wa kenda ........ 248
Imyandiko y'inyongera ........ 251

# Iriburiro

Iki gitabo cy'umwarimu w'umwaka wa kabiri w'amashuri yisumbuye, ni igitabo kiyobora umwarimu kimwereka uko akwiriye kwigisha ibice binyuranye by'isomo ry'Ikinyarwanda. Bityo, kizatuma umwarimu yoroherwa no kwigisha inyigisho z'Ikinyarwanda kuko cyateguwe hashingiwe ku gitabo cy'umunyeshuri. Cyanditswe gihereye ku nteganyanyigisho y'Ikinyarwanda ivuguruye yasohotse mu mwaka wa 2015 kandi hakurikijwe ibyigwa bigenewe umwaka wa kabiri w'amashuri yisumbuye. Iyo nteganyanyigisho ijyanye n'intego ndetse n'ibyifuzo by'Igihugu cyanecyane mu byerekeranye no gushimangira ubunyarwanda no kurema Umunyarwanda ufite ubumenyi, ubumenyingiro n'ubukesha bimufasha kwiyubaka no kugira ubushobozi bwo gusigasira umuco, imyumvire y'Abanyarwanda n'ubuhanga buhamye mu Gihugu imbere no mu ruhando mpuzamahanga.

Iki gitabo kereka umwarimu uko yigisha isomo ry'Ikinyarwanda yifashishije igitabo cy'umunyeshuri. Ntabwo umwarimu azagikoresha ukwacyo, ahubwo kigomba kuzuzanya n'icy'umunyeshuri kuko ibigikubiyemo bishingira ku byo umunyeshuri yateguriwe mu gitabo ke. Byumvikana ko gikubiyemo uburyo bwo gutanga inyigisho zagenewe umunyeshuri zigaragara mu gitabo ke. Bwaba ari uburyo bwo gusoma no gusesengura imyandiko, bwaba ari uburyo bwo kuba intyoza mu kuvuga bungurana ibitekerezo, bajya impaka cyangwa bahanga, bwaba ari uburyo bwo kwigisha ubumenyi bw'ururimi cyangwa ikibonezamvugo bijyanye n'ikigero cy'abanyeshuri bo mu mwaka wa kabiri w'amashuri yisumbuye, byose biteguye muri iki gitabo. Ni ukuvuga ko igitabo cya mwarimu cyunganirana n'igitabo cy'umunyeshuri.

Iki gitabo ni imfashanyigisho igamije gufasha umwarimu gucengeza mu banyeshuri ururimi n'umuco nyarwanda, bakarushaho kugira umuco wo gukunda gusoma, guhanga udushya bahereye ku byo abakurambere badusigiyeho umurage. Kigenewe kandi gufasha umwarimu kwigisha abanyeshuri ingeri z'ubuvanganzo nyarwanda, bwaba ubuvanganzo nyandiko cyangwa nyemvugo kugira ngo bamenye imiterere yabwo, ubugeni bukubiyemo, umuco n'imyumvire y'Abanyarwanda binyujijwe mu iyigamwandiko maze na bo ubwabo bagire ishyaka ryo guhora bahanga bashingiye inganzo yabo ku byaranze Abanyarwanda. Umwarimu abinyujije mu myitozo abanyeshuri bateganyirijwe mu gitabo cy'umunyeshuri, azashobora kwifashisha iki

gitabo mu kunoza uburyo bw'imyigishirize ye no kubategurira imbonera y'ikosora kuko ibisubizo azaba abibona ku buryo butamugoye.

Insanganyamatsiko zikubiye muri iki gitabo tuzisanga mu myandiko inyuranye y'ubuvanganzo nyarwanda ikangurira abana ubugeni n'ubuvanganzo mu gihe baba biga imyandiko. Izo nsanganyamatsiko ni iz'ibidukikije, kwidagadura, uburinganire n'ubwuzuzanye, ubuzima, umuco nyarwanda, ikoranabuhanga, umuco w'amahoro, ibiyobyabwenge mu mashuri n'iz'iterambere. Iyo myandiko rero ikubiyemo izi nsanganyamatsiko, ifasha umunyeshuri kunguka ubumenyi bunyuranye binyuze mu isesengura ryayo, mu buhanzi no gusabana n'abandi ndetse inamufasha gusobanukirwa imiterere n'imikoreshereze y'ururimi rwe.

Mu kuyisesengura, twayigabanyijemo ibikorwa binyuranye umunyeshuri agomba gukora kugira ngo intego zigamijwe azigereho. Umunyeshuri asabwa gusoma umwandiko agasubiza ibibazo abazwa ku gusobanura no gukoresha inyunguramagambo, ku bibazo byo kumva no gusobanura umwandiko, ku bibazo byo gusesengura umwandiko, mu myitozo yo kungurana ibitekerezo cyangwa kujya impaka kimwe n'iyo guhuza imigani n'insanganyamatsiko yigwa. Anasubiza kandi ibibazo ku kibonezamvugo n'ubuvanganzo na byo biba bishingira ku bivugwa mu mwandiko.

Imyitozo inyuranye n'ibisubizo byayo byateganyijwe mu iki gitabo bituma umwarimu adatakaza umwanya munini abishakisha. Gusa imyitozo iri mu gitabo si kamara. Umwarimu yayiheraho akongeramo indi akurikije uko abona abanyeshuri be, intego agambiriye kugeraho tutibagiwe n'aho ishuri rye riherereye, n'imfashanyigisho afite. Si imyitozo n'ibibazo n'ibisubizo byabyo gusa, kuko muri iki gitabo, umwarimu azasangamo n'imbata y'isomo ry'imbonera riteguye rimubera urugero rw'andi masomo na we azitegurira ubwe. Azasangamo ibisobanuro by'amagambo abanyeshuri bashobora kuba badasobanukiwe. Byashyizwe mu mpera z'igitabo cy'umunyeshuri mu gice kitwa "Iyungure amagambo". Ibi bifasha abanyeshuri kwitoza gushakisha ibisobanuro by'amagambo badasobanukiwe neza mu gihe biga badafite inkoranyamagambo hafi yabo. Icyakora mu gitabo cy'umwarimu, ayo magambo akurikiye buri mwandiko akajya mu gice cyo kumva no gusobanura umwandiko.

Muri iki gitabo umwarimu ahabwa inama zimufasha gutegura no kwigisha isomo rye kuri buri gice kigize umutwe. Nyuma ya buri mutwe hari isuzuma rigizwe n'umwandiko ukurikiwe n'imyitozo inyuranye yo kumva no gusesengura umwandiko, iy'ikibonezamvugo, iy'ubumenyi bw'ururimi ndetse n'iy'ihangamwandiko bifasha umunyeshuri kwiyibutsa no gushimangira ibyo yize mu mutwe wose. Umwarimu yabiheraho asuzuma ubumenyi bw'abanyeshuri be ariko si byo kamara. Aho umwarimu azasanga handitse urugero, ni ukuvuga ko agomba gushaka izindi ngero akurikije aho ishuri riherereye n'ubumenyi abanyeshuri bagezeho. Iri suzuma rya

nyuma ya buri mutwe ni nk'akanya umwarimu aba ahawe kugira ngo ashobore gutahura intera abanyeshuri be bagezeho, abashe gufasha n'abanyeshuri yasanga batasobanukiwe neza ibikubiye muri uwo mutwe urangiye abakorera isubiramo ngo bazamukane n'abandi bose bari mu rwego rumwe.

Iki gitabo cyateguwe ku buryo gishoboza umwarimu gufasha umunyeshuri kugira ubumenyi, ubumenyingiro, n'ubukesha Igihugu kimushakaho. Cyorohereza umwarimu kwigisha ibikubiye mu nteganyanyigisho no mu gitabo cy'umunyeshuri. Mu kwigisha rero, umwarimu asabwa gusuzuma ko intego yihaye yagezweho kandi mu kwigisha agashingira ku ihame ry'uko umunyeshuri ari we shingiro ry'inyigisho. Bityo, ibikorwa by'inyongera bizaza byunganira ibyo umwarimu azasanga muri iki gitabo yateguriwe bikazaba ari ibiha uruhare umunyeshuri kwiyungura we ubwe ubushobozi bwo gusuzuma, kujora no gufata umwanzuro umuganisha ku iterambere rye, iry'umuryango nyarwanda n'iry'Igihugu muri rusange. Ni muri urwo rwego umunyeshuri yateganyirijwe imyandiko y'inyongera iri mu mpera y'igitabo azisomera ubwe n' umwarimu akaba yayiheraho abaha imikoro inyuranye yaba iyo gusesengura, yaba iy'ikibonezamvugo yaba iyo kwiyungura ubumenyi ku muco cyangwa amateka by'Abanyarwanda.

Twizeye ko iki gitabo kizakorohereza imvune zo gutegura imyigire y'abanyeshuri n'imyigishirize yawe kandi kikagufasha kwigisha neza ururimi rwacu rw'Ikinyarwanda ndetse n'umuco rubumbatiye no kurukundisha abanyeshuri bagakura bafite inyota yo kumenya ibyaranze abasogokuruza bacu, bakaba intyoza mu kuruvuga no mu gusabana n'abandi ari na ko bimakaje umuco wo gusoma. Iki gitabo cyateguriwe kukubera imfashanyigisho itagutenguha mu gutoza abanyeshuri kwigiramo ikizere cyo kubaka u Rwanda rutavogerwa rwubakira iterambere ku ndangagaciro nyarwanda.

# Imbonezamasomo

Imbonezamasomo muri iki gitabo igusaba guha abanyeshuri uruhare runini mu myigire yabo. Ikuyobora mu kwigisha udafata umunyeshuri nk'aho nta kintu asanzwe azi, ukaba ugomba kumutsindagiramo ubumenyi. Igusaba kandi guhera ku byo umunyeshuri azi byo mu buzima abamo, ukamufasha kuvumbura ibindi atari azi. Abanyeshuri biga neza iyo bagira uruhare mu myigire yabo kandi badafata mu mutwe gusa ahubwo bagira ibikorwa bakora. Nubwo gukorera mu matsinda bifite akamaro ni ngombwa no kwita kuri buri munyeshuri kugira ngo umukosore mu mivugire ye, imisomere ye ndetse n'imyandikire ye. Mu myigishirize y'Ikinyarwanda, iki gitabo kigusaba guhera ku mfashanyigisho zifatika, zifite aho zihuriye n'umuco, amateka, ibidukikije n'imibereho y'Abanyarwanda kandi zijyanye n'ikigero cy'abanyeshuri. Kigenda kikwereka zimwe mu ngero z'izo mfashanyigisho zifatika. Iryo yigisha rizaha umunyeshuri uruhare runini rwo kwitoza kumva, kuvuga, gusoma, kwandika, gutekereza, gushyira mu gaciro no kwerekana imbamutima ze ashize amanga.

## 1. Imiterere ya buri ntera n'imbonezamasomo zayo

Iki gitabo kigabanijwemo imitwe ikenda kandi buri mutwe ukurikiwe n'umubare w'amasomo arimo. Muri iki gitabo tukwereka uburyo wakwigisha ayo masomo uhereye ku ntera enye zishingiye ku ngingo zisabwa mu nteganyanyigisho. Izo ntera ni izi zikurikira:

### 1.1. Intera ya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko

#### a) Ibikorwa by'umunyeshuri

Muri iyi ntera ni ho abanyeshuri basoma umwandiko, bagasubiza ibibazo byo kumva umwandiko, bakanasobanura amagambo badasobanukiwe ari na ko bayakoresha mu nteruro ngo bagaragaze ko yumvikanye neza mu mvugiro runaka, bakanasubiza ibibazo byo kumva umwandiko. Muri iyi ntera abanyeshuri baboneramo ubushobozi nsanganyamasomo bwo gushakira ibibazo ibisubizo, ubushakashatsi, ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi.

**b) Imbonezamasomo muri iyi ntera**

Iyi ntera yo kumva no gusobanura umwandiko, umwarimu ayiyobora mu byiciro bitatu: ivumburamatsiko, gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo ku mwandiko.

### 1.1. Ivumburamatsiko

Muri iki kiciro k'ivumburamatsiko, umwarimu ahera ku mashusho ajyanye n'umwandiko agasaba abanyeshuri kuyitegereza akayababazaho ibibazo by'ivumburamatsiko byerekeza ku mwandiko bagiye gusoma. Bitewe n'uko imyandiko yose iba idafite amashusho, umwarimu ashobora no guhera ku kaganiro cyangwa ku bibazo byo mu buzima busanzwe byerekeza ku nsanganyamatsiko ikubiye muri uwo mwandiko, ku majwi cyangwa amashusho yafashwe ku byuma by'ikoranabuhanga cyangwa se akifashisha izindi mfashanyigisho zifatika bitewe n'umwandiko bagiye gusoma. Iyo birangiye aboneraho kubwira abanyeshuri ko bagiye gusoma umwandiko, inkuru, indirimbo cyangwa umuvugo ujyanye n'ibibazo mvumburamatsiko.

### 1.2. Gusoma

Iki kiciro cyo gusoma gikorwa mu buryo bubiri: gusoma bucece no gusosoma baranguruye.

**a) Gusoma bucece**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece akagenda agenzura uko bikorwa. Abasaba no kugenda bandika amagambo batumva neza kugira ngo baze kuyasobanura nyuma. Ubu buryo bwo gusoma ni ingenzi ku munyeshuri kuko bumutegura kuza gusoma neza aranguruye atanategwa. Iyo barangije gusoma bucece, ababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye. Ibyo bibazo abibabaza yabanje kubasaba kubumba ibitabo byabo. Ni bibazo byoroheje bidasaba ibitekerezo byimbitse. Gusoma bucece bikorwa buri gihe iyo abanyeshuri bagiye gusoma bwa mbere umwandiko mushya.

**b) Gusoma baranguruye**

Mbere yo gushakisha ibisubizo by'ibibazo, abanyeshuri basabwa gusoma baranguruye kugira ngo bitoze imisomere iboneye kandi abateze amatwi na bo bakarushaho kumva neza ibyo bari basomye bucece. Umunyeshuri rero usoma, asabwa gusoma aranguruye ijwi, adategwa, agaragaza isesekaza kandi anubahiriza utwatuzo n'iyitsa. Umunyeshuri umwe asoma igika kimwe. Yakirangiza, mugenzi we akamwakira ku gika gikurikiyeho kugira ngo hasome benshi bashoboka. Bagakomeza batyo kugeza umwandiko urangiye.

Umwarimu asabwa kugenda akosora abanyeshuri basoma nabi. Mu gihe ashakisha umunyeshuri usoma agenda anagenzura ubukesha bw'abanyeshuri mu kwitabira gusoma. Abo abona batabyitabira, agakora uko ashoboye akaba ari bo ahitamo

kugira ngo abatinyure basome. Iyo umwandiko urangiye bose batabashije gusoma, ubutaha abatasomye ni bo aheraho kugira ngo basome umwandiko. Iyo umwarimu abona ko hari abanyeshuri bakijijinganya mu gusoma, akora uko ashoboye kugira ngo na bo bashobore gusoma neza batajijinganya. Abo kandi ni na bo yibandaho kugira ngo agenzure niba bagenda batera intambwe.

**c) Gusubiza ibibazo ku mwandiko**

Iyo gusoma baranguruye birangiye, umwarimu asaba abanyeshuri gukorera mu matsinda bagasubiza ibibazo ku mwandiko. Umwarimu afasha abanyeshuri gukora amatsinda. Amatsinda aba agizwe n'abanyeshuri babiribabiri, banebane, ariko kandi biba byiza iyo nta tsinda rirengeje abanyeshuri batandatu. Ayo matsinda kandi ntagomba kuba ari amwe buri gihe. Ni amatsinda arimo abanyeshuri batandukanye; ab'ibitsina byombi, ab'intege nke n'abari imbere mu myigire, avanze abafite ibibazo mu myigire n'abatabifite, abafite ubumuga n'abatabufite. Iyo abanyeshuri bakorera mu matsinda bishakamo umuyobozi w'itsinda, n'uwandika ibyo bumvikanyeho mu matsinda akaba ari na we uza kubigaragariza abandi. Nk'uko amatsinda agenda ahinduka, ni na ko n'abayobozi n'abanditsi bayo bagenda bahinduka ku buryo buri munyeshuri izi nshingano zo mu itsinda zimugeraho. Iyo bari mu matsinda umwarimu agenda agenzura imikorere ya buri tsinda, abakeneye ubufasha mu gusobanukirwa n'ibyo basabwa gukora akabubaha.

**d) Inyunguramagambo**

Mu matsinda abanyeshuri bagerageza gushakisha ibisobanuro by'amagambo badasobanukiwe ateganyijwe mu gitabo cy'umunyeshuri ndetse n'andi atarimo bo bahuye na yo igihe basomaga bucece. Babishakisha bifashishije inkoranyamagambo n'urutonde rw'amagambo ruri mu gitabo cy'umunyeshuri mu gice cyo kwiyungura amagambo cyangwa bakifashisha imbuga nkoranyambaga ku bafite za mudasobwa zikoresha interineti. Muri iki gice umunyeshuri asobanura ijambo mu magambo ye, arisobanura atanga irindi bisobanura kimwe (impuzanyito) cyangwa arisobanura atanga iryo bivuguruzanya mu gisobanuro (imbusane). Ibi bibazo by'inyunguramagambo bisubije muri iki gitabo cy'umwarimu ariko biziyongeraho ibibazo by'ayandi magambo azagaragazwa n'abanyeshuri igihe basoma.

Iyo bamurika ibisobanuro by'amagambo badasobanukiwe umwarimu afatanya n'abanyeshuri kunoza inyito batanze. Uku kuyasobanura iyo kurangiye, abaha umwitozo ku nyunguramagambo. Muri iki gitabo, uyu mwitozo uri mu byiciro binyuranye. Umunyeshuri asabwa gukoresha mu nteruro ziboneye ayo magambo bamaze kunguka, gutahura amagambo mu kinyatuzu cyangwa kuyuzuzamo bamuhaye ibibazo asubiza, kuzurisha amagambo mu nteruro, guhuza amagambo n'ibisobanuro byayo babishyize mu mpushya cyangwa inziga ebyirebyiri.

**Ibibazo byo kumva umwandiko**

Umunyeshuri yateganyirijwe ibibazo byo kumva umwandiko, bikaba bigaragara no mu gitabo cy'umwarimu hiyongereyemo ibisubizo byabyo. Bene ibi bibazo biteguye ku buryo bigenda birutana mu ntera ku buryo hari ibyo ahita abonera ibisubizo mu mwandiko, ibindi akabibonera ibisubizo abanje gukoresha ubundi bumenyi asanganywe ku giti ke. Ibi bibazo na byo umwarimu ashobora kongeraho ibindi mu gihe abona hari ingingo nsanganyamasomo ashobora kongera mu zigaragara mu zo twamuteganyirije muri iki gitabo.

Imbonezamasomo y'iki gitabo iteganya uburyo bubiri bwo gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko. Uburyo bwa mbere ni uko umwarimu agabanya ibibazo mu matsinda anyuranye amatsinda nk'abirabiri akagenda akora ibibazo runaka bitewe n'umubare wabyo. Ubundi buryo ni uko buri tsinda risubiza ibibazo byose byo kumva umwandiko. Iyo igihe umwarimu yabahaye kirangiye umuyobozi w'itsinda amurika ibisubizo byakorewe mu itsinda rye, maze umwarimu akayobora abanyeshuri mu kubinoza.

Mu rwego rwo kugabanya igihe cyatakara bamurika ibyo bagezeho, umwarimu twamuteganyirije uko abanyeshuri bamurika ibyakorewe mu matsinda, na we ubwe akaziyongereraho ubundi buryo abona buboneye kurushaho bitewe n'imiterere y'ishuri rye n'intego ateganya kugeraho.

**Uko abanyeshuri bamurika ibyakorewe mu matsinda**

Mu gihe amatsinda yose yakoze ibibazo bimwe, itsinda rimwe rimurika ibyo ryagezeho andi matsinda asigaye agakurikira ibyo rivuga. Ryarangiza, amatsinda asigaye akuzuza ibyo irya mbere ritavuze cyangwa agakosora ibyo bavuze bidahuye n'ibyasabwaga. Iyo ibibazo na byo byagabanyijwe mu matsinda, amatsinda runaka agafata ibibazo runaka, amatsinda afite ibibazo bimwe ntabwo ari ngombwa ko yose ajya kumurika ibisubizo ahubwo iryabanje ni ryo rimurika noneho asigaye ahuje ibibazo na ryo akagira ubugororangingo atanga kuri ibyo bisubizo irya mbere ritanze iyo bibaye ngombwa. Ni ukuvuga ko igisubizo cyamuritswe n'itsinda kigakorerwa ubugororangingo andi matsinda atagisubiraho.
N'ubwo bwose iyi mikorere y'amatsinda tuyivuzeho mu ntera ya mbere yo kumva no gusobanura umwandiko, iyi mikorere y'amatsinda ni na yo izakomeza gukoreshwa no mu zindi ntera zindi zisigaye.

## 1.2. Intera ya kabiri: Gusesengura umwandiko

Muri iyi ntera ya kabiri, dusesengura umwandiko duhereye ku bikorwa by'umunyeshuri byo gusesengura umwandiko biba bigaragara mu gitabo cyabo. Uyu mwitozo hose muri iki gitabo, abanyeshuri bawukorera mu matsinda. Ni muri uyu mwitozo abanyeshuri babonera ubushobozi nsanganyamasomo bwo gushakira

ibibazo ibisubizo n' ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi.

Imbonezamasomo y'iyi ntera igaragaza ibice bitatu, ari byo isubiramo, gusoma no gusesengura.

**Isubiramo**

Mu isubiramo, umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kubibutsa umwandiko baheruka gusoma n'ibyari biwukubiyemo. Urugero: Ni uwuhe mwandiko duheruka kwiga? Havugwagamo iki muri rusange?

**Gusoma umwandiko**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma baranguruye ibibazo byo gusesengura umwandiko bigaragara mu gitabo cy'umunyeshuri akanabasaba kubyandika ku kibaho kugira ngo n'ufite ikibazo cyo kutumva abisome. Mbere yo kujya mu matsinda umwarimu ashobora kubaha ibindi bibazo byababafasha neza kugera ku bisubizo bikwiye.

**Gusesengura**

Muri iki gice, umunyeshuri asabwa nko gushaka ingingo z'ingenzi zivugwa mu mwandiko, kuvuga insanganyamatsiko iri mu mwandiko, kugaragaza ibice by'umwandiko, guhuza ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima busanzwe, kugaragaza uturango tw'umuco n'utw'amateka, kimwe no gusobanura ikeshamvugo ryakoreshejwe mu mwandiko. Ibi byateguwe kugira ngo umunyeshuri yumve umwandiko ku buryo bwimbitse acengerwa neza n'insanganyamatsiko yateguriwe cyanecyane ko ibyigwa bishingiye ku nsanganyamatsiko zarobanuwe ngo umwana w'Umunyarwanda aziteho by'umwihariko.

## 1.3. Intera ya gatatu: Kungurana ibitekerezo/Kujya impaka/ Guhanga umwandiko/Gutora umuvugo, …

Muri iyi ntera ya gatatu hakubiyemo umwitozo w'ubumenyi ngiro utuma abanyeshuri bashobora kuvuga, kwandika no guhanga. Ni muri uyu mwitozo abanyeshuri babonera ubushobozi nsanganyamasomo bwo gushakira ibibazo ibisubizo no gusabana mu Kinyarwanda cyanecyane ko baba bahuza ibyo biga n'ibyo babona bikorwa mu buzima bwa buri munsi. Ni muri iyi ntera kandi abanyeshuri bigira insanganyamatsiko nsanganyamasomo bazijyaho impaka bakanunguranaho ibitekerezo.

Iyo ari ukungurana ibitekerezo, umwarimu asaba abanyeshuri gusoma ingingo yo kunguranaho ibitekerezo igaragara mu gitabo cy'umunyeshuri. Izo nsanganyamatsiko zisomwa baranguruye ijwi kugira ngo bifashe abafite ubumuga bwo kutabona, zikanandikwa ku kibaho kugira ngo abafite ubumuga bwo kutumva babibone aho

byanditse. Umwarimu asaba abanyeshuri kwishakamo umuyobozi w'ikiganiro nyunguranabitekerezo ujya aha abandi umwanya wo gutanga ibitekerezo byabo no kugira icyo yavuga ku bitekerezo by'abandi. Mu gihe bungurana ibitekerezo umwarimu agenzura uko abanyeshuri bitabira gutanga ibitekerezo kugira ngo abatabyitabira azabibashishikarize. Nyuma yo kungurana ibitekerezo umwarimu afasha abanyeshuri gukora umwanzuro ku byo bunguranyeho ibitekerezo. Bikandikwa ku kibaho.

Iyo ari ukujya impaka, umwarimu abwira abanyeshuri kurambura ibitabo byabo ahari ikibazo kibafasha kujya impaka. Mu rwego rwo gufasha abatumva neza cyangwa abatabona, umwarimu asaba abanyeshuri gusoma icyo kibazo baranguruye ijwi no kucyandika ku kibaho ngo abafite ubumuga bwo kutumva babibone aho byanditse. Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda abiri bakurikije aho bumva babogamiye. Umwarimu asaba abanyeshuri kwishakamo umuyobozi w'ikiganiro mpaka akamusaba gutangiza ikiganiro mpaka no kukiyobora akurikije amabwiriza agenga ibiganiro mpaka. Mu gihe bajya impaka, umwarimu agenzura uburyo abanyeshuri bitabira gutanga ibitekerezo n'imyitwarire yabo muri izo mpaka bajya. Iyo barangije umwarimu afatanya n'abanyeshuri bajyaga impaka ndetse n'indorerezi gukora umwanzuro w'impaka ukandikwa ku kibaho.

Iyo ari uguhanga, umwarimu asaba abanyeshuri gusoma no kwandika ku kibaho ikibazo gisaba guhanga kiri mu gitabo cy'umunyeshuri. Akibaha nk'umukoro ushobora gukorerwa mu matsinda cyangwa ugakorwa n'umuntu ku giti ke. Abaha kandi igihe cyo kubikora cyagera bagakosorera hamwe igihangano mu matsinda bagendeye ku turango tujyanye n'igihangano bahaweho umukoro. Icyo gihe, igihangano iyo kidasomwe cyandikwa ku kibaho, maze buri tsinda rikagaragaza uko ribona icyo gihangano, ryerekana ibyiza bikirimo n'inenge, igihe bihari. Nuko umwarimu akababafasha kubikorera ubugororangingo. Umwarimu kandi ashobora kubikosora agenda agaragariza buri wese ibitagenda neza mu gihangano ke.

Iyo ari ugutora umuvugo, buri munyeshuri ahabwa igihe cyo kuwufata mu mutwe nyuma akazajya imbere y'abandi akawutondagura. Bagenzi be bagenda basuzuma niba yubahirije isesekaza n'iyitsa cyangwa niba atasimbukaga imikarago cyangwa ngo arye amagambo.

## 1.4. Intera ya kane: Ikibonezamvugo/ inshoza y'ubuvanganzo

Muri iki gice ni ho abanyeshuri bigira ikibonezamvugo n'ubuvanganzo. Ikibonezamvugo n'ubuvanganzo bihera ku ngero zivanwa mu mwandiko wizwe. Nuko umunyeshuri akaziheraho atahura ibyo asabwa mu kibonezamvugo cyangwa ubuvanganzo.

**Ikibonezamvugo**

Imbonezamasomo y'ikibonezamvugo cyangwa iy'ubuvanganzo muri iyi ntera igaragaramo ivumburamatsiko, gusesengura no kumurika ibyavuye mu matsinda.

**Ivumburamatsiko**

Mu ivumburamatsiko, umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza interuro zavuye mu mwandiko baheruka kwiga zirimo amagambo yerekeza ku kibonezamvugo bagiye kwiga cyanecyane amagambo yandikishije ibara ry'umukara tsiri cyangwa aciyeho akarongo nyuma akababaza ibibazo biganisha ku kibonezamvugo kigwa.

**Gusesengura**

Muri iki gice umwarimu asaba abanyeshuri gukora amatsinda angana n'ibyigwa bikubiye muri icyo kibonezamvugo akabagabanya ibyo bagomba gukora kuri buri kigwa. Umwarimu abaha igihe cyo kubikora akanababwira aho bakorera ubwo bushakashatsi abarangira ibitabo binyuranye bakwifashisha.Ubushakashatsi bwabo bukorerwa mu ishuri ndetse no mu isomero cyangwa kuri mudasobwa zifite interineti mu bigo zibamo. Nyuma yo kwegeranya ibyo bakuye mu bushakashatsi, abanyeshuri bamurika ibyavuye mu matsinda. Iyo itsinda rimwe rimurika ibyavuye mu bushakashatsi bwabo, andi matsinda ayobowe n'umwarimu abafasha kubinonosora bikandikwa ku kibaho. Nyuma yaho umwarimu agasaba abanyeshuri bose kubyandika mu makayi yabo.

**Uburyo bwo gukora isuzuma**

Amasuzuma aba mu ngeri nyinshi ushingiye ku bayakoresha. Muri iki gitabo twateguye gusa amasuzuma azategurwa n'umwarimu agenzura umunsi ku munsi imikorere, imyitwarire n'ubwitabire bwa buri munyeshuri mu gihe yiga, yaba ari mu itsinda na bagenzi be yaba asubiza ibyo abajijwe, asoma cyangwa se atondagura imivugo. Nyuma y'isuzuma ryo kwitegereza ukwitabira amasomo k'umunyeshuri ku giti ke cyangwa akorera mu itsinda, umwarimu azasuma umunyeshuri mu byiciro bibiri. Azakoresha imyitozo kugira ngo arebe niba intego z'isomo yatanze zagezweho, cyangwa atange isuzuma ryo kugorora imyigire n'imyigishirize. Ni muri urwo rwego rero umwarimu twamuteguriye imyitozo n'ibisubizo byayo akazajya ayiha abanyeshuri asuzuma ko ibyo yabigishije babyumvise neza uwo munsi tukanamutegurira isuzuma rikusanya ibyizwe mu mutwe wose, maze umwarimu akazajya aritanga mu rwego rwo kugenzura ko umunyeshuri yumva neza iby'uwo mutwe mbere y'uko batangira undi mutwe.

Iri suzuma risoza umutwe twarimuteguriye dushingiwe ku bushobozi bw'ingenzi bugamijwe muri uwo mutwe, kandi rigaragaramo n'imyitozo ijyanye n'ubuzima bwa buri munsi umunyeshuri abamo ku buryo kubisubiza biba bimutoza umuco wo gukemura ibibazo runaka ashyira mu bikorwa ibyo yize.

**Imyitozo**

Iyi myitozo twayiteguye dushingiye ku ntego zihariye z'isomo zigaragara mu nteganyanyigisho. Umwarimu asaba abanyeshuri gukora iyo myitozo cyangwa akaba yabaha indi ariko ijyanye n'intego z'isomo. Iyo barangije kuyikora bayikosora bayobowe n'umwarimu bandika ku kibaho ibisubizo by'ukuri.

## Isuzuma ryo kugorora imyigire n'imyigishirize

Iri suzuma riza inyuma ya buri mutwe riteguye hashingiwe ku bigenderwaho mu isuzuma bigaragara mu nteganyanyigisho. Ibibazo birikubiyemo bizafasha umwarimu kubona ishusho rusange y'iterambere mu myigire y'abanyeshuri be. Nyuma yo gukosora iri suzuma umwarimu azereka buri munyeshuri urwego agezeho, maze ab'intege nke agerageze kubitaho by'umwihariko. Umwarimu ntagomba gutangira undi mutwe mu gihe ibisubizo by'isuzuma rusange bimwereka ko abanyeshuri batakenetse ibikubiye mu mutwe. Mu bibazo twabateguriye harimo ibibazo bijyanye no kwitegereza, ibibazo basubiza bandika n' ibibazo basubiza bavuga.

## 1.5. Imitegurire y'ibibazo by'isuzuma

Muri iki gitabo ibibazo by'isuzuma twabiteguye dushingiye ku ntego zihariye z'isomo no ku bigenderwaho mu isuzuma rya buri mutwe bigaragara mu nteganyanyigisho. Ibibazo byinshi ni ibisaba umunyeshuri gushyira mu bikorwa ibyo yize, si ibibazo bimusaba gufata mu mutwe gusa. Dukurikiranya ibibazo hashingiwe kuri buri rwego mu nzego z'intego z'imyigire n'imyigishirize zagenwe na Bulumu (Bloom). Mu nteganyanyigisho ishingiye ku bushobozi, ibibazo biri ku ntera zo hejuru ku rwego rw'intego rwa Bulumu (Bloom) ni byo twahaye umwanya ugaragara kurusha ibibazo bishingiye ku ntera zo hasi zijyanye n'ubumenyi no kumva.

### 1.6. Imfashanyigisho zikenerwa

Kuri buri ntera tugaragariza umwarimu imfashanyigisho yakoresha kugira ngo isomo ryumvikane neza. Izi mfashanyigisho si zo umwarimu azakoresha gusa kuko na we ashobora kuzakenera izindi mfashanyigisho zifatika zo kwifashisha ashingiye ku miterere y'ishuri n'abanyeshuri be. Ni ngombwa kandi ko habaho isomero kuri buri kigo mu rwego rwo gufasha umwarimu n'umunyeshuri kwibonera imfashanyigisho cyane ko mu mbonezamasomo zijyanye n'intera ya kane dusaba umwarimu ko yakohereza abanyeshuri mu isomero akabarangira ibitabo bakoresha mu bushakashatsi bwabo.

Muri iki gitabo hanateganyijwemo ko umwarimu azifashisha n'imfashanyigisho zisaba ibyuma by'ikoranabuhanga kugira ngo babashe kujyana n'aho Igihugu kigeze. Twateganyije ko umwarimu n'abanyeshuri bazifashisha nka terefoni cyangwa mudasobwa zifite interineti mu gihe bakora ubushakashatsi ku mbuga

nkoranyambaga, bagakoresha imfashanyigisho z'iyumvabona (tereviziyo na sinema), imfashanyigisho zitegwa amatwi (amajwi yafashwe) ndetse n'ibinyamakuru. Hakenewe kandi imfashanyigisho z'abafite ibibazo byihariye nk'abafite ubumuga bwo kutabona cyangwa bwo kutumva,...

## 1.6. Uburyo bwo kwita ku bafite ibibazo byihariye

Mu mbonezamasomo y'iki gitabo, umwarimu asabwa kwita ku bafite ibibazo byihariye kugira ngo bashobore kujyana n'abandi. Mu myigishirize igaragara mu ntera zinyuranye z'iki gitabo, tumwereka uburyo bumwe na bumwe yakwifashisha abitaho na we akazongeraho ubwe bitewe n'imbogamizi abonanye umunyeshuri umuri imbere. Ni ngombwa ko umwarimu akwiye no kugira amahugurwa ku mikoreshereze y'imfashanyigisho zigenerwa abafite ibibazo byihariye kugira ngo abashe kwita kuri buri munyeshuri aho ari hose.

## 1.7. Uburyo bwo kwimakaza ubushobozi nsanganyamasomo

Imyitozo iri muri iki gitabo iteguwe ku buryo ubushobozi nsanganyamasomo bugaragaramo hose. Ni ngombwa ko mu gukora iyo myitozo umwarimu akora uko ashoboye kugira ngo ubwo bushobozi abanyeshuri babugire koko. Ubushobozi bwo gushakira ibibazo ibisubizo tubugaragariza cyane mu bibazo bimwe na bimwe byo kumva umwandiko, ibyo gusesengura umwandiko n'ibyo kungurana ibitekerezo cyangwa ibyo kugibwaho impaka biba bisaba umunyeshuri gutekereza byimbitse kugira ngo abe yakemura ikibazo ahuye na cyo yifashishije ibyo yize. Ubushobozi bwo guhanga udushya muri iki gitabo tubugaragariza mu myitozo inyuranye yo guhanga.

Ubushakashatsi bwo tubugaragariza mu myitozo y'inyunguramagambo aho dusaba umunyeshuri gukoresha inkoranyamagambo ashaka ibisobanuro by'amagambo badasobanukiwe, tunabugaragariza kandi mu ntera ya kane dusaba umunyeshuri kwitabira amasomero cyangwa imbuga nkoranyambaga tukamuha ibibazo yakwifashisha kugira ngo asesengure ikibonezamvugo cyangwa ingeri y'ubuvanganzo bwigwa muri iyo ntera. Gusabana mu Kinyarwanda tubigaragariza mu myitozo inyuranye yo kujya impaka no kungurana ibitekerezo aho dusaba umunyeshuri kuvugira mu ruhame no kujora ibitekerezo bya bagenzi be. Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi bigaragarira cyane mu myitozo yo gukorera mu matsinda afatanya na bagenzi be. Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi tubimushishikariza mu mikoro tugenda tumuha aba agomba gukora ari wenyine cyangwa abaza abo babana nyuma y'uko umwarimu ataha. Umwarimu rero arasabwa gutsindagira ubwo bushobozi na we aha umwanya abanyeshuri akumva ibyo bakuye mu bushakashatsi bakoze igihe batari kumwe.

## 1.8. Uburyo bwo kwimakaza insanganyamatsiko nsanganyamasomo

Muri iki gitabo insanganyamatsiko nsanganyamasomo zahawe agaciro cyanecyane ko imyinshi mu myandiko yateguriwe gusesengurwa no guherwaho mu kwiga ikibonezamvugo, ubumenyi bw'ururimi ndetse n'ubuvanganzo ari zo yagiye ishingiraho nk'uko n'abateguye integanyanyigisho bari bazishingiyeho mu kugena insanganyamatsiko za buri mutwe. Si imyandiko gusa dusangamo insanganyamatsiko nsanganyamasomo kuko twagiye tuzibandaho mu myitozo inyuranye yo kujya impaka no kungurana ibitekerezo. Nk'uburinganire n'ubwuzuzanye buvugwa cyane mu myandiko ku buringanire n'ubwuzuzanye mu mutwe wa gatatu aho dusaba abanyeshuri kujya impaka ku kamaro k'uburinganire n'ubwuzuzanye mu mashuri no mu myigire. Iterambere ry'ubukungu ryibandwaho mu mutwe wa kenda uvuga ku iterambere dukomora ku buhinzi bw'ibihingwa ngandurarugo na ngengabukungu.

Kwimakaza umuco nyarwanda byo bikubiye mu mutwe wa gatanu mu ngeri z'ubuvanganzo nyarwanda bwo muri rubanda nk'ibitekerezo no mu bukwe bwa Kinyarwanda. Inyigisho kuri jenoside umwarimu agomba kuzikomozaho mu gusesengura imyandiko yo mu mutwe wa karindwi uvuga ku muco w'amahoro mu gihe aganira n'abanyeshuri kuri gahunda z'imibanire myiza nka "ndi umunyarwanda, gukorera mu makoperative,…" cyangwa z'ubumwe n'ubwiyunge. Insanganyamatsiko y'ibidukikije isesengurwa cyane mu mutwe wa mbere aho umunyeshuri azabonera inyungu zo kubungabunga ibidukikije yita ku mashyamba n'ibyanya by'inyamaswa ndetse no ku bucukuzi bw'amabuye y'agaciro. Uburezi budaheza bukomozwaho mu iremwa ry'amatsinda no mu mutwe wa karindwi mu gusesengura uburenganzira bwa muntu.

Umwarimu arasabwa kwibanda cyane kuri izi nsanganyamatsiko nsanganyamasomo mu myitozo na we ubwe yongerera iyo twamuteganyirije mu rwego rwo kurera no kuyobora umwana w'Umunyarwanda mu nzira yo gukura akurana uburere n'ubujijuke bujyana n'aho isi igeze muri iki gihe.

# Imbonerahamwe y'ibikubiye muri iki gitabo

| Umutwe | Aho uhere reye | Umu bare w'ama somo | Insanganya matsiko n'imyandiko ijyanye na zo | Ibikorwa byimakaza ubushobozi mu banyeshuri | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | | **Kumva** | **Kuvuga** | **Gusoma** | **Kwandika** | **Ubumenyi bw'uru rimi** | **Ubuvanganzo** | **Ubushobozi nsanganya masamo** |
| **Umutwe wa mbere: Ibidukikije** | Ku rupa puro rwa 1 | **16** | 1. Amashyamba :Akamaro k'amashyamba | Gutega amatwi ibivugwa n'ibisomwa Gusoba-nukirwa n' amagambo badasoba-nukiwe | Kubara inkuru. Kuvuga muri make ibivugwa mu nkuru | Gusoma bucece, gusoma mu ijwi riranguryе yubahiriza utwatuzo n'iyitsa. | Guhanga inkuru Gukora interuro no kuzuzuza yifashishije amagambo yungutse mu mwandiko | Utwatuzo twungirije: akabago n'akitso, utubago tubiri, utwugu ruzo n'utwu garizo, uturegeka, udukubo.... Gukoresha utwo twa tuzo mu nteruro ziboneye. | | 1.Ubusho bozi bwo gushakira ibibazo ibisubizo. 3.Ubusha kashatsi. 4.Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi |
| | | | 2. Ibyanya by'inyamaswa | Gutega amatwi ibivugwa n'ibisomwa. Gusoba nukirwa n'amagambo badasoba-nukiwe | Kubara inkuru. Kuvuga muri make ibivugwa mu mwandiko | Gusoma bucece, gusoma mu ijwi riranguryе yubahiriza utwatuzo n'iyitsa. | Guhanga inkuru Gukora interuro no kuzuzuza yifashishije amagambo yungutse mu mwandiko | Ibihe bikuru by'in shinga: Gukora interuro ziri mu bihe by'inshinga bitandu kanye | **Kujya impaka Ikeshamvugo: Imvugo zabugenewe ku ntaho n'imvugo z'inyamaswa.** | **Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi. Gushakira ibibazo ibisubizo. ubusha kashatsi** |

| | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | 3. Amabuye y'agaciro: Kariyeri ziboneka mu Rwanda | Gutega amatwi ibivugwa n'ibisomwa. Gusoba nkirwa n'amaga mbo adasoba-nukiwe | Kubara inkuru. Kungu rana ibite kerezo na bagenzi be Kuvuga muri make ibivugwa mu mwandiko | Gusoma bucece, gusoma mu ijwi riranguye | Guhanga inkuru Gukora interuro no kuzuzuza yifashishije amagambo yungutse mu mwandiko | **Uture majambo tw'imbu ndo n'amate geko y'igena majwi** | **Ibiganiro nyungura nabitekerezo** | Ubushobozi bwo gushakira ibibazo ibisubizo. Ubusha kashatsi. Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi,. Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi |
| **Umutwe wa kabiri: Kwidagadura** | Ku rupa puro rwa 37 | 10 | Imikino y'intoki: Ikipe itigererwa | Gutega amatwi ibivugwa n'ibisomwa. Gusoba nukirwa n'amagambo badasoba-nukiwe | Kubara inkuru. Kungu rana ibiteke rezo na bagenzi be Kuvuga muri make ibivugwa mu mwandiko | Gusoma bucece, gusoma mu ijwi riranguye | Gukora interuro no kuzuzuza yifashishije amagambo yungutse mu mwandiko | Amoko y'inshinga: gusoba nukirwa n'utu rango tw'im bundo | Guhanga umwandiko | Bushobozi bwo gushakira ibibazo ibisubizo. Ubusha kashatsi. Gusabana mu Kinya rwanda. 5. Ubufa tanye, imibanire ikwiye n'abandi. Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi |

| | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | 2. Imikino y'intoki Nzaba igihangange mu mukino w'intoki. | Gutega amatwi ibivugwa n'ibisomwa. Gusoba nukirwa n'amagambo badasoba-nukiwe | Kubara inkuru. Kungu rana ibite kerezo na bage nzi be Kuvuga muri make ibivugwa mu mwandiko Kurondora imikino yose bazi | Gusoma bucece, gusoma mu ijwi rirangurye | Kwandika interuro yifashishije amwe mu magambo yungutse | Isesengu ranshinga: amoko y'inshinga (inshinga iri mu mbundo n'inshinga itonda guye) | Kungurana ibitekerezo | Bushobozi bwo gushakira ibibazo ibisubizo. 2. Ubusha kashatsi. 3. Gusabana mu Kinya rwanda. 4. Ubufa tanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi,. 5. Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi |
| | | | Imikino ngororamubiri: Ku ishuri turidagadura | Gutega amatwi ibivugwa n'ibisomwa. Gusobanu kirwa n'amagambo badasoba-nukiwe | Kubara inkuru. Kungu rana ibitekerezo na bagenzi be Kuvuga muri make ibivugwa mu mwandiko Kurondora imikino yose bazi | Gusoma bucece, gusoma mu ijwi rirangurye | Kwandika interuro yifashishije amwe mu magambo yungutse | Amate geko y'igena majwi akoreshwa mu mbundo | **Kungurana ibitekerezo bahana ibitekerezo ku mimaro y'imikino n'imyitozo ngorora mubiri** | Ubushobozi bwo gushakira ibibazo ibisubizo. 2. Ubushaka shatsi. 3.Gusabana mu Kinya rwanda. 4.Ubufa tanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi,. 5.Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi |

| | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| **Umutwe wa gatatu: Uburinganire n'ubwuzuzanye** | Ku rupa puro rwa 65 | **10.** | Uburi nganire mu mashuri: **Ndabara mukije bari b'u Rwanda** | Gutega amatwi ibisomwa. Gusoba nukirwa n'amagambo akomeye | Kuvuga muri make ibivugwa mu mwa ndiko Gutanga ibitekerezo mu mvugo | Gusoma bucece. Gusoma mu ijwi riranguryе | Guhanga umwa ndiko Gukora interuro no kuzuzuza yifashishije amagambo yungutse mu mwandiko | Umwandiko ntekerezo: ibice bigize umwandiko ntekerezo | | 1.Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi.<br>2. Ubushobozi bwo gushakira ibibazo ibisubizo.<br>3. Gusabana mu<br>4. Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi,. |
| | | | Uburinganire mu myigire: **Umugabo n'umugore baba banganya ubwenge?** | Gutega amatwi ibi-somwa Gusoba nukirwa n'amagambo badasoba-nukiwe | Gusubi ramo ibyo yasomye mu mwandiko | Gusoma umwandiko bucece no gusoma barangu ruye | Gukora interuro zirimo amagambo mashya bungukiye mu mwandiko | Imbata y'umwandiko ntekerezo | Kungurana ibitekerezo kurondora ingingo z'ingenzi zishoborara ku boneka mu nsanganya matsiko yatanzwe | Bushobozi bwo gu shakira ibibazo ibisubizo.<br>2. Guhanga udushya.<br>3. Ubusha kashatsi.<br>4. Gusabana mu Kinya rwanda.<br>5. Ubufa tanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi,<br>6. Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi |

| | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| **Umutwe wa kane: Ubuzima** | Ku rupa puro rwa 80 | 12. | 1. Ubuzima buzira umuze: **Ubuzima buzira umuze** | Gutega amatwi ibivugwa n'ibisomwa<br>Gusobanura amagambo<br>Gukoresha amagambo mu nteruro<br>Kuzurisha interuro amagambo<br>Gushaka amagambo mu kinyatuzu | Kujya impaka<br>Kuvuga muri make ibivugwa mu mwandiko | Gusoma bucece, gusoma mu ijwi riranguruye yubahiriza utwatuzo n'iyitsa. | Kwandika ibitekerezo bigibwaho impaka<br>Guhanga | Inyungura magambo: Impuzanyito, imvugwakimwe, impuzashusho, ingwizanyito n'imbusane. | | *Gusabana mu Kinyarwanda<br>*Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi,<br>*Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi |
| | | | 2. Indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina: **Agakoko gatera SIDA n'izindi ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina** | Gutega amatwi ibivugwa n'ibisomwa<br>Gusobanura amagambo<br>Gukoresha amagambo mu nteruro<br>Kuzurisha interuro amagambo | Kuvuga muri make ibivugwa mu mwandiko<br>Kungurana ibitekerezo<br>Guhanga | Gusoma bucece, gusoma mu ijwi riranguriye yubahiriza utwatuzo n'iyitsa. | Kwandika ku ngingo zungu ranwaho ibitekerezo | Inzira z'ikomorazinza mvazina | Imigani migufi | *Ubushobozi bwo kujora<br>*Gusabana mu Kinyarwanda |
| | | | 3. Umwandiko ku isuzuma: Amagara araseseka ntayorwa | Gusobanura amagambo<br>Gukoresha amagambo mu nteruro | Kuvuga muri make ibivugwa mu mwandiko | Gusoma bucece | Guhanga ku ngingo zungura nwaho ibitekerezo | Impuzanyito, imvugwakimwe, impuzashusho, ingwizanyito n'imbusane<br>Inzira z'ikomorazinza mvazina | | *Ubushaka shatsi n' ubu shobozi bwo gushakira ibibazo ibisubizo<br>*Gusabana mu Kinya rwanda<br>*Guhanga udushya |

| | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| **Umutwe wa gatanu: Umuco nyarwanda** | Ku rupa puro rwa 109 | 16 | 1. Ubuvanganzo bwo muri rubanda: **Ubuvanganzo bwo muri rubanda** | Gusobanura amagambo<br>Gukoresha amagambo mu nteruro<br>Guhuza amagambo n'ibisobanuro byayo mu rundi ruhushya | Kuvuga muri make ibivugwa mu mwandiko | Gusoma bucece, gusoma mu ijwi rirangurye | Kwandika ibitekerezo bigibwaho impaka | | | *Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi<br>*Gusabana mu Kinyarwanda |
| | | | 2. Umwandiko w'igitekerezo cyo muri rubanda: **Binego bya Kajumba** | Gusobanura amagambo<br>Gukoresha amagambo mu nteruro | Kuvuga muri make ibivugwa mu mwandiko | Gusoma bucece, gusoma mu ijwi rirangurye | | | Uturango tw'igitekerezo cyo muri rubanda | *Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi<br>*Guhanga udushya<br>*Ubushobozi bwo kujora |
| | | | 3. Umwandiko ku migani migufi: Irya mukuru | | | Gusoma bucece | Guhanga | | Imigani migufi | |
| | | | 4. Ubukwe bwa kinyarwanda: Ubukwe bwa kinyarwanda | Gusobanura amagambo<br>Gukoresha amagambo mu nteruro<br>Kuzurisha interuro amagambo | Kuvuga muri make ibivugwa mu mwandiko | Gusoma bucece, gusoma mu ijwi riranguruye | Kwandika ku ngingo zungura nwaho ibitekerezo | Ikinyazina nyereka n'ikinyazina mbanziriza | Ikeshamvugo: ku nka, ku mata, ku cyansi no ku gisabo | *Ubusha kashatsi n' ubushobozi bwo gushakira ibibazo ibisubizo<br>*Ubushobozi bwo kujora |

| | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | 5. Umwandiko ku isuzuma: **Bimwe mu biranga umuco nyarwanda** | Gusobanura amagambo Gukoresha amagambo mu nteruro | Kuvuga muri make ibivugwa mu mwandiko | Gusoma bucece | Guhanga | Ikinyazina nyereka n'ikinyazina mbanziriza | Igitekerezo cyo muri rubanda Gukoresha ikeshamvugo, Imigani migufi | *Guhanga udushya |
| **Umutwe wa gatandatu: Ikoranabuhanga** | Ku rupa puro rwa 153 | 8 | 1. Mudasobwa mu iterambere: Mudasobwa mu iterambere. | Gusobanura amagambo Gukoresha amagambo mu nteruro Guhuza amagambo yo mu ruziga rumwe n'ibisobanuro byo mu rundi | Kuvuga muri make ibivugwa mu mwandiko Gutanga ibitekerezo mu mvugo | Gusoma bucece, gusoma mu ijwi riranguruye | Kujya impaka | Imimaro y'amagambo: ruhamwa, inshinga, icyuzuzo. | | *Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi |
| | | | 2. Itangazamakuru: **Itangazamakuru mu iterambere**. | Gusobanura amagambo Gukoresha amagambo mu nteruro | Kuvuga muri make ibivugwa mu mwandiko | Gusoma bucece, gusoma mu ijwi riranguruye | Kwandika inkuru | Ikinyazina ndafutura | Imigani migufi | *Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi |
| | | | 3. Umwandiko ku isuzumabumenyi: Ikoran**abuhanga ni ingenzi mu buzima**. | Gusobanura amagambo badasoba-nukiwe Gukoresha amagambo mu nteruro | Kuvuga muri make ibivugwa mu mwandiko | Gusoma bucece | Guhanga | Imimaro y'amagambo: ruhamwa, inshinga, icyuzuzo.<br>Ikinyazina ndafutura | Gukoresha ikeshamvugo | *Ubusha kashatsi n' ubushobozi bwo gushakira ibibazo ibisubizo *Ubushobozi bwo kujora |

| | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| **Umutwe wa karindwi: Umuco w'amahoro** | Ku rupa puro rwa 181 | 1. Ga hunda z'imiba nire myiza nka "ndi umu nyar wa nda, guko rera mu mako pera tive,…" mu kwi makaza ubu mwe n'ubwi yunge: Nta mura ge w'u bwig unge, Ubunya rwanda bura mbera | 10 | Gutega amatwi ibivugwa n'ibisomwa | Gusubiza ibibazo abazwa na mwarimu | Gusoma bucece no gusoma aranguruye umwandiko | Kwandika inshamake y'isomo n'ibisubizo yabonye mu myirozo | Inshobera mahanga | Umuvugo | -Uburinga nire n'ubwu zuzanye<br>-Umuco w'amahoro<br>-Umuco wo kuzigama<br>-Gusabana mu Kinyarwanda |

| | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | 2. Ubure nga nzira bwa muntu: Menya ubure nganzi ra bwawe | | Gutega amatwi ibivugwa n'ibisomwa | Gusubiza ibibazo abazwa na mwarimu | Gusoma bucece no gusoma aranguruye umwandiko | Kwandika inshamake y'isomo n'ibisubizo yabonye mu myirozo | | | Uburezi budaheza |
| **Umutwe wa munani: Ibiyobyabwenge mu mashuri** | Ku rupa puro rw 208 | **8** | Ingaruka n'ingamba zo kurwanya ibiyobyabwenge mu mashuri: Ikiganiro Gahongayire yagiranye n'umunyamakuru | Gutega amatwi ibivugwa n'ibisomwa | Gusubiza ibibazo abazwa na mwarimu | Gusoma bucece no gusoma aranguruye umwandiko | Kwandika inshamake y'isomo n'ibisubizo yabonye mu myirozo | -Imvugo z'Ikinyarwanda: imvugo nyandagazi<br>-Imyandikire: ikata ry'amagambo | | Uburinganire n'ubwuzuzanye |
| **Umutwe wa kenda: Iterambere** | Ku rupa puro rw 221 | **18** | Ibihingwa ngandurarugo: Ibishyimbo, Ibihingwa ngandurarugo | Gutega amatwi ibivugwa n'ibisomwa | Gusubiza ibibazo abazwa na mwarimu | Gusoma bucece no gusoma aranguruye umwandiko | Kwandika inshamake y'isomo n'ibisubizo yabonye mu myirozo | Imiterere y'amasaku ku magagambo | | -Umuco wo kuzigama<br>-Ubuziranenge |
| | | | Ibihingwa ngengabukungu | Gutega amatwi ibivugwa n'ibisomwa | Gusubiza ibibazo abazwa na mwarimu | Gusoma bucece no gusoma aranguruye umwandiko | Kwandika inshamake y'isomo n'ibisubizo yabonye mu myirozo | | Ibaruwa yo mu buyobozi | Umuco wo kuzigama |
| | | | Umwandiko w o mu isuzuma: Twongere umusaruro | | | Gusoma bucece | Kwandika ibisubizo by'ibibazo | | | Ubuziranenge |

## Urugero rw'imbata y'isomo ry'ikitegererezo

### Izina ry'ishuri: …            Amazina y'Umwarimu:…

| Igihe mbwe | Itariki | Inyigisho | Umwaka | Umutwe | Isomo | Igihe isomo rimara | Umubare w'abanye shuri |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Cya:… | ……….. | Ikinya rwanda | wa kabiri | wa gatanu | rya ….. | Iminota 40 | … |
| | | | | | | | |
| **Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo:** | | | | | Bashobora kuba bahari cyangwa nta bo. | | |
| **Ikigisho:** Ubuvanganzo | | | | | | | |
| **Ikigwa:** Igitekerezo cyo muri rubanda | | | | | | | |
| **Umutwe wa gatanu** | | Umuco nyarwanda | | | | | |
| **Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe** | | Gusesengura igitekerezo cyo muri rubanda | | | | | |
| **Isomo** | | Uturango tw'igitekerezo cyo muri rubanda | | | | | |
| **Intego ngenamukoro** | | Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yasomye, araba ashobora gutanga inshoza y' igitekerezo cyo muri rubanda no kugaragaza uturango twacyo. | | | | | |
| **Imiterere y'aho isomo ribera** | | Isomo riratangirwa mu ishuri, aho bishoboka abanyeshuri bicaye ku ruziga. | | | | | |
| **Imfashanyigisho** | | Amashusho ajyanye n'inkuru yo mu gitekerezo kizwe, imfashanyigisho zifatika, imfashanyigisho z'iyumvabona, imfashanyigisho zitegwa amatwi, harimo n'ibitabo, igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri. | | | | | |
| **Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe** | | Integanyanyigisho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'ibindi bitabo binyuranye by'Ikinyarwanda, imbuga nkoranyambuga. | | | | | |

| Ibice by'isomo + igihe | Gusobanura muri make igikorwa umwarimu n'umunyeshuri basabwa gukora<br>Umwarimu yifashishije igitekerezo cyo muri rubanda cyasomwe, amashusho n'izindi mfashanyigisho zifatika afasha abanyeshuri gutahura uturango tw'igitekerezo cyo muri rubanda no guhanga igitekerezo cyo muri rubanda bigana icyo basomye. | | Ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo (ubushobozi + igisobanuro kigufi kibugaragaza) |
|---|---|---|---|
| | **Ibikorwa by'umwarimu** | **Ibikorwa by'umunyeshuri** | |
| **Intangiriro:**<br>Iminota 5 | - Gusomesha igitekerezo cyo muri rubanda bize ubushize no kubaza abanyeshuri ibibazo.<br>Urugero: Uyu mwandiko uravuga ku ki?<br>- Kwandika agace k'igitekerezo cyo muri rubanda bize ku kibaho no gusaba abanyeshuri ko bagasoma. | - Gusoma igitekerezo cyo muri rubanda bize ubushize.<br>- Gusubiza ibibazo: Uyu mwandiko uravuga ku rupfu rwa Ryangombe n'uko Binego bya Kajumba yamuhoreye<br>- Gusoma agace k'igitekerezo cyo muri rubanda kanditse ku kibaho. | **Ubushobozi nsanganyamasomo**<br>- Ubushobozi bwo kujora<br>- Ubushakashatsi n'ubushobozi bwo gushakira ibibazo ibisubizo |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | - Kubaza ikibazo kiganisha ku isomo ry'umunsi.<br>Urugero: Murabona uyu mwandiko mwasomye urangwa n'iki?<br>- Kwandika umutwe w'isomo ku kibaho: uturango tw'igitekerezo cyo muri rubanda | - Kuvuga bimwe mu biranga umwandiko basomye: Uyu mwandiko uteye ku buryo bw'ibarankuru, uvuga ku bantu babayeho cyangwa bashobora kuba barabayeho mu mateka, ukavuga ibyababayeho ariko ukagenda wongeramo amakabyankuru. | **Ingingo nsanganyamasomo**<br>- Umuco w'amahoro n'indangagaciro |
| 2. **Isomo nyirizina: Iminota 25** | **Igikorwa cya mbere:**<br>- Gusaba abanyeshuri gukora amatsinda, baba ari akakobwa n'abahungu cyangwa harimo abafite ubumuga bagakora amatsinda agenda avanga bose, bakagenda bagasoma igitekerezo cyo muri rubanda, bakanasesengura imiterere y'umwandiko basomye.<br>- Gusaba abanyeshuri kugaragaza uturango tw'igitekerezo cyo muri rubanda basomye.<br>- Kwitegereza no kugenzura ibikorwa byo mu matsinda areba imbogamizi bahuye na zo abafasha kuzikemura ubwabo. | - Gukora amatsinda bagasoma igitekerezo cyo muri rubanda, bakanasesengura imiterere y'umwandiko basomye.<br>- Kugaragaza uturango tw'igitekerezo cyo muri rubanda basomye.<br>- Kugaragaza imbogamizi bahuye na zo bakazikemura ubwabo bagendeye ku nama z'umwarimu.<br>- Kugaragaza ibyavuye mu matsinda no kubikorera ubugororangingo.<br>- Kwerekana uturango twose tw'igitekerezo cyo muri rubanda. | **Ubushobozi nsanganyamasomo**<br>- Ubushobozi bwo kujora (buri wese agahabwa umwanya wo kuvuga uko abyumva)<br>- Gusabana mu Kinyarwanda (buri wese agahabwa umwanya wo kuvuga uko abyumva)<br>**Ingingo nsanganyamasomo**<br>- Uburezi budaheza |
| | **Igikorwa cya kabiri:**<br>- Gusaba abanyeshuri kugaragaza ibyavuye mu matsinda no ku bikorera ubugororangingo.<br>- Gusaba abanyeshuri kwerekana uturango twose tw'igitekerezo cyo muri rubanda.<br>**Igikorwa cya gatatu:**<br>- Gusaba abanyeshuri guhanga umwandiko wigana igitekerezo cyo muri rubanda bubahiriza uturango twacyo. | Guhanga umwandiko wigana igitekerezo cyo muri rubanda bubahiriza uturango twacyo. | - Guhanga udushya (guhanga umwandiko bitekerereje) |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **Umusozo w'isomo: Iminota 10**<br>**-Ikomatanya** | Gusaba abanyeshuri kugaragaza mu nshamake ibyo bamaze kwiga ku turango tw'igitekerezo cyo muri rubanda. | Kugaragaza mu nshamake ibyo bamaze kwiga ku turango tw'igitekerezo cyo muri rubanda. | - Ubushakashatsi n'ubushobozi bwo gushakira ibibazo ibisubizo |
| **-Isuzuma** | - Guha abanyeshuri imyitozo yo gusuzuma ko bafashe neza uturango tw'igitekerezo cyo muri rubanda.<br>- Guha abanyeshuri umwitozo wo guhanga igitekerezo cyo muri rubanda bubahiriza uturango twacyo. | - Gukora imyitozo yo gusuzuma ko bafashe neza uturango tw'igitekerezo cyo muri rubanda.<br>- Gukora umwitozo wo guhanga igitekerezo cyo muri rubanda bubahiriza uturango twacyo. | - Ubushakashatsi n'ubushobozi bwo gushakira ibibazo ibisubizo |
| **-Umukoro** | Gusaba buri munyeshuri kurushaho kwitoza guhanga igitekerezo cyo muri rubanda cyujuje uturango no gutegura uburyo bwo kugitekerereza bagenzi be. | Gukora umukoro wo kurushaho kwitoza guhanga igitekerezo cyo muri rubanda cyujuje uturango no gutegura uburyo bwo kugitekerereza bagenzi be. | - Ubushakashatsi n'ubushobozi bwo gushakira ibibazo ibisubizo<br>- Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi (kuko akomeza kwiyigisha na nyuma y'isomo) |
| **Kwisuzuma (umurezi):** | Kugaragaza ikigero abanyeshuri bumviseho isomo n'uko baryakiriye; hakagaragazwa n'imbogamizi kuri iryo somo igihe zihari. | | |

# 1 Ibidukikije

## (Umubare w'amasomo: 16)

**Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe**

- Gusesengura imyandiko ivuga ku bidukikije
- Gutanga ibitekerezo bye abikurikiranya neza mu mvugo iboneye
- Kwandika yubahiriza imikoreshereze iboneye y'utwatuzo
- Gukoresha inshinga zitondaguye mu bihe bikuru by'inshinga.

### Umwandiko "Akamaro k'amashyamba"

Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

***Intego:***

Umunyeshuri yifashishije inkoranya n'umwandiko wasomwe, araba ashobora:

- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko
- Gusobanura amagambo badasobanukiwe
- Gukoresha mu nteruro ngufi kandi ziboneye amagambo yungutse.

**Imfashanyigisho:**

Umwandiko uvuga ku bidukikije, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, amabwiriza y'imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda, igitabo cy'ubuvanganzo, ik'ikibonezamvugo n'inkoranya.

### I. Ivumburamatsiko

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho ari mu gitabo ku rupapuro yabarangiye akabazaho ibibazo. Abasaba kugira icyo bayavugaho.

Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:

1. **Ni iki mubona kuri aya mashusho abanjirije uyu mwandiko?**
   Ishyamba hasi hari ibikoresho bikorwa mu biti (ameza, intebe.igitanda,...)

2. **Mwitegereje aya mashusho murabona ashatse kuvuga iki?**
   Bashobora gusubiza ko ibiti bimera bigakorwamo ibikoresho,amashyamba agira akamaro kanini.

## II. Gusoma

### Gusoma bucece

Amaze kubarangira urupapuro ruriho umwandiko, umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke.
Amaze kubona ko barangije gusoma bucece, umwarimu arabaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

***Urugero rw'ibibazo byabazwa:***

1. **Umwandiko mumaze gusoma witwa ngo iki?**
   Akamaro k'amashyamba
2. **Ni iki kivugwa mu mwandiko?**
   Imimaro itandukanye y'amashyamba haba mu bukungu, mu buzima, mu mibereho myiza y'abatuye isi…
3. **Mu mwandiko bavuze ko amashyamba atumariye iki?**
   Avamo inkwi dutekesha, atanga umwuka duhumeka, akorwamo ibikoresho binyuranye…
4. **Ni nde watubwira muri make ibivugwa muri uyu mwandiko?**
   Amashyamba afite akamaro kanini. Akora umwuka mwiza, arwanya isuri,... Ni ubukungu ariko amashyamba adacunzwe neza akangizwa isi yaba ubutayu.

## Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko, baranguruye ijwi, bubahiriza utwatuzo. Bitewe n'umubare w'abanyeshuri, umunyeshuri asoma igika kimwe agasimburwa n'undi kugeza umwandiko urangiye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uko ungana.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri akagenda akosora amwe mu makosa yagiye akorwa n'abanyeshuri iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira: Kunamiriza mu gitabo mu gihe barimo gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo arimo kubasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

**III. Gusubiza ibibazo**

Muri iki gice, umwarimu arasaba abanyeshuri kujya mu matsinda, bagasoma umwandiko bashakishamo ibisubizo birebana n'ibibazo byo kumva umwandiko n'iby'inyunguramagambo biteganyijwe mu gitabo cyabo. Nyuma yo kubyunguranaho ibitekerezo mu matsinda yabo, abahagarariye amatsinda baraza kumurikira ibyo bakoreye mu matsinda, maze bafatanye n'umurezi kubinoza.

***Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo batanga:***

## Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Rondora nibura imimaro itatu y'amashyamba yavuzwe mu mwandiko.

   Iyo mimaro ni ukurwanya isuri, kuzana umwuka mwiza abantu bahumeka, kuvamo ibikoresho dukenera

2. Vuga abiri mu moko y'ibiti byiza yavuzwe mu mwandiko.

   Ayo moko ni muvura, imisave, ribuyu,...

3. Abantu bahumeka umwuka bakuye he?

   Umwuka abantu bahumeka uva mu mababi y'ibimera

4. **Vuga ingaruka ebyiri z'isuri ku mibereho y'abatuye isi.**

   Ubutaka bwiza butwarwa n'isuri, isuri yangiza imyaka, isuri ishobora kwica abantu,…

5. **Ni gute umwanditsi yasobanuye ko amashyamba arwanya isuri?**

   Ibibabi by'ibiti bigabanya ubukana bw'imvura ikagera hasi yagabanyije umuvuduko.Imizi ifata ubutaka.

6. **Uretse gutera amashyamba, vuga ukundi bashobora kurwanya isuri.**

   Gufata amazi y'imvura, gutera ibyatsi ku mirwanyasuri, gukora amaterasi y'indinganire…

7. **Garagaza ibyo ubona bishobora gukorwa kugira ngo amashyamba adakomeza gutemwa no kwangizwa ku bwinshi.**

   Ibishobora gukorwa kugira ngo amashyamba adakomeza gutemwa ku bwinshi ni ugukoresha amashyiga arondereza inkwi, gukoresha ibindi bicanwa bitari inkwi, gukoresha ibikoresho bikoze mu byuma bigasimbura ibikozwe mu biti, gukoresha ibisigazwa by'ibiti nk'ibarizo cyangwa umurama.

## Inyunguramagambo

Nyuma yo gusubiza neza ibibazo byo kumva umwandiko, umwarimu asaba abanyeshuri kugaragaza ibyavuye mu matsinda ku nyunguramagambo. Amatsinda ahuriza hamwe ibyo yagezeho.

Sobanura aya magambo yakoreshejwe mu mwandiko

a) Isuri: umuvu w'imvura usakuma ubutaka ukabutwara mu mibande.
b) Inkangu: Gucika k'umurima cyangwa umusozi bitewe n'isuri.
c) Amafu: Ubukonje bukeya buba ho izuba ritararasa, riciwemo igihu.
d) Gukukumba: Kumaraho ibintu byasigaye ahari ibindi.
e) Gututira: Gutema ku bwinshi.

**Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro**

Umwarimu asaba abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo mu nteruro ngufi ziboneye no kuzuza interuro bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko, ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro.

Ingero z'interuro ngufi zishobora kuboneka:

a) **Isuri:**
Ibyatsi n'ibiti birwanya isuri ubutaka ntibutwarwe n'imvura.
b) **Inkangu:**
Ishyamba rituma hatabaho inkangu kubera ko imizi y'ibiti ifata ubutaka.
c) **Amafu:**
Ibiti bituma ikirere kigira amafu abantu bakaruhuka neza.

**Kuzuza interuro ukoresheje amagambo wungutse mu mwandiko**

a) Iyo umuyaga w' **ishuheri** uje, ishyamba rirawukumira ntiwangize byinshi.
b) Ahatari ibi, umuvu uratemba **ugakukumba** ubutaka bwose ukamaraho.
c) Ntawashyigikira ko umuntu **atutira** ibiti akamaraho kandi n'ejo tuzabikenera.

## Intera ya kabiri: Gusesengura umwandiko

***Intego:***

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:

- Gusubiza neza ibibazo byo gusesengura umwandiko

**Imfashanyigisho:**

Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri.

## I. Isubiramo:

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakanavuga muri make ibikubiyemo.

**Urugero rw'ibibazo yababaza:**

1. **Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?**
   Uwo mwandiko witwa **"akamaro k'amashyamba".**
2. **Amashyamba adufitiye akahe kamaro?**
   Amashyamba afite akamaro ko kurwanya isuri, gutanga umwuka mwiza, gukorwamo ibikoresho...

## II. Gusoma

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda bakabanza kongera gusoma umwandiko bagerageza kuwumva neza cyane ko imbogamizi z'amagambo abakomereye ziba zavuye mu ntera ya mbere, bakaboneraho gutangira gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

## III. Gusesengura umwandiko

Umwarimu asaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Hanyuma uhagarariye buri tsinda akaza kumurikira abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

**Ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko.**

1. Garagaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri muri uyu mwandiko.

   Izo ngingo z'ingenzi ziri mu mwandiko ni:

   Ishyamba ni intaho y'inyamaswa, amashyamba arwanya isuri, akorwamo ibikoresho, ni yo ducana, arwanya ubutayu…

   Ingingo z'ingereka ni:

   Ukwinjiza amadovize, ibisenge byinshi byubakishijwe ibiti,…
2. **Ngo "amahanga arunguka tugahomba" Byaba bisobanuye iki ukurikije ibivugwa mu mwandiko?**

   Ibyo byaba bisobanura ko ubutaka bwakatugiriye akamaro butwarwa n'isuri maze imigezi ikabujyana mu bindi bihugu twe tugasigara ku gasi.
3. **Umaze gusoma uyu mwandiko, ni iki wumva wabwira bagenzi bawe?**

   Icyo nababwira ni ukwita ku mashyamba n'ibindi bimera, bagasobanukirwa n'uko amashyamba afite akamaro kanini bityo tukaba tugomba kuyabungabunga.

## Intera ya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro

### Kungurana ibitekerezo

***Intego:***

Umunyeshuri ahereye ku byavuzwe n'ibyo yasomye mu mwandiko,araba ashobora:

- Kungurana ibitekerezo na bagenzi be ku nsanganyamatsiko bahawe
- Gutanga ibitekerezo bihamye ashize amanga ku nsanganyamatsiko bahawe.

**Imfashanyigisho:** igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu…

### I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakanavuga muri make ibikubiyemo.

**Urugero rw' ibibazo n'ibisubizo**

1. **Amashyamba afite akamaro ki?**
   Amashyamba arwanya isuri, akorwamo ibikoresho, …
2. **Ni iki mubona gituma ibidukikije byangirika?**
   Igituma ibidukikije byangirika ni icukurwa ry'amabuye, gutema amashyamba, isuri, …
3. **Ni iki cyakorwa ngo amashyamba adakomeza kwangirika?**
   Ni ugushaka ibyakunganira inkwi, gutura mu midugudu, kubaka ku buso buto…

### I. Kungurana ibitekerezo

**Uko bikorwa**

Kungurana ibitekerezo si ukujya impaka ahubwo ni umwanya buri muntu ahabwa akavuga icyo atekereza ku ngingo iyi n'iyi. Iyo bikorewe mu matsinda, umuyobozi agaragaza ibitekerezo by'ingenzi maze agatanga umwanya abagize itsinda bakagenda bagaragaza ibitekerezo byabo. Iyo hari aho ibitekerezo bivuguruzanya, umuyobozi afasha mu guhitamo igitekerezo gifite ireme ariko kikumvikanwaho n'abagize itsinda.

Insanganyamatsiko: **"Ni iki cyakorwa ngo amashyamba abungabungwe?"** Garagaza uruhare rwa Leta, uruhare rw'ababyeyi n'uruhare rw'urubyiruko rukiri mu mashuri.

**Ingero z'ibitekerezo byatangwa**

Uruhare rwa Leta ni ugushyiraho gahunda ihamye yo kubungabunga amashyamba (Kuyatera, kuyarinda no kuyasarura yeze neza).

Uruhare rw'ababyeyi ni ukubahiriza gahunda ya Leta, gutoza abana kwita ku bidukikije batonona amashyamba, korondereza ibicanwa, kubaka ku buso buto.

Uruhare rw'abana ni ukumvira ababyeyi n'abarezi, gukurana umuco wo kwita ku bidukikije n'amashyamba by'umwihariko, kutangiza ibiti haba mu busitani cyangwa ku nzira aho tunyura.

**Umwanzuro wafatwa**

Nyuma yo kungurana ibitekerezo umwarimu afatanya n'abanyeshuri gufata umwanzuro. Urugero rw'umwanzuro wafatwa:
Abantu bose, abato n'abakuru, basabwa kwita ku mashyamba bahereye ku ngo zabo bagatera ibiti birwanya isuri kandi bibongerera umwuka mwiza wo guhumeka.

## Intera ya kane: Ikibonezamvugo

## Amategeko y'imyandikire y'Ikinyarwanda: Utwatuzo twungirije

### Utwatuzo twungirije

***Intego:***

Umunyeshuri ahereye ku nteruro yahawe araba ashobora:

- Gutahura mu nteruro utwatuzo twungirije
- Gukoresha neza mu nteruro utwatuzo twungirije.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'igitabo k'ikibonezamvugo, …

### I. Ivumburamatsiko

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

**Urugero rw'ibibazo yababaza:**

1. **Ni uwuhe mwandiko muheruka gusesengura?**
   Umwandiko duheruka gusesengura ni: "akamaro k'amashyamba".
2. **Ni iki mwasigaranye nk'isomo ryo mu buzima busanzwe?**
   Ni uko amashyamba adufitiye akamaro kanini tukaba tugomba kuyabungabunga.

## II. Gutahura ikigwa

**Gutahura ikigwa bakora ubushakashatsi.**

Umwarimu aha abanyeshuri interuro bitegereza bakaziheraho biga utwatuzo twungirije.

*Ingero z'interuro*

- Burya habaho ibiti myinshi: imisave, muvura, ribuyu,...
- Abantu bati: "igiti ni idorari".
- Mu Kinyarwanda baravuga ngo: "Ntawutinya ishyamba atinya icyo bahuriyemo".
- Kongo (Congo) ibonekamo amashyamba kimeza menshi.
- Kubyaza ishyamba umusaruro si ukurihurisha; kuribyaza umusaruro ni ukurikorera no kuritunganya rikinjiza amafaranga.

**Ibibazo:**

1. **Ibimenyetso by'utwatuzo byakoreshejwe muri izi nteruro byitwa ngo iki?** Hari mo utudomo tubiri, akanyerezo, utwuguruzo n'utwugarizo, akabago n'akitso, uturegeka,...
2. **Sobanura impamvu ibyo bimenyetso ari byo byakoreshejwe.** Byakoreshejwe kubera ko ari utwatuzo twungirije.

**Inshoza y'utwatuzo twungirije**

Utwatuzo twungirije ni utwatuzo tudafite agaciro nk'ak'utwatuzo tw'ibanze. Iyo tubuze mu nteruro kandi twagombaga kubonekamo iyo nteruro n'ubwo iba itaboneye. Mu twatuzo twungirije hari udusoza interuro n'utujya hagati.

### a) Utwatuzo twungirije n'imikoreshereze yatwo

**Akanyerezo (-)**

Akanyerezo ni akarongo kagufi gatambitse(-) gashobora gukoreshwa ahantu henshi ariko dore uburyo butatu bw'ingenzi gakoreshwamo:

**Gakoreshwa mu kiganiro kugira ngo berekane ihererekanywa cyangwa iyakuranwa ry'amagambo.**

*Urugero:*

- Wari waragiye he?
- gusura ishyamba kimeza.
- Wararibonye se?
- Yego.

**Gakoreshwa kandi bakata ijambo ritarangiranye n'impera y'umurongo, bikurikije imiterere y'umugemo.**

*Urugero:*

- Hari n'ubusitani bugezweho abantu basigaye bifoto-
  rezamo cyangwa bakaburuhukiramo ngo bafate amafu.

**Kanakoreshwa imbere n'inyuma y'interuro ihagitse.**

*Urugero:*

- Ejo tuzajyane kwifotoza-ushobora kuba uzi ubusitani bwiza- ni umunsi w'ikiruhuko nta masomo ahari.

**Uturegeka (…)**

Dukoreshwa iyo berekana irondora ritarangiye, interuro barogoye cyangwa iyo mu nteruro hari ijambo bacikije.

*Ingero:*

- Ibiti bivamo ibikoresho byinshi: ibitanda, inzugi, ibyansi, isekuru, imitako…
- Baragenda ngo bagere ku Ruyenzi bahahurira na mwene… simuvuze nzamuvumba!

**Utubago tubiri (:)**

Dukoreshwa hagati mu nteruro iyo hari ibigiye kurondorwa, gusobanurwa cyangwa iyo bagiye gusubira mu magambo y'undi.
Dukoreshwa kandi inyuma y'ingirwanshinga "-ti", "-tya", "-tyo" n'ijambo "ngo".

*Ingero:*

- Burya habaho ibiti byinshi: imisave, muvura, ribuyu…
- Abantu bagira bati: "Igiti ni idorari".
- Mu Kinyarwanda baravuga ngo: "Ntawutinya ishyamba atinya icyo bahuriyemo"

**Akabago n'akitso (;)**

Dukoreshwa mu nteruro hagati kugira ngo batandukanye ibice bibiri bigize interuro kandi byuzuzanya.

*Urugero:*

- Kubyaza ishyamba umusaruro si ukurigurisha; kuribyaza umusaruro neza ni ukurikorera no kuritunganya rikinjiza amafaranga.

**Utwuguruzo n'utwugarizo (" ")**

Dukoreshwa hagati mu nteruro kandi dukikiza amagambo y'undi asubirwamo, imvugo itandukanye n'imvugo isanzwe, cyangwa ingingo igomba kwitabwaho.

Dukikiza amagambo ateruwe n'ingirwanshinga "-ti", "-tya", "-tyo" n'ijambo "ngo".

Dukoreshwa nanone iyo hari inyito ikemangwa cyangwa kugira ngo bakikize amazina nteruro n'amazina y'inyunge agizwe n'amagambo arenze ane.

Dukoreshwa kandi mu magambo y'amatirano atamenyerewe mu Kinyarwanda.

*Ingero:*

- Mu biti bikomera kandi byiza harimo "muvura" na "ribuyu"
- Igikeri kirarikocora kiti: "Guhora mu mazi si ko gushira amaga".
- Ubwo "Inshyikanya ku mubiri ya rugema ahica" aba arahashinze.

**Udukubo ( )**

Dukoreshwa hagati munteruro kandi tuga kurikiza amagambo cyangwa ibimenyetso bifite icyo bisobanura cyangwa icyo byuzuza mu nteruro. Banadukoresha iyo bashaka kwerekana uko amazina bwite y'amanyamahanga yanditswe mu Kinyarwanda bayandika mu ndimi akomokamo.

Dukikiza kandi umubare wanditse mu mibarwa mu nteruro iyo uwo mubare wabanje kwandikwa mu nyuguti.

Twerekana n'ibihekane cyangwa inyuguti bidakunze gukoreshwa.

*Ingero:*

- Umuyobozi w'Akarere yabwiye abaturage ko kugira ngo barwanye inzara, bagomba gushoka ibishanga (impeshyi yari yabaye ndende) kandi kwirirwa banywa bakabifasha hasi.
- Rishari kanti (Richard Kandt) yayoboye u Rwanda mu gihe cy'ubukoroni.
- Kongo (Congo) ibonekamo amashyamba kimeza menshi.
- Igihembo twumvikanyeho ni amafaranga y'amanyarwanda ibihumbi magana atanu (500 000 Rwf)
- (L) cyangwa (Vy) ntibikunze gukoreshwa cyane mu Kinyarwanda.

**Imyitozo ku twatuzo**

1. **Vuga mu magambo make nibura imimaro ibiri y'utwatuzo mu nteruro.**
   Utwatuzo dutuma twitsa ahabugenewe iyo dusoma, dutuma kandi interuro yumvikana neza

2. **(“ ”) Ibi bimenyetso biri mu dukubo byitwa ngo iki?**
   Byitwa utwuguruzo n’utwugarizo
3. **Rondora ahantu hatatu gashobora gukoreshwa ibyo bimenyetso bigaragajwe haruguru**.
   Dukikiza amagambo y’undi asubirwamo, imvugo itandukanye n’imvugo isanzwe, cyangwa ingingo igomba kwitabwaho. Dukikiza amagambo ateruwe n’ingirwanshinga “-ti”, “-tya”, “-tyo” n“ijambo “ngo”. Dukoreshwa nanone iyo hari inyito ikemangwa cyangwa kugira ngo bakikize amazina nteruro n’amazina y’inyunge agizwe n’amagambo arenze ane.
4. **Sobanura impamvu agakubo kakoreshejwe muri iyi nteruro ikurikira:**
   - **Bagomba gushoka ibishanga (impeshyi yari yabaye ndende) kandi kwirirwa banywa bakabifasha hasi.**

   Kakoreshejwe kubera ko hari cyo bashaka gusobanura. Hano barasobanurako impeshyi irangiye, abantu bagomba kujya guhinga mu bishanga.

## Kwitoza kwandika

Mwandukure umwandiko ukurikira, musimbuza ikimenyetso gikwiye ahari uturegeka turi mu dukubo: (akabago n’akitso, udukubo, utunyerezo, uturegeka, utubago tubiri). Murasabwa kandi kubahiriza imyandikire yemewe muri rusange. Ibisubizo by’icyandikwa:

### Twite ku bidukikije

Uwimana na musaza we barakundana cyane; ahantu hose baba bari kumwe. Umunsi umwe bari mu muhanda batemberababona akana karimo gutashya inkwi. Baramwitegereza babona arakora ibidakwiye; yari yaranduye ibiti byose byatewe ku muhanda. Bimwe muri byo ni ibi: ibiti by’imikindo, gereveriya, indabo zose z’umurimbo ndetse na…(nibagiwe uko icyo giti kitwa) bakunda kubitera ku muhanda. Byose ngo agiye kubicana. Dore amwe mu magambo baganiriye:

- Yewe mwa, witwa nde?
- Izina ryawe se waryibagiwe?
- Nitwa Kamana.
- None se ko urimo kwangiza?
- Wimbeshyera. Nangije iki ko ndimo gutashya inkwi?
- Izo si inkwi ahubwo ni ibiti wangije.
- Ariko n'ubundi nta cyo byari bimaze bino biti ni ibya Leta.
- Ugomba guhindura imyumvire.Umutungo wa Leta ni uwacu twese tugomba kuwubungabunga.

Barakomeje bamugira inama, ataha yiyemeje kutazongera kwangiza ibidukikije.

## Umwandiko "Ibyanya by'inyamaswa"

Intera ya mbere : Gusoma no kumva umwandiko

***Intego:***

Umunyeshuri yifashishije inkoranya n'umwandiko wasomwe, araba ashobora:

- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko
- Gusobanura amagambo badasobanukiwe
- Gusoma yubahiriza utwatuzo n'isesekaza
- Gukoresha mu nteruro ngufi kandi ziboneye amagambo yungutse.

**Imfashanyigisho:**

Umwandiko uvuga ku bidukikije, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, amabwiriza y'imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda, igitabo cy'ubuvanganzo, ik'ikibonezamvugo n'inkoranya.

### I. Ivumburamatsiko

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho ari mu gitabo ku rupapuro yabarangiye, hanyuma akababazaho ibibazo by'ivumburamatsiko. Abasaba kugira icyo bayavugaho:

Dore urugero rw'ibibazo yababaza:

1. **Izi nyamaswa ziri kuri aya mashusho zitwa ngo iki?**
   Izi nyamaswa ziri kuri aya mashusho ni ingagi, imparage, impara na twiga.
2. **Uhereye kuri aya mashusho, ni iki utekereza ko kiri kuvugwa mu mwandiko?** Baravuga kubyerekeye inyamaswa n'aho ziba.

### II. Gusoma

**Gusoma bucece**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane maze akabarangira urupapuro ruriho umwandiko. Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke, yamara kubona ko barangije gusoma bucece, akababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

***Urugero rw'ibibazo byabazwa:***

1. **Umutwe w'uyu mwandiko uravuga ngo iki?**
   Ibyanya by'inyamaswa.

2. **Ni ibiki bivugwa mu mwandiko?**
   Baravuga iby'icyanya cy'Akagera, inyamaswa zibamo
3. **Aha hantu havugwa mu mwandiko ni he?**
   Aha hantu havugwa ni mu gihugu cyacu cy'u Rwanda.
4. **Rondora amazina y'inyamaswa zivugwa mu mwandiko.**
   Mu mwandiko baravugamo:Twiga,intare,impyisi,imbogo,amasatura,impara, imparage,imvubu n' ingona.

**Gusoma baranguruye**

Umwarimu asaba umunyeshuri umwumwe gusoma umwandiko aranguruye ijwi, bubahiriza utwatuzo. Bitewe n'umubare w'abanyeshuri, umunyeshuri asoma igika kimwe agasimburwa na mugenzi we kugeza umwandiko urangiye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uko ungana.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri akagenda akosora amwe mu makosa yagiye akorwa n'abanyeshuri iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira: Kunamiriza mu gitabo mu gihe barimo gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo arimo kubasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n‟ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

## III. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko mu matsinda yabo bagerageza gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko biri mu bitabo byabo no gushakisha ibisobanuro by'amagambo badasobanukiwe babonye mu mwandiko. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye, hanyuma bakaza guhuriza hamwe ibyo bagezeho mu matsinda, umwarimu akabafasha kubinoza neza.

**Ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko:**

1. **Vuga akamaro k'ibyanya by'inyamaswa mu rwego rw'ubukungu bw' Igihugu**.

   Ibyanya bigira akamaro kanini cyane mu kwinjiza amafaranga n'amadovize azanywe na ba mukerarugendo no kwinjiriza Igihugu amafaranga aturuka ku misoro y'uburiro n'amazu acumbikira abagenzi, ni umutungo kamere…Bituma haboneka akazi ku babituriye.
2. **Uretse icyanya cy'Akagera, haba hari ikindi uzi? Kivuge.**
   Uretse Icyanya cy'Akagera, hari icyanya k'ibirunga n'ishyamba kimeza rya Nyungwe.

3. **Vuga izina ry'umugezi wambukiranya icyanya cy'Akagera.**
   Umugezi wambukiranya icyanya cy'Akagera ni uruzi rwitwa Akagera.
4. **Icyanya cy'Akagera giherereye mu bihugu bingahe? Bivuge.**
   Icyanya cy'Akagera gikora ku bihugu bibiri ari byo u Rwanda na Tanzaniya
5. **Izina "Akagera" ryitiriwe icyo cyanya rikomoka he?**
   Izina akagera rikomoka ku mugezi wambukiranya icyo cyanya.
6. **Rondora amoko atanu y'inyamaswa ziboneka mu cyanya cy'Akagera.**
   Zimwe mu nyamaswa ziboneka mu Kagera ni imbogo, impongo, impara, imparage, intare, isha, Twiga…
7. **Ni ubuhe buryo bwashyizweho bwo gukumira inyamaswa zonera abantu?**
   Uburyo bwashyizweho ni ubwo kubaka urukuta rw'amashanyarazi no kongera umubare w'abarinzi.

## Inyunguramagambo

Nyuma yo gusubiza neza ibibazo byo kumva umwandiko, umwarimu asaba abanyeshuri kugaragaza ibyavuye mu matsinda ku nyunguramagambo. Amatsinda ahuriza hamwe ibyo yagezeho.

Subiza yego cyangwa oya ukurikije ibisobanuro by'aya magambo cyangwa itsinda ry'amagambo dusanga mu mwandiko:

a) Rushimusi ni umuntu usenya amazu y'abandi akanabiba. **(Oya)**
b) Amasenga ni ahantu ibisimba nk'impyisi birara. **(Yego)**
c) Imbuga ni ahantu abantu bakinira bakidagadura. **(Oya)**
d) Kubungabunga ni ukuzerereza ikintu hirya no hino wabuze uwakigura. **(Oya)**
e) Bikanahuruza imbaga: Bikanatuma abantu baturuka impande zose baje kureba. **(Yego)**

### Tanga imbusane z'aya magambo

a) **Zaziranaga** ≠ zakundanaga
b) **zabangirije** ≠ zabatunganyirije
c) **Rwihishwa** ≠ habona, ku mugaragaro

### Garagaza ijambo riri mu mwandiko risobanura kimwe n'iri:

a) **Abagashize**: abifite
b) **Zisa neza cyane**: ziteye amabengeza
c) **Ntiyabirondora byose**: ntiyabiva imuzingo

### Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro

Umwarimu asaba abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo mu nteruro ngufi ziboneye no kuzuza interuro bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko,

ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro.

***Ingero z'interuro ngufi zishobora kuboneka:***

- **Rushimusi**: Ba rushimusi bangiza umutungo kamere w'Igihugu.
- **Amasenga**: Inyamaswa nyinshi zibera mu masenga.
- **Kubungabunga**: Dukwiriye kubungabunga umutungo kamere w'Igihugu.

2. **Uzuza izi nteruro wifashishije amwe mu magambo ari mu mwandiko**
   a) Si impyisi gusa zibera mu…kuko n'izindi nyamaswa nyinshi ari ho ziba. (**isenga/amasenga**)
   b) Utunyamaswa duteye….turasurwa cyane muri pariki.(**amabengeza**)

## Intera ya kabiri: Gusesengura umwandiko

***Intego***

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:

- Gusubiza neza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

**Imfashanyigisho:**

Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri.

### I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakanavuga muri make ibikubiyemo.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Umwandiko uheruka kwigwa witwa ngo iki?**
   Ibyanya by'inyamaswa
2. **Ni iki kivugwa mu mwandiko?**
   Haravugwamo iby'icyanya cy'Akagera. Imiterere y'icyo cyanya n'ibibamo.

### II. Gusoma

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane, akababwira bakongera gusoma umwandiko bagerageza kuwumva neza cyane, no kuvumbura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziwugize, hanyuma bakaza gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

**III. Gusesengura umwandiko**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Hanyuma uhagarariye buri tsinda akaza kumurikira abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

**Ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko**

1. **Garagaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri muri uyu mwandiko.**

   Ingingo z'ingenzi

   - Icyanya cy'Akagera gihuza ibihugu bibiri ari byo u Rwanda na Tanzaniya, habamo inyamaswa z'inkazi zitakiboneka henshi ku isi.
   - Uruzi rw'Akagera rwambukiranya icyo cyanya kuva mu magepfo kugera mu majyaruguru.

     Icyanya cy'Akagera kibangamiwe n'ubwiyongere bw'abaturage bashaka aho gutura bagatema amashyamba ndetse na ba rushimusi batwara amahembe y'inzovu,
   - Hafashwe ingamba zikarishye zo kubungabunga iyi Pariki.

   Ingingo z'ingereka

   - Ibyanya byashyizweho kubera ko ibikorwa bya muntu bibangamiye inyamaswa.
   - Icyanya cy'Akagera cyaramamaye cyane, harimo inyamaswa ziteye amabengeza.

2. **Ushingiye ku bivugwa mu mwandiko n'ibyo usanzwe ubona aho utuye, Sobanura kandi ugaragaze ububi bwa ba rushimusi**.

   Ibibi byabo ni uko bahombya abaturage na Leta biba, bangiza, banica inyamaswa.
3. **Wahuza gute "ubwiyongere bw'abaturage" n'iyangirika ry'ibidukikije birimo amashyamba n'ibyanyaby'inyamaswa?**

   Uko abaturage biyongera ni ko bashaka n'aho gutura cyangwa bagakenera ibikoresho bikozwe mu bikomoka ku bidukikije nk'amashyamba. Uko babikenera ni na ko biba bigabanuka…

## Intera ya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro / Kungurana ibitekerezo

***Intego***

Abanyeshuri bahereye ku mwandiko n'isesengura ryakozwe, baraba bashobora:

- Gutanga ibitekerezo ku nsanganyamatsiko yatazwe.
- Gutanga ibitekerezo bifite ireme no kujora iby'abandi kandi bifatire umwanzuro.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku bidukikije, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, amafoto y'inyamaswa zinyuranye zo mu ishyamba, imfashanyigisho

z'iyumvabona.

**Kungurana ibitekerezo**

Insanganyamatsiko: "Hari urukuta rw'amashanyarazi rwubatswe mu rwego rwo gukumira inyamaswa ngo zitonera abantu."

Abantu bamwe babona ko atari ngomba kubera ingaruka mbi zarwo, abandi bakabona rwarakemuye byinshi. Wifashishije ingero zifatika, tanga ibitekerezo byawe bigaragaza uruhande ubogamiyemo.

**Uko bikorwa:**

Impande ebyiri, ni ukuvuga uruhande rwemeza insanganyamatsiko n'uruhande ruyihakana, zitanga ibitekerezo ku nsanganyamatsiko yatanzwe. Buri ruhande rutanga ibitekerezo bishyigikira icyo batsimbarayeho. Uyoboye ikiganiro mpaka agenda atanga umwanya kuri buri ruhande ku buryo nta rusaku cyangwa impaka za ngo turwane. Abakemurampaka ni bo bagaragaza uruhare rwatsinze.

***Ingero z'ibitekerezo byatangwa***

Ibitekerezo byatagwa biri mu bice bibiri.

**Ku ruhande rushyigikira:** Urwo rukuta ruzatangira inyamaswa ntizipfe kugenda uko zibonye; ba rushimusi na bo ntibazegera urwo rukuta; abarinzi na bo bazaba boroherejwe akazi.

**Ku ruhande ruhakana insanganyamatsiko:** Urukuta rumara umuriro, rwica abantu n'inyamaswa kandi ari zo zinjiza amafaranga. Ba rushimusi bashobora kurutobora bakabona icyuho kandi abarinzi bizeye ko harinzwe.

**Umwanzuro wafatwa**

Urwo rukuta ni ngombwa. N'ubwo bwose hari ingaruka rwagira ku bantu no ku nyamaswa, Ibyo rurengera ni byo byinshi kuruta ibyo rwakwangiza.

## Intera ya kane: Ikeshamvugo

***Intego:***

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko, araba ashobora:

- Gutandukanya imivugire n'intaho by'inyamaswa zitandukanye.
- Gukoresha neza mu nteruro amagambo yabugenewe ku ntaho no ku rusaku by'inyamaswa.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo bivuga ku byanya n'inyamaswa

## I. Ivumburamatsiko

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kuvumbura insanganyamatsiko bagiye kwiga. Bakaza kubiheraho batahura amagambo yabugenewe ku ntaho n'urusaku rw'inyamaswa.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Aho inyoni zitaha bahita ngo iki?**
   Inyoni zitaha mu byari.
2. **Impyisi zitaha he?**
   Impyisi zitaha mu masenga.
3. **Kuvuga kw'intare babyita ngo iki?**
   Intare ziratontoma.
4. **Kuvuga kw'impongo babyita ngo iki?**
   Impongo zirakorora.

## II. Ikeshamvugo

### a) Inshoza y' ikeshamvugo

Ikeshamvugo ni uburyo bwo kunoza imvugo hakoreshejwe amagambo yabugenewe ku kintu runaka no mu gihe runaka. Bitewe n'igihe cyangwa ahantu uri, amagambo akoreshwa ku bintu cyangwa imvugo, ashobora guhinduka. Rimwe na rimwe hagakoreshwa amagambo yabugenewe, aribyo bita "ikeshamvugo".

**Intaho z'inyamaswa**

Inyoni zitaha mu cyari
Imbeba zigataha mu muheno
Inyana zikarara mu ruhongore,
Inka zirara mu kiraro
Imbwa zitaha mu kibuti
Impyisi zitaha mu isenga
Intozi zitaha mu mwobo
Inzuki ziba mu muzinga

**Amatsinda/ikirundo**

Ikiguri ni ik'intozi
Irumbo ry'inzuki
Ishyo ni iry'inka
Icukiro ni iry'amase.
Uruvunganzoka ni urw'abantu
Umukumbi ni uw'intama n' ihene
Umugana w'imbwa

Umugana w'ingurube.
Uruhuri rw'inyoni
Umukeri w'ibikeri

**Urusaku**

Umuntu aravuga
Inyoni ziraririmba
Intama iratama
Ihene irahebeba
Impongo irakorora
Igikeri kiragonga
Impyisi irahuma
Inuma iraguguza
Umusambi urahiga
Imbwa iramoka
Inkokokazi irateteza
Inkoko irakurakuza iyo irarira
Inkoko ihamagara imishwi,
Intare iratontoma
Isake irabika
Imbeba irajwigira
Ijeri rirajerera
Imfizi irivuga
Imbyeyi iravumera
Ingwe irahara
Injangwe iranyahuza

## Imyitozo ku ikeshamvugo

### Ibibazo n'ibisubizo

1. Koresha burijambo ryabugenewe mu nteruro imwe ngufi kandi iboneye.
   a) **Irakorora:** Impongo irakorora nk'abantu.
   b) **Ziratontoma:** Intare zatontomye abantu barikanga.
   c) **Ikibuti:** Inkoko n'inkwavu biba mu bibuti
   d) **Ishyo:** Inka nyinshi ziri hamwe bazita ishyo.
   e) **Irivuga:** Imfizi yange irivuga cyane.
   f) **Irahirita:** Numvise injangwe ihirita.
   g) **Iramoka:** Imbwa yamotse ndikanga.
   h) **Iravumera:** Iyi mbyeyi iravumera banza ishaka iyayo.
2. Rondora ibintu nibura bibiribibiri waba uzi bikora ibi bikurikira:
   a) **Kurangira:** Ingoma, Isafuriya

b) **Guhamagara:** inkoko, abantu
c) **Kurarira:** umuntu, imbwa, inkoko
d) **Gukorora:** umuntu, impongo

## Umwandiko: ''Zimwe muri kariyeri ziboneka mu Rwanda''

## Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

***Intego:***

Umunyeshuri yifashishije inkoranya n'umwandiko wasomwe, araba ashobora:
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko
- Gusobanura amagambo adasobanukiwe
- Gusoma yubahiriza utwatuzo n'isesekaza
- Gukoresha neza mu nteruro ngufi kandi ziboneye amagambo yungutse.

**Imfashanyigisho:**
Umwandiko uvuga ku bidukikije, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, amabwiriza y'imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda, igitabo cy'ubuvanganzo, ik'ikibonezamvugo n'inkoranya.

### I. Ivumburamatsiko

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho ari mu gitabo ku rupapuro yabarangiye akabazaho ibibazo by'ivumburamatsiko. Abasaba kugira icyo bayavugaho:

**Ibibazo n'ibisubizo bishobora gutangwa**

1. **Ni ibiki mubona kuri aya mashusho abanjirije umwandiko?**
   Ahantu hasa n'ahantu hari ikirombe. Imodoka ya kateripurari irimo gupakira indi modoka umucanga.
2. **Murabona bariya bantu barimo gukora iki?**
   Bamwe barimo gucukura, umwe arasunika ingorofani, undi ni umushoferi.
3. **Hari aho mwaba mwarabonye bakora ibintu nk'ibi?**
   Yego.
4. **Mutekereza ko uyu mwandiko uvuga iki?**
   Ibijyanye n'icukurwa ry'umutungo kamere uba mu butaka.(amabuye, umucanga, imisenyi…)

## II. Gusoma

**Gusoma bucece**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane maze akabarangira urupapuro ruriho umwandiko. Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke, yamara kubona ko barangije gusoma bucece, akababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

***Urugero rw'ibibazo byabazwa:***

1. **Ese ahantu hose mu Rwanda hatangiye kubyazwa umusaruro?**
   Oya hari ahataratangira kubyazwa umusaruro
2. **Mu mwandiko bavuze ko nyiramugengeri ibaye nyinshi yagira akahe kamaro?**
   Yagabanya umuvuduko w'itemwa ry'amashyamba
3. **Uretse mu bwubatsi ahandi ishwagara igira umumaro ni he?**
   Ni mu buhinzi.
4. **Ubucukuzi bw'amabuye iyo bukozwe nabi bugira iyihe ngaruka?**
   Bwangiza ibidukikije.

**Gusoma baranguruye**

Umwarimu asaba umunyeshuri umwumwe gusoma umwandiko igika ku kindi baranguruye ijwi, bubahiriza utwatuzo. Bitewe n'umubare w'abanyeshuri, umunyeshuri asoma igika kimwe agasimburwa na mugenzi we kugeza umwandiko urangiye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uko ungana. Bashobora gusomera mu matsinda bicaye igihe imyicarire ituma bose bashobora kumureba no kumwumva. Bashobora no gusomera imbere y'abandi bahagaze. Umwarimu ahitamo uburyo buboneye ahereye ku miterere y'ishuri akagenda akosora amwe mu makosa aba yagiye agaragara.

## III. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko mu matsinda yabo bagerageza gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko biri mu bitabo byabo no gushakisha ibisobanuro by'amagambo badasobanukiwe babonye mu mwandiko. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye, hanyuma bakaza guhuriza hamwe ibyo bagezeho mu matsinda, umwarimu akabafasha kubinoza neza.

**Ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko**

1. **Rondora nibura amazina ane y'amabuye aboneka mu Rwanda yavuzwe mu mwandiko.**
   Koruta, gasegereti, wolufuramu, amasarabwayi…

2. **Vuga gusa amazina ya za kariyeri eshatu zivugwa mu mwandiko.**
   - Nyiramugengeri yo mu Kanyaru, Kagera, Rugezi...
   - Amashwagara yo mu masangano Mpatse na Mashyuza.
   - Imicanga n'imisenyi iboneka mu migezi yacu no mu nkengero zayo.
3. **Ni ibiki bivugwa ko bicukurwa mu bishanga bya Rugezi, Gishoma mu kanyaru n'ahandi?** Ni nyiramugengeri.
4. **Rondora imimaro itatu y'ishwagara uko yavuzwe mu mwandiko.**
   Ikorwamo ifumbire, ikoreshwa mu isukura ry'amazi no mu bwubatsi.
5. **Ni he havuzwe ko hacukurwa ishwagara?**
   Mpatse na Mashyuza
6. **Ni gute icukurwa ry'amabuye y'agaciro ryakwangiza ibidukikije?**
   Kudatera amashyamba aho bacukura, kwangiza amazi barongeramo amabuye y'agaciro, gutengura imisozi ntibasubiranye ubutaka hagasigara imikokwe n'imyobo n'ibimeze nk'ubuvumo…
7. **Ni izihe ngaruka zaba ku Gihugu igihe icukurwa ry'amabuye ryakorwa mu kajagari?**
   Abaturage bashobora kubura ubuzima bwabo, kunyereza imisoro, kwangiza ibidukikije...

**Inyunguramagambo**

Nyuma yo gusubiza neza ibibazo byo kumva umwandiko, umwarimu asaba abanyeshuri kugaragaza ibyavuye mu matsinda ku nyunguramagambo. Amatsinda ahuriza hamwe ibyo yagezeho.

Sobanura aya magambo yakoreshwejwe mu mwandiko:

a) **Kariyeri:** Ahacukurwa umutungo kamere nk'amabuye, umucanga n'ibindi.
b) **Kwikenura:** Kwigurira icyo ukeneye, kwiteza imbere…
c) **Amakoro:** Ubwoko bw'amabuye akomoka ku iruka ry'ibirunga.
d) **Utwungo:** Udukono duto dukoze mu ibumba
e) **Amasangano:** Aho inzuzi n'imigezi bihurira.
f) **Imikokwe:** Ahantu hacukutse kubera amazi menshi n'isuri.

## Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro

1. Kora interuro ngufi kandi ziboneye wifashishije amagambo akurikira:
   a) **Kwikenura:** Abafashe neza amashyamba babasha kwikenura iyo bayasaruye
   b) **Amakoro:** Mu makoro harera cyane
   c) **Utwungo:** Imboga zitetse mu twungo ziraryoha

d) **Amasangano:** Nasuye amasangano ya Nyabarongo n'Akanyaru nsanga ari heza.

2. Uzuza interuro zikurikira ukoresheje rimwerimwe muri aya magambo wungutse mu mwandiko (ingamba, verini, urubogobogo, umwura)

   a) Hari amabuye akorwamo **verini** dusiga ku nzara hakaba n'andi avamo **umwura** dusiga ku bitsike.

   b) Hakwiye gufatwa **ingamba** zihamye zo kwita kuri uwo mutungo kamere.

   c) Amazi meza aba asa n**'urubogobogo**

3. Tahura amazina y'amabuye n'ibindi bicukurwa muri kariyeri waba uzi byose biboneka muri kino kinyatuzu. Usome umanuka, uzamuka cyangwa utambika.

| | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | U | M | U | S | E | N | Y | I |
| | | | U | M | W | U | R | A | |
| | K | A | B | U | R | I | M | B | O |
| | U | M | U | C | A | N | G | A | D |
| I | S | A | R | A | B | W | A | Y | I |
| Z | | K | | N | M | | | | Y |
| M | | O | | G | U | C | U | R | A |
| A | | R | | A | B | | | | M |
| I | M | O | N | Y | I | N | G | W | A |

**Amabuye mbonyemo ni**:....isarabwayi, diyama.
**Ibindi bicukurwa ni**:...umucanga, imonyi, ingwa, umwura, umusenyi

## Intera ya kabiri: Gusesengura umwandiko

***Intego:***

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:

- Gusubiza neza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

**Imfashanyigisho:** igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri

## I. Isubiramo:

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakanavuga muri make ibikubiyemo.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Ni uwuhe mwandiko duherutse kwiga?**
   Ni "zimwe muri kariyeri ziboneka mu Rwanda"
2. **Muwibukamo iki muri rusange?**
   Twibuka ko mu Rwanda hari amabuye y'agaciro, ishwagara, umusenyi n'amabuye asanzwe yatubyarira ubukungu bukomeye tuyitayeho.
3. **Ni iki se twabonye kijyanye no kubungabunga ibidukikije**?
   Twabonyemo ko ubucukuzi bw'ibyo byose bugomba gukoranwa ubwitonzi kugira ngo gukurikira amafaranga bibyara bitavamo kwangiza ibidukikije.

## II. Gusoma

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane, akababwira bakongera gusoma umwandiko bagerageza kuwumva neza cyane, no kuvumbura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziwugize, hanyuma bakaza gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

## III. Gusesengura umwandiko

Umwarimu asaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Hanyuma uhagarariye buri tsinda akaza kumurikira abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

**Ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko.**

1. **Garagaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zigaragara muri uyu mwandiko.**

   a) **Ingingo z'ingenzi:**

   Ibishanga bibonekamo nyiramugengeri nyinshi; akamaro k'ishwagara ni kanini; hari ubwoko bwinshi bw'ibicukurwa; icukurwa rikozwe nabi ryangiza ibidukikije; ahamaze gucukurwa hakwiriye kujya haterwa amashyamba.

   b) **Ingingo z'ingereka:**
   Nyiramugengeri icukurwa iracyari nke; Leta yubatse urundi ruganda rwa Sima.

2. **“Hari amabuye menshi yandagaye henshi mu mirima aho mutuye” ni iki mwakora ngo muyabyaze umusaruro?**

   Amabuye yakubakishwa amazu n’imihanda, yashakirwa isoko aho bafite make, yatunganywa agakorwamo ibindi bikenerwa nk’amakaro, ibirahure…

## **Intera ya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro:** Guhanga umwandiko

***Intego:***

Umunyeshuri ahereye ku byo yasomye mu mwandiko, araba ashobora:

- Guhanga umwandiko ku nsanganyamatsiko yahawe.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri

### I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakanavuga ibiwukubiyemo.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Ni nde watubwira icyo bavugaga mu mwandiko duheruka kwiga?**
   Bavugaga ibijyanye na za kariyeri ziboneka mu Rwanda
2. **Ibyo bacukura muri za kariyeri bimariye iki Abanyarwanda?**
   Bibazanira ubukungu ndetse bibafasha mu mirimo inyuranye harimo nk'ubwubatsi.
3. **Ese ubucukuzi bukozwe nabi hari ingaruka bwagira?**
   Bwagira ingaruka mbi nyinshi ku bidukikije.

### II. Gukora umukoro

Umwarimu aratanga umukoro wo guhanga umwandiko ku bijyanye n'icukurwa rya za kariyeri ritakwangiza ibidukikije. Buri munyeshuri ku giti ke akore umukoro wo guhanga umwandiko yandika.

**Insanganyamatsiko:** Hanga umwandiko utarengeje interuro makumyabiri n'eshanu, uvuge uko icukurwa ry'amabuye ryakorwa ritangije ibidukikije.

**Bimwe mu byagaragazwa:**

- Hagomba kubaho gahunda igenga icukurwa kandi ikubahirizwa kuko ahantu habonetse hose si ko hashobora gucukurwa.
- Abacukura ibirombe binyuranye bagomba kuba babifitiye uburenganzira bahabwa n'ubuyobozi bubishinzwe.

- Ahacukurwa hagomba gusubiranywa haterwa ibyatsi n'amashyamba
- Abacukura bagomba kujya bitabaza inzobere zikoresha ibikoresho byabugenewe kugira ngo badapfa gucukura aho babonye hose.

## Ikiganiro ku icukurwa ry'amabuye ritangiza ibidukikije

***Intego***

Umunyeshuri ahereye ku kiganiro yasomye,araba ashobora:

- Gusobanura byimbitse ibijyanye n'insanganyamatsiko ivugwaho
- Kungurana ibitekerezo na bagenzi be ku nsanganyamatsiko.

**Imfashanyigisho:** igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu…

## I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa ibyo bize mbere, bifitanye isano n'ibyo bagiye kwiga, bakavuga muri make ibyari bikubiyemo.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Ni nde watubwira umwandiko duheruka kwiga?**
   Ni "zimwe muri kariyeri ziboneka mu Rwanda"
2. **Bavugaga ku yihe nsanganyamatsiko?**
   Bavugaga ku bijyanye n'icukurwa ry'amabuye , ishwagara, umusenyi n'ibindi byatubyarira ubukungu bukomeye tubyitayeho.
3. **Ni iki bakomoje ku bidukikije?**
   Ubucukuzi bw'ibyo byose bugomba gukoranwa ubwitonzi kugira ngo gukurikira amafaranga bibyara bitavamo kwangiza ibidukikije.

## II. Gusoma

### Gusoma bucece

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane maze akabarangira urupapuro ruriho ikiganiro. Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma bucece ,buri muntu ku giti ke, ikiganiro ku icukurwa ry'amabuye ritangiza ibidukikije kiri mu bitabo byabo, mu rwego rwo gukomeza kwiyungura ubumenyi no gusobanukirwa byimazeyo ibijyanye n'insanganyamatsiko yo kubungabunga ibidukikije. Yamara kubona ko barangije gusoma bucece, akababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

**Ibibazo yababaza:**

1. **Vuga izina ry'umwe mu bari kuganira.**
   Ni Kamageza
2. **Ni iki kivugwa cyavumbuwe mu butaka?**
   Ni zahabu
3. **Kugira ngo abacukura bacukure bazi neza ikiri mu butaka bisaba iki?**
   Hagomba ibyuma byabugenewe bipima ibiri mu butaka
4. **Amahugurwa yavuzwe agamije gukumira iki?**
   Kudakomeza gutengura imisozi

**Gusoma baranguruye**

Umwarimu asaba umunyeshuri umwumwe gusoma umwandiko aranguruye ijwi, bubahiriza utwatuzo. Bitewe n'umubare w'abanyeshuri, umunyeshuri asoma igika kimwe agasimburwa na mugenzi we kugeza umwandiko urangiye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uko ungana.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri akagenda akosora amwe mu makosa yagiye akorwa n'abanyeshuri iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira: Kunamiriza mu gitabo mu gihe barimo gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo arimo kubasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

## III. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko mu matsinda yabo bagerageza gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko biri mu bitabo byabo no gushakisha ibisobanuro by'amagambo badasobanukiwe babonye mu mwandiko. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye, hanyuma bakaza guhuriza hamwe ibyo bagezeho mu matsinda, umwarimu akabafasha kubinoza neza.

**Ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko:**

1. **Aba bantu barimo kuganira ku yihe nsanganyamatsiko?**
   Bari kuganira ku nsanganyamatsiko y'icukurwa ry'amabuye y'agaciro
2. **Ni ikihe kibazo k'ingutu cyugarije abatuye kariya gace kavugwa mu mwandiko?**
   Amashyamba barayarimbaguye n'imisozi yabaye imikokwe.
3. **Ni iyihe nama bagiriye uriya mugabo utuye muri kariya gace?**
   Yagiriwe inama yo gusubiranya aho batengaguye bahatera ibyatsi n'amashyamba, bakibumbira mu mashyirahamwe kandi bakifashisha inzobere.
4. Wowe ubona cyakemuka gite?
   Leta yahagarika icukurwa rikozwe mu kajagari
5. **Uyu mwandiko urabona ari bwoko ki?**
   Ni ikiganiro.

## IV. Umwitozo w'ubumenyi ngiro

**Kungurana ibitekerezo**

***Intego***

Umunyeshuri ahereye ku byavuzwe n'ibyo yasomye mu mwandiko,araba ashobora:

- Kungurana ibitekerezo na bagenzi be ku nsanganyamatsiko bahawe
- Gutanga ibitekerezo bihamye ashize amanga ku nsanganyamatsiko bahawe.

**Imfashanyigisho:** igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu…

## I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakanavuga muri make ibikubiyemo.

***Urugero rw' ibibazo n'ibisubizo***

1. **Ni uwuhe mwandiko duherutse kwiga**
   Ni "zimwe muri kariyeri ziboneka mu Rwanda"
2. **Ni irihe somo mwakuyemo?**
   Twabonye ko gucukura amabuye y'agaciro, ibumba, ishwagara n'ibindi bidufasha kubona amafaranga ariko tukaba tugomba kubikorana ubushishozi kugira ngo turinde iyangirika ry'ibidukikije.

## II. Kungurana ibitekerezo

**Uko bikorwa**

Kungurana ibitekerezo si ukujya impaka ahubwo ni umwanya buri muntu ahabwa akavuga icyo atekereza ku ngingo iyi n'iyi. Iyo bikorewe mu matsinda, umuyobozi agaragaza ibitekerezo by'ingenzi maze agatanga umwanya abagize itsinda bakagenda bagaragaza ibitekerezo byabo. Iyo hari aho ibitekerezo bivuguruzanya, umuyobozi afasha mu guhitamo igitekerezo gifite ireme ariko kikumvikanwaho n'abagize itsinda.

Insanganyamatsiko: **"Ni gute amabuye y'agaciro yacukurwa, ibidukikije bitabangamira?"** Garagaza uruhare rwa Leta, uruhare rw'ababyeyi n'uruhare rw'urubyiruko rukiri mu mashuri.

***Ingero z'ibitekerezo byatangwa:***

- Ahacukurwa amabuye y'agaciro hayoborwa amazi agenewe gukoreshwa mu mabuye y'agaciro
- Ahamaze gucukurwa hasubiranywa neza hagaterwa amashyamba.
- Leta yagenzura ko abacukura babifitiye ubushobozi
- Amahugurwa ku kurengera ibidukikije.

**Umwanzuro wafatwa**

Nyuma yo kurondora ibyakorwa, umwarimu afatanyije n'abanyeshuri barafata umwanzuro wo gucukura amabuye bitaye ku kubungabunga ibidukikije. Mbere yo gutangira gucukura, hakabanza kwigwa uburyo ahacukuwe hatunganywa nyuma yo gucukura. Iyo nyigo bakayigeza ku buyobozi mbere yo kwemererwa gutangira icukura, kandi na Leta igakurikirana ko abo yahaye ibyangombwa by'ubucukuzi bubahirije ibyo basezeranye.

## Intera ya gatatu: Ibiganiro nyunguranabitekerezo

*Intego:*

Umunyeshuri ahereye ku bisobanuro ahabwa, araba ashobora:

- Kungurana n'abandi ibitekerezo ahitamo ingingo zishyigikira cyangwa zivuguruza ibitekerezo by'abandi.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'ivumvabona,...

**Inshoza y'ibiganiro nyunguranabitekerezo**

Ibiganiro nyunguranabitekerezo ni ibiganiro bifite intego yo gukusanya ibitekerezo ku ngingo iyi n'iyi ihangayikishije abantu. Utegura ikiganiro nyunguranabitekerezo atumira inzobere n'inararibonye akaziha umurongo ku byo yifuza ko zimuhaho ibitekerezo. Iyo ibitekerezo bibonetse, bituma hafatwa ingamba n'umurongo wo gukemura icyo kibazo. Hari n'ubwo ibyo baganiraho aba atari ibyo kwiga ku bibazo ahubwo ari ugushakisha umurongo mwiza w'imikorere. Nk'ikiganiro nyunguranabitekerezo cyakorwa ku mikoreshereze myiza y'amabuye y'agaciro nticyaba ari icyo gukemura ikibazo cy'ayo mabuye ubwayo, ahubwo byaba ari ugushaka umurongo mwiza uhamye ibijyanye n'icukurwa ry'amabuye y'agaciro, uburyo byakorwamo kugira ngo ubucukuzi bwayo butangiza ibidukikije kandi n'icuruzwa ryayo ryinjize inyungu zifatika ku buryo igihugu gikungahara, kikiteza imbere mu buryo bw'intangarugero.

**Kuki habaho ibiganiro nyunguranabitekerezo?**

Impamvu y'ingenzi ishobora gutuma habaho ibiganiro nyunguranabitekerezo ni uko abantu bicara bakabona ibyariho bitabanogeye kandi bifuza ko byagenda neza kurushaho. Icyo gihe hateganywa kubinoza hakozwe ikusanya ry'ibitekerezo byaturutse ku nzobere n'inararibonye zinyuranye.
Dore zimwe mu ngingo z'ingenzi zishobora kuganirwaho:

**Ku rwego rw'ishuri:**

a) Kwita ku isuku n'ibidukikije (ibiti n'indabo, ubusitani, aho kumena imyanda…)
b) Uko gahunda y'imyitwarire mu kigo ikwiriye kunozwa.
c) Ingamba zikwiriye gufatwa kugira ngo ikigo kigire imitsindire myiza.
d) Uko abafite ubumuga bakwitabwaho.
e) Uko twakwirinda ibiyobyabwenge cyangwa inda z'indaro mu rubyiruko.

**Ku rwego rw'igihugu:**

a) Icukurwa ry'amabuye y'agaciro ritangiza ibidukikije.
b) Uko umutungo kamere ukwiriye gukoreshwa.
c) Kwamagana no kurwanya imirimo ivunanye ikoreshwa abana nko muri za kariyeri.
d) Imiyoborere myiza
e) Kugabanya no gukumira impanuka zo mu muhanda
f) Kurwanya icuruzwa ry'abantu n'izindi.

**Uko ibiganiro nyunguranabitekerezo bikorwa**

Ibiganiro nyunguranabitekerezo bikorwa hubahirizwa inshingano z'ababigize.

**Abagize ibiganiro nyunguranabitekerezo**

**1. Umuyobozi w'ibiganiro**

Mu biganiro nyunguranabitekerezo, umuhuza wabyo akwiye kuba afite ubunararibonye mu kuyobora ibiganiro. Akenshi bene ibyo biganiro iyo biri ku rwego rw'Igihugu bikunze kuyoborwa n'abanyamakuru. Biyoborwa kandi n'abarimu iyo byabereye mu bigo by'amashuri. Uyobora ibiganiro kandi akwiriye kuba afite amakuru ahagije ku nsanganyamatsiko.

Iyo ari imyitozo irimo kubera mu mashuri, abanyeshuri bashobora kwitoramo abayobora ibiganiro nyunguranabitekerezo.

**2. Abatumirwa baganira ku nsanganyamatsiko**

Mu biganiro nyunguranabitekerezo hatumirwamo inzobere ndetse n'inararibonye zungurana ibitekerezo ku nsanganyamatsiko. Ni abantu baba bizewe kandi bazwiho kugira ibitekerezo byubaka. Hari n'ubwo hatumirwa abagize uruhare mu guhangana n'ibibazo runaka bagatanga ubuhamya ku bibazo bagize, bakanavuga uko babyikuyemo.

**Urugero**

Nk'ubu haramutse hateguwe ikiganiro ku ikoranabuhanga, abize ibya mudasobwa baza ku isonga mu gutumirwa. Ariko rero n'abandi bose bakoresha ikoranabuhanga mu buzima bwabo bashobora gutanga ibitekerezo byabo. Hateguwe ikiganiro ku mashyamba, abaza ku isonga mu gutumirwa ni inzobere mu buhinzi n'abagoronome.

**Umwitozo ku biganiro nyungurana bitekerezo**

Umwarimu abwira sbanyeshuri kujya mu matsinda hanyuma akagabanya insanganyamatsiko zikurikira:

a) Amabuye y'agaciro ashobora gucukurwa hatangijwe ibidukikije.

b) Kwamagana no kurwanya imirimo ikoreshwa abana muri za kariyeri.

**3. Indorerezi**

Abandi bose baba bifuje gukurikira no gutanga ibitekerezo byabo ndetse no kubaza ibibazo ku nsanganyamatsiko yatanzwe. Iki kiciro kibarizwamo abantu bose nta vangura. Nk'iyo kuri radiyo cyangwa kuri tereviziyo hahise ikiganiro nyunguranabitekerezo, abantu b'ingeri zitandukanye na bo batanga ibitekerezo.

## Intera ya kane: Ibihe bikuru by'inshinga

***Intego:***

Umunyeshuri ahereye ku bisobanuro ahabwa, araba ashobora:

- Kuvuga no kwandika akoresha neza ibihe bikuru by'inshinga itondaguye.
- Gutahura igihe inshinga iyi n'iyi itondaguwemo mu nteruro.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, ibitabo bijyanye n'isesenguranshinga, igitabo k'imiterere y'Ikinyarwanda…

### I. Ivumburamatsiko

Umwarimu araha abanyeshuri interuro bitegereza maze ababaze ibibazo bibafasha gutahura isomo rigiye kwigwa.Urugero rw'interuro yabaha:

1. **Hari** amashwagara yo mu masangano ya Mpatse na Mashyuza **azavamo** isima izakoreshwa mu gihugu.**(indagihe**/ **inzagihe**)
2. Amabumba yo mu bishanga byacu **avamo** inkono, amatafari…(**indagihe**)
3. Mu minsi izaza, ayo mabumba **azatuma** hubakwa inganda zikora ibindi bintu. (**inzagihe**)
4. Ishyamba rya Nyungwe **ryamenyekanye** cyane kubera zahabu icukurwamo. **(impitakera**)
5. Diyama **irakunzwe** cyane ku isi hose.(**indagihe**)
6. U Rwanda **rwabaye** ikitegererezo ku miyoborere myiza.(**impitakera**)

**Ibibazo byo gusubiza**

1. Ni izihe nteruro zigaragaramo ibikorwa byarangije kuba?(4,6)
2. Ni izihe nteruro zigaragaramo ibiteganyijwe kuba mu gihe kizaza?(1,3)
3. Ni izihe nteruro zigaragaramo ibikorwa biri kuba nonaha (1,2,5)

### II. Ibihe bikuru by'inshinga

Iyo witegereje izi nteruro ziri haruguru, usanga zimwe zitanga amakuru ku **byabaye** kera, izindi zikavuga ibirimo kuba muri **iki gihe**. Hari n'izindi nteruro zivuga ibiteganyijwe kuba **mu gihe kizaza**. Ibyo rero bigaragaza ibihe bikuru inshinga z'ikinyarwanda zishobora gutondagurwamo.

Ibihe bikuru by'inshinga itondaguye mu Kinyarwanda ni bitatu:

## 1. Indagihe

Inshinga iba itondaguye mu ndagihe iyo igikorwa kiba kibera rimwe n'igihe uvuga avugiye.

***Ingero:***

- Amabumba yo mu bishanga byacu **avamo** inkono.
- Diyama **irakunzwe** cyane ku isi yose.
- Uyu munsi **turiga** Ikinyarwanda

Indagihe igaragaramo ibindi bihe bine bitewe n' inkuru ibarwa igihe yabereye cyangwa uburyo igikorwa gikorwamo.

a) **Indagihe y'ako kanya:** Ivuga ibihuriranye n'igihe umuntu avuga. Indagihe y'ako kanya ni indagihe y'ubu.

***Ingero:***

- Hari amabuye **yandagaye** aho iwacu ku misozi
- Zahabu na Diyama ni amabuye y'agaciro. **Arakunzwe** cyane ku isi.

b) **Indagihe y'ubusanzwe:** Ivuga ibintu biba buri gihe. Ibivugwa biba ari ukuri kutavuguruzwa cyangwa byarafashwe nk'ihame.

***Ingero:***

- Amabuye **akoreshwa** mu bwubatsi bw'amazu.
- Amabuye acukuwe nabi **yangiza** ibidukikije

c) **Indagihe ikomeza:** Igikorwa kiba cyarabaye ariko kikaba kigikomeza. Ni ukuvuga ko igikorwa kiba gikomeje cyangwa cyarabaye ariko gishobora kongera.

***Ingero:***

- Kugeza n'ubu Nyiramugengeri ziri mu Rwanda **ziracyatanga** umusaruro udahagije.
- Ibirombe **biracyatanga** umusaruro muke

d) **Indagihe mbarankuru:** Indagihe mbarankuru ivuga ibyabaye kera nk'aho birimo kuba ubu.

***Ingero:***

- Nuko **baragenda** bagera aho bacukura amabuye.
- Abantu bamwe **bitwikira** ijoro **baracukura** maze ikirombe **kibagwa** hejuru.

## 2. Impitagihe

Impitagihe igaragaramo ibikorwa byabaye cyangwa byari biteganyijwe kuba mu gihe cyashize.

***Ingero:***

- **Twacukuye** amabuye y'agaciro none **yashize** ku gasozi k'iwacu.
- Icukurwa ry'amabuye **ryinjije** amafaranga menshi mu myaka mike ishize.

Impitagihe igaragaramo ibihe bindi bibiri bito ari byo Impitakare n'impitakera.

a) **Impitakare:** Ivuga ibimaze kuba mu mwanya ushize cyangwa ibyabaye kare.

***Ingero:***

- **Bavuze** ko hari imisenyi n'imicanga ishobora gukorwamo ibirahure.
- Mu gitond**o twinjiye** tudatonze umurongo.

b) **Impitakera:** Inkuru zivugwa mu mpitakera, ziba zarabaye hashize igihe kirekire.

***Ingero:***

- U Rwanda **rwagaragaje** ko rukungahaye ku mabuye n'indi mitungo kamere.
- Icukurwa ry'amabuye y'agaciro **ryangije** ibidukikije ku buryo bukabije

## 3. Inzagihe

Inzagihe ni igihe kigaragaramo ibikorwa biteganyijwe kuba mu gihe kizaza.

***Ingero:***

- Amashanyarazi **azunganira** inkwi.
- Umwaka utaha **tuzacana** nyiramugengeri.

### Inshamake y'ibikubiye muri uyu mutwe

Imyandiko yose yibanze ku bidukikije. Ari amashyamba, ibyanya by'inyamaswa ndetse n'amabuye acukurwa mu Rwanda, byose byagarukaga ku kamaro no kubibyaza umusaruro ariko ku buryo bitangiza ibidukikije. Imwe mu mimaro y'ibidukikije twabonye harimo gutanga umwuka mwiza duhumeka, kwinjiza amafaranga, gukorwamo ibikoresho binyuranye n'ibindi. Ni muri kino gice twungutse byinshi mu ikeshamvugo. Hari imvugo n'amagambo amwe n'amwe akoreshwa ahantu no mu bihe runaka ku bijyanye n'inyamaswa.

Ibyigwa byo muri uyu mutwe byagarukaga ku rurimi n'imyandikire. Twabonyemo bimwe mu bimenyetso by'utwatuzo n'imikoreshereze yabyo, ibihe bikuru by'inshinga bidufasha kubaka ubushobozi bwo gukora interuro ziboneye. Interuro iboneye ni ikoreshejwemo neza ibimenyetso by'utwatuzo, inshinga n'ibihe bikaba bikoreshejwe neza. Ndetse n'amagambo akoreshejwe mu nteruro akaba aboneye.

## Imigani y'imigenurano ifitanye isano n'ibidukikije

Iyi migani ifatiye ku bidukikije ariko ibisobanuro byayo ni ibyo mu buzima busanzwe

1. **Isuri isambira byinshi igasohoza bike.**
   Uririra byinshi ariko ibyo ugeraho ni bike cyane
2. **Ututira imisoto y'inda ntashyira umuhoro hasi.**
   Ushakisha imibereho arakora cyane nta gihe avuga ngo birahagije reka nduhuke.
3. **Ntawutinya ishyamba atinya icyo bahuriyemo.**
   Umuntu agira ubwoba kubera ibyo yigeze kubona
4. **Inyamaswa idakenga yishwe n'umututizi.**
   Iyo utagize ubushishozi mu byo ukora ushobora gukora amahano cyangwa ugahura n'ibyago bitandukanye.
5. **Igiti kimwe si ishyamba.**
   Abantu bakwiriye gufatanya kuko umuntu umwe ntacyo yakwigezaho.

## Isuzuma rusange risoza umutwe wa mbere

Nyuma yo kurangiza umutwe wa mbere, umwarimu aratanga isuzuma riteganyijwe risoza umutwe wa mbere, buri munyeshuri arikore ku giti ke. Nyuma y'ikosora umwarimu asuzume urwego abanyeshuri bagezeho kugira ngo niba hari ibigomba gusubirwamo bisubirwemo.

### Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma

**I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko**

1. **Rondora imimaro itatu y'ibiti uko ivugwa mu mwandiko.**
   Ibiti byera imbuto turya; bikurura umwuka mwiza; ni intaho y'inyamaswa
2. **Ni ibihe byanya by'inyamaswa bivugwa mu mwandiko biba mu Rwanda?**
   Akagera , nyungwe n'ibirunga
3. **Uyu mwanditsi hari urubuto yashatse gukundisha abantu cyane. Ni uruhe?** Ni ipapayi.
4. **Ni iki gituma ibidukikije bikomeje kwangirika? Garagaza nibura ibintu bitatu bivugwa mu mwandiko.**
   Ibikorwa bya muntu ashaka aho gutura, yubaka, ashaka ibikoresho bitandukanye, …
5. **Ukurikije ibivugwa mu mwandiko ni izihe ngaruka twagira ibidukikije bikomeje kwangizwa?**
   Ibyanya by'inyamaswa ntibyaboneka, umwuka mwiza duhumeka ntitwawubona,imvura ntitwayibona,…

## II. Inyunguramagambo

1. Sobanura aya magambo akurikira ari mu mwandiko wasomye
   a) **Aratutira:** aratema akamaraho
   b) **Imburabuturo:** ahantu hataturwa rwose.
   c) **Bizamugoboke:** bizamurwaneho, azabyifashishe
2. Garagaza amagambo adahuje inyito n'aya amagambo akurikira:
   a) **Akaga** ≠ umugisha
   b) **Kwangizwa** ≠ kubungabungwa
   c) **Gutura** ≠ kwimuka
3. Garagaza amagambo ari mu mwandiko ahuje inyito n'aya akurikira
   a) **Kwita ku:** kubungabunga
   b) **Byanejeje cyane:** byahogoje

## III. Ikibonezamvugo

1. **Himba interuro iboneye iri mu mpitakera**
   Nateye ishyamba ku musozi uhanamye
2. **Shyira izi nshinga zagaragajwe mu gihe kizaza**
   a) Amabuye amwe **akorwamo** (**azakorwamo**) ibikoresho bidufasha (**bizadufasha**) mu iterambere
3. Izi nshinga zitondaguwe mu bihe bihe?
   a) Kwangiza no gusesagura umutungo kamere **bihanwa** (**indagihe**) n'amategeko.
   b) Mu Rwanda **hatangijwe** (**impitagihe**) gahunda n'ubukangurambaga mu kubungabunga igiti.

## IV. Ubuvanganzo, ubumenyi bw'ururimi n'ikeshamvugo

1. **Ni ku ki habaho ibiganiro nyunguranabitekerezo?**
   Ibiganiro nyunguranabitekerezo bibaho kugira ngo hakemurwe ikibazo runaka cyangwa hashakwe umurongo uboneye
2. **Sobanura iyi mvugo "kugenda nka Nyomberi"**
   Kugenda ugahera ntugaruke.
3. **Uzuza iyi migani migufi**.
   a) Isuri……. igasohoza bike. (**isambira byinshi**)
   b) Igiti kimwe si…… (**ishyamba**)
4. **Kosora izi nteruro wubahiriza ikeshamvugo**
   a) Mu cyanya cy'Akagera impyisi **ziratontoma**n'inyoni **zikavugiriza**. (**zirahuma / zikaririmba**).
   b) Inyana ziva mu kiraro hamaze gucya. (**ruhungore**)

c) Ibyobo birebire bacukuramo zahabu n'andi mabuye byararidutse. (ibirombe)

5. **Uzurisha amagambo yabugenewe**
   a) Bavuga…. ntibavuga umukumbi w'inka. (**ishyo**)
   b) Inzu y'inka yitwa……( **ikiraro**)
6. **(;) Iki kimenyetso cy'utwatuzo kiri mu dukubo kitwa ngo iki? Tanga urugero rw'interuro iboneye gikoreshejwemo**.
   Kitwa akabago n'akitso.
   Kubaka si ugusenya;kubaka ni ukugereka ibuye ku rindi
7. **(" ") ibi bimenyetso biri mu dukubo byitwa ngo iki? Tanga urugero rw'interuro byakoreshejwemo?**

Byitwa "utwuguruzo n'utwugarizo".

Ahora avuga ati: "Mwite ku bidukikije, ni bwo buzima bwanyu."

## V. Ihimbamwandiko

1. Himba umwandiko mu mirongo iri hagati ya makumyabiri na makumyabiri n'itanu kandi usobanure wifashishije nibura ingingo enye kuri imwe muri izi nsanganyamatsiko zikurikira:
   a) "Igiti ni ubuzima"
   b) "Ibidukikije byangizwa n'ibikorwa bya muntu"

### "Igiti ni ubuzima"

Ingingo zakwibandwaho: umwuka duhumeka uva ku biti, tubazamo ibitanda turyamaho n' intebe zo kwicarira, bivamo imiti, ni ibicanwa, turabyubakisha, bikomokwaho ibyo turya…

### "Ibidukikije byangizwa n'ibikorwa bya muntu"

Ingingo z'ingenzi: Umuntu arabitema, arabicana, arabisarura akaba yabyangiza, imigezi yangizwa n'isuri aho umuntu yahinze, ni we ucukura mu butaka…

# 2 Kwidagadura

## Umubare w'amasomo:10

**Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe**

- Gusesengura imyandiko yerekeranye n'imyidagaduro
- Gusesengura inshinga ziri mu mbundo hagaragazwa uturemajambo twazo n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe.

**Imfashanyigisho:**

Imyandiko ivuga ku mikino y'amaboko, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, amafoto y'abakinnyi mu mikino inyuranye, n'inkoranyamagambo.

### Umwandiko: "Ikipe itigererwa"

### Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

***Intego:***

Umunyeshuri yifashishije inkoranya n'umwandiko wasomwe, araba ashobora:

- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko
- Gusobanura amagambo badasobanukiwe
- Gusoma yubahiriza utwatuzo n'isesekaza
- Gukoresha mu nteruro ngufi kandi ziboneye amagambo yungutse.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, ibitabo bijyanye n'imikino, inkoranyamagambo y'Ikinyarwanda....

### I. Ivumburamatsiko

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho ari mu gitabo ku rupapuro yabarangiye, akababazaho ibibazo by'ivumburamatsiko. Abasaba kugira icyo bayavugaho:

*Urugero rw'ibibazo yababaza  n'ibisubizo*

1. **Umwandiko mufite imbere yanyu witwa ngo iki?**
   Witwa "Ikipe itigererwa".
2. **Ni iki ubonye kuri aya mashusho?**
   Abakinnyi n'abafana.
3. **Urabona barimo gukora iki?**
   Barimo gukina.
4. **Uyu mukino bakina witwa ngo iki?**
   Umukino wa basiketi.

## II. Gusoma

**Gusoma bucece**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane maze akabarangira urupapuro ruriho umwandiko. Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke, yamara kubona ko barangije gusoma bucece, akababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

*Urugero rw'ibibazo byabazwa:*

1. **Umwandiko usomye witwa ngo iki?**
   Ikipe itigererwa.
2. **Ni bande bavugwa mu mwandiko?**
   Havugwa umuyobozi w'ikigo n'abanyeshuri.
3. **Barimo kubavuga ho iki?**
   Bakunda gukina

**Gusoma baranguruye**

Umwarimu asaba umunyeshuri umwumwe gusoma umwandiko aranguruye ijwi, bubahiriza utwatuzo. Bitewe n'umubare w'abanyeshuri, umunyeshuri asoma igika kimwe agasimburwa na mugenzi we kugeza umwandiko urangiye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uko ungana.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri akagenda akosora amwe mu makosa yagiye akorwa n'abanyeshuri iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira:
Kunamiriza mu gitabo mu gihe barimo gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo arimo kubasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

## III. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko mu matsinda yabo bagerageza gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko biri mu bitabo byabo no gushakisha ibisobanuro by'amagambo badasobanukiwe babonye mu mwandiko. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye, hanyuma bakaza guhuriza hamwe ibyo bagezeho mu matsinda, umwarimu akabafasha kubinoza neza.

### Ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko:

1. **Ni iki kigaragaza ko umuyobozi w'ikigo akunda imikino cyane?**
   Batubwira ko yigeze gukina mu ikipe y'Igihugu, aherekeza ikipe aho igiye kujya hose.
2. **Ubwo iyi kipe iherutse i Kampala yahakuye umwanya wa kangahe?**
   Yahakuye umwanya wa kabiri.
3. **Rondora itatu mu mimaro y'imikino n'imyidagaduro.**
   Imikino n'imyidagaduro ifite imimaro myinshi: gusabana, kuruhura umutwe, kugorora ingingo, gusohora imyanda yo mu mubiri, …
4. **Ni iyihe mpamvu yatumye uyu munyenshuri ahitamo kuba umufana aho gukina?**
   Yasanze atajya abona umwanya mu kibuga kuko hari benshi bamurusha ahitamo kwibera umufana
5. **Vuga indi mikino ikinishwa intoki cyangwa amaboko waba uzi.**
   Indi mikino y'intoki ni handiboro,rugubi, netiboro, tenisi,…
6. **Ni iyihe ndwara ishobora kuvurwa n'imikino ivugwa mu mwandiko?**
   Indwara imikino ishobora kuvura ni umunaniro ukabije, ubumuga bw'ingingo zimwe na zimwe.
7. **Ari ikipe y'umupira wa basiketi n'iy'umupira w'intoki, itsinda cyane ni iyihe?** Sobanura.
   Ikipe itsinda cyane ni iya Basiketi. Iherutse gukinira i Kampala igera ku mukino wa nyuma.
8. **Vuga unasobanure akandi kamaro k'imikino kaba katavuzwe mu mwandiko.**
   Kwinjiza amafaranga kubera ko abakinnyi babigize umwuga babihemberwa; gutinyuka imbere y'abandi kuko imikino ibera mu ruhame ahari abantu benshi.

### Inyunguramagambo

Nyuma yo gusubiza neza ibibazo byo kumva umwandiko, umwarimu asaba abanyeshuri kugaragaza ibyavuye mu matsinda ku nyunguramagambo. Amatsinda ahuriza hamwe ibyo yagezeho.

1. Sobanura aya magambo yakoreshejwe mu mwandiko:
    a) **Ntivogerwa:** Ntitsindwa
    b) **Ikirangirire:** Izwi na benshi kandi ahantu henshi
    c) **Impanuro:** Inama
    d) **Ibinure:** Ibintu bimeze nk'amavuta biba mu mubiri w'umuntu

**Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro**

Umwarimu asaba abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo mu nteruro ngufi ziboneye no kuzuza interuro bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko, ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro.

1. Wifashishije rimwerimwe muri aya magambo, kora interuro ngufi kandi ziboneye:
    a) **Ikirangirire:** Utsinda ibitego byinshi ahinduka ikirangirire mu bantu bose.
    b) **Impanuro:** Utumvira impanuro z'abakuru, ahura n'ibibazo mu buzima.
    c) **Ibinure:** Gukina bituma ibinure biyaga bikavura umubyibuho ukabije.
    d) **Kuvogerwa:** Ikipe yacu ntivogerwa, ihorana insinzi.
2. Uzurisha interuro zikurikira amagambo wakuye mu mwandiko
    a) Abakora imyitozo ngororamubiri baba barimo……. ibinure. (**kuyaza**)
    b) Gutsinda igitego bakunze kubyita "kunyeganyeza….…" (**urushundura**)

## Intera ya kabiri: Gusesengura umwandiko

***Intego:***

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:

- Gusubiza neza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

**Imfashanyigisho:** igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri

### I. Isubiramo:

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakanavuga muri make ibikubiyemo.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Umwandiko uheruka kwigwa witwa ngo iki?**
    Ikipe itigererwa
2. **Ni iki cyavugwaga muri uwo mwandiko?**
    Havugwagamo ikipe ikomeye yo ku kigo cy'amashuri

3. **Bayivugagaho iki?**
   Ko itsinda cyane kandi ko ishyigikiwe n'umuyobozi w'ikigo

## II. Gusoma

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane, akababwira bakongera gusoma umwandiko bagerageza kuwumva neza cyane, no kuvumbura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziwugize, hanyuma bakaza gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

## III. Gusesengura umwandiko

Umwarimu asaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Hanyuma uhagarariye buri tsinda akaza Kumurikira abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

**Ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko.**

1. **Vuga ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka z'ibivugwa mu mwandiko.**
   a) **Ingingo z'ingenzi:**
      Ubuyobozi bukunda imikino, imikino y'amaboko ntihenda, ku kigo hari ikipe ikomeye, imikino ni myiza iruhura umutwe.
   b) **Ingingo z'ingereka:**
      Umuyobozi yahoze akina mu ikipe y'Igihugu, abanyeshuri bajya bakina n'abarezi babo, ubara inkuru ntakina ariko ni umufana ukomeye, ibikombe babitaka mu biro by'umuyobozi, kapiteni yatahanye umudari.
2. **Ushingiye ku bivugwa mu mwandiko, sobanura uko imikino ituma abanyeshuri bayikina bamenya ubwenge?**
   Imikino ituma baruhuka neza hanyuma bakongera kwiga cyangwa gusubiramo amasomo yabo bakayafata ku buryo bworoshye.
3. **Iyo witegereje imyitwarire n'imico y'abanyeshuri badakina n'iy'abakina ubona ihuye? Ni irihe tandukaniro ubona?**
   Iki kibazo cyatangirwa ibisubizo binyuranye. Umwarimu agenzura uburyo umunyeshuri asobanura igisubizo ke.

## Intera ya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro: Guhanga umwandiko

***Intego:***

Umunyeshuri ahereye ku byo yungukiye mu mwandiko, aratanga ibisobanuro yandika ku kamaro k'imikino, aragaragaza kandi ingingo n'ibisobanuro byumvikana neza.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu.

## I. Isubiramo

umwarimu abaza ibibazo bifasha umunyeshuri kwibuka ibyavuzwe ku mikino.

**Ibibazo n'ibisubizo**

1. **Rondora nibura imikino ine waba uzi**.
   Hari umukino w'umupira w'amaguru, basiketi, rugubi, umupira w'intoki.
2. **Ni iki wibuka cyavuzwe ku mikino ibera mu kigo?**
   Ikipe iratsinda, ikipe yasohokeye muri Uganda, umuyobozi akunda ikipe…
3. **Vuga imimaro nibura itatu y'imikino.**
   Imimaro itatu ni ukunezeza abantu, kuruhura mu mutwe, kwinjiza amafaranga, gutuma imyanda yo mu mubiri isohoka.

## Gutanga ibitekerezo bahanga umwandiko

Nyuma yo kwibukiranya ibyo bubahiriza bahanga (umutwe, ibika, imisusire y'umwandiko uhangwa) umwarimu aratanga umukoro asaba abanyeshuri guhanga umwandiko basubiza ikibazo cy'ubumenyi ngiro kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

## Ikibazo cy'ubumenyi ngiro

Hanga umwandiko mugufi ugaragaza kandi ugasobanura nibura ingaruka enye zo kudakora siporo n'indi myitozo ngororamubiri.

***Ingero z'ibitekerezo byatangwa:***

- Umubyibuho ukabije
- Indwara zimwe na zimwe nka diyabete cyangwa umutima
- Kunanirwa kwiterura no kwirekura
- Kugira umunabi
- Guhorana umunaniro

## Intera ya kane: Amoko y'inshinga

***Intego:***

Umunyeshuri ahereye ku bisobanuro ahabwa, araba ashobora:

- Gusobanura inshoza y'imbundo
- Gukoresha neza imbundo mu nteruro ziboneye
- Gutahura mu nteruro inshinga iri mu mbundo n'inshinga itondaguye.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo k'ikibonezamvugo, igitabo k'imiterere y'Ikinyarwanda, igitabo kindi cyavuga ku isesenguranshinga.

## I. Ivumburamatsiko

Umwarimu, amaze kubandikira ku kibaho interuro zirimo amagambo ari mu ibara ry'umukara tsiri, arabaha ibibazo basubiza bikabafasha kuvumbura ikigwa

**Interuro:**

Mukamana **akina** umupira w'intoki.
Ikipe yacu **iharanira** iteka **guhora** iri imbere.
Umukino w'intoki **ni** umukino mwiza cyane.
Nta na rimwe dushobora **gukina** adahari.

**Ibibazo:**

1. Aya magambo afite uwuhe mumaro mu nteruro?
2. Afitanye iyihe sano n'amagambo ayabanjirije?
3. Urabona iryo jambo riramutse rivuyemo interuro yaba igifite igisobanuro?

**Ibisubizo:**

- Mukamana **akina** umupira w'intoki.

  Ni inshinga kandi riragaragaza igikorwa Mukamana arimo gukora.
- Ikipe yacu **iharanira** iteka **guhora** iri imbere.

  Aya magambo aragaragaza intego ikipe ifite.
- Umukino w'intoki **ni** umukino mwiza cyane.

  Ni ijambo rigaragaza uko umukino wintoki uteye
- Nta na rimwe dushobora **gukina** adahari.

  Riragaragaza igikorwa gusa rikaba ryuzuza amagambo aribanjirije.

## II. Amoko y'inshinga

Inshoza: Inshinga ni ijambo riranga igikorwa, imimerere cyangwa imiterere bya ruhamwa mu nteruro.

***Ingero:***

- Gukina (igikorwa)
- Kuba (Imimerere cyangwa imiterere)
- Iharanira (igikorwa)

Inshinga zisanzwe zirimo amoko abiri: **Inshinga zidatondaguye n'inshinga zitondaguye**.

**a) Inshinga zidatondaguye (inshinga ziri mu mbundo)**

Inshinga zidatondaguye cyangwa inshinga ziri mu mbundo ni uburyo bw'inshinga butagaragaza uwakoze cyangwa uwitirirwa igikorwa.

***Ingero:*** Gukina, kunanura, kuvogerwa, gukora, kuruhuka, kwiga…

**Uturango tw'inshinga iri mu mbundo**

Inshinga iri mu mbundo igaragaza igikorwa, imimerere, imiterere bitagira uwo byitirirwa. Ni ukuvuga ko ukora igikorwa atagaragara.

***Ingero:***

- Mu nshinga **gukina,** ukina ntabwo azwi, Ukora igikorwa ntabwo azwi.
- Mu nshinga **kwiga** ukora igikorwa cyo kwiga ntabwo agaragara.

Inshinga iri mu mbundo iteka itangizwa na "**ku**" y'indanganshinga cyangwa "**gu**". Iyo urebye ku rutonde rw'inteko z'amagambo "ku" iranga inteko ya 15. Ni ukuvuga ko imbundo ihora iteka mu nteko ya 15. Indanganshinga "Ku" niyo itangira imbundo buri gihe.

**b) Inshinga itondaguye**

Inshinga itondaguye ihinduranya ngenga, ikaba yemeza cyangwa ihakana, ikumvikanisha niba igikorwa cyararangiye cyangwa gikomeza, ikajya mu bihe by'inshinga bitandukanye, igahinduranya uburyo n'ibindi. Muri icyo gihe, ukora cyangwa uwo igikorwa kitirirwa ashobora kugaragara cyangwa hakagaragara ubwinshi bwabo.

***Ingero:***

- **Ndi** umufana w'ikirangirire.
- Umuyobozi **yakinaga** mu ikipe y'igihugu.
- Ikipe yacu **ntigera** mu mikino yo ku rwego rw'igihugu.
- **Ntidushobora** gukina adahari
- **Nzaba** umukinnyi w'ikirangirire

**Imyitozo ku nshinga n'ibisubizo byayo**

Umwarimu arasaba abanyeshuri kurambura ibitabo byabo ahari umwitozo ku nshinga, maze umwumwe asubize ibibazo byabajijwe ku nshinga.

1. **Imbundo ni iki?**
   Inshinga idatondaguye, inshinga itagaragaza ukora igikorwa.

2. **Kora interuro ngufi kandi iboneye itangijwe n'inshinga iri mu mbundo.**
   - **Kurya** ni byiza.
   - **Gukina** bizana amahoro n'ubworoherane.
3. **Vuga ubwoko bw'aya magambo yagaragajwe mu ibara ry'umukara tsiri**
   - **Gutsinda** (**inshinga iri mu mbundo**) kw'ikipe yacu **bituruka** (**inshinga itondaguye**) ku bufatanye bw'abarezi, abayobozi n'abanyeshuri.

## Umwandiko: "Nzaba igihangange mu mukino w'intoki"

### Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

***Intego:***

Umunyeshuri yifashishije inkoranya n'umwandiko wasomwe, araba ashobora:

- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko
- Gusobanura amagambo badasobanukiwe
- Gusoma yubahiriza utwatuzo n'isesekaza
- Gukoresha mu nteruro ngufi kandi ziboneye amagambo yungutse.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, amashusho ajyanye n'ibivugwa,…

### I. Ivumburamatsiko

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho ari mu gitabo ku rupapuro yabarangiye akababazaho ibibazo by'ivumburamatsiko. Abasaba kugira icyo bayavugaho:

**Ibibazo yababaza:**

1. **Ni ibiki mubona kuri aya mashusho?**
   Ishusho y'ikibuga gikinirwaho imikino myinshi inyuranye: voreboro, basiketiboro n'umupira w'amaguru. Hanariho n'abantu bari mu masiganwa yo kwiruka.
2. **Gerageza utubwire ibyo ukeka ko bivugwa mu mwandiko.**
   Mu mwandiko baraza kuvugamo imikino

### II. Gusoma

**Gusoma bucece**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane maze akabarangira urupapuro ruriho umwandiko. Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko

bucece kandi buri muntu ku giti ke, yamara kubona ko barangije gusoma bucece, akababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko

**Urugero rw'ibibazo byabazwa n'ibisubizo byabyo:**

1. **Umutwe w'umwandiko umaze gusoma ni uwuhe?**
   Umutwe w'umwandiko ni "Nzaba igihangange mu mukino w'intoki"
2. **Ubara inkuru ni umukobwa cyangwa ni umuhungu?**
   Ubara inkuru ni umukobwa
3. **Umukinnyi uvugwamo cyane yitwa ngo iki?**
   Umukinnyi uvugwamo cyane yitwa Munezero.

**Gusoma baranguruye**

Umwarimu asaba umunyeshuri umwumwe gusoma umwandiko aranguruye ijwi, bubahiriza utwatuzo. Bitewe n'umubare w'abanyeshuri, umunyeshuri asoma igika kimwe agasimburwa na mugenzi we kugeza umwandiko urangiye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uko ungana.
Umwarimu akurikirana abanyeshuri akagenda akosora amwe mu makosa yagiye akorwa n'abanyeshuri iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira:
Kunamiriza mu gitabo mu gihe barimo gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo arimo kubasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

## III. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko mu matsinda yabo bagerageza gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko biri mu bitabo byabo no gushakisha ibisobanuro by'amagambo badasobanukiwe babonye mu mwandiko. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye, hanyuma bakaza guhuriza hamwe ibyo bagezeho mu matsinda, umwarimu akabafasha kubinoza neza.

**Ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko:**

1. **Ni iyihe kipe yari yasuye?**
   Ni ikipe ya Karubamba.
2. **Ikipe y'umukino w'intoki iba igizwe n'abakinnyi bangahe?**
   Ni ikipe igirwa n'abakinnyi batandatu.
3. **Vuga izina ry'umukinnyi w'ikirangirire uvugwa mu mwandiko.**
   Umukinnyi w'ikirangirire ni Munezero

   **Ese ni umuhungu cyangwa ni umukobwa? Ni iki kibigaragaza?**
   Ni umukobwa. Uvuga mu mwandiko avuga ko yamubonye agahita amenya ko burya n'abakobwa bashoboye.

5. **Vuga nibura bitatu mu byo umukinnyi ashobora kunguka bivugwa mu mwandiko.**
   Kunguka inshuti, amafaranga, kubana neza n'abandi, ibyishimo n'umunezero…
6. **Vuga nibura itatu mu mikino waba uzi ikinishwa intoki.**
   Basiketi, voreboro, handiboro,...

**Inyunguramagambo**

Nyuma yo gusubiza neza ibibazo byo kumva umwandiko, umwarimu asaba abanyeshuri kugaragaza ibyavuye mu matsinda ku nyunguramagambo. Amatsinda ahuriza hamwe ibyo yagezeho.

1. Sobanura aya magambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko
   a) **Imbaduko:** Umuvuduko mwinshi nta kuzarira.
   b) **Ishyaka:** Ubushake bwinshi.
   c) **Kugambirira:** Kwifuza kuzakora ikintu.
   d) **Bamupfundaga:** Kuzana ibintu bapfumbatije bakabimuha buri kanya.
   e) **Ruba rurambikanye:** Irushanwa riba riratangiye/baba baratangiye.

## Umwitozo wo gukoresha amagambo

Umwarimu asaba abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo mu nteruro ngufi ziboneye no kuzuza interuro bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko, ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro.

***Ingero z'interuro ngufi zishobora kuboneka:***

1. **Koresha aya magambo wungutse mu nteruro ngufi kandi ziboneye.**
   a) **Imbaduko:** Umukino watangiranye imbaduko buri wese ashaka kubanzamo igitego.
   b) **Kugambirira:** Ntimukage mugambirira kugira nabi.
   c) **Bamupfundaga:** Iyo umukinnyi yatsinze igitego, abafana bose bamupfunda impano zitandukanye.
   d) **Rurambikanye:** Umusifuzi iyo avugije ifirimbi ruhita rwambikana.
2. **Uzurisha izi nteruro amagambo wakuye mu mwandiko**
   a) Iyo ikipe ifite abakinnyi beza bafite **ishyaka** ntakabuza iratsinda.
   b) Umukinnyi yarasimbutse atera **ikiro** maze kukigarura biranga.

## Intera ya kabiri: Gusesengura umwandiko

***Intego:***

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:

- Gusubiza neza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

**Imfashanyigisho:**

Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu

### I. Isubiramo:

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakanavuga muri make ibikubiyemo.

**Urugero rw' ibibazo n'ibisubizo:**

1. **Umwandiko uheruka kwigwa witwa ngo iki?**
   Uwo mwandiko witwa "Nzaba igihangange mu mukino w'intoki"
2. **Ni iki cyavugwaga mu mwandiko?**
   Uwo mwandiko uvuga ku mikino y'amaboko.
3. **Ni iki wakuye mu mwandiko cyakugirira akamaro mu buzima bwawe?**
   Nasanze gukina ari byiza kuko umuntu wakinnye agatsinda anezeza abafana kandi akaba yabona n'ibihembo bimuteza imbere.

### II. Gusoma

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane, akababwira bakongera gusoma umwandiko bagerageza kuwumva neza cyane, no kuvumbura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziwugize, hanyuma bakaza gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

### III. Gusesengura umwandiko

Umwarimu asaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Hanyuma uhagarariye buri tsinda akaza Kumurikira abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

**Ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko**

1. **Garagaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri muri uyu mwandiko**
   **a) Ingingo z'ingenzi:**
      - Ikipe y'ikigo ihagarariwe na Munezero yatsinze iya karubamba
      - N'abakobwa bashobora gukina

b) **Ingingo z'ingereka:**

- Ubara inkuru aho yari yarize ntibakinaga umukino w'intoki.
- Bakinaga umukino witwa "Tayari"
- Uwakoraga ku mupira n'intoki byababaga ikosa rikomeye.
- Mbere yo gukina babanza kwishyushya…

2. Rondora ubwoko bw'imikino yose ishobora gukinirwa kuri kiriya kibuga kibanjirije umwandiko.

   Umupira w'amaguru, umukino w'intoki, umukino wa Basiketi, handiboro, imikino ngororamubiri (amasiganwa ku maguru no gusimbuka)

3. Ni iyihe nyigisho ukuye mu mwandiko?

   - N'abakobwa bashobora gukina imikino yose kandi bagatsinda.
   - Gukunda imikino
   - Akamaro k'imikino mu rwego rw'ubuzima no kubana n'abandi

**Intera ya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro:** kungurana ibitekerezo

**Kungurana ibitekerezo**

***Intego:***

Umunyeshuri ahereye ku byavuzwe n'ibyo yasomye mu mwandiko,araba ashobora:

- Kungurana ibitekerezo na bagenzi be ku nsanganyamatsiko bahawe
- Gutanga ibitekerezo bihamye ashize amanga ku nsanganyamatsiko bahawe.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu.

## I. Isubiramo

Umwarimu arashoza ikiganiro ku mikino n'akamaro kayo maze abanyeshuri bayirondore banagaragaze icyo yabamarira n'icyo yamarira igihugu.

**Imikino:**

Imikino y'amaboko, umupira w'amaguru n'imikino ngororangingo.

**Akamaro kayo:**

Guhuza abantu bagasabana; kwinjiza amafaranga; kumenyekanisha umuntu cyangwa Igihugu

## II. Kungurana ibitekerezo

**Uko bikorwa**

Kungurana ibitekerezo si ukujya impaka ahubwo ni umwanya buri muntu ahabwa akavuga icyo atekereza ku ngingo iyi n'iyi. Umwarimu araha abanyeshuri insanganyamatsiko maze abasabe kuyiganiraho bayitangaho ibitekerezo. Amatsinda yitoramo abayahagarariye kugira ngo baze kugeza ku bandi ibyo bagezeho. Hanyuma amatsinda yose afatanyije n'umwarimu agahitamo ibitekerezo bifite ireme byumvikanweho n'abagize amatsinda.

Insanganyamatsiko: "Ni iki wakora kugira ngo imikino itere imbere kurushaho mu kigo ndetse n'aho mutuye?"

***Ingero z'ibitekerezo byatangwa:***

- Gusaba ko hakubakwa ibibuga.
- Gushishikariza abandi kwitabira imikino.
- Gukora ubuvugizi.
- Gufata neza ibibuga.

### Umwanzuro wafatwa

Imikino itera imbere ari uko abantu bose bayitayeho. Urubyiruko rugashishikarira gukina imikino inyuranye bakanitabira amarushanwa n'imikino ya gicuti. Abayobozi bafata ibyemezo bakagena ahakorwa ibibuga kandi ibyo bibuga bikitabwaho. Abaterankunga n'abashoramari bagafasha amakipe kubona ibikoresho bikenerwa.

## Intera ya kane: Uturemajambo tw'inshinga iri mu mbundo

***Intego:***

Umunyeshuri ahereye ku bisobanuro ahabwa, araba ashobora:

- Gusobanura imiterere y'inshinga iri mu mbundo
- Gusesengura imbundo agaragaza uturemajambo.

**Imfashanyigisho:**

Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, igitabo k'ikibonezamvugo, igitabo k'isesenguranshinga n'ibindi bitabo byose bivuga ku miterere y'inshinga.

## I. Ivumburamatsiko

Umwarimu arabaza ibibazo bifasha abanyeshuri gutahura ikigwa.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

1. **Imbundo ni iki?**

   Ni inshinga igaragaza igikorwa, imiterere, imimerere cyangwa intego bitagira uwo byitirirwa.

2. **Ni iki kigaragaza ko inshinga iyi n'iyi iri mu mbundo?**

   Imbundo itangizwa iteka na "gu" cyangwa "ku" igasozwa na "a"

## II. Uturemajambo tw'inshinga iri mu mbundo

**Inshoza y'uturemajambo**

**Uturemajambo tw'ijambo ni intego y'iryo jambo**

Kugaragaza uturemajambo tw'ijambo ni ukugaragaza intego yaryo. Inshinga iri mu mbundo igira uturemajambo tw'ingenzi dutatu. Utwo turemajambo ni **indanganshinga (ku**), **igicumbi** n'**umusozo**. Ni ukuvuga ko intego mbonera y'inshinga iri mu mbundo iteye itya mu mpine:

**Ku-C-Soz**

Intego y'imbundo "gukina': iteye itya:

**Urugero:** Gukina: ku – kin – a

**ku:** Ni indanganshinga (Ku)
**kin**: Ni igicumbi (C)
**a**: Ni umusozo (Soz)

### Indanganshinga

Indanganshinga ni akaremajambo (Ku) karanga inshinga iri mu mbundo. Ni na ko karemajambo kagaragaza inteko y'imbundo. Ku nshinga zose ziri mu mbundo, indanganshinga ni yo ibimburira utundi turemajambo.Aka karemajambo, kagaragaza ko imbundo iri mu nteko ya 15.

***Ingero:*** ***Gukina: ku –kin – a***
Gutsinda: ku – tsind – a
Kuririmba: ku – ririmb – a
Gupfuka: ku – pfuk – a

### Igicumbi cyangwa umuzi

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amagambo bakagaragaza isano afitanye (igice ahuriyeho)

- Gukina, umukinnyi, umukino
- Kubyina, Umubyinnyi, imbyino

Ku murongo ubanza buri jambo rigaragaramo "**-kin-**" naho ayo ku murongo wa kabiri yose arimo "**-byin-**".

## Inshoza/umuzi

Igicumbi cyangwa umuzi w'inshinga ni igice kidahinduka k'inshinga, inshinga ihuriraho n'andi magambo yose afitanye isano n'iyo nshinga.

### Uko bashaka igicumbi k'inshinga

Uburyo bwihuse bwo gutahura igicumbi cyangwa umuzi w'inshinga ziri mu mbundo, zifite imigemo ibiri irimo ubutinde cyangwa imigemo itatu ndetse n'izifite imigemo irenze itatu, ni ugushyira izo inshinga mu ntegeko, muri ngenga ya kabiri y'ubumwe maze hagakurwaho umusoza "a".

*Ingero:* Kugenda → genda → **gend**
Gukora → kora → **hing**
Kwiga → iga → **ig**
Koga → oga → **og**
Gushima → shima → **shim**

Iyo inshinga ari ngufi, ni ukuvuga igizwe n'imigemo ibiri ibangutse, itarimo ubutinde. Icyo gihe ubona igicumbi cyangwa umuzi ari uko iyo nshinga ishyizwe mu mpitakare muri ngenga ya gatatu y'ubumwe maze hagakurwaho umugemo wa mbere n'umugemo wa gatatu, ariyo "ya" na "ye" umugemo usigaye hagati akaba ariwo gicumbi k'inshinga.

*Ingero:* Kujya → ~~ya~~**gi**~~ye~~ → -**gi**-
Kurya → ~~ya~~**ri**~~ye~~ → -**ri**-
Gupfa → ~~ya~~**pfu**~~ye~~ → -**pfu**-
Gusya → ~~ya~~**se**~~ye~~ → -**se**-

**Ikitonderwa:** Imbundo ishobora kugira n'utundi turemajambo, twiyongera mu ntego mbonera. Utwo turemajambo ni nk'akaremajambo karanga igihe k'inzagihe, gashobora kwihagika hagati y'indanganshinga n'igicumbi. Ako karemajambo kitwa **igenantego** cyangwa **indangagihe**.

*Urugero:* Ku**za**kina intego: Ku – **za** – kin – a
Kuzarya Ku – za – ri – a
Kuzumva Ku – **za** – umv – a

Imbundo kandi ishobora kwiyongeramo uturemajambo tw' ingereka ziza hagati y'igicumbi n'umusozo.

## Ingereka z'ibanze

Ingereka zishobora kwihagika inyuma y'igicumbi k'inshinga y'ibanze, bityo tukagira inshinga zikomoka ku zindi bitewe n'izo ngereka ziza inyuma y'igicumbi. Muri izo ngereka harimo ingereka ngirana **–an**, -ingereka ngirisha **–ish**/**-sh**, -ingereka ngirira

**–ir–**, ingereka ngirwa **–w–**, ingereka ngiza **–y–**,ingereka ngirika **–ik–** ingereka ngiruka **–uk–**, ingereka ngirura **–ur–**,...

Utwo turemajambo twifashishwa mu iremwa ry'inshinga nshya.

***Ingero:***

| **Inshinga** | **Ingereka** | **Inshinga nshya** |
|---|---|---|
| Gukina | –ish– | Gukinisha |
| | –an– | Gukinana |
| | –ik– | Gukinika |
| | –ir– | Gukinira |
| | –w– | Gukinwa |
| Gutsinda | –w– | Gutsindwa |
| | –ik– | Gutsindika |
| | –an– | Gutsindana |
| | –ir– | Gutsindira |
| | –ish– | Gutsindisha |

## Izindi ngero z'imbundo n'uturemajambo twazo:

Guhinga ⟶ ku – hing – a
Kuzahinga ⟶ ku – **za** – hing – a
Guhingira ⟶ ku – hing – **ir** – a
Guhingana ⟶ ku – hing – **an** – a
Kuhingika ⟶ ku – hing – **ik** – a
Kwiga ⟶ ku – ig – a
Kwigisha ⟶ ku – ig – **ish** – a
Kwigana ⟶ ku – ig – **an** – a
Kwigira ⟶ ku – ig – **ir** – a

Iyo utwo turemajambo twiyongera ku ntego mbonera tutabonetse mu mbundo, ntidusimbuzwa ikimenyetso "ϕ" kuko atari uturemajambo tugize intego mbonera.

## Umusozo

Umusozo w'inshinga iri mu mbundo ni **"a"**.

***Ingero:*** Gukora: ku – kor – a
Gutwarana: ku – twar – an – a
Gukoma: ku – kom – a

### Imyitozo ku turemajambo tw'inshinga

**Ibibazo n'ibisubizo**

1. **Intego mbonera y'inshinga iri mu mbundo ni iyihe? Bigaragaze wifashishije ingero.**

   - Intego y'imbundo ni indanganshinga, umuzi n'umusozo

     *Ingero:* kugenda ⟶ ku-gend-a
     kwiga ⟶ ku-ig-a

2. **Ni gute babona umuzi w'inshinga iri mu mbundo? Sobanura unatanga ingero.**

   Inshinga ndende cyangwa ngufi ifite ubutinde, ishyirwa mu ntegeko muri ng.2 y'ubumwe bagakuraho umusozo

   *Ingero:* kugenda ⟶ genda ⟶ -gend-
   gukina ⟶ kina ⟶ -kin-

Ku nshinga ngufi bayishyira mu gihe cyashize muri ng.3 y'ubumwe bagakuraho "ya" na "ye"

*Ingero:* kurya ⟶ ~~ya~~ri~~ye~~ ⟶ -ri-
kugwa ⟶ ~~ya~~gu~~ye~~ ⟶ -gu-

3. **Garagaza uturemajambo tw'izi nshinga ziciyeho akarongo**
   a) Gufasha no Kumva abandi byongera amahoro
   Gufasha: ku – fash-a
   Kumva: ku-umv-a
   b) Abakobwa ubu bagaragaza ko kubakira abatishoboye atari iby'abahungu gusa Kubakira: ku-ubak-ir-a

## Umwandiko "Ku ishuri turidagadura"

## Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

*Intego:*

Umunyeshuri yifashishije inkoranya n'umwandiko wasomwe, araba ashobora:

- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko
- Gusobanura amagambo adasobanukiwe
- Gusoma yubahiriza utwatuzo n'isesekaza
- Gukoresha neza mu nteruro ngufi kandi ziboneye amagambo yungutse

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo, amashusho ajyanye n'ibivugwa, …

## I. Ivumburamatsiko

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho ari mu gitabo ku rupapuro yabarangiye akababazaho ibibazo by'ivumburamatsiko. Abasaba kugira icyo bayavugaho:

**Ibibazo yababaza:**

1. **Ni iki kigaragara kuri aya mashusho abanjirije umwandiko?**
   Abana benshi bakina imikino itandukanye. Bamwe barimo kwiruka abandi barimo gusimbuka abandi bagorora ingingo n'umutoza abari imbere.
2. **Uhereye kuri aya mashusho fora inkuru iri muri uyu mwandiko.**
   Inkuru igiye gukurikiraho irebana n'imyidagaduro

## II. Gusoma

**Gusoma bucece**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane maze akabarangira urupapuro ruriho umwandiko. Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke, yamara kubona ko barangije gusoma bucece, akababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

**Urugero rw'ibibazo byabazwa n'ibisubizo byabyo:**

1. **Umutwe w'umwandiko witwa ngo iki?**
   Ku ishuri turidagadura.
2. **Kubera iki ku ishuri baguwe neza kandi bakaba bafite ubuzima bwiza?**
   Ni ukubera imikino.
3. **Bavuze ko imikino ari nk'iki ku buzima?**
   Ni nk'ibyo kurya
4. **Ni iki wumvise muri uyu mwandiko umaze gusoma**
   Numvise ko imikino ngororangingo idufitiye runini mu rwego rw'ubuzima.

**Gusoma baranguruye**

Umwarimu asaba umunyeshuri umwumwe gusoma umwandiko aranguruye ijwi, bubahiriza utwatuzo. Bitewe n'umubare w'abanyeshuri, umunyeshuri asoma igika kimwe agasimburwa na mugenzi we kugeza umwandiko urangiye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uko ungana.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri akagenda akosora amwe mu makosa yagiye akorwa n'abanyeshuri iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira:

Kunamiriza mu gitabo mu gihe barimo gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorerera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo arimo kubasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

### III. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko mu matsinda yabo bagerageza gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko biri mu bitabo byabo no gushakisha ibisobanuro by'amagambo badasobanukiwe babonye mu mwandiko. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye, hanyuma bakaza guhuriza hamwe ibyo bagezeho mu matsinda, umwarimu akabafasha kubinoza neza.

**Ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko:**

1. **Ni ubuhe bwoko bw'imikino ngororamubiri bakina aho ku ishuri? Rondora itanu**.
   Ukwiruka n'amaguru cyangwa ku magare, gutera imihunda no kujugunya ingasire, gusimbuka urukiramende n'umurambararo, gukinira ku mitambiko cyangwa bagakora imikino y'ubugenge aho abantu burirana bakagera hejuru, imyitozo bakora babyina, …
2. **Abanyeshuri batagira umukino bakina, bo bananura ingingo zabo bate?**
   Bakora imyitozo ngororamubiri basa n'abibyinira.
3. **Umwandiko uratubwira ko imyanda y'umubiri isohokera he?**
   Imyanda isohokera mu byuya
4. **Umubiri udakora imyitozo ngororamubiri wagereranyijwe n'iki mu mwandiko?**
   Wagereranyijwe n'imodoka itoga cyangwa ngo imenerwe amavuta ashaje
5. **Kubira ibyuya bimariye iki umubiri wacu?**
   Bituma imyanda yo mu mubiri isohoka.
6. **Vuga imikino itatu uyu munyeshuri akina kandi akaza mu bambere.**
   gusimbuka, gutera imihunda, kwiruka…
7. **Ni iyihe mpamvu y'ingenzi ivugwa mu mwandiko itera abantu bamwe kubyibuha inda?**
   Mu mwandiko bavuga ko ari ukudakora siporo cyangwa imyitozo ngororamubiri

**Inyunguramagambo**

Nyuma yo gusubiza neza ibibazo byo kumva umwandiko, umwarimu asaba abanyeshuri kugaragaza ibyavuye mu matsinda ku nyunguramagambo. Amatsinda ahuriza hamwe ibyo yagezeho.

Sobanura aya magambo akurikira dusanga mu mwandiko:

a) **Ibifura:** izina bita abantu barakazwa (n'ubusa) n'ibintu byoroheje
b) **Ibyuya:** ni ibimeze nk'amazi umuntu asohora mu mubiri bitewe n'ubushyuhe,igihe akora imyitozo ngororamubiri cyangwa indi mirimo ivunanye.
c) **Gutebya:** ni ukuganira usa n'usebya uwo muganira ariko mubiziranyeho ari uburyo bwo gusetsa no gusabana.
d) **Gusabana:** guhuza urugwiro, kuganira n'umuntu mukaba inshuti mukanezerwa
e) **Guhunika:** kubika ikintu kikaramba kandi nticyangirike

### Umwitozo wo gukoresha amagambo

Umwarimu asaba abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo mu nteruro ngufi ziboneye no kuzuza interuro bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko, ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro.

1. Wifashishije rimwerimwe muri aya magambo, kora interuro ngufi kandi ziboney
   a) **Ibyuya:** Iyo turi mu myitozo tubira ibyuya bigatuma imyanda isohoka
   b) **Gutebya:** Gutebya ni uburyo bwo kuganira abantu basa n'abasebanya
   c) **Gusabana:** Mu mikino abantu barasabana ubumwe n'ubwiyunge bugasagamba
   d) **Guhunika:** Mu mikino umubiri ukoresha ibinure uba warahunitse
   e) **Ingeragere:** Hariho abantu biruka nk'ingeragere.
2. Uzurisha izi nteruro zikurikira amagambo ukuye mu mwandiko
   a) Mu mikino umubiri wacu uyaza ibinure uba **warahunitse** igihe kirekire.
   b) Uwo bita **igifura** ni umuntu urakazwa n'ubusa.
   c) Mu mikino umuntu agiriramo **ubusabane** n'abandi akunguka n'inshuti.

## Intera ya kabiri: Gusesengura umwandiko

***Intego:***

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:

- Gusubiza neza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho.

### I. Isubiramo:

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakanavuga muri make ibikubiyemo.

**Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:**

1. **Vuga izina ry'umutwe w'umwandiko uherutse kwigwa?**
   Ku ishuri turidagadura
2. **Ni iki kivugwa mu mwandiko uherutse kwigwa?**
   Imibereho myiza iri ku ishuri cyanecyane ituruka ku mikino n'imyitozo ngororamubiri
3. **Ni irihe somo wakuye mu mwandiko uheruka kwigwa?**
   Kwitabira imikino n'imyitozo ngororamubiri.

## II. Gusoma

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane, akababwira bakongera gusoma umwandiko bagerageza kuwumva neza no kuvumbura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziwugize, bakaza gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko. Hanyuma bakaza kumurika ibyo bagezeho mu matsinda.

## III. Gusesengura umwandiko

Umwarimu asaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Hanyuma uhagarariye buri tsinda akaza kumurikira abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

**Ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko**

1. **Garagaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri muri uyu mwandiko.**
   Ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko:
   - Ubuyobozi bw'ikigo bukunda imikino cyane;
   - Umuyobozi abakundisha imikino y'amaboko kandi ngo ntihenda;
   - Kudakora imyitozo bitera umubyibuho ukabije;
   - Ibyiza bya siporo

   Ingingo z'ingereka ni:
   - Kera batarakora siporo bari banini cyane
   - Mu mpera za buri kwezi abanyeshuri bakina n'abayobozi babo.
   - Bazenguruka ikibuga inshuro eshanu.
2. **Ni gute imyitozo ngororamubiri ifasha umubiri wacu kutagira umubyibuho ukabije.**

   Mu myitozo ngororamubiri, umubiri ukoresha ibinure byashoboraga gutera umubyibuho.
3. **Mu by'ukuri umwanditsi arashaka kumvikanisha iki mu gika cya nyuma?**
   Arashaka kugaragaza akaga gakomeye gaterwa no kudakora imyitozo. Umubiri ushobora guhura n'indwara nyinshi ndetse no gupfa bikaba byaziraho

**Intera ya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro:** Kungurana ibitekerezo

***Intego:***

Umunyeshuri ahereye ku byavuzwe n'ibyo yasomye mu mwandiko,araba ashobora:

- Kungurana ibitekerezo na bagenzi be ku nsanganyamatsiko bahawe
- Gutanga ibitekerezo bihamye ashize amanga ku nsanganyamatsiko bahawe.

**Imfashanyigisho:**

Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo bivuga ku myitozo ngororamubiri.

## I. Isubiramo:

Umwarimu arashoza ikiganiro kigufi bibukiranya akamaro k'imikino n'imyitozo ngororamubiri.

Bimwe mu bibazo yabaza n'ibisubizo byabyo:

1. **Umwandiko uheruka kwigwa witwa ngo iki?**
   Umwandiko duheruka kwiga witwaga "ku ishuri turidagadura."
2. **Vuga nibura imimaro ibiri y'imikino.**
   Imikino ihuza abantu bagasabana, inatuma abantu bayaza ibinure byashoboraga kuzabatera indwara zinyuranye.

## Kungurana ibitekerezo

**Uko bikorwa**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabaha insanganyamatsiko bunguranaho ibitekerezo, bakurikije uko bikorwa. Mu matsinda bitoramo umuyobozi w'itsinda n'umwanditsi kugira ngo buri tsinda rize kugaragariza andi ibyo bagezeho. Hanyuma bakaza guhuriza hamwe ibyo bagezeho umwarimu akabafasha kubinonosora.

Insanganyamatsiko: **"Imikino ngororamubiri ni nk'ibyo kurya umubiri ukeneye."** Mutange ibitekerezo musobanura mu buryo bwimbitse insanganyamatsiko mwahawe.

***Ingero z'ibitekerezo byatangwa:***

- Imikino itera umubiri kugubwa neza
- Imikino yongerera umubiri ubushobozi bwo kwirekura
- Imikino ituma umubiri utananirwa vuba
- Gukosora imiterere mibi y'ingingo z'umubiri

- Kuboneza imikorere y'ingingo z'umubiri
- Kwagura imitekerereze n'imikorere y'ubwonko,...

**Umwanzuro wafatwa:**

Umwanzuro ukomoka ku bisobanuro n'ingero abanyeshuri batanga. Umwarimu yunganira abanyeshuri agenzura ko hari ikintu k'ingenzi baba bibagiwe akabibutsa. Baba bakoze ikosa akabakosora. Bazahamya rero ko imikino ngororamubiri ari ngombwa kuko ituma umuntu agira ubuzima bwiza buzira umuze.

## Intera ya kane: Ikibonezamvugo

## Amategeko y'igenamajwi akoreshwa mu nshinga

***Intego:***

Umunyeshuri ahereye ku bumenyi yagiye yunguka n'ibisobanuro ahabwa araba ashobora:

- Gusesengura imbundo agaragaza amategeko y'igenamajwi.
- Gusoma mu buryo buboneye amategeko y'igenamajwi.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, igitabo k'imiterere y'Ikinyarwanda, igitabo k'isesenguranshinga.

### I. Ivumburamatsiko

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo gusesengura inshinga bibafasha kuvumbura ikigwa, ashingiye ku magambo asesengurwa, akagaragaza imiterere idasanzwe ku buryo isesengura rizanamo amategeko y'igenemajwi.

**Ikibazo yababaza n'igisubizo cyacyo:**

1. Shaka uturemajambo tw'aya magambo akurikira: gusenga:
   Gusenga: ku-seng-a
   Kwiruka: ku-iruk-a
2. Gereranya imiterere y'ijambo ryatanzwe n'imiterere y'uturemajambo. Ni iki cyahindutse.
   "Gu" yahindutse "ku"
   Ahari igihekane "kw" byahindutse "ku-"

## Amategeko y'igenenamajwi akoreshwa mu nshinga

### Inshoza y'amategeko y'igenamajwi

Amategeko y'igenamajwi ni uburyo abahanga mu isesengura ry'amagambo bashyizeho bwo kugaragaza uko amajwi ashobora guhinduka cyangwa akaburizwamo igihe bagaragaza uturemajambo tuyagize.

Amategeko y'igenamajwi akoreshwa mu mbundo amwe ni asanzwe akoreshwa mu yandi magambo nk'izina na ntera. Mu isesengura ry'imbundo, hagaragara amategeko ahuza indanganshinga n'imizi cyangwa agahuza imizi n'ingereka. Amategeko yandikwa mu mpine.

| | |
|---|---|
| Kwiga: ku-ig-a | **u ⟶ w/-J** |
| Koroha: ku-oroh-a | **u ⟶ ϕ/-J** |
| Kwiruka: ku-iruk-a | **u ⟶ w/-J** |
| Kubaha: ku-ubah-a | **u ⟶ ϕ/-J** |
| Kurya: ku-ri-a | **i ⟶ y/-J** |
| Gukinisha: ku-kin-ish-a | **k⟶ g/-GR** |
| Gusetsa: ku-sek-y-a | **k ⟶ g/-GR** |
| | **k+y ⟶ ts** |
| Kwengesha: ku-eng-ish-a | **i ⟶ e/Ce-** |
| Komora: ku-om-ur-a | **u ⟶ o/Co-** |
| Komeka: ku-om-ik-a | **i ⟶ e/Co-** |
| Kumpa: ku-n-ha-a | **n ⟶ m/-h/mh ⟶ mp mu nyandiko** |
| Kundora: ku-n-ror-a | **r ⟶ d/ n-** |
| Kumbwira:ku-n-bwir-a | **n ⟶ m/-b** |

Amategeko y'igenamajwi agaragaza impinduka zishobora kuba ku ijambo mu gihe k'isesengura ry'uturemajambo. Rimwe na rimwe amajwi amwe n'amwe arahinduka.

### Uko amwe n'amwe mu mategeko y'igenamajwi yandikwa mu mpine n'uko asomwa

**k ⟶ g /-GR**: "k" ihinduka "g" iyo iri imbere y'ingombajwi y'indagi

**u⟶ w /-J**: "u" ihinduka "w" iyo iri imbere y'inyajwi

**i ⟶ y /-J**: "i" ihinduka "y" iyo iri imbere y'inyajwi

**k+y ⟶ ts**: "k" ikurikiranye na "y" bitanga "ts"

u ⟶ ϕ /-J: "u" iburizwamo iyo iri imbere y'inyajwi.

**i ⟶ e /Ce**-: "i" ihinduka "e" iyo ikurikiye igicumbi kirimo "e"

**i ⟶ e /Co**-: "i" ihinduka "e" iyo ikurikiye igicumbi kirimo "o"

**r ⟶ d/ n**-: "r" ihinduka "d" iyo iri inyuma ya "n"

**n ⟶ m /-b**: "n" ihinduka "m" iyo iri imbere(ibanjirije) "b"

### Imyitozo ku turemajambo n'amategeko y'igenamajwi

Garagaza uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi by'izi nshinga zikurikira:

a) Kurya ⟶ ku-ri-a i ⟶ y/-J
b) Guha ⟶ ku-ha-a k ⟶ g/-GR a ⟶ ϕ/-J
c) Gupfa ⟶ ku-pfu-a k ⟶ g/-GR u ⟶ ϕ/-J
d) Guca ⟶ ku-ci-a k ⟶ g/-GR i ⟶ ϕ/-J
e) Kugwa ⟶ ku-gu-a u ⟶ w/-J
f) Gusya⟶ ku-se-a k ⟶ g/-GR e ⟶ y/-J

### Inshamake y'ibikubiye muri uyu mutwe

Imyandiko yasomwe, ivuga ku mikino n'imyitozo ngororamubiri. Hagaragajwe imwe mu mimaro yayo nko kuruhura umuntu, kugorora ingingo, kongera ubusabane n'abandi ndetse no gutuma ingingo n'ibice by'umubiri bikora neza.
Ibyigwa bihurira ku isesenguranshinga twabonye ko:

a) Inshinga zisanzwe zirimo amoko abiri (Iziri mu mbundo n'inshinga zitondaguye)
b) Inshinga iri mu mbundo igaragaza imiterere, igikorwa cyangwa imimerere bitagira uwo byitirirwa.
c) Imbundo igira uturemajambo tw'ibanze dutatu (indanganshinga, igicumbi n'umusozo)
d) Imbundo ihora iteka mu nteko ya 15

### Isuzuma rusange risoza umutwe wa kabiri

Nyuma yo kurangiza umutwe wa kabiri, umwarimu aratanga isuzuma riteganyijwe risoza umutwe wa kabiri, buri munyeshuri arikore ku giti ke. Nyuma y'ikosora umwarimu asuzume urwego abanyeshuri bagezeho kugira ngo niba hari ibigomba gusubirwamo bisubirwemo.

### Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma

**I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko**

1. **Rondora imimaro itatu y'imikino ngororamubiri.**
   Kuyaza ibinure, gutuma umubiri uruhuka neza, gutuma imyanda isohoka mu mubiri, kugorora ingingo zimwe na zimwe z'umubiri,
2. **Kurya birengeje urugero bigira iyihe ngaruka ku mubiri wacu?**
   Umubyibuho ukabije, kugugarirwa mu mubiri, kurwara mu nda.
3. **Ni iyihe mpamvu ivugwa mu mwandiko ituma abakinnyi bagira umuco mwiza?**

Kubera akamenyero ko kugendera ku mategeko mu kibuga, bituma no hanze bamenyera kubaha amategeko.

4. Ni gute imikino yakwifashishishwa mu kwimakaza ubumwe n'ubwiyunge?

   Imikino ihuza abantu b'ingeri zose bagasabana. Abahemukiranye nabo bashobora kwiyunga.

5. **Kuki umwanditsi yagereranyije imyitozo ngororamubiri n'ibyo kurya?**

   Imyitozo ngororamubiri ni bimwe mu by'ingenzi umubiri ukenera ngo ubeho neza kandi urame. Imyitozo ngororamubiri iyo ibuze no mu mubiri hari ikiba kibuze kandi k'ingirakamaro.

## II. Inyunguramagambo

1. Sobanura aya magambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko
   a) **Amayasha**: aho ingingo zigenda zikubana nko hagati y'amaguru.
   b) **Kugubwa neza**: kumererwa neza
   c) **Biramuyoboka**: kumugirira umumaro
   d) **kurya wicaye**: kurya udakora
   e) **Akayabo** : amafaranga menshi
2. Garagaza amagambo ari mu mwandiko anyuranyije inyito n'aya akurikira:
   a) **Ubwigunge** ≠ ubusabane
   b) **Umubabaro n'agahinda** ≠ ibyishimo n'umunezezo
3. Garagaza amagambo ari mu mwandiko ahuye n'aya akurikira
   a) **Kurya udakora siporo**: kurya wicaye
   b) **Amafaranga menshi**: akayabo

## III. Ikibonezamvugo

1. Vuga ubwoko bw'amagambo yagaragajwe mu ibara ry'umukara tsiri
   a) Burya ibyuya **tubira** (**inshinga itondaguye**) iyo turi muri siporo, na byo ni imyanda umubiri uba ukeneye **gusohora** (**inshinga iri mu mbundo**).
   b) Turasabwa **kubahiriza** (**inshinga iri mu mbundo**) amategeko n'**amabwiriza** (**izina rusange**) byubahirizwa mu **mukino** (**izina rusange**).
2. Garagaza inteko z'amagambo yagaragajwe mu ibara ry'umukara tsiri.
   a) Isukari iyo ari **nyinshi (nt.10)** mu mubiri, **gukina (nt.15)** birayigabanya.
   b) **Imyitozo (nt.4)** itera umubiri wacu **kugubwa** (**nt.15**) neza.
   c) **Kubahana** (**nt.15**) n' abandi mu mukino ni ihame

3. Garagaza uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi yifashishijwe kuri aya magambo y'umukara tsiri.
   a) Amenya **kubabarira** (**ku-babar-ir-a**) bagenzi be kuko aba azi ko na we ashobora **gukosa** (**ku-kos-a k ⟶ g/-GR**).
   b) **Kwemera** (**ku-emer-a**) ibyo umusifuzi ategetse **kuzana** (**ku-z-an-a**) amahoro mu kibuga.
   c) **Gukinisha** (**ku-kin-ish-a k ⟶ g/-GR**) intoki bitangiye **kumenyerwa** (**ku-meny-ir-w-a i ⟶ e/Ce-**) no mu mashuri yo mu byaro.

## IV. Ubuvanganzo, ubumenyi bw'ururimi n'ikeshamvugo

1. Kosora izi nteruro wubahiriza ikeshamvugo:
   a) Abakinnyi bagenda **bakubitagura umupira hasi** bigashimisha.
      Abakinnyi bagendaga **badunda** umupira bigashimisha
   b) Abafana baba bari hanze y'ikibuga **basakuza bashimagiza** abakinnyi.
      Abafana baba bari hanze y'ikibuga **bogeza** abakinnyi.
2. (:) Iki kimenyetso cy'utwatuzo kiri mu dukubo kitwa ngo iki? Tanga urugero rw'interuro iboneye gikoreshejwemo.
   - Kitwa utubago tubiri
   - Imikino ifite inyungu nyinshi: Yinjiza amafaranga, iraruhura, ikanatuma abantu bamenyana.

## V. Ihimbamwandiko

1. Hitamo imwe mu nsanganyamatsiko wahawe, uhimbe umwandiko mu mirongo iri hagati ya makumyabiri na makumyabiri n'itanu, ugaragaze nibura ingingo enye zisobanura ibitekerezo byawe:
   a) "Imyitozo ngororamubiri ni ibyo kurya bitunga umubiri w'umuntu"
   b) "Akamaro k'imikino ku ishuri"

### Dore zimwe mu ngingo zatangwa kuri buri nsanganyamatsiko:

"Imyitozo ngororamubiri ni ibyo kurya bitunga umubiri w'umuntu"

Urugero rw'ingingo zakwifashishwa:

- Ituma ibyo umuntu yariye bikoreshwa neza,
- Iruhura ingingo
- Igorora ingingo
- Ikiza ubumuga bumwe na bumwe

"Akamaro k'imikino ku ishuri"

Urugero rw'ingingo zakwifashishwa:

- Ituma ishuri rimenyekana
- Ituma abana bidagadura
- Irashimisha
- Yinjiza amafaranga

# 3 Uburinganire n'ubwuzuzanye

## Umubare w'amasomo:10

**Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe**

Gusesengura imyandiko ku buringanire n'ubwuzuzanye no kugaragaza imbata y' umwandiko ntekerezo.

**Umwandiko: ''Ndabaramukije bari b'u Rwanda''**

**Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko**

***Intego:***

Umunyeshuri yifashishije inkoranya n'umwandiko wasomwe, araba ashobora:

- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko
- Gusobanura amagambo badasobanukiwe
- Gusoma yubahiriza utwatuzo n'isesekaza
- Gukoresha mu nteruro ngufi kandi ziboneye amagambo yungutse.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, amashusho ajyanye n'ibivugwa, imfashanyigisho s'iyumvabona.

### I. Ivumburamatsiko

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho ari mu gitabo ku rupapuro yabarangiye akababazaho ibibazo by'ivumburamatsiko. umwarimu ashoza ikiganiro gifasha abanyeshuri gutahura ikigwa cy'uwo munsi.

**Ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:**

1. **Ni iki mubona kuri aya mashusho?**
   Hari abana b'abakobwa bambaye imyambaro y'ishuri batoye imirongo imbere y'umuryango w'ishuri. Hari n'umwarimu ubahagaze imbere.
2. **Urabona umwarimu arimo gukora iki?**
   Arimo kubasuhuza.

## II. Gusoma

**Gusoma bucece**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane maze akabarangira urupapuro ruriho umwandiko. Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke, yamara kubona ko barangije gusoma bucece, akababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

**Urugero rw'ibibazo byabazwa:**

1. **Mu mwandiko bari kuvuga kuki?**
   Bari kuvuga ku buringanire n'ubwuzuzanye
2. **Ni bande bari barimwe agaciro?**
   Umwari na nyina
3. **Abakurambere bacu ntibafataga abana kimwe?**
   Oya. Umwana w'umuhungu ni we wabaga afashwe neza.
4. **Ni ikihe kibazo kivugwa mu mwandiko ubu cyahagurukiwe mu Rwanda?**
   Ni ikibazo cy'uburinganire n'ubwuzuzanye.

**Gusoma baranguruye**

Umwarimu asaba umunyeshuri umwumwe gusoma umwandiko aranguruye ijwi, bubahiriza utwatuzo. Bitewe n'umubare w'abanyeshuri, umunyeshuri asoma igika kimwe agasimburwa na mugenzi we kugeza umwandiko urangiye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uko ungana.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri akagenda akosora amwe mu makosa yagiye akorwa n'abanyeshuri iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira:
Kunamiriza mu gitabo mu gihe barimo gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo arimo kubasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

**III. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko**

Umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko mu matsinda yabo bagerageza gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko biri mu bitabo byabo no gushakisha ibisobanuro by'amagambo badasobanukiwe babonye mu mwandiko. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye, hanyuma bakaza guhuriza hamwe ibyo bagezeho mu matsinda, umwarimu akabafasha kubinoza neza.

**Ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko:**

1. **Uyu mwandiko uranenga iki muri rusange?**
   Uranenga imyumvire yo mu gihe cyo hambere yadindizaga umwari n'umugore.
2. **Haba hari icyo uyu mwandiko ushima mu myumvire y'abo hambere? Niba gihari ni ikihe?**

Mu mwandiko bavuga ko umwari na nyina bitaga ku nshingano z'urugo nko kubyara no kurera

3. **Vuga imigani migufi ibiri iri mu mwandiko ishyigikira iterambere ry'umugore.**

   "Uwigishije umugore aba yigishije Igihugu"/ "Ukurusha umugore aba akurusha urugo"
4. **Vuga ibintu bibiri gusa bigaragara mu mwandiko bigaragaza ikandamizwa ry'umugore mu gihe cyashize?** Ibintu bigaragaza ikandamizwa ry'umugore ni ibi: umugore ngo yari uwo kuragira inka, bavugaga ko ayo urihiye umukobwa aba apfuye ubusa.
5. **Ni iki kigaragaza ko ubu umugore mu Rwanda yitaweho kurusha mbere? Ifashishe ingero ziri mu mwandiko**. Ubu abagore n'abakobwa bari mu nzego za Leta, ni abadepite kandi ni benshi.
6. **Garagaza ahantu havuzwe abana b'abakobwa n'abahungu bahabwa amahirwe angana?**

   Ni mu mashuri, mu mirimo inyuranye, mu kazi no mu nzego za Leta zifata ibyemezo.
7. **Umwandiko usoza usaba abana b'abakobwa iki?**

   Barasabwa kudacika intege no kwiga bashyizeho umwete.

**Inyunguramagambo**

Nyuma yo gusubiza neza ibibazo byo kumva umwandiko, umwarimu asaba abanyeshuri kugaragaza ibyavuye mu matsinda ku nyunguramagambo. Amatsinda ahuriza hamwe ibyo yagezeho.

Sobanura aya magambo yakoreshejwe mu mwandiko

a) **Ntiyaserukaga:** Ntiyajyaga aho abandi bari
b) Y**abigennye:** Yabitegetse gutyo ntibikuka
c) **Gusubira irudubi:** Kongera bikaba bibi cyane kurushaho
d) **Inshingano:** Ibyo umuntu agomba gukora

**Imyitozo ku nyunguramagambo**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo y'inyunguramagambo bifashishije umwandiko basomye kandi buri munyeshuri agakora kugiti ke.
Umwarimu agenda akosora umunyeshuri ashingiye ku byo yakoze.

1. Tanga amagambo adahuje inyito n'aya akurikira:

   a) **Umugugore** ≠ Umugabo
   b) **Kugawa** ≠ gushimwa
2. Garagaza amagambo ari mu mwandiko asobanura kimwe n'aya:

   a) **Kujugunya:** Guta
   b) **Agendeye ubusa:** Agendeye agatsi
   c) **Imbogamizi:** Inzitizi

3. Huza aya magambo ari mu mpushya ebyiri (ijambo n'igisobanuro)

| A | B |
|---|---|
| 1. Umwari | a. Umukobwa |
| 2. Inzitizi | b. Imbogamizi |
| 3. Impungenge | c. Ubwoba, inkeke |

## Intera ya kabiri: Gusesengura umwandiko

*Intego:*

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:

- Gusubiza neza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona n'ibindi bitabo byose bivuga ku buringanire.

## I. Isubiramo:

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakanavuga muri make ibikubiyemo.

**Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:**

1. **Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?**
   Witwa "Ndabaramukije bari b'u Rwanda"
2. **Ni iki kivugwa mu mwandiko?**
   Ikandamizwa ryakorerwaga abagore n'abakobwa mu gihe cyo hambere.
3. **Ibivugwa mu mwandiko byaba bifite impinduka ubu?**
   Yego kuko ubu himakazwa uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi
4. **Ni iki kigaragaza ko abana b'abahungu n'abakobwa bose bashobora kwiga kandi bagafata ibintu kimwe?**
   Mu nzego zose hagaragaramo abahungu n'abakobwa kandi basohoza inshingano zabo kimwe.

## II. Gusoma

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane, akababwira bakongera gusoma umwandiko bagerageza kuwumva neza cyane, no kuvumbura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziwugize, hanyuma bakaza gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

## III. Gusesengura umwandiko

Umwarimu asaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Hanyuma uhagarariye buri tsinda akaza Kumurikira abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

**Ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko**

1. **Garagaza ingingo z'ingenzi z'ibivugwa muri uyu mwandiko.**

    a) Ingingo z'ingenzi ni izi:
    Umukobwa ntiyigaga, kera higaga abahungu gusa, habayeho impinduka aho ubu bakora imirimo inyuranye, ubwiganze mu badepite, uko basohoza inshingano zabo neza

    b) Ingingo z'ingereka ni izi:

    Kuragira inka, imvugo zisesereza, iterambere ku bantu bose ni yo ntero, umugore icyo abashije ni ukubyara, batowe hejuru ya 50% ,…

2. **Ni ikihe kintu wumva cyaba cyaratumaga umwari na nyina badahabwa agaciro bakwiye?**

    Ikintu cyatumaga umwari na nyina badahabwa agaciro ni imyumvire mibi n'ubujiji bidakwiye byari mu muco w'abakurambere.

3. **Ubu wumva ari he hakwiye gushyirwa imbaraga kugira ngo uburinganire burusheho gutera imbere mu Rwanda?**

    Mu muryango abantu benshi ntibarasobanukirwa ihame ry'uburinganire. Bamwe bumva ari uguhangana, abandi bumva ari umwanya wo kwihimura kuko bakandamijwe igihe kirekire, abandi na bo bumva Leta yarabateje abagore babo ngo bambuwe ijambo. Leta ikwiriye gushyiraho ubukangurambaga bukagenda bukagera hasi mu miryango.

## Umwandiko: "Umugabo n'umugore baba banganya ubwenge?"

## Intera ya mbere : Gusoma no kumva umwandiko

***Intego:***

Umunyeshuri yifashishije inkoranya n'umwandiko wasomwe, araba ashobora:

- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko
- Gusobanura amagambo adasobanukiwe
- Gusoma yubahiriza utwatuzo n'isesekaza
- Gukoresha mu nteruro ngufi kandi ziboneye amagambo yungutse.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imyandiko ijyanye n'uburinganire mu myigire.

## I. Ivumburamatsiko

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho ari mu gitabo ku rupapuro yabarangiye akababazaho ibibazo by'ivumburamatsiko. Abasaba kugira icyo bayavugaho:

**Ibibazo yababaza:**

1. **Ni iki ubona kuri aya mashusho?**
   Abanyeshuri b'abakobwa n'abahungu n'umwarimu w'igitsina gore uri hafi y'ikibaho.
2. **Urakeka ko uriya mwarimu arimo kuvuga ku yihe nsanganyamatsiko?**
   Arimo kuvuga ku "Ihame ry'ubwuzuzanye n'uburinganire".
3. **Murakeka ko mu mwandiko turasoma ibijyanye n'iki?**
   Turasoma ibijyanye n'ihame ry'uburinganire

## II. Gusoma

### Gusoma bucece

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane maze akabarangira urupapuro ruriho umwandiko. Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke, yamara kubona ko barangije gusoma bucece, akababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

**Urugero rw'ibibazo byabazwa:**

1. **Ikibazo kivugwa mu mwandiko cyateje impaka ni ikihe?**
   Ni icyo kumenya niba umukobwa n'umuhungu banganya ubwenge.
2. **Ubushakashatsi bwakozwe bwagaragaje iki?**
   Bwagaragajeko nta tandukaniro rinini rihari.
3. **Hambere abatozwaga imirimo y'ubunenyi ngiro ni bande?**
   Ni abahungu gusa.
4. **Ni iki cyavuzwe cyaba gisa no gutatanya imbaraga?**
   Ni uguheza umugore n'umukobwa mu iterambere.

### Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba umunyeshuri umwumwe gusoma umwandiko aranguruye ijwi, bubahiriza utwatuzo. Bitewe n'umubare w'abanyeshuri, umunyeshuri asoma igika kimwe agasimburwa na mugenzi we kugeza umwandiko urangiye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uko ungana.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri akagenda akosora amwe mu makosa yagiye akorwa n'abanyeshuri iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira: Kunamiriza mu gitabo mu gihe barimo gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorerera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo arimo kubasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

## III. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko mu matsinda yabo bagerageza gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko biri mu bitabo byabo no gushakisha ibisobanuro by'amagambo badasobanukiwe babonye mu mwandiko. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye, hanyuma bakaza guhuriza hamwe ibyo bagezeho mu matsinda, umwarimu akabafasha kubinoza neza.

**Ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko:**

1. **Umwanditsi avuga ko ubu bushakashatsi bwari bugamije iki?**
   Bwari bugamije kugaragaza niba koko abahungu barusha abakobwa ubwenge cyangwa se niba bose babunganya
2. **Ubwo bushakashatsi batubwira ko bwabereye he?**
   Batubwira ko bwakorewe muri Amerika.
3. **Ni iyihe myumvire itari yo ariko abantu bakomeje gufata nk'ukuri igihe kirekire?**
   Abantu bakomeje kumva ko umuhungu arusha umukobwa ubwenge ariko si byo.
4. **Ni iyihe mpamvu ivugwa mu mwandiko ituma abana b'abahungu n'abakobwa batangira bari ku kigero kimwe, bagera hejuru abahungu bagatangira gutsinda kurusha abakobwa?**
   Abana b'abakobwa batangira guhabwa imirimo myinshi yo mu rugo abandi bagashyingirwa bakiri bato.
5. **Ni akahe kamaro k'uburinganire kavugwa mu mwandiko?**
   Uburinganire buzana iterambere.
6. **Vuga ingaruka zishobora kuvuka aho ihame ry'uburinganire ritubahirizwa?**
   Kudindira mu iterambere, guhezwa kwa bamwe.

## Inyunguramagambo

Nyuma yo gusubiza neza ibibazo byo kumva umwandiko, umwarimu asaba abanyeshuri kugaragaza ibyavuye mu matsinda ku nyunguramagambo. Amatsinda ahuriza hamwe ibyo yagezeho.

1. Sobanura amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko
   a) **Intandaro:** intangiriro, inkomoko, impamvu yabiteye.

b) **Ubukorikori:** imirimo y’amaboko bakora ibikoresho bimwe na bimwe cyangwa imitako.
c) **Amaronko:** Ibyo bakuye mu kazi bakoze bizabatunga.
d) **Kwaguka:** Gutera imbere, kugera kure heza.
e) **Inzobere:** abahanga mu bintu runaka.

**Imyitozo y'inyunguramagambo**

Umwarimu asaba abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo mu nteruro ngufi ziboneye no kuzuza interuro bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko, ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro.

1. Koresha amagambo umaze gusobanura hejuru mu nteruro ngufi kandi ziboneye.
   a) **Intandaro:** Uburinganire n’ubwuzuzanye ni intandaro y’iterambere rirambye
   b) **Ubukorikori:** Abana bose bakwiriye gutozwa ubukorikori ngo baziteze imbere.
   c) **Amaronko:** Abantu bazenguruka hirya no hino mu masoko bashaka amaronko.
   d) **Kwaguka:** Uko igihugu cyarushagaho kwaguka ni ko n’ubukungu bwiyongeraga.
   e) **Inzobere:** Inzobere mu by’ubukungu n’iterambere bavuga ko nta terambere ryabaho hatariho uburinganire mu muryango
2. Huza aya magambo ari mu nziga ebyiri zikurikira wubahiriza inyito zayo.

**A**

1) Intandaro
2) Kwaguka
3) Kugawa
4) Amaronko

**B**

(a) Gutera imbere
(b) Kunengwa
(c) Impamvu
(d) Urwunguko

Ibisubizo : 1=c, 2=a, 3=b, 4=d

## Intera ya kabiri: Gusesengura umwandiko

***Intego:***

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:

- Gusubiza neza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, amashusho ajyanye n'uburinganire…

## I. Isubiramo:

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakanavuga muri make ibikubiyemo.

**Urugero rw'ibibazo yababaza:**

1. **Ni uwuhe mwandiko uheruka kwigwa?**
   Ni "Umugabo n'umugore baba banganya ubwenge?
2. **Bavugaga ko hagati y'abahungu n'abakobwa ari bande bafite ubwenge bwinshi?**
   Bose barabunganya iyo batojwe kimwe
3. **Ni iki waba waramenyeye mu mwandiko?**
   Namenye ko abahungu n'abakobwa bose bafite ubwenge bungana. Nasobanukiwe n'impamvu ituma rimwe na rimwe abakobwa basubira inyuma iyo bari mu mashuri yisumbuye cyangwa mu mashuri makuru.

## II. Gusoma

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane, akababwira bakongera gusoma umwandiko bagerageza kuwumva neza cyane, no kuvumbura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziwugize, hanyuma bakaza gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

## III. Gusesengura umwandiko

Umwarimu asaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Hanyuma uhagarariye buri tsinda akamurikira abandi ibyo ryagezeho hanyuma umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

**Ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko**

1. **Garagaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko.**

   Ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko ni izi:

   Abantu benshi bibwira ko abahungu barusha abakobwa ubwenge, hari amasomo amwe abahungu baba barusha abakobwa gutinyuka, hari imirimo n'amasomo abakobwa badatozwa bakiri bato, abahungu bakunda gutemberezwa kurusha abakobwa, abana bose bakumva ibintu kimwe baramutse batojwe bimwe kandi hakiri kare.

2. **Wowe ukurikije ibyo ubona ku ishuri, haba hari isomo abakobwa n'abahungu badatsinda kimwe? Niba rihari ni irihe?** Ese usanga impamvu ari iyihe?

   Ibitekerezo n'ibisubizo bishobora kuza binyuranye. Hari ababona ko ntayo abandi bakavuga ko bose batsinda kimwe.

3. **Garagaza uburyo urugo rutarimo uburinganire n'ubwuzuzanye, rudatera imbere.**

   Urugo rutarimo uburinganire n'ubwuzuzanye ntirwagira iterambere kuko mu gihe abarugize batumva iryo hame habaho guhora mu ntonganya, gusuzugurana, kudahana agaciro, …kandi ibyo byose bibangamira iterambere. Kugira ngo abantu bafashanye biteze imbere bagomba kumva neza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye

## Intera ya gatatu: ihangamwandiko "umwandiko ntekerezo"

***Intego:***

Umunyeshyuri ahereye ku bumenyi n'ibisobanuro yahawe araba ashobora:

- Gukora imbata y'umwandiko ntekerezo
- Guhanga umwandiko ntekerezo wujuje ibice byose by'umwandiko.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, igitabo kirimo imyandiko y'amoko atandukanye (umwandiko ntekerezo, mvugamateka, nsesengurabumenyi, mvugamiterere,...)

## I. Ivumburamatsiko

Umwarimu yakoresha akaganiro gato ku mwandiko baheruka kwiga "umugabo n'umugore baba banganya ubwenge?" bakagaruka ku kamaro k'uburinganire n'ubwuzuzanye, hanyuma akababaza ibice bigize umwandiko.

Ikibazo n'igisubizo:

**Ni ibihe bice bigize umwandiko?**

Umwandiko ugizwe n'ibice bitatu by'ingenzi: intangiriro igizwe n'igika cya mbere, igihimba kigizwe n'ibika kuva ku cya kabiri kugeza ku gika kibanziriza icya nyuma, n'umusozo ugizwe n'igika cya nyuma.

Nyuma yo kugaragaza ibice bigize umwandiko, umwarimu yakwifashisha igitabo kirimo amoko anyuranye y'imyandiko agasaba abanyeshuri gukora ubushakashatsi bugamije gutahuramo umwandiko ntekerezo.

## Umwandiko ntekerezo

### Inshoza y'umwandiko ntekerezo

Umwandiko ntekerezo ni umwandiko mpimbano akenshi uvuga ibintu bisanzwe mu buzima. Uwandika umwandiko ntekerezo akenshi ahera ku nsanganyamatsiko runaka akayihuza n'ibyo abona, yumva cyangwa atekereza ko byabaho akabyandika ku buryo uzabisoma yiyungura ubumenyi.

Imyandiko ntekerezo bayita kandi " imyandiko isanzwe". Yitwa ityo mu rwego rwo kuyitandukanya n'indi myandiko y'ubuvanganzo nk'inkuru, ibiganiro, imivugo n'iyindi. Mu mwandiko ntekerezo umuntu atanga ibitekerezo bye ku nsanganyamatsiko yahawe cyangwa yihitiyemo, maze usoma akaba yabifata nk'ukuri cyangwa akabihakana.  Nta minozanganzo myinshi ikunze kubamo.

### Imbata y'umwandiko ntekerezo

Umwandiko ntekerezo ndetse n'indi myandiko, bijya gukorwa byabanje gutekerezwaho bigakorerwa imbata. Umwandiko ntekerezo ugomba kuba ufite umutwe kandi ukandikwa mu buryo bugaragara, ugira kandi ibice bitatu by'ingenzi biwuranga ari byo: **intangiriro**, **igihimba n'umusozo**.

**1. Umutwe w'umwandiko**

Umutwe w'umwandiko ntekerezo ni nk'ipfundo riba riri bupfungurwe mu mwandiko nyiri izina. Dore ibiranga umutwe w'umwandiko:

a) Umutwe w'umwandiko ugomba kuba witaruye gato ibindi bice by'umwandiko bisigaye.
b) Umutwe w'umwandiko ushobora kwandikwa mu nyuguti nkuru.
c) Umutwe w'umwandiko ucibwaho umurongo
d) Biba byiza cyane iyo umutwe ubaye mugufi. Ni ukuvuga ko uba wanditse mu murongo umwe cyangwa ibiri. Iyo irenze ishobora kwitiranywa n'igika cy'umwandiko.

**2. Intangiriro**

Ni igice kibanziriza umwandiko. Muri iki gice umwanditsi avuga muri make ibyo agiye kwandikaho, agasobanura umutwe mu magambo make cyane. Mu ntangiriro kandi umwanditsi atera amatsiko abasomyi, yibaza ibibazo aba ari busubirize mu gihimba. Akenshi aba ari igika kimwe. Intangiriro igaragaramo ibintu bitatu by'ingenzi ari byo:

a) Gusobanura insanganyamatsiko
b) Kuvuga ikigamijwe mu buryo bushobora kuba ikibazo kiziguye
c) Kugaragaza ingingo nkuru uri buvugeho.

**3. Igihimba**

Ni cyo gice kinini cy'umwandiko kigaragaramo ibika. Bitewe n'ingingo umwanditsi ari butange, mu gika uwandika asobanura ku buryo burambuye ingingo runaka, akanatanga ingero zifatika zifasha mu gusobanurira no kumara amatsiko umusomyi. Mu gihimba uwandika asobanura ibitekerezo bye mu buryo bunoze kandi akabikurikiranya ku buryo bidatera urujijo. Uwandika ashobora kwifashisha ibyo yasomye, ibyavuzwe n'abahanga cyangwa inararibonye mu byo avugaho. Ibyo bifasha mu kwemeza abasomyi.

**4. Umusozo**

Umusozo ni igice gisoza. Icyo gice kigaragaramo inshamake y'ibyavuzwe mu mwandiko. Iyo insanganyamatsiko isaba kugaragaza uruhande umwanditsi abogamiyeho ni ho bigaragarira. Mu musozo ni ho umwanditsi ashobora kugira inama yatanga afatiye ku bivuzwe mu mwandiko.

**Ibyitabwaho mu guhanga umwandiko ntekerezo**

Kugira ngo umwandiko ugire isura nziza, ni ngombwa ko uwandika yita kuri ibi bikurikira:

a) Isuku n'imigaragarire
b) Umwanya iburyo n'ibumoso
c) Gutangira neza ibika no kubahiriza amabwiriza agenga imyandikire
d) Kugena umwanya ukwiye hagati y'umutwe, intangiriro, igihimba n'umusozo.

**Intambwe z'ingenzi zikwiriye guterwa mu guhimba umwandiko ntekerezo**

a) Gutekereza ku nsanganyamatsiko no kuyisobanukirwa neza
b) Gutekereza no kwandika ku ruhande ibitekerezo ku ngingo nkuru uri buvugeho
c) Gukora imbata y'umwandiko
d) Kwandika umwandiko wita ku isuku no ku mabwiriza agenga imyandikire.

e) Gusoma ibyo wanditse ukareba ko hari ibyo waba washyizemo bitari ngombwa cyangwa se ko hari ibyo waba wibagiwe byari ngombwa.
f) Gukuramo ibitari ngombwa no kongeramo ibibuze
g) Kwandukura ibyo wanditse ku rupapuro mu buryo bufite isuku wita no ku mabwiriza agenga imyandikire.

### Umwitozo ku mwandiko ntekerezo

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri akabasaba gusubiza neza ikibazo kiri mu bitabo byabo, hanyuma bose bakaza guhuriza hamwe igihe cyatanzwe kirangiye. Umwarimu agenda areba uko babiribabiri bakorana, akaza no kubafasha guhuza ibyo byagezeho.

**Rondora ingingo ushobora gushyira mu mwandiko intekerezo uramutse ugiye kwandika ku nsanganyamatsiko zikurikira**

a) Imyigire y'umwana w'umukobwa yitaweho mu Rwanda
b) Uwigishije umugore aba yigishije igihugu.

**Dore zimwe mu ngingo zagaragazwa:**

- Imyigire y'umwana w'umukobwa yitaweho mu Rwanda:
  **Ingingo:** Hari imiryango yita ku burezi bw'umwana w'umukobwa, hari amashuri y'ikitegererezo y'abakobwa, abakobwa babaye abahanga barahembwa…
- Uwigishije umugore aba yigishije Igihugu:
  **Ingingo:** Umugore ni we ukunze kuba hafi y'abana cyane, umugore ashobora kubaka urugo mu muryango wa kure…

### Inshamake y'ibikubiye muri uyu mutwe

Imyandiko yose igaruka ku ngingo y'uburinganire. Uburinganire mu mashuri no mu myigire. Havuzwemo imwe mu myumvire ya bamwe, idindiza abagore n'abakobwa ikabasigaza inyuma. Hagaragajwe impamvu hari amasomo abakobwa batinya n'amasomo abahungu bigaragazamo cyane kurusha abakobwa. Impamvu ikomeye yagaragajwe ni imyumvire n'imitekerereze bya bamwe. Benshi bagira imirimo batoza abana b'abahungu n'iyo batoza ab'abakobwa. Hari n'aho akazi aka n'aka gaharirwa bamwe bikagira ingaruka yo kudindiza iterambere. Abana b'abakobwa n'abahungu barashoboye iyo batojwe kimwe.

Mu byigwa bifatiye kuri iyi nsanganyamatsiko, twabonyemo ubuhanga bujyanye no guhanga imyandiko ntekerezo. Umwandiko ugira ibice bitatu by'ingenzi ari byo intangiriro, igihimba n'umusozo.

**Iby'ingenzi nshoboye:**

## Isuzuma rusange risoza umutwe wa gatatu

Nyuma yo kurangiza umutwe wa gatatu, umwarimu aratanga isuzuma riteganyijwe risoza umutwe wa gatatu, buri munyeshuri arikore ku giti ke. Nyuma y'ikosora umwarimu asuzume urwego abanyeshuri bagezeho kugira ngo niba hari ibigomba gusubirwamo, bisubirwemo.

### Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma

**I. Ibibazo byo kumva umwandiko**

1. **Ni nde uvugwa cyane muri uno mwandiko. Yaba ageze mu mwaka wa kangahe?**
   Haravugwamo umwana w'umukobwa w'umunyeshuri na musaza we Rukundo. Ageze mu wa kabiri
2. **Hariho abana bakoreshwa imirimo ivunanye. Vugamo ibiri waba uzi mu mirimo ivunanye**.
   Muri iyo mirimo harimo guhingishwa bakiri bato no gukoreshwa mu birombe.
3. **Umunyeshuri Rukundo uvugwa mu mwandiko apfana iki n'uyu mwana uvugwa mu mwandiko?** Ni musaza we.
4. **Ni iyihe nteruro igaragaza ko uyu mwana atari indashima**.
   Hari aho agira ati Ndashimira abo bose banyitangiye bakampa uburere bwiza.
5. **Kuki uvugwa mu mwandiko ashyize imbere uburere bw'umwana w'umukobwa?**
   Ni uko avuga ko ureze neza umwari aba areze Igihugu. Umukobwa warezwe neza iyo abyaye atoza abana be uburere bwiza Igihugu cyose kikunguka.

**II. Inyunguramagambo**

Shaka ibisobanuro by'amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko

a) **Umwari:** Umukobwa w'inkumi ukuze ariko utarashaka.
b) **Gukerebuka:** Gusobanukirwa n'ibintu kubera ko ujijutse
c) **Kudidibuza:** Kuvuga neza ururimi
d) **Intyoza:** Umuntu uhugukiwe, udatinya uzi kuvuga neza akamenya kuryoshya ikiganiro no gusubiza vuba.
e) **Nyampinga:** Umukobwa w'imico myiza.

## III. Ubumenyi rusange bw'ururimi

1. **Umwandiko mwiza ugira ibice bingahe? Bivuge?**
   Ugirwa n'ibice bitatu. Intangiriro, igihimba n'umusozo.
2. **Vuga nibura bibiri mu biranga umutwe w'umwandiko**
   Kuba witaruye gato, kuba uciweho umurongo, kuvuga muri make cyane ibyerekeye umwandiko, nturenza imirongo ibiri...
3. **Vuga nibura ibintu bibiri mu by'ingenzi bidakwiriye kubura mu ntangiriro**.
   Kuvuga icyo umwandiko ugamije, kuvuga ingingo nkuru uri buvugeho, gusobanura gato insanganyamatsiko...

## IV. Ihimbamwandiko

Hitamo imwe muri izi nsanganyamatsiko uyiramburemo umwandiko muremure wubahirije amategeko n'amabwiriza biranga umwandiko ntekerezo.

a) **Imyigire y'umwana w'umukobwa yitaweho mu Rwanda**
   Urugero rw'ingingo zabonekamo: amashuri yihariye, ibihembo bigenerwa abakobwa ubukangurambaga, ihame ry'uburinganire, icyumba cy'umukobwa…

b) **Uwigishije umugore aba yigishije Igihugu**.
   Urugero rw'ingingo zishobora kugaragaramo ni izi: Umugore arabyara agaheka, ni we ubana n'umwana igihe kinini amutoza imico myiza, umukobwa ntaba azi aho azerekeza amaze gushaka.

c) **Akamaro k'uburinganire mu iterambere ry'Igihugu**
   Ingingo: Kunganirana aho umwe atabonetse undi akaba ahari ntihagire umurimo udindira, gufatanya mu kubaka igihugu buri wese atanga umusanzu we no kwihutisha iterambere hitawe ku bikenewe ku bitsina byombi.

# 4 Ubuzima

## (Umubare w'amasomo: 12)

**Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe**

- Gusesengura imyandiko ku buzima n'indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina
- Gukoresha impuzanyito, imvugwakimwe, impuzashusho, ingwizanyito, imbusane mu nteruro
- Gukoresha amazina akomoka ku yandi no kuyakoresha mu nteruro.

### Umwandiko: "Ubuzima buzira umuze"

### Intera ya mbere : Gusoma no kumva umwandiko

*Intego:*

- Umunyeshuri yifashishije inkoranya n'umwandiko wasomwe, araba ashobora:
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko
- Gusobanura amagambo adasobanukiwe
- Gusoma yubahiriza utwatuzo n'isesekaza
- Gukoresha mu nteruro ngufi kandi ziboneye amagambo yungutse.

**Imfashanyigisho:**

Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, Umwandiko uvuga ku buzima buzira umuze, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo k'ikibonezamvugo,i mfashanyigisho z'iyumvabona n'inkoranyamagambo.

### I. Ivumburamatsiko

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko yo mu mwandiko bagiye gusoma.

**Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:**

1. **Mwitegereje iyi shusho murabonaho iki?**
   Turabona abana babiri (umuhungu n'umukobwa) bakina umupira w'amaguru; ababyeyi bombi bicaye ku rubaraza rw'inzu bakikije ameza ariho ibiryo n'ibinyobwa , baseka banezerewe.
2. **Murabona abo bana bameze bate?**
   Turabona bashishe, basa n'abafite imibereho myiza.
3. **Naho ababyeyi babo bo bameze bate?**
   Umuntu arabona bakeye, bishimye kandi bafite n'amafunguro ahagije.
4. **Iyo muganiriye n'abantu bakuze cyangwa se n'abaganga bababwira ko kugira ngo umuntu agire ubuzima bwiza yakora iki?**
   Batubwira ko yajya arya indyo yuzuye, akagira isuku, akirinda ibiyobyabwenge n'izindi ngeso mbi, agakora siporo kandi akajya agira umwanya uhagije wo kuruhuka.

## II. Gusoma

### Gusoma bucece

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane maze akabarangira urupapuro ruriho umwandiko **"ubuzima buzira umuze"** . Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke, yamara kubona ko barangije gusoma bucece, akababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

*Urugero rw'ibibazo yababaza:*

1. **Uyu mwandiko uravuga ku biki?**
   Uravuga ku buzima buzira umuze.
2. **Ni ibiki ubuvugaho?**
   Uravuga ku byo umuntu yakora ngo agire ubuzima buzira umuze n'inyungu yo kugira ubuzima nk'ubwo.
3. **Ibyo uyu mwandiko uvuga byabera he ?**
   Byabera mu muryango.
4. **Mu mwandiko bavuga ko byaba ryari ?**
   Byabaho guhera umwana agisamwa kugeza igihe azavira mu mubiri.

### Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba umunyeshuri umwumwe gusoma umwandiko aranguruye ijwi, bubahiriza utwatuzo. Bitewe n'umubare w'abanyeshuri, umunyeshuri asoma

igika kimwe agasimburwa na mugenzi we kugeza umwandiko urangiye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uko ungana.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri akagenda akosora amwe mu makosa yagiye akorwa n'abanyeshuri iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira:

Kunamiriza mu gitabo mu gihe barimo gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo arimo kubasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

### III. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko mu matsinda yabo bagerageza gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko biri mu bitabo byabo no gushakisha ibisobanuro by'amagambo badasobanukiwe babonye mu mwandiko. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye, hanyuma bakaza guhuriza hamwe ibyo bagezeho mu matsinda, umwarimu akabafasha kubinoza neza.

### Ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko:

1. **Gahunda yo kwita ku buzima bw'umwana Leta yitayeho cyane ireba umwana wo mu kihe kigero?**
   Leta y'u Rwanda yahagurukiye guteza imbere gahunda yo kwita ku buzima bw'umwana wo mu kigero k'iminsi igihumbi ibanza y'ubuzima bwe; ni ukuvuga guhera agisamwa kugera ku myaka ibiri.
2. **Vuga ibintu bine biranga umuntu ufite ubuzima buzira umuze.**
   Umuntu ufite ubuzima bwiza aba akomeye, atagenda atengerana kubera ibinure byinshi, adafite ihungabana ry'uburyo ubwo ari bwo bwose, atarwaragurika, atananutse cyane n'ibindi.
3. **Garagaza ibintu nibura bitanu umuntu akeneye byamufasha kugira ubuzima buzira umuze.**
   Byava muri ibi: Agomba kwita ku mirire ye arya indyo yuzuye irimo ibyubaka umubiri, ibiwutera imbaraga ndetse n'ibiwurinda indwara, kurindwa ihohoterwa iryo ari ryo ryose nk'irishingiye ku gitsina, kudakoreshwa imirimo imurenze, kugira isuku y'amafunguro, iy'umubiri n'iy'imyambaro, gukora kugira ngo abone ibyo akeneye bimutunga, gukora siporo, kubona umwanya uhagije wo kuruhuka. Yarwara akivuza neza kandi kare, kwitabira gahunda y'inkingo ziteganywa na minisiteri ifite ubuzima mu nshingano zayo. Agomba kandi kwirinda ibyamuhungabanya cyangwa ngo bihungabanye n'abandi nk'ibiyobyabwenge, ingeso z'ubusambanyi, n'ibindi.

4. **Ku bwawe kuki umugore utwite agomba kwipimisha kandi igihe cyo kubyara cyagera akabyarira kwa muganga?**

   Umugore ukimara kumenya ko yasamye agomba kwitabira gahunda zose z'ubuzima zireba umugore utwite zirimo no kwipimisha uko amabwiriza abiteganya no gukurikiza amabwiriza yose ahabwa n'abaganga ndetse n'abakozi bose bo muri urwo rwego. Igihe cyo kubyara kigeze agomba kwitabira kubyarira kwa muganga kugira ngo abavuzi bamube hafi bamukorere ibikenewe byose bihesha umwana uvutse amahirwe yo gukura neza afite ubuzima buzira umuze.

5. **Uhereye no ku bivugwa mu mwandiko vuga ibintu bine bishobora gutuma umuntu akurana ihungabana.**

   Kutagaragarizwa urukundo, kutitabwaho mu muryango avukamo ndetse no mu muryango mugari w'abantu, kutishyurirwa amashuri n'ibigendanye na yo byose, gukorerwa ihohoterwa iryo ari ryo ryose, kudateganyirizwa n'ibindi.

6. **Ni ibihe bintu bivugwa mu mwandiko umuntu akwiye gutozwa kuva akiri muto?**

   Agomba gutozwa umuco wo kuzigama, akanigishwa inyigisho zijyanye no kurwanya jenoside n'ingengabitekerezo yayo n'izijyanye n'ubuzima bw'imyororokere hakiri kare.

7. **Sobanura ihuriro riri hagati y'ubuzima buzira umuze n'ishuri ugendeye ku bivugwa mu mwandiko.**

   Ihuriro rihari ni uko mu gihe umuntu yakurikiye amashuri ye uko bikwiye bimufasha kumenya no kwita ku bituma agira ubuzima buzira umuze twamaze kurondora.

8. **Sobanura uburyo bwo kubungabunga ubuzima bwagaragajwe mu mwandiko.**

   Umuntu yabungabunga ubuzima akora siporo ku buryo buhagije akayaza ibinure. Yakwitabira kandi gahunda y'inkingo ziteganywa na minisiteri ifite ubuzima mu nshingano zayo, akirinda ibyamuhungabanya cyangwa ngo bihungabanye n'abandi nk'ibiyobyabwenge, ingeso z'ubusambanyi n'ibindi, agakurikira amashuri ye uko bikwiye n'ibindi.

## Inyunguramagambo

Nyuma yo gusubiza neza ibibazo byo kumva umwandiko, umwarimu asaba abanyeshuri kugaragaza ibyavuye mu matsinda ku nyunguramagambo. Amatsinda ahuriza hamwe ibyo yagezeho.

Shaka ibisobanuro by'amagambo yakoreshejwe mu mwandiko

a) **Umuze** : Ugusogobwa k'umuntu akamererwa nabi bitewe n'indwara

b) **Imfashabere** : Amafunguro ategurirwa umwana ucyonka kugira ngo yunganire ibere.

c) **Inkingo** : Imiti iterwa cyangwa ihabwa umuntu mu rwego rwo kumurinda indwara y'icyorezo mbere y'uko imugeraho. (Urukingo rushobora no guhabwa ibindi binyabuzima).

d) **Ihungabana** : Imimerere y'umuntu uhorana ubwoba bukabije yatewe n'ikintu runaka cyamubayeho cyangwa yabonye.

e) **Nyamuntu** : Ukwiye, ukora ibintu bitunganye, by'ingirakamaro.

**Imyitozo y'inyunguramagambo**

Umwarimu asaba abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo mu nteruro ngufi ziboneye no kuzuza interuro bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko, ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro.

1. Koresha amagambo akurikira mu nteruro ngufi kandi ziboneye

   a) **Kwisuzumisha**

   Ni byiza kwisuzumisha kwa muganga igihe wumva urwaye.

   b) **Gukurikiranwa**

   Umurwayi wese agomba gukurikiranwa n'abavuzi ngo barebe ko yakira vuba.

   c) **Ubumuga**

   Umuntu wese ufite ubumuga agomba kwitabwaho by'umwihariko.

   d) **Afututse**

   Umunyarwanda wo muri iki gihe yakagombye kuba afututse.

   e) **Kokama**

   Abana b'ibitsina byombi bakwiye gutozwa kutemera ko ingeso mbi zibokama.

2. Shaka amagambo ahuje igisobanuro n'aya akurikira

   a) **Kwibaruka** : Kwibaruka

   b) **Abavuzi** : Abaganga

   c) **Imyambaro** : Imyenda

3. Shaka amagambo abusanyije igisobanuro n'aya akurikira

   a) **Ibanza** ≠ iheruka

   b) **Amahirwe** ≠ ibyago

   c) **Neza** ≠ nabi

5. Mu byerekezo byose bishoboka, shaka amagambo avuga ku buzima ari muri iki kinyatuzu.

| | A. | B. | C. | D. | E. | F. | G. | H. |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1. | A | I | N | K | I | N | G | O |
| 2. | B | B | T | I | K | E | Y | E |
| 3. | A | I | A | T | I | I | S | I |
| 4. | N | T | R | V | R | T | E | N |
| 5. | A | A | A | V | U | K | A | D |
| 6. | K | R | V | T | H | Z | R | Y |
| 7. | I | O | U | M | U | T | I | O |
| 8. | N | F | K | O | K | A | M | A |
| 9. | A | M | A | R | O | N | K | O |

**Ibisubizo:**

1. Inkingo 2. Abavuzi 3. Abana 4. Ntaravuka 5. Ibitaro 6. Umuti 7. Avuka 8. Indyo 9. Amaronko

## Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

*Intego:*

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:

- Gusubiza neza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

**Imfashanyigisho:**

Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri ( n'izindi wabona ko ari ngombwa)

### I. Isubiramo:

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakanavuga muri make ibikubiyemo.

**Urugero rw'ibibazo yababaza:**

1. **Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?**
   Witwa "Ubuzima buzira umuze."

2. **Muri rusange uvuga ku biki?**

   Uvuga ku byo umuntu yakwitaho ngo agire ubuzima buzira umuze n'akamaro ko kugira ubuzima nk'ubwo.

3. **Ubuzima buzira umuze bumaze iki?**

   Butuma umuntu abaho neza, akigirira akamaro, akakagirira n'umuryango rusange w'abantu.

## II. Gusoma

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane, akababwira bakongera gusoma umwandiko bagerageza kuwumva neza cyane, no kuvumbura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziwugize, hanyuma bakaza gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

## III. Gusesengura umwandiko

Umwarimu asaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Hanyuma uhagarariye buri tsinda akaza Kumurikira abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

**Ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko**

1. **Erekana ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri muri uyu mwandiko.**

   **Ingingo z'ingenzi**:

   - kwita ku buzima bw'umwana muto
   - ibituma umuntu agira ubuzima buzira umuze
   - ibiranga umuntu ufite ubuzima buzira umuze
   - inyungu zo kurererwa mu muryango ufite ubuzima buzira umuze.

   **Ingingo z'ingereka**:

   - gutozwa kuzigama
   - inyigisho zo kurwanya jenoside
   - ubuzima bw'imyororokere.

2. **Vuga insanganyamatsiko ikubiye muri uyu mwandiko unayihuze n'ubuzima busanzwe bwa buri munsi.**

   Insanganyamatsiko ikubiye muri uyu mwandiko ni ubuzima buzira umuze.

   Iyi nsanganyamatsiko yahuzwa n'ubuzima busanzwe bwa buri munsi kuko umuntu wese yagombye gukora ibishoboka byose kugira ngo agire ubuzima buzira umuze.

3. **Ku bwawe wumva ute ubuzima buzira umuze? Ese umuntu atabuharaniye byamutwara iki?**

   Ubuzima buzira umuze numva ko ari ikintu k'ingenzi cyane; ari cyo nkingi y'iterambere.

   Ni ngombwa rero kubuharanira kugira ngo imibereho y' umuntu y'ejo hazaza ibone uko izaba myiza.

## Intera ya gatatu: Impuzanyito, imvugwakimwe, impuzashusho, ingwizanyito n'imbusane.

*Intego:*

Umunyeshuri ahereye ku magambo ari mu nteruro yahawe n'ibisobanuro, araba ashobora:

- Gutahura mu nteruro impuzanyito, imvugwakimwe, impuzashusho, ingwizanyito n'imbusane
- Gukoresha neza mu nteruro impuzanyito, imvugwakimwe, impuzashusho, ingwizanyito n'imbusane

**Imfashanyigisho:**

Igitabo cy'umwarimu, icy'umunyeshuri n'inkoranyamagambo.

### I. Ivumburamatsiko

Umwarimu arifashisha ingero z'interuro zirimo inyunguramagambo z'impuzanyito, imvugwakimwe, impuzashusho, ingwizanyito n'imbusane, azandike ku kibaho azibazeho ikibazo kugira ngo abanyeshuri bazikoreho ubushakashatsi bwo kuvumbura izo nyunguramagambo.

**Urugero rw'interuro yatanga:**

Mwitegereze interuro zikurikira maze mutahure imiterere y'amagambo atsindagiye mu rwego rw'inyito.

a) Iyo **inkoko** yanitseho amasaka, **inkoko** ishobora kuyatora
b) **Umwana** wa Kamana yashyingiwe umwaka ushize none yibarutse **ikibondo** uyu munsi.
c) Kugira ngo umuntu agire ubuzima bwiza agomba gufata **amafunguro** cyangwa **indyo** yuzuye.
d) Mu buzima habamo **ibyishimo** n'**ibyago**.
e) **Gutera** intabire si kimwe no **gutera** ipasi

Murabona amagambo atsindagiye ahuriye he mu nyito zayo?

Abanyeshuri baratanga ibitekerezo bitandukanye, birimo amagambo babona yanditse kimwe, asomwa kimwe, asobanuye kimwe, afite ibisobanuro bitandukanye ndetse n'amagambo abusanyije inyito. Ayo magambo niyo bita impuzashusho, imvugwakimwe, ingwizanyito, impuzanyito ndetse n'imbusane.

## Impuzanyito, imvugwakimwe, impuzashusho, ingwizanyito n'imbusane

### a) Impuzanyito

***Inshoza y'impuzanyito***

Nk'uko izina ribivuga **impuzanyito** ni amagambo ahuje inyito. Ni ukuvuga ko ayo magambo aba atavugitse kimwe, atanandikwa kimwe ariko ahuje igisobanuro ku buryo rimwe ryasimbura irindi mu nteruro igitekerezo ntigihinduke.

***Ingero:***

a)
- Umugabo n'**umugore** we bagomba gutekereza uko **abana** babo bazagira ubuzima bwiza.
- Umugabo n'**umufasha** we bagomba gutekereza uko **urubyaro** rwabo ruzagira ubuzima bwiza.

b)
- Umubyeyi ukimara kumenya ko yasamye yihata **indyo** yuzuye.
- Umubyeyi ukimara kumenya ko yasamye yihata **igaburo** ryuzuye.
- Umubyeyi ukimara kumenya ko yasamye yihata **ifunguro** ryuzuye.

Amagambo akurikira, ukurikije uko yagiye akoreshwa mu nteruro zinyuranye, ni impuzanyito:

- umugore, umufasha
- abana, urubyaro
- indyo, igaburo, ifunguro

***Izindi ngero:***

- Umugore utwite: Umugore ufite inda.
- Umwanya wo gukora siporo: Igihe cyo gukora siporo.
- Umwana: Ikibondo
- Ibyago: Amakuba, ibibazo
- Gufutuka: Gusobanuka, gukosoka
- Kuzahaza: Kurembya, kunegekaza
- Umuhanzi: Umuhimbyi

## b) Imvugwakimwe

**Inshoza y'imvugwakimwe**

Nk'uko izina ribivuga **imvugwakimwe** ni amagambo yandikwa kimwe kandi agasomwa kimwe ariko nta ho ahuriye mu bijyanye n'inyito cyangwa igisobanuro. Ni ukuvuga ko ayo magambo aba asa mu rwego rw'imyandikire ariko adafitanye igisobanuro kimwe. Iyo uyarebye ugira ngo ni ijambo rimwe risobanuye kimwe; ariko si ko biri.

***Ingero:***

a) - Intara yange imaze iminsi icitse.
   - Intara y'Amajyepfo ni nini cyane.
   - Ubwo uvuga ko nagukubise uzatange **umugabo** wabibonye.

b) - Mu bigize umubiri w'umuntu habamo **ibiyaga** nk'ibinure n'ibindi.
   - Mu byiza bitatse u Rwanda habamo imisozi, ibyanya by'inyamaswa, **ibiyaga**, imigezi n'ibindi.

c) - Ni byiza ko iyo igihe cyo **kubyara** kigeze, umugore utwite abyarira kwa muganga.
   - Icyo gisabo utagikuye mu nzira abana bashobora kukigwira bakagiteza **kubyara**.

Amagambo akurikira, ukurikije uko yagiye akoreshwa mu nteruro zinyuranye, ni imvugwakimwe:

- umugabo, umugabo, umugabo
- ibiyaga, ibiyaga
- kubyara, kubyara

**Izindi ngero:**

***Inka***

- Itungo ryo mu rugo.
- Amasaro bakinisha igisoro.
- Izo bakoresha mu mukino w'ikibariko.

***Gukarabya***

- Umuntu ugiye kurya.
- Kwima burundu umuntu ibyo yari agenewe.

## c) Impuzashusho

**Inshoza y'impuzashusho**

Nk'uko izina ribivuga **impuzashusho** ni amagambo yandikwa kimwe ariko adasomwa kimwe kandi nta ho ahuriye mu bijyanye n'inyito cyangwa igisobanuro. Ni ukuvuga ko ayo magambo aba asa (ahuje ishusho) mu nyandiko isanzwe, ariko uko avugwa ndetse n'igisobanuro nta ho bihuriye. Ayo magambo atandukaniye ku butinde bw'imigemo n'imiterere.

***Ingero:***

a)
- Mu bikenerwa mu mirire bikomoka ku matungo habamo n'inyama y'**inkoko**.
- **Inkoko** ni igikoresho bafashaho imyaka cyanecyane mu cyaro.

b)
- Umuntu wese akwiye kugirira isuku umubiri n'**imyenda** yambara.
- **Imyenda** myinshi yaba iya banki yaba iy'abandi bantu irahangayikisha.

c)
- Abantu batagira isuku barwara **inda** ziza mu myambaro cyangwa mu mutwe.
- Kugira **inda** nini si indangagaciro y'Abanyarwanda.

Amagambo akurikira, ukurikije uko yagiye akoreshwa mu nteruro zinyuranye, ni impuzashusho:

- inkoko (itungo ryo mu rugo), inkoko (igikoresho cyo mu rugo)
- imyenda (bambara), imyenda (amadeni)
- inda (agakoko gaterwa n'umwanda), inda (igice cy'umubiri)

**Izindi ngero:**

***Gutara:***

- Gutara: Gushyira ibitoki mu rwina
- Gutara: Gushakashaka cyangwa gukusanya ibintu bitatanye cyane

***Ikiraro***

- Ikiraro: Iteme bambukiraho.
- Ikiraro: Inzu y'inka cyangwa andi matungo.

***Gutaka***

- Gutaka: Kuvuga ko ubabaye.
- Gutaka: Gushyira amabara ku kintu.

***Guhuma***

- Guhuma: Kurwara amaso.
- Guhuma: Kuvuga kw'impyisi.

**d) Ingwizanyito**

**Inshoza y'ingwizanyito:**

Nk'uko izina ribivuga **ingwizanyito** ni ijambo riba rifite inyito zitandukanye. Ni ukuvuga ko inyito z'iryo jambo ziba zifite aho zihurira, ariko zikagenda zitandukanaho gato bitewe n'uko ijambo ryakoreshejwe. Hashobora kuba mu nyito mbonera cyangwa se mu nyito shusho.

***Ingero:***

a) - **Abana** bakeneye indyo yuzuye kugira ngo bakure neza.
   - **Abana** b'uriya musaza bose barashatse.

b) - **Inka** iri mu matungo Abanyarwanda bakunda korora.
   - Iyo banegura umuntu w'umuswa cyane mu Kinyarwanda bavuga ko ari **inka**.

c) - **Abagabo** bose bagomba kujya inama n'abagore babo ku cyateza imbere urugo rwabo.
   - Abantu bose bakora ibikorwa by'indashyikirwa bitwa **abagabo**.

Amagambo akurikira, ukurikije uko yagiye akoreshwa mu nteruro zinyuranye, ni ingwizanyito:

- abana ( abakiri bato), abana ( ababyawe na runaka n'ubwo baba bakuze)
- Inka ( itungo ryo mu rugo), inka ( umuntu w'umuswa cyane)
- abagabo ( abashatse abagore), abagabo ( abakoze neza kabone n'aho yaba ari umugore)

**Izindi ngero:**

**Gusoma**

- Gusoma inyandiko
- Gusoma ikinyobwa
- Gusoma umuntu

**Intama**

- Itungo ryo mu rugo
- Umuntu ucecetse

**Umukobwa**

- Umuntu w'igitsina gore utarashaka
- Umuntu w'igitsina gore bamugereranya n'umukobwa kabone n'iyo yaba yarashatse.

***Umuhungu***

- Umuntu w'igitsina gabo ukiri muto (utarashaka)
- Umuntu w'igitsina gabo bamugereranya na se kabone n'iyo yaba yarashatse

**e) Imbusane**

**Inshoza y'imbusane**

Nk'uko izina ribivuga **imbusane** ni amagambo afite inyito zinyuranye ari byo byitwa kubusana. Ni ukuvuga ko inyito zayo zivuguruzanya mu ngingo abumbatiye. Mu Kinyarwanda bakunda gukoresha iki kimenyetso ≠ bagaragaza amagambo y'imbusane.

***Ingero:***

a) - Buri **mugabo** akunde **umugore** we.

b) - Umuntu wese akwiriye kurangwa **n'isuku** akirinda **umwanda**.

- Umuntu agomba kubaho **neza** yirinda kubaho **nabi** kugira ngo agire ubuzima **bwiza**; bitaba ibyo akagira **bubi**.

Amagambo akurikira, ukurikije uko yagiye akoreshwa mu nteruro zinyuranye, ni imbusane:

- umugabo ≠ umugore
- isuku ≠ umwanda
- neza ≠ nabi
- bwiza ≠ bubi

**Izindi ngero:**

Ubuzima bworoshye ≠ ubuzima bugoye

Indyo nziza ≠ indyo mbi

Igihe kirekire ≠ igihe kigufi

Umuhungu ≠ umukobwa

Kugaya ≠ gushima

Ubukire ≠ ubukene

Amanywa ≠ ijoro

**Imyitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri babiribabiri gukora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri.

Umwarimu akora abanyeshuri akurikije ibisubizo batanze. Umwarimu afatanya n'abanyeshuri kuboneza ibisubizo by'ibibazo by'imyitozo.

1) Wifashishije ingero ebyiri, tandukanya impuzanyito n'imbusane

⟹ Impuzanyito: ni amagambo aba afite ⟹ ibisobanuro/inyito bimwe. Ayo magambo aba asobanura kimwe.

Ingero: - Umukobwa: Umwari

- Umusaza: umukambwe

⟹ **Imbusane:** ni amagambo anyuranyije ibisobanuro.

Ingero: - Ubukire ≠ ubukene

- Ubukonje ≠ ubushyuhe

2. Ubaka interuro ebyiri zirimo imvugwakimwe

a) Intara yacu ifite abaturage benshi

b) Intara yange irashaje, nzagura indi vuba

## Umwandiko: "Agakoko gatera SIDA n'izindi ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina"

## Intera ya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko:

***Intego:***

Umunyeshuri yifashishije inkoranya n'umwandiko wasomwe, araba ashobora:

- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko
- Gusobanura amagambo adasobanukiwe
- Gusoma yubahiriza utwatuzo n'isesekaza
- Gukoresha mu nteruro ngufi kandi ziboneye amagambo yungutse.

**Imfashanyigisho:**

Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, udutabo tuvuga ku bubi bw'indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina, imfashanyigisho z'iyumvabona n'inkoranyamagambo.

**Ivumburamatsiko**

Umwarimu yereka abanyeshuri amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko yo mu mwandiko bagiye gusoma.

**Urugero rw'ibibazo yababaza:**

1. **Murabona iki kuri aya mashusho?**
   Abantu babiri (umugabo n'umugore) bananutse cyane, iruhande rwabo hari umwana w'umukobwa usa n'uwihebye.
2. **Murakeka ko aba bantu bananutse kubera iki?**
   Bagomba kuba barahuye n'indwara y'icyorezo ikaze cyane.
3. **Ni iyihe ndwara y'icyorezo ifata abantu bakamera nka kuriya?**
   Indwara ya SIDA.

## I. Gusoma

**Gusoma bucece**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane maze akabarangira urupapuro ruriho umwandiko "agakoko gatera SIDA n'izindi ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina." Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke, yamara kubona ko barangije gusoma bucece, akababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

*Urugero rw'ibibazo byabazwa:*

1. **Muri uyu mwandiko ikivugwamo ni iki?**
   SIDA n'izindi ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina.
2. **Ziravugwaho iki?**
   Uko zandura, uko zirindwa n'ububi bwazo.
3. **Muri izi ndwara ni iyihe izirusha ubukana?**
   Ni indwara ya SIDA.
4. **Kubera iki?**
   Kuko itagira umuti cyangwa urukingo.

**Gusoma baranguruye**

Umwarimu asaba umunyeshuri umwumwe gusoma umwandiko aranguruye ijwi, bubahiriza utwatuzo. Bitewe n'umubare w'abanyeshuri, umunyeshuri asoma igika kimwe agasimburwa na mugenzi we kugeza umwandiko urangiye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uko ungana.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri akagenda akosora amwe mu makosa yagiye akorwa n'abanyeshuri iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira:

Kunamiriza mu gitabo mu gihe barimo gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo arimo kubasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

## II. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko mu matsinda yabo bagerageza gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko biri mu bitabo byabo no gushakisha ibisobanuro by'amagambo badasobanukiwe babonye mu mwandiko. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye, hanyuma bakaza guhuriza hamwe ibyo bagezeho mu matsinda, umwarimu akabafasha kubinoza neza.

**Ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko:**

1. **Agakoko gatera SIDA kangana iki ukurikije uko kagaragara? Ako gakoko iyo kageze mu mubiri w'umuntu gakoramo iki?**
   Ni gato cyane ku buryo kadashobora kuboneshwa amaso. Iyo kageze mu mubiri w'umuntu karororoka ku bu buryo bwihuse cyane.
2. **Garagaza nibura butatu mu buryo umuntu ashobora kwanduramo agakoko gatera SIDA bwavuzwe mu mwandiko.**
   Gukorana imibonano mpuzabitsina idakingiye n'ufite ubwandu bwayo. Guhuza amaraso n'uwanduye iyo hakoreshejwe ibikoresho bikomeretsa

bigahererekanywa harimo ibikwasi, inzembe, inshinge n'ibindi . Iyo umubyeyi wanduye yonsa cyangwa igihe abyara nabwo ashobora kwanduza umwana.

3. **Rondora izindi ndwara zandurira mu guhuza ibitsina zavuzwe mu mwandiko.**

   Imitezi, mburugu n'uburagaza.

4. **Umuntu akubajije icyo SIDA ari cyo wamusubiza iki?**

   Namusubiza ko SIDA ari uruhererekane n'uruhurirane rw'indwara zituruka ku kuba umubiri waramaze gucika intege bitewe n'agakoko gatera iyo ndwara.

5. **Garagaza impamvu ari ngombwa kwipimisha kwa muganga cyangwa mu kindi kigo kibishinzwe ngo umuntu amenye ko yanduye SIDA?**

   Ni uko idapimishwa ijisho; kwa muganga akaba ari bo bafite ibikoresho byo gupima amaraso bakamenya niba umuntu yarayanduye.

6. **Ni gute umuntu yakwirinda kwandura agakoko gatera SIDA n'izindi ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina?**

   Kwifata, ubudahemuka; mu gihe binaniranye hagakoreshwa agakingirizo.

7. **Gereranya izindi ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina na SIDA ku bijyanye no gukira ndetse no ku myitwarire yazo ku bagabo n'abagore.**

   SIDA nta muti cyangwa urukingo byari byashyirwa ku mugaragaro; mu gihe izindi zivurwa zigakira iyo zivujwe hakiri kare. Ku kijyanye n'imigaragarire yazo ku bitsina byombi, kuri SIDA nta mwihariko uhari; mu gihe byemezwa ko bene izi ndwara zindi zigaragara vuba ku bantu b'igitsina gabo naho ku bagore zikihisha igihe kirekire nyamara ari ko bazikongeza abo bagiranye imibonano mpuzabitsina.

## Inyunguramagambo

Nyuma yo gusubiza neza ibibazo byo kumva umwandiko, umwarimu asaba abanyeshuri kugaragaza ibyavuye mu matsinda ku nyunguramagambo. Amatsinda ahuriza hamwe ibyo yagezeho.

Shaka ibisobanuro by'amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:

a) **Ubwirinzi**: ubushobozi bwo gutuma nta bintu bipfa kukuvogera.

b) **Ibyuririzi**: indwara zifata umubiri umaze gucika intege kubera ubwandu bwa SIDA.

c) **Magendu**: umuntu wiha kuvura mu buryo butemewe cyangwa se ubwo buvuzi.

d) **Agahomamunwa**: ibintu bibi kandi biteye isoni ku buryo bukabije.

e) **Ubusembwa** : inenge (ibimenyetso) bishobora kugaragara ku mubiri.

**Imyitozo y'inyunguramagambo**

Umwarimu asaba abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo mu nteruro ngufi ziboneye no kuzuza interuro bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko, ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro.

1. Koresha aya magambo dusanga mu mwandiko mu nteruro wihimbiye:
    a) **Indiri**
    Ibihuru n'ibiziba bikunda kuba indiri y'imibu itera marariya.
    b) **Ubudahemuka**
    Ubudahemuka ni bwo buryo bwiza bwo kwirinda SIDA n'izindi ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina ku bashatse
    c) **Kwifata**
    Kwifata bituma umuntu utarashaka agira amahirwe yo kutanduzwa SIDA n'izindi ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina.
    d) **Ubusembwa**
    Uyu mukobwa yatewe ubusembwa n'impanuka.
    e) **Ubuziranenge**
    Ibintu byose tugura ku isoko twagombye kureba ko byujuje ubuziranenge.
2. Uzuza interuro zikurikira ukoresheje amagambo wungutse:
    a) Indwara zandurira mu **mibonano mpuzabitsina** iyo zivujwe zitinze zishobora gusigira umuntu ubusembwa.
    b) Naho **SIDA** yo nta muti nta n'**urukingo**
    c) Abashyingiranywe bakwiye kwirinda **guca** inyuma abo bashakanye.
    d) Agakingirizo gashobora gutuma umuntu yandura agakoko gatera **SIDA** iyo katujuje **ubuziranenge**
    e) Irinde gukora **imibonano** mpuzabitsina utarashinga urugo.

## Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

***Intego:***

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:

- Gusubiza neza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

**Imfashanyigisho:**

Igitabo cy'Umwarimu n'igitabo cy'Umunyeshuri

## I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakanavuga muri make ibikubiyemo.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Umwandiko duheruka gusoma witwa ngo iki?**
   Agakoko gatera sida n'izindi ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina.
2. **Havugwagamo ibiki?**
   Uko zandura, uko zirindwa n'ingaruka zazo.
3. **Umuhanzi asoza atugira iyihe nama?**
   Inama y'uko kwirinda biruta kwivuza.

## II. Gusoma

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane, akababwira bakongera gusoma umwandiko bagerageza kuwumva neza cyane, no kuvumbura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziwugize, hanyuma bakaza gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

## III. Gusesengura umwandiko

Umwarimu asaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Hanyuma uhagarariye buri tsinda akaza Kumurikira abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

**Ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko**

1. **Shaka ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri muri uyu mwandiko.**
   a) Ingingo z'ingenzi ni izi:
      Uko SIDA n'izindi ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina zandura, uko zirindwa n'ububi bwazo.
   b) Ingingo z'ingereka
      Imyemerere y'amadini; ibijyanye n'ubuziranenge.
2. **Umuntu wanduye SIDA n'umuntu urwaye SIDA baba batandukaniye hehe**?
   Umuntu wanduye SIDA, mu maraso ye aba afite virusi itera SIDA abana nayo ariko itaramuzahaza ngo atangire kugaragaza ibimenyetso by'indwara ya SIDA. Mu gihe umuntu urwaye SIDA we aba yaratangiye kurwaragurika afatwa n'indwara z'ibyuririzi za hato na hato,yaratangiye kugaragaza n' ibimenyetso byayo.

3. **Indwara ya SIDA yagira izihe ngaruka ku iterambere ry'umuryango?**
   Indwara ya SIDA yagira ingaruka ku iterambere ry'umuryango kubera ko uyirwaye ntakira, muri kwa kuguma yivuza indwara z'ibyuririzi rero hagendera umutungo mwinshi wakabaye ufasha umuryango we mu kwiteza imbere. Uwo mutungo kandi uba umugenderaho kandi atazanakira.

## Inera ya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro

### Kungurana ibitekerezo no guhanga umwandiko kuri SIDA n'izindi ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina.

***Intego:***

- Umunyeshuri agendeye ku bumenyi afite no ku nsanganyamatsiko yahawe, araba ashobora:
- Kungurana ibitekerezo na bagenzi be ku kwirinda indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina
- Kujora mu kinyabupfura ibitekerezo bya bagenzi be.
- Guhanga umwandiko ku ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina.

**Imfashanyigisho:**

Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'Umwarimu.

### I. Isubiramo

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo bituma bibuka umwandiko uheruka kwigwa, n'insanganyamatsiko ubumbatiye.

### Kungurana ibitekerezo

Umwarimu arafasha abanyeshuri kujya mu matsinda, hanyuma abagezeho ingingo bunguranaho ibitekerezo. Buri tsinda ryitoramo umuyobozi kugira ngo nyuma y'igihe cyagenwe aze kumurikira andi matsinda ibyo bo bagezeho kandi n'andi matsinda bikaba uko. Umwarimu afasha abanyeshuri kunonosora ibitekerezo byabo igihe babimurika.

Ingingo yunguranwaho ibitekerezo:

**Ni izihe mpungenge ubona cyangwa wumvana abandi ku bijyanye na SIDA n'izindi ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina cyanecyane mu rubyiruko?**

**Ingero z'ibyo bavuga kuri iki kibazo**

Izi ndwara ni mbi cyane kuko zigira ingaruka mbi ku buzima bw'umuntu no ku bukungu bwe n'ubw'igihugu. Leta yahagurukiye gukumira no guhashya izi ndwara ihugurira urubyiruko n'abakuze kugira ingamba zihamye zo kuzirinda. Imibonano mpuzabitsina idakingiye ikomeje gukorwa hakiyongera umubare w'abazandura. Gukoresha agakingirizo birinda byanabyara inyungu yo kugabanya umubare w'inda zitifujwe kuko aho SIDA yinjirira n'inda ni ho yinjirira.

Ukwifata n'ubudahemuka na byo birengera ubuzima, abantu ntibazikwirakwize kandi bikanatuma imiryango isugira. Abashakanye ntibacane inyuma, n'abangavu ntibasame inda batarashaka cyangwa ngo ingimbi zibyare abana zitaragira ubushobozi bwo kubashakira ibibatunga.

**Impungenge mu rubyiruko:**

Impungenge zikomeye ni uko usanga ibiganiro bya bamwe muri iki gihe biganisha ku busambanyi kandi ari yo nzira y'igihogere SIDA yanduriramo. Ibi bigaragara mu byiciro byinshi by'abantu ariko byagera mu rubyiruko ho bikaba ibindibindi.

## Umukoro wo guhanga umwandiko

Umwarimu arandika ku kibaho ikibazo cy'umukoro: **"Hanga umwandiko muto uvuga kuri SIDA n'izindi ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina wiganjemo amuga y'Ikinyarwanda."** maze abwire abanyeshuri ko ari umukoro bahawe.

Umwarimu yibutsa abanyeshuri uburyo bukwiye bwo guhanga umwandiko, agasaba buri munyeshuri ko agomba kubanza kwegeranya ibitekerezo azashingiraho ahimba, yabirangiza agahimba umwandiko mugufi wubahiriza ibisabwa.

Mu gihe umukoro urangiye, umwarimu ahitamo umwandiko umwe mu yo bahimbye, nyirawo akawubasomera. Hanyuma bagenzi be bakawujora bagaragaza ibyo bashima yubahirije, banerekana ibyo bawunengaho bakurikije uko ikibazo kibajije n'ibyo bize ku ihimbamwandiko. Umwarimu akagenda abaza niba hari undi wubahirije ibyo bashimye n'uwahuje na we amakosa. Abanyeshuri bakavuga uko bakosora ibyo banenze.

## Intera ya kane: Ikomorazina mvazina

***Intego:***

- Umunyeshuri yifashishije interuro yahawe n'ibisobanuro, araba ashobora:
- Kugaragaza inshoza n'inzira by'ikomorazina no gukora neza imyitozo ijyanye na byo.

**Imfashanyigisho:**

Igitabo cy'Umwarimu, igitabo cy'Umunyeshuri n'ik'ikibonezamvugo .

## I. Ivumburamatsiko

Umwarimu arifashisha interuro zirimo amagambo akomoka ku yandi ziri mu gitabo cy'umunyeshuri, azandike ku kibaho, azihereho abaza ibibazo bifasha abanyeshuri kuvumbura ikigwa.

**Soma interuro zikurikira nurangiza uzitegereze hanyuma ugire icyo uvuga ku nkomoko y'amagambo yanditse mu nyuguti z'umukara tsiri.**

- Umuntu akwiye kwisuzumisha SIDA ku bantu bize iby'**ubuganga**.
- Kwisuzumisha **agakoko** gatera SIDA bifasha umuntu kumenya uko yitwara.
- Mu bashinzwe kubungabunga imibereho y'Abanyarwanda habamo n'**abanyabuzima**.
- Buri muntu akwiye gufata **indyo** yuzuye.
- Avuye kwisuzumisha SIDA **Mahirwe** yishimiye ko atanduye.
- Ahantu h'**igitakazi** hera ibijumba bigirira umubiri akamaro.
- N'**amahenehene** burya na yo abamo intungamubiri.

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma no kwitegereza interuro yabahaye, hanyuma bakagira icyo bavuga ku nkomoko y'amagambo yanditse mu nyuguti z'umukara tsiri. Agenda ababaza andi mazina afitanye isano na yo basanga ahuje igicumbi na yo. Iryo bavuze bifitanye isano akaryandika ku kibaho. Nyuma akabaza iryaba ryarakomotseho ayandi muri ayo aba ahuje igicumbi.

**Dore ibishobora kuva muri uwo mwitozo:**

| Izina ryatanzwe | Iryo bifitanye isano bihuje igicumbi |
|---|---|
| Ubuvuzi | Umuvuzi |
| Agakoko | Igikoko |
| Abanyabuzima | Ubuzima |
| Indyo | Ibiryo |
| Mugisha | Umugisha |
| Igitakazi | Igitaka |
| Amahenehene | Ihene |

## Inshoza y'ikomorazina mvazina

Mu kinyarwanda, amazina ashobora kuba ari amazina y' "umwimerere" cyangwa akaba akomoka ku yandi moko y'amagambo. Ikomorazina mvazina ni uburyo bwo

kurema amazina bafatiye cyangwa bahereye ku yandi mazina. Izina risanzwe rigira intego igizwe n'indomo, indanganteko n'igicumbi (D- RT-C )

## Inzira z'ikomorazina mvazina

Habaho inzira zitandukanye zo gukomora amazina ku yandi. Ikigaragara ni uko izina rikomotse ku rindi mu buryo ubwo ari bwo bwose inyito yaryo igira uko ihindukaho ugereranyije n'iy'iryo zina ryakomotseho, ariko ugasanga izo nyito zombi zikomeza kugirana isano. Muri izo nzira twavuga:

### a) Ikomorazina mvazina rishingiye ku nteko z'amazina.

Mu Kinyarwanda tugira inteko cumi n'esheshatu z'amazina. Mu kurema amazina bishingiye ku nteko, bikorwa izina rihindurirwa inteko ryari ririmo, rigahabwa indi nteko, ibyo biba ahanini bishingiye ku gupfobya, gutubya cyangwa gukuza.

***Ingero:***

| | | |
|---|---|---|
| Umugabo (nt1): | Akagabo | (nt12) |
| | Utugabo | ( nt 13 ) |
| | Ubugabo | ( nt14) |
| | Ikigabo | (nt7) |
| | Ibigabo | (nt8) |
| Inyana (nt 9,10): | Akanyana | (nt12) |
| | Urunyana | (nt 11) |

### b) Ikomorazina mvazina rishingiye ku ndomo

Mu kurema amagambo bishingiye ku ndomo z'amazina; izina rusange rishobora gutakaza indomo rigatanga izina bwite. Mu Kinyarwanda amazina bwite menshi akomoka ku mazika rusange.

***Ingero:***

| | |
|---|---|
| Umugabo: | Mugabo |
| Umugisha: | Mugisha |
| Amahirwe: | Mahirwe |
| Akagabo: | Kagabo |
| Agasore: | Gasore |

### c) Ikomorazina mvazina rishingiye ku kwisubiramo kw'igicumbi

Mu kurema aya mazina usanga aba ashingiye ku kwisubiramo kw'igicumbi k'izina, bityo izina rikagira indi nyito nshya ariko ifitanye isano n'izina rya mbere.

***Ingero:***

| | |
|---|---|
| Ikigori: | Ikigorigori |
| Igisembe: | Igisembesembe |
| Ikizuba: | Ikizubazuba |
| Amatama: | Amatamatama |
| Igicucu: | Igicucucucu |

**d) Ikomorazina mvazina rishingiye ku kongera umusuma inyuma y'ijambo**

Mu Kurema amazina bongera umusuma inyuma y'ijambo, usanga ayo mazina ahita ahindura inyito ahanini bitewe n'ubwoko bw'umusuma wakoreshejwe. Mu misuma ishobora gukoreshwa harimo: **- kazi, -azi**.

***Ingero:***

| | |
|---|---|
| Umwami: | umwamikazi |
| Umugabe: | umugabekazi |
| Umunyarwanda: | umunyarwandakazi |
| Umugabo: | umugabazi |
| Igitaka: | Igitakazi |

**e) Ikomorazina mvazina rishingiye ku kongera akabimbura mu izina**

Mu kurema amazina hakoreshejwe akabimbura, bikorwa hongerwa utubimbura mu mazina asanzwe, bityo hagahangwa andi bifitanye isano. Amazina aremwa hakoreshejwe utubimbura, usanga amenshi ari amazina rusange yitirirwa abantu ndetse n'amazina bwite y'abantu. Mu tubimbura dukoreshwa harimo: **nya**, **sa**,**se**, **nyiri**, **ka**, ...

***Ingero:***

| | |
|---|---|
| Amerwe: | umunyamerwe |
| Amakuru: | Umunyamakuru |
| Agahene: | Nyagahene |
| Imvura : | Samvura |
| | Nyamvura |
| Amasaka: | Semasaka |
| Imana: | Kamana |
| Inyana: | Kanyana |
| Icyubahiro: | Nyiricyubahiro |

### Gusesengura amazina akomoka ku ikomorazina mvazina

Amazina abyawe n'ikomorazina mvazina (kubaka amazina uhereye ku yandi mazina) akenshi aba afite intego isanzwe (D-RT-C ) bityo uturemajambo tw'amazina akomoka ku yandi usanga twitwara nk'utw'izina nyakimwe cyangwa turenze tugasa nk'utw'izina ry'urusobe bitewe n'imiterere yaryo.

***Ingero:***

| **Izina** | **intego** | **itegeko ry'igenamajwi** |
|---|---|---|
| Agakoko | a-ka-koko | k⟶g /-GR |
| Udusebe | u-tu-sebe | t⟶d /-GR |
| Ubukene | u-bu-kene | Nta tegeko |
| Ibigori | i-bi-gori | Nta tegeko |
| Igisembesembe | i-ki-sembe-sembe | k⟶g /-GR |
| Umunyabuntu | u-mu-nya- ɸ-bu-ntu | Nta tegeko |
| Semasaka | se- ɸ –ma-saka | Nta tegeko |

### Imyitozo ku ikomorazina mvazina

Umwarimu asaba abanyeshuri gufata amakayi yabo y'imikoro yo mu rugo, maze buri munyeshuri ku giti ke agasubiza ibibazo by'iyi myitozo ikurikira:

1. **Tahura amazina akomoka ku yandi mazina ari muri izi nteruro uyaceho akarongo:**
   a) **Abanyabuzima** bafite uruhare rukomeye mu gutabara abantu.
   b) Ibyibo byinshi bigira **utubara** twiza.
   c) **Serugendo** ni umuganga w'umuhanga.
   d) Inka yariye **ibigorigori** igira umukamo utubutse.
   e) Umwami **n'umwamikazi** barubahwaga cyane.
2. **Sesengura (erekana intego) aya mazina akomoka ku yandi ugaragaze n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe mu mpine.**
   a) igitaka
   b) ubugabo
   c) ibiganogano
   d) umunyakarambi
   e) samusure

**Ibisubizo by'ikibazo cya kabiri**

| Izina | Intego | itegeko ry'igenamajwi |
|---|---|---|
| Igitaka | i-ki-taka | k⟶g /-GR |
| Ubugabo | u-bu-gabo | Nta tegeko |
| Ibiganogano | i-bi-gano-gano | Nta tegeko |
| Umunyakarambi | u-mu-nya- ϕ - ka-rambi | Nta tegeko |
| Samusure | sa-ϕ-mu-sure | Nta tegeko |

**3. Imigani migufi ijyanye n'uyu mutwe**

1. **Akabando k'iminsi ugaca hakibona.**
   Aho bihuriye ni uko umuntu agomba guteganyiriza ubuzima hakiri kare.
2. **Amagara ntamerwa aramirwa.**
   Bihuriye k'uko umuntu akwiye kugerageza kwiyitaho ashakira umubiri ibiwutunga aho kwibera aho nk'aho bizizana.
3. **Amagara ntaguranwa amagana.**
   Bihuriye k'uko umuntu nta kindi yahabwa ngo gisimbure ubuzima.
4. **Amagara araseseka ntayorwa.**
   Birahuye kuko umuntu agomba kwitondera ubuzima kugira ngo hatagira ikibuhungabanya; kandi iyo umuntu apfuye nta cyo wakora ngo umuzure.
5. **Ikizima ni ukubyara ikiziriko ni ugucutsa.**
   Birahuye kuko bishaka kwerekana ko kubyara bitarushya nko kurera; buri kiciro cy'ubuzima rero kigira ingorane zacyo ariko hakabaho ibihangayikisha kurusha ibindi.

## Inshamake y'ibikubiye muri uyu mutwe

Muri uyu mutwe twasesenguye imyandiko ivuga ku nsanganyamatsiko y'ubuzima. Twabonye ko ubuzima buzira umuze ari isoko y'amajyambere; bityo bukaba bugomba kwitabwaho guhera umuntu agisamwa kugeza igihe azavira mu mubiri. Mu kubungabunga ubuzima kandi harimo kwirinda icyabuhungabanya nk'ingeso z'uburaya, ibiyobyabwenge no kwirinda SIDA n'izindi ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina.

Twasesenguye ubumenyi bw'ururimi bujyanye n'inshoza, ingero by'impuzanyito, imvugwakimwe, impuzashusho, ingwizanyito n'imbusane. Twabonye kandi ikibonezamvugo kijyanye n'ikomorazina mvazina aho twarebye inshoza n'inzira z'ikomorazina mvazina ndetse n'isesengura ry'amazina akomoka ku yandi mazina.

## Isuzuma rusange risoza umutwe wa kane

Nyuma yo kurangiza umutwe wa kane, umwarimu aratanga isuzuma riteganyijwe risoza umutwe wa kane, buri munyeshuri arikore ku giti ke. Nyuma y'ikosora umwarimu asuzume urwego abanyeshuri bagezeho kugira ngo niba hari ibigomba gusubirwamo, bisubirwemo.

## I. Ibibazo byo kumva umwandiko

1. **Erekana uko umuntu yagira uruhare mu gutegura ubuzima bwe bw'ejo hazaza n'ibyo yakora mu rwego rwo kubungabunga ubuzima.**
   Umuntu agomba kwitabira ishuri akajijuka kandi akumva ko ari we wa mbere bizagirira akamaro. Mu kubungabunga ubuzima harimo byinshi umuntu agomba kwitaho birimo nko kurya indyo yuzuye; gukora siporo ku buryo buhagije kandi buhoraho; kwirinda kwinaniza ku buryo burenze urugero; kwitwararika isuku yaba iy'amafunguro, iyo ku mubiri ndetse n'iy'imyambaro; guteganyiriza ubwishingizi bw'ubuzima n'ubw'indwara; kwivuza hakiri kare igihe yarwaye no gufata inkingo igihe cyose bibaye ngombwa; no gufata umwanya uhagije w'ikiruhuko
2. **Uhereye no ku mwandiko garagaza impanuka zishobora kwangiza ubuzima bw'umuntu yabigizemo uruhare.**
   Kwiyahura mu businzi, mu biyobyabenge, mu busambanyi, mu guhungabanya umutekano w'Igihugu n'ibindi.
3. **Gira icyo uvuga kuri aya magambo dusanga mu mwandiko: "Icyo umuntu azaba cyo hari igihe agomba kugiharanira."**
   Ibi bishaka kuvuga ko umuntu atagomba kwiyicarira ngo areke gukora nk'aho ibyo akeneye bizamwizanira. Agomba kandi no gufata ingamba zo kwirinda ibyamugirira nabi; akamenya kandi ko kwirinda biruta kwivuza.
4. **Gereranya ibivugwa muri uyu mwandiko n'umutwe wahawe.**
   Umutwe w'umwandiko uvuga ko amagara aseseka ntayorwe, kandi no mu mwandiko bagaragaza ko umuntu agomba kwirinda ku buryo bushoboka ibyamwangiriza ubuzima. Bitabaye ibyo rero ibyamubaho ntiyashobora kubisubiza inyuma ngo byemere, aribyo bihuye n' uko amagara aseseka ntayorwe.
5. **Garagaza inyungu igihugu kigira mu kuba gituwe n'abantu bafite ubuzima buzira umuze.**
   Igihugu kigira inyungu ikomeye mu gihe abagituye bafite ubuzima buzira umuze kuko bahorana imbaraga zo gukorera Igihugu cyabo mu nzego zinyuranye z'ubuzima bwacyo: mu bikorwa biteza imbere

ubukungu, mu kugicungira umutekano no kukibungabungira ubusugire; mu bikorwa by'uburezi, iby'ubuzima n'ibindi.

## II. Inyunguramagambo

1. Shaka ibisobanuro by'amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko:
   - a) **Ntabasekere**: Ntabahire, ntiyemere kubasanga
   - b) **Guca akenge**: Gutangira kuba mukuru no kugira icyo umenya ku buzima busanzwe
   - c) **Gusumira:** Gufata umuntu/ikintu n'imbaraga nyinshi
   - d) **Guca ibintu**: Kwangiza mu buryo budasanzwe
   - e) **Bibunyuze mu ryoya**: Bibutware ntawurasobanukirwa
   - f) **Ivuza ubuhuha** : Ihemukira abantu cyane
2. Shaka amagambo y'impuzanyito z'aya akurikira:
   - a) **Imibereho** :Uubuzima
   - b) **Kugiharanira**: Kugishakisha, kukirwanira
   - c) **Butamuca**: Butamunyura
3. Shaka amagambo y'imbusane z'aya akurikira:
   - a) **Nyuma** ≠ mbere
   - b) **Kubirwanya** ≠ kubishyigikira
   - c) **Byinshi** ≠ bike

## III. Ikibonezamvugo n'ubumenyi bw'ururimi

1. Mu magambo make ashoboka sobanura amagambo akurikira utange n'ingero ebyiri zayo nuragiza uzikoreshe mu nteruro ngufi kandi ziboneye:
   - a) Impuzanyito
   - b) Imvugwakimwe
   - c) Impuzashusho
   - d) Ingwizanyito
   - e) Imbusane

**Ibisubizo:**

**Impuzanyito** ni amagambo ahuje inyito. Ni ukuvuga ko ayo magambo aba ahuje igisobanuro.

*Ingero:*

**gutwita**: **kugira inda**

- Umugore **utwite** agomba gufata indyo yuzuye.
- Umugore **ufite inda** agomba gufata indyo yuzuye.

**Imvugwakimwe** ni amagambo yandikwa kimwe kandi agasomwa kimwe ariko nta ho ahuriye mu bijyanye n'inyito cyangwa igisobanuro. Urugero: **Intara**

- Intara ni rumwe mu nzego z'ubuyobozi bw'Igihugu cyacu.
- Mpereza iyo ntara nigosorere ibishyimbo.

**Impuzashusho** ni amagambo yandikwa kimwe ariko adasomwa kimwe kandi nta ho ahuriye mu bijyanye n'inyito cyangwa igisobanuro. Urugero: **Gutara**

- gutara: Ejo iwacu bataze ibitoki mu rwina rushya.
- gutara: Mwibuke kujya gutara twa tugori tuduteke dore uyu mwaka twararumbije.

**Ingwizanyito** ni ijambo riba rifite inyito zitandukanye. Ni ukuvuga ko inyito z'iryo jambo ziba zifite aho zihurira, ariko zikagenda ziitandukanaho gato bitewe n'imvugiro yakoreshejwe. Urugero: **Gusoma**

- Mu bukwe, abasangwa bahawe ibinyobwa baba basoma **bategereje** abashyitsi.
- Abasoma ibinyamakuru bagomba gushishoza kuko hari n'ibijya byandika inkuru z'ibinyoma.

**Imbusane** ni amagambo afite inyito zikoze ikinyuranyo ari byo byitwa kubusana. Ni ukuvuga ko inyito zayo zivuguruzanya mu ngingo abumbatiye.Urugero: **kirekire ≠ kigufi**

-Igihe kirekire k'izuba kitwa impeshyi cyangwa iki naho ikigufi kikitwa urugaryi.

2. Tanga inshoza y'ikomorazina mvazina, unatange nibura inzira ebyiri mu nzira z'ikomorazina mvazina utanga n'ingero ebyiri kuri buri nzira muri izo watanze.

**Ibisubizo:**

Ikomorazina mvazina ni igikorwa cyo kurema amazina mashya bahereye ku yandi mazina.

Inzira ebyiri mu nzira z'ikomorazina mvazina:

**Isubiramo ry'igicumbi k'izina.**

***Ingero:***

- **Igitenetene** kivura indwara nyinshi.
- Umukobwa ufite uburanga bavuga ko ari **ikizubazuba**.

**Iyongera ry'akabimbura mu izina ryari risanzwe**

***urugero:***

- **Umunyeshuri** mwiza arangwa n'isuku n'**ikinyabupfura**.

3. Sesengura amazina yanditse mu nyuguti z'umukara tsiri mu nteruro zikurikira werekane n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe mu mpine:
   a) Umuntu umaze guca **akenge** yita ku kubungabunga ubuzima bwe.
   b) Uwakwigira indangare ubuzima bwe bwamuca mu **myanya** y'**intoki**.
   c) SIDA n'izindi **ndwara** zandurira mu **mibonano** mpuzabitsina ziraca **ibintu**.
   d) Mu nyigisho y'**Ikinyarwanda** twigamo n'indangagaciro harimo no kwirinda ingeso mbi nk'ubusinzi, ubusambanyi, ibiyobyabwenge.

**Ibisubizo:**

| Izina | Intego | Itegeko |
|---|---|---|
| Akenge | a-ka-enge | a→ ɸ /-J |
| Myanya | ɸ-mi-anya | i→ y /-J |
| Intoki | i-n-toki | Nta tegeko. |
| Ndwara | ɸ -n-rwara | → d /n- |
| Mibonano | ɸ-mi-bon-an-o | Nta tegeko. |
| Ibintu | i-bi-ntu | Nta tegeko. |
| Ikinyarwanda | i-ki-nya-rwanda | Nta tegeko. |

## IV. Ihangamwandiko

Mu mirongo itarenze makumyabiri n'itanu, hanga umwandiko uvuga ku nsanganyamatsiko y'ubuzima buzira umuze.

**Ibyitabwaho mu ikosora mwandiko:**

- Umutwe, intangiriro, igihimba n'umwanzuro
- Ingingo zatanzwe
- Isuku n'imyandikire

# 5 Umuco nyarwanda

## (Umubare w'amasomo: 16)

**Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:**

- Gusesengura igitekerezo cya rubanda no kuvuga akoresha neza imigani migufi n'amagambo yabugenewe avuga ku mata, ku nka, ku cyansi no ku gisabo,
- Gusesengura ibinyazina nyereka n'ibinyazina mbanziriza.

### Umwandiko: Ubuvanganzo bwo muri rubanda

### Intera ya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko

***Intego:***

Umunyeshuri yifashishije inkoranya n'umwandiko wasomwe, araba ashobora:

- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko
- Gusobanura amagambo adasobanukiwe
- Gusoma yubahiriza utwatuzo n'isesekaza
- Gukoresha mu nteruro ngufi kandi ziboneye amagambo yungutse.
- Gusobanura ubuvanganzo bwo muri rubanda icyo ari cyo

**Imfashanyigisho:**

Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko uvuga ku buvanganzo bwo muri rubanda, igitabo cy'umwarimu n'inkoranyamagambo.

**I. Ivumburamatsiko**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko yo mu mwandiko bagiye gusoma.

**Urugero rw'ibibazo yababaza:**

1. **Murabona iki kuri iyi shusho?**
   Abana b'abakobwa n'abahungu bicaye basa n'abakoze uruziga bakikije umuntu w'umusaza.
2. **Murabona uriya musaza afite imyambarire imeze ite?**
   Yiteye umwitero w'umweru bimwe bya Kinyarwanda.
3. **Uriya musaza se murabona akora iki?**
   Asa n'uganiriza bariya bana ku mateka ya kera, nk'ubacira umugani.

## II. Gusoma

**Gusoma bucece**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane maze akabarangira urupapuro ruriho umwandiko « **ubuvanganzo bwo muri rubanda** ». Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke, yamara kubona ko barangije gusoma bucece, akababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Uyu mwandiko uvuga ku biki?**
   Uvuga ku buvanganzo bwo muri rubanda.
2. **Mu mwandiko bavuze ko bugenewe ba nde?**
   Abantu bose muri rusange.
3. **Ubu buvanganzo bwahimbwe na nde?**
   Ntiwamenya uwabuhimbye; tubona tubukoresha gusa.

### Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba umunyeshuri umwumwe gusoma umwandiko aranguruye ijwi, bubahiriza utwatuzo. Bitewe n'umubare w'abanyeshuri, umunyeshuri asoma igika kimwe agasimburwa na mugenzi we kugeza umwandiko urangiye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uko ungana.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri akagenda akosora amwe mu makosa yagiye akorwa n'abanyeshuri iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira:

Kunamiriza mu gitabo mu gihe barimo gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo arimo kubasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

## I. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko mu matsinda yabo bagerageza gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko biri mu bitabo byabo no gushakisha ibisobanuro by'amagambo badasobanukiwe babonye mu mwandiko. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye, hanyuma bakaza guhuriza hamwe ibyo bagezeho mu matsinda, umwarimu akabafasha kubinoza neza.

### Ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko:

#### Ibibazo byo kumva umwandiko

1. **Vuga abo ubuvanganzo bwo muri rubanda bugenewe.**
   Bugenewe abantu bose muri rusange nta mwihariko ubayeho.
2. **Rondora zimwe mu ngeri z'ubuvangazo bwo muri rubanda zavuzwe mu mwandiko utange n'ingero nibura ebyiri kuri buri yose.**
   Ibitekerezo( icya Ngunda n'icya Semuhanuka), insigamigani (Yarezwe bajeyi, Genda shashi nkumenye nshaje), imigani migufi (Gira so yiturwa indi, Uticaranye na se ntamenya icyo sekuru yasize avuze), imigani miremire (uwa Nyashya na Baba, uwa Bakame n'impyisi) ibisakuzo (Nagutera icyo utazi utabonye: ubukumi bwa so na nyoko, Intara za nyirabangana zingana zose: isi n'ijuru).
3. **Garagaza uburyo ubu buvanganzo bwifashisha ngo bugere ku bo bugenewe.**
   Bwifashisha uruhererekane rw'amagambo(munwa-gutwi).
4. **Erekana nibura ingeso eshatu zavuzwe mu mwandiko zigaragara mu bitekerezo byo muri rubanda uvuge n'abo zivugwaho.**
   Ikinyoma (Semuhanuka), ubusambo (Ngunda) n'uburaya (Nyirarunyonga).
5. **Vuga insigamigani eshatu zavuzwe mu mwandiko utange n'izindi eshatu waba uzi zitavuzwemo.**
   Izavuzwe mu mwandiko: Ntabyera ngo de, Habe na mba, Utazi akaraye i Fumbwe araza ifu.
   Izindi: N'aho Miseke ndarwana, Yarezwe bajeyi, Bamushyize i Gorora.
6. **Ni iki cyavuzwe ku ndangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda muri uyu mwandiko?**
   Indangagaciro zigomba guharanirwa; naho kirazira nyine ikamaganwa.
7. **Ni iyihe ngeri y'ubuvanganzo yavuzwe ko ibumbatiye imitekerereze y'Abanyarwanda. Tanga ingero eshatu zayo ziri mu mwandiko n'izindi eshatu zitari mu mwandiko.**
   Ni ingeri y'imigani migufi. Ingero zo mu mwandiko: Igiti kigororwa kikiri gito, Nta mugabo umwe, Abagiye inama Imana irabasanga.

Ingero zitari mu mwandiko: Inyana ni iya mweru, Ababiri bashyize hamwe baruta umunani urasana, Agasozi kamanutse inka kazamuka umugeni.

### Inyunguramagambo

Nyuma yo gusubiza neza ibibazo byo kumva umwandiko, umwarimu asaba abanyeshuri kugaragaza ibyavuye mu matsinda ku nyunguramagambo. Amatsinda ahuriza hamwe ibyo yagezeho. Dore amwe mumagambo ashoboka gusobanurwa.

Shaka ibisobanuro by'amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:

- **a) Ubuvanganzo**: Ni igice cy'ururimi kiga ibijyanye n'ubuhanzi.
- **b) Uruhererekane munwa-gutwi**: Uvuga n'ubwirwa bakoresha imvugo.
- **c) Gukusanya**: Kwegeranya, gushyira hamwe.
- **d) Rubanda**: Umuntu ubonetse wese mu muryango runaka w'abantu.
- **e) Zirenguriraho**: Zerekezaho, zivugaho, ziganishaho.
- **f) Ikirungurira**: Indwara izamuka mu nda ikazana ibintu by'uruzi bishyushye mu muhogo, biturutse ku igogorwa ritakozwe neza.

### Imyitozo y'inyunguramagambo

Umwarimu asaba abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo mu nteruro ngufi ziboneye no kuzuza interuro bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko, ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro.

1. Koresha neza aya magambo dusanga mu mwandiko mu nteruro wihimbiye:
   - **a) Ishushanya** : Mu buvanganzo, abahanzi benshi bakoresha imvugo ishushanya.
   - **b) Itatse inganzo** : Imvugo inoze yo mu buhanzi, ni yo bita imvugo itatse inganzo.
   - **c) Rusange** : Muri rusange, ubuvanganzo bwo muri rubanda nta mwihariko bugira.
   - **d) Zitubuza** : Indangagaciro z'umuco wacu zitubuza kubeshya no kwiyandarika.
   - **e) Bwimbitse** : Dukwiye kwiga Ikinyarwanda ku buryo bwimbitse kugira ngo tukimenye neza.
2. Huza amagambo yo mu ruhushya A n'ibisobanuro byatanzwe bijyanye no yo mu ruhushya B.

| A | B |
|---|---|
| 1. Kwivugana | a. Bitangaje, birenze urugero |
| 2. Byahebuje | b. Indirimbo baririmbira abageni n'abana ngo babagushe neza. |
| 3. Irabasanga | c. Kwica |
| 4. Gufindura | d. Irabagana, iza aho bari. |
| 5. Ibihozo | e. Gutahura amakuru yari yihishe. |

**Ibisubizo:**

1. → c  2. → a  3. → d  4. → e  5. → b

## Intera ya kabiri: Gusesengura umwandiko

***Intego:***

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:

- Gusubiza neza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

**Imfashanyigisho:**

Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'ubuvanganzo.

### I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Ni uwuhe mutwe w'umwandiko duheruka kwiga?**
   Ubuvanganzo bwo muri rubanda
2. **Uvuga ku biki?**
   Ku bigize ubuvanganzo bwo muri rubanda.
3. **Ubu buvanganzo bugenewe ba nde?**
   Abantu bose muri rusange.

### II. Gusoma

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane, akababwira bakongera gusoma umwandiko bagerageza kuwumva neza cyane, no kuvumbura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziwugize, hanyuma bakaza gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

### III. Gusesengura umwandiko

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya bane hanyuma akabasaba gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Hanyuma uhagarariye buri tsinda akaza Kumurikira abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

**Ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko**

1. **Erekana ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri muri uyu mwandiko.**
   Ingingo z'ingenzi zigize ubuvanganzo bwo muri rubanda ni:
   - Abahimba ubuvanganzo bwo muri rubanda.
   - Abo ubuvanganzo bwo muri rubanda bugenewe.

   Iy'ingereka irimo ni indangagaciro z'umuco nyarwanda.

2. **Garagaza ingingo ndangamuco n'ingingo ndangamateka zigaragara muri uyu mwandiko?**
   Ingingo ndangamuco zirimo ni izi: gukosorana, guhugurana no kugirana inama binyuze mu buvanganzo no guseka ingeso mbi no gushyigikira ibikorwa byiza.

   Naho ingingo ndangamateka zibonekamo ni imikoreshereze n'imihindukire y'ubuvanganzo uko ibihe bigenda biha ibindi.

3. **Uyu mwandiko uhuriye he n'ubuzima busanzwe bw'Abanyarwanda?**
   Uyu mwandiko uhuye n'ubuzima busanzwe bwa buri munsi kuko uvuga ku buvanganzo kandi bigaragara ko ari ho Abanyarwanda bakunda kugaragariza uko babona isi ibakikije, bityo bakaboneramo n'inama z'uko barushaho kuyitunganya.

## Intera ya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro:

### Kungurana ibitekerezo ku muco nyarwanda

***Intego:***

Umunyeshuri ahereye ku nsanganyamatsiko yahawe, araba ashobora:

- Gutanga no gusobanura ibitekerezo bye agaragariza umuco nyarwanda icyubahiro mu mvugo;
- Kujora mu kinyabupfura ibitekerezo bya bagenzi be

**Imfashanyigisho:**

Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'Umwarimu.

### I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa isomo baheruka kwiga bakanavuga muri make ibikubiyemo.

*Urugero rw' ibibazo n'ibisubizo*

1. **Ubushize twize irihe somo?**
   Ubushize twize isomo ryo gusesengura umwandiko.
2. **Umwandiko twasesenguye witwaga ngo iki?**
   Ubuvanganzo bwo muri rubanda.
3. **Ni iki mwasigaranye muri iryo somo?**
   Twatahuye ingingo z'ingenzi muri uwo mwandiko. Tubona ko umwandiko wari wibanze ku bahimba ubwo buvanganzo nabo bwari bugenewe. Twanabonye kandi n'ingingo ndangamuco zikwiye kwimakazwa nko gukosorana, guhugurana no kugirana inama

## Kungurana ibitekerezo

Umwarimu yandika insanganyamatsiko yunguranwaho ibitekerezo hanyuma agasaba buri munyeshuri gufata umwanya wo kweranya ibitekerezo ku nsanganyamatsiko. iyo barangije umwarimu asaba buri munyeshuri gusangiza bagenzi be ibyo yakoze, buri wese kandi akora uwo mwitozo.

Insanganyamatsiko yunguranwaho ibitekerezo:

**Geza kuri bagenzi bawe ibyo wungutse ndetse n'ibyo uzi ku buvanganzo nyarwanda.**

## Ingero z'ibyo bavuga kuri iyi nsanganyamatsiko:

Ibyo nzi ku muco nyarwanda ni uko Abanyarwanda kuva kera na kare bari bafite indangagaciro zibaranga, bakagira na za kirazira bagomba kwirinda. Ibi rero bakagenda babyigishanya binyuze cyanecyane mu buvangazo.

Ibyo nungutse rero ni uko mu ngeri zinyuranye z'ubuvanganzo dusangamo bimwe byiza tugomba guharanira: dufashe nk'urugero rw'inama dukura mu migani migufi, uburyo bwo gutekereza no gufindura tubona mu bisakuzo, guharanira ubutwari mu bitekerezo bimwe na bimwe. Hanyuma ku rundi ruhande tukabonamo ingeso mbi ubuvanganzo bugenda budutungira urutoki ngo tuzirinde: aha twavuga nk'ubusambo, ikinyoma, no kwiyandarika byagiye bigaragara ku banyarubuga bamwe na bamwe bo mu bitekerezo byo muri rubanda.

## Umwanzuro wafatwa:

Nyuma yo kugaragaza ibitekerezo byabo buri wese avuga uko abyumva, umwarimu ahuza ibitekerezo byose akabafasha gufata umwanzuro ukwiye.

*Urugero rw'umwanzuro wafatwa*

Buri munyeshuri agomba kubahiriza indangagaciro nyarwanda ishuri ryihaye kugenderaho no kuzirikana kutagwa mu byo ryihaye nka kirazira. Aha umwarimu asaba abanyeshuri kurondora indangagaciro na kirazira by'ishuri.

## Umwandiko: "Binego bya Kajumba"

## Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

*Intego:*

Umunyeshuri yifashishije inkoranya n'umwandiko wasomwe, araba ashobora:

- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko
- Gusobanura amagambo adasobanukiwe
- Gusoma yubahiriza utwatuzo n'isesekaza
- Gukoresha mu nteruro ngufi kandi ziboneye amagambo yungutse.

**Imfashanyigisho:**

Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko uvuga ku bukwe bwa kinyarwanda, igitabo cy'umwarimu n'inkoranyamagambo.

### I. Ivumburamatsiko

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko ikibiye mu mwandiko bagiye gusoma.

*Urugero rw'ibibazo yababaza:*

1. **Kuri iki gishushanyo murabonaho iki?**
   Umugabo ufite umutana w'imyambi ku rutugu, iruhande rwe hari icumu, afoye umuheto ashaka kurasa imbogo.
2. **Iriya mbogo murabona imeze ite?**
   Ifite ihembe rimwe. isa n'ishaka kumusatira.
3. **Murabona iriya mbogo imeranye ite n'uyu mugabo?**
   Isa n'ishaka kumusatira.

## II. Gusoma

**Gusoma bucece**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane maze akabarangira urupapuro ruriho umwandiko **"Binego bya Kajumba"**. Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke, yamara kubona ko barangije gusoma bucece, akababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

*Urugero rw'ibibazo byabazwa:*

1. **Uyu mwandiko uravuga ku ki?**
   Ku mugabo wishe imbogo.
2. **Iyo mbogo yayihoye iki?**
   Yari yamwiciye se.
3. **Uyu mugabo wayishe yitwaga nde?**
   Binego bya Kajumba.
4. **Naho se yitwaga nde?**
   Ryangombe rya Babinga.

**Gusoma baranguruye**

Umwarimu asaba umunyeshuri umwumwe gusoma umwandiko aranguruye ijwi, bubahiriza utwatuzo. Bitewe n'umubare w'abanyeshuri, umunyeshuri asoma igika kimwe agasimburwa na mugenzi we kugeza umwandiko urangiye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uko ungana.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri akagenda akosora amwe mu makosa yagiye akorwa n'abanyeshuri iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira:

Kunamiriza mu gitabo mu gihe barimo gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo arimo kubasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

## III. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko mu matsinda yabo bagerageza gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko biri mu bitabo byabo no gushakisha ibisobanuro by'amagambo badasobanukiwe babonye mu mwandiko. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye, hanyuma bakaza guhuriza hamwe ibyo bagezeho mu matsinda, umwarimu akabafasha kubinoza neza.

**Ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko:**

1. **Binego bya Kajumba yari mwene nde? Umwuga wa se wari uwuhe?**
   Yari mwene Ryangombe rya Babinga.Umwuga wa se wari uguhiga.
2. **Vuga izina ry'umuhigi wa Ryangombe ugaragaze n'ibitekerezo bye ku muhigo wa shebuja uvugwa muri uyu mwandiko.**
   Uwo muhigi ni Nyarwambari. Ibitekerezo byari uko shebuja yasubika umuhigo kubera impungenge zari zimaze kugaragazwa na Nyiraryangombe.
3. **Umuhigo wa Ryangombe ntiwavugwagaho rumwe n'abantu batandukanye. Abo bantu ni ba nde? Ibitekerezo byabo byabusanaga bitewe n'iki?**
   Abo bantu ni Ryangombe ubwe ku ruhande rumwe; naho ku rundi ruhande hakaba nyina Nyiraryangombe n'umuhigi we Nyarwambari. Ibitekerezo by'izi mpande zombi byabusanaga kubera ko bamwe bemeraga ko inzozi z'ibyago babonye ari impamo naho Ryangombe akabihakana.
4. **Sobanura ukuntu inyamaswa Nyiraryangombe yarose zari zidasanzwe. Ese uko kuba zidasanzwe byasuraga iki?**
   Zarimo urukwavu rutagira ishyira ku murizo, impongo y'impenebere n'imbogo y'ihembe rimwe. Uko kuba zidasanzwe byasuraga urupfu rwa Ryangombe.
5. **Sobanura isano Binego bya Kajumba yari afitanye na Nyiraryangombe. Ese uyu mukecuru hari icyo yamufashije mu rugamba rwo kujya guhorera se? Bisobanure.**
   Binego bya Kajumba yari umwuzukuru wa Nyiraryangombe. Icyo uyu yamufashije ni uko yamuhaye itabi ryo kwiyobya ubwenge akamuha n'ibikoresho by'urugamba bya se.
6. **Mbese uyu mwandiko hari aho ugaragaza amakabyankuru? Byerekanishe ingero.**
   Amakabyankuru arimo.
   Ingero z'amakabyankuru:
   - Agera nubwo atambika umweko we mu bikingi by'amarembo.
   - Kuvumbura inyamaswa z'amayobera yajya kuzica ibikoresho bikifungira mu biganza.
   - Gushumuriza impigi imbogo y'ihembe rimwe zose inzogera ikirenga
   - Imbogo y'ihembe rimwe izi kwizibukira imyambi bayirashe n'amacumu bayitera
   - Gutekera imishandiko ikenda y'itabi inshuro imwe gusa
   - Gusimbuka agafata imbogo ku gakanu akayishinga icumu mu rwano,.....
7. **Sobanura uko Binego bya Kajumba yagaragaje ubuhangange ahorera se ku mbogo yari yamwivuganye.**
   Yarayisimbukiye ayifata ku gakanu ayishinga icumu mu rwano arayigusha, ayikata igihanga akibambisha ku ka rubanda; yurira igiti amanura umurambo wa se aragenda awuhamba iruhande rw'aho yabambye igihanga cya ya mbogo

### Inyunguramagambo

Nyuma yo gusubiza neza ibibazo byo kumva umwandiko, umwarimu asaba abanyeshuri kugaragaza ibyavuye mu matsinda ku nyunguramagambo. Amatsinda ahuriza hamwe ibyo yagezeho. Dore amwe mu magambo ashobora gusobanurwa n'ibisobanura byayo.

Shaka ibisobanuro by'amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:

- **a)** **Impigi**: Imbwa bakoresha bahiga inyamaswa.
- **b)** **Impenebere**: Umuntu cyangwa inyamaswa y'inyamabere ifite utubere duto cyane.
- **c)** **Gukabya inzozi**: Kuba ibyo urota bikunda kubaho.
- **d)** **Impanuro**: Inama umuntu aha undi cyanecyane zikomoka ku bunararibonye.
- **e)** **Iramukunkumura**: Imwica nabi.
- **f)** **Yahindurije**: Yarakaye bikabije
- **g)** **Iramukunkumura:** Iramuzunguza

### Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro

Umwarimu asaba abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo mu nteruro ngufi ziboneye no kuzuza interuro bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko, ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro.

Ingero z'interuro ngufi zishobora kuboneka:

1. Koresha aya magambo mu nteruro wihimbiye kandi ziboneye
   - **a)** **Karosi** : Iyo umuntu ari karosi hari abantu bamwe batamukunda.
   - **b)** **Inzogera irirenga** : Uko Nyarwambari yashumurizaga impigi za shebuja ya mbogo yabonaga inzogera yirenga.
   - **c)** **Imurahira aho bavoma** : Akigerageza kwica ya mbogo ihita imurahira aho bavoma.
   - **d)** **Arivovota** : Binego bya Kajumba akimara kwica ya mbogo arivuga arivovota.
   - **e)** **Umuyonga** : Iyo bacanye ishinge cyangwa ibirere umuyonga uratumuka.

## Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

***Intego:***

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:

- Gusubiza neza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

**Imfashanyigisho:**

Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshhuri ( n'izindi wabona ko ari ngombwa).

## I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

*Urugero rw'ibibazo yababaza:*

1. **Umwandiko duheruka gusoma ufite uwuhe mutwe?**
   Binego bya Kajumba.
2. **Uvuga ku biki muri make?**
   Kuri Ryangombe rya Babinga wishwe n'imbogo ariko umuhungu we Binego bya Kajumba akamuhorera.
3. **Iyo mbogo yishe Ryangombe bahuriye he?**
   Ni we wayigemuriye mu ishyamba rya Rurengamiganyiro.

## II. Gusoma

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane, akababwira bakongera gusoma umwandiko bagerageza kuwumva neza cyane, no kuvumbura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziwugize, hanyuma bakaza gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

## III. Gusesengura umwandiko

Umwarimu asaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko bari mu matsinda ya banebane. Hanyuma uhagarariye buri tsinda akamurikira abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

**Ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko**

1. **Vuga ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri muri uyu mwandiko**.
   Ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko ni izi: impungenge za Nyiraryangombe ku muhigo w'umuhungu we; imigendekere y'uwo muhigo n'urupfu rwa Ryangombe n'uko Binego bya Kajumba yahoreye se.
   Ingingo z'ingereka zirimo: inzozi; ubusambanyi; kunywa itabi; kwivuga.
2. **Erekana ingingo z'umuco n'iz'amateka zigaragara muri uyu mwandiko.**
   Ingingo z'umuco:

Kugira impungenge ku nzozi; Gutanga impanuro aho biri ngombwa;Kubika uwitabye Imana; Kwivuga.

Ingingo z'amateka:

Guhigisha impigi, kurwanisha amacumu n'imyambi n'umuheto, umuhigo,...

3. **Uyu mwandiko hari ibikorwa bigaragaza ubutwari waba ugaragaza?**

   Yego. Nko kudatinya kujya ku muhigo(ku rugamba), guhorera uwawe,....

4. **Wishyize mu mwanya wa Ryangombe wumva wari gukora iki nyuma y'impanuro z'umubyeyi wavugaga ko yamuroteye nabi?**

   Nari kwihangana ngasibira uwo munsi nkareba icyo biza gutanga. Nemera ko inzozi zishobora kubamo ukuri; gusa umuntu ntazigendereho gusa ahubwo akamenya gushishoza kuko hari n'igihe ibyo umuntu yarose bitagira aho bihurira n'ukuri.

## Intera ya gatatu: Igitekerezo cyo muri rubanda

***Intego:***

Umunyeshuri ahereye ku nteruro yahawe, araba ashobora:

- Kuvuga nibura uturango dutatu tw'igitekerezo cyo muri rubanda.
- Gusobanura ubuvanganzo bwo muri rubanda icyo ari cyo.

**Imfashanyigisho:**

Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'ubuvanganzo.

### I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa amasomo bize mbere afitanye isano n'iryo bagiye kwiga bakavuga muri make n'ibyari bikubiyemo.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Ni iki mwibuka mwize ku buvanganzo?**

   Ubuvanganzo bwo muri rubanda

2. **Ku buvanganzo bwo muri rubanda mwibukaho iki?**

   Bimwe mu bibugize.

3. **Ni nk'ibihe?**

   Ibitekerezo byo muri rubanda, insigamigani, imigani, ibisakuzo n'ibindi.

## Igitekerezo cyo muri rubanda

Umwarimu arifashisha ingero z'interuro zirimo uturango tw'igitekerezo azandike ku kibaho, azibazeho ibibazo bifasha abanyeshuri kuvumbura inshoza n'uturango tw'igitekerezo.

Soma interuro zikurikira nurangiza ugire icyo uzivugaho ugendeye cyanecyane ku magambo yanditse mu nyuguti z'umukara tsiri uyagereranya n'ibibaho mu buzima:

- Mu byo Nyiraryangombe yarotaga **ntakitarasohoraga**.
- Ari impiri, icumu n'ibindi bikoresho byose bageragezaga kuzicisha ngo **byifungiraga mu biganza.**
- **Imutendeka mu giti** cy'umuko ari wo murinzi.
- Imishandiko **kenda y'itabi ayitekerera icyarimwe, atumura umwotsi umwe amena umuyonga**.
- **Arayisimbukira ayifata ku gakanu** ayishinga icumu mu rwano **arayigusha.**

**Izi nteruro urazibona ute ugereranyije n'ibintu bibaho mu buzima?**

Zivuga ibintu byabaho ariko zikongeramo amakabyankuru.

## Inshoza y'igitekerezo

**Igitekerezo** ni ingeri y'ubuvanganzo yubakiye ku mwibariro w'ibitangaza bigaragaramo amakabyankuru. Igitekerezo kijya kumera nk'umugani muremure kuko na wo ubamo amakabyankuru n'ibitangaza, ariko mu mugani ibivugwa bibera mu isi y'umugani igizwe n'ibitangaza gusagusa. Mu gihe mu gitekerezo dushobora gusangamo uturango tw'amateka n'ahantu hasanzwe hazwi.

## Uturango tw'igitekerezo

Igitekerezo ni ubwoko bw'umwandiko w'ubuvanganzo uteye ku buryo bw'ibarankuru, uvuga ku bantu batabayeho cyangwa bashobora kuba barabayeho mu muryango rusange w'abantu. Uvuga ibyababayeho ariko ukagenda wongeramo n'amakabyankuru menshi. Umutekereza agerageza kunoza no kuryoshya imvugo akoresha kugira ngo abo agezaho igitekerezo bamutege amatwi bashishikaye. Amakabyankuru yo mu gitekerezo agaragarira mu bikorwa bivugwamo, mu bantu ndetse n'aho ibyo bikorwa byabereye, hashobora kuba hazwi muri uwo muryango uvugwamo iyo nkuru.

***Ingero z'ibitekerezo byo muri rubanda:***

1. Igitekerezo cya Ndabaga
2. Igitekerezo cya Ngunda
3. Igitekerezo cya Semuhanuka
4. Igitekerezo cya Nyirarunyonga

**Imyitozo**

Umwarimu arangira abanyeshuri aho imyitozo iri mugitabo cy'umunyeshuri hanyuma akabasaba buri wese kuyikora kugiti ke..

1. **Shaka mu mwandiko izindi nteruro zigaragaza ko umwandiko ari igitekerezo.**

   Agera n'ubwo atambika umweko we mu bikingi by'amarembo ngo ataharenga. Asimbuka urugo aragenda.

2. **Tanga ibindi bitekerezo byo muri rubanda uzi unavuge gato ku bivugwa ku mukinankuru mukuru uvugwamo.**

   Icya Serugarukiramfizi bavuga ko yakundaga ibirunge bikabije ku buryo ngo iyo batekaga ibindi bitari ibirunge ataryaga.

Icya Nyirarunyonga bavuga ko yari igisambo cyane, ariko kandi ngo akagira n'ingeso yo gukunda abagabo ku buryo bukabije.

## Intera ya Kane: Imigani migufi

*Intego:*

Umunyeshuri ahereye ku nteruro zo mu mwandiko yasomye, araba ashobora:

- Gutahura imigani migufi no kuvuga inshoza yayo.
- Gukoresha neza imigani migufi mu mvugo no mu nyandiko.

**Imfashanyigisho:**

Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'ubuvanganzo.

## I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa amasomo bize mbere afitanye isano n'iryo bagiye kwiga bakavuga muri make n'ibyari bikubiyemo.

*Urugero rw'ibibazo yababaza*

1. **Ni iki mwibuka mwize ku buvanganzo?**
   Ubuvanganzo bwo muri rubanda
2. **Ku buvanganzo bwo muri rubanda mwibukaho iki?**
   Bimwe mu bibugize.
3. **Ni nk'ibihe?**
   Ibitekerezo byo muri rubanda, insigamigani, imigani, ibisakuzo n'ibindi.

## Imigani migufi

Umwarimu yifashishije ingero z'imigani migufi arayandika ku kibaho, ayibazeho ibibazo bifasha abanyeshuri kuvumbura inshoza n'uturango tw'imigani migufi.

Itegereze interuro zikurikira nurangiza uvuge imiterere yazo ugendeye ku butumwa bukubiyemo.

- "Uwitonze akama ishashi".
- "Ntawuvuma iritararenga".
- "Nyamwanga kumva ntiyanze kubona".
- "Irya mukuru riratinda ntirihera".
- "Igiti kigororwa kikiri gito".
- "Abagiye inama Imana irabasanga".

### Urabona izi nteruro zibumbatiye ubuhe butumwa?

Ubutumwa bwo kugira inama umuntu, kumuhanura, kumwigisha.

**Inshoza y'umugani mugufi**

**Umugani mugufi** bakunze kuwita kandi umugenurano. Umugani mugufi ni imvugo ikoresha amagambo make, nyamara igisobanuro ari kirekire kandi kirimo ubutumwa ku buryo bw'amarenga, impanuro n'inyigisho zitandukanye. Umugenurano ugizwe n'imvugo izimije kandi ishushanya, kugira ngo uwumve, bisaba kuwusobanukirwa mu buryo bubiri bukurikira: uburyo bwa mbere bisaba kubanza kumva neza amagambo yose awugize, uburyo bwa kabiri bikaba kumva imvugo shusho iba yakoreshejwe. Ngo umugani ungana akariho. Ni ukuvuga ko abaca umugani babiterwa n'ibyo babona cyangwa babamo umunsi ku wundi.

Ubutumwa bukubiye mu mugenurano, buba bugamije kugira inama uwo bugenewe mu rwego rwo kumwereka ibyamugirira nabi ngo abyirinde, ibyo yakoshejemo ngo yikosore cyangwa se ibikwiye gukorwa bakamuhanura, bamukangurira kubyitabira. Iyi ngeri y'ubuvanganzo ikubiyemo ubuhanga buhanitse bw'imikoreshereze y'ururimi, bugaragaza gukeneka ururimi ndetse n'umuco wa ba nyirarwo.

Muri uyu mugenurano: "Usuzugura agafu kakakujyana ku mugezi" uwashaka kuwumva neza agomba kubanza kwiyumvisha icyo ariya magambo ane (gusuzugura, ifu, kujya, ku mugezi) awugize asobanuye. Hanyuma kumva icyo bagenuriraho ni ukugerageza kumva imvugo ishushanya yakoreshejwe, kuko niba ugomba kuvuga umutsima, naho agafu kaba gake, udafite amazi wabigenza ute? Kabe gake cyangwa kenshi ni ngombwa ngo uge kuvoma amazi. Uyu mugani wawucira umuntu ubona ko ashaka kugira ibintu adaha agaciro bikwiye mu buzima.

**Uturango tw'umugani mugufi:**

- Umugani mugufi ukoresha amagambo make atarenze interuro imwe igizwe n'ibice bibiri byuzuzanya.
- Umugani mugufi ukoresha imvugo igenura, ikosora, ihanura, yigisha, iburira.
- Umugani mugufi ugira igisobanuro shusho ukanagira igisobanuro gishingiye ku magambo awugize.
- Umugani mugufi ukoresha imvugo yuje ikeshamvugo

**Ingero z'imigani migufi:**

- Uwitonze akama ishashi.
- Amatwi arimo urupfu ntiyumva.
- Nyamwanga kumva ntiyanze kubona.
- Irya mukuru riratinda ntirihera.
- Abwirwa benshi akumva beneyo.

Imigani migufi y'Ikinyarwanda, ifatiye ku ngingo zinyuranye zo mu buzima busanzwe. Umuntu yavuga nk' ubupfura, ubuzima n'urupfu, uburezi n'uburere, ubucuti n'ubufatanye, imico n'imyifatire, inkomoko, inka, amakenga n'izindi. Hari n'imigani imwe n'imwe usanga ihuza ingingo zirenze imwe.

## Dore ingero z'imigani migufi y'Ikinyarwanda ifatiye kuri zimwe muri izo ngingo:

**Ubupfura**

Aho imfura zisezeraniye ni ho zihurira.

Imfura ishinjagira ishira.

Imfura igwa mu mfuruka.

Ubupfura buba mu nda.

Ubukungu ntibukura ubukuru.

**Ubuzima n'urupfu**

Amagara araseseka ntayorwa.

Ubwenge si ubugingo umupfumu ntiyapfuye.

Indishyi y'urupfu ni ukubyara.

Ntarutamburira imfusha.

Aho umwana ashishiye ni ho atetera.

**Uburezi n'uburere**
Uburere buruta ubuvuke.
Ubwenge burarahurwa.
Igiti kigororwa kikiri gito.
Umwana apfa mu iterura.
Utaganiriye na se ntameya icyo sekuru yasize avuze.

**Ubucuti n'ubufatanye**
Inshuti iruta inshuro.
Ababiri bishyize hamwe baruta umunani urasana.
Agasaza kamwera akandi kuzakamwa.
Ifuni ibagara ubucuti ni akarenge.
Gira so yiturwa indi.

**Imico n'imyifatire**
Izina ni ryo muntu.
Kora ndebe iruta vuga numve.
Umwana murizi ntakurwa urutozi.
Ihene mbi ntuyizirikaho iyawe.
Hanyurwa umutima inda ni igisambo.

**Inkomoko**
Inyana ni iya mweru.
Ntayima nyina akabara.
Amata asabwa aho ari.
Nta rutundo rubura indamu.
Mwene samusure avukana isunzu.

**Inka**
Inka utanze iruta iyo utunze.
Iyanze kuzimira irabira.
Iya babiri ntikobwa.
Agasozi kamanutse inka kazamuka umugeni.
Inka imwe itashye iruta ijana riragurwa.

**Amakenga n'ubushishozi**

Akarenze impinga karushya ihamagara.

Isuri isambira byinshi igasohoza bike.

Inkunguzi y'inkware ishoka agaca kayireba.

Nta nkuba ikubita umunyabugingo.

Akagozi kaziritse ku nkuru bijyana mu nkono

**Umwitozo ku migani migufi**

Umwarimu arashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane maze ababwire bahange umwandiko ku nsanganyamatsiko bihitiyemo ariko umwandiko ukaba wiganjemo imigani migufi. Umwarmu arakosora akurikije uko bakoze.

**Hanga umwandiko ku nsanganyamatsiko wihitiyemo, wiganjemo imigani migufi y'Ikinyarwanda.**

## Umwandiko: Ubukwe bwa Kinyarwanda

### Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

***Intego:***

Umunyeshuri yifashishije inkoranya n'umwandiko wasomwe, araba ashobora:

- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko
- Gusobanura amagambo adasobanukiwe
- Gusoma yubahiriza utwatuzo n'isesekaza
- Gukoresha mu nteruro ngufi kandi ziboneye amagambo yungutse.
- Gusobanura imihango inyuranye y'ubukwe bwa Kinyarwanda

**Imfashanyigisho:**

Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko uvuga ku bukwe bwa Kinyarwanda, igitabo cy'umwarimu n'inkoranyamagambo.

### I. Ivumburamatsiko

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko ikubiye mu mwandiko bagiye gusoma.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Kuri iki gishushanyo murabonaho iki?**
   Inka zifite amahembe maremare n'umugabo umeze nk'umushumba.

2. **Uriya mugabo ari kumwe na nde?**
   Hirya no hino ye hari ibyiciro by' abantu b'ingeri zitandukanye bicaye basa n'abateze amatwi.
3. **Muratekereza ko bariya bantu bakora iki hariya?**
   Bameze nk'abari mu misango y'ubukwe cyangwa ibindi birori.

## II. Gusoma

### Gusoma bucece

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane maze akabarangira urupapuro ruriho umwandiko **"Ubukwe bwa kinyarwanda"**. Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke, yamara kubona ko barangije gusoma bucece, akababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

***Urugero rw'ibibazo byabazwa:***

1. **Uyu mwandiko uravuga ku ki?**
   Ku bukwe bwa kinyarwanda.
2. **Ni ikihe gice kibimburira ibindi mu bigize ubukwe?**
   Gufata irembo.
3. **Ibiganiro byo mu bukwe biba bisangiwe na ba nde?**
   Umusangwa mukuru n'umukwe mukuru.
4. **Mu muco nyarwanda umugeni yakobwaga iki?**
   Yakobwaga inka.

### Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba umunyeshuri umwumwe gusoma umwandiko aranguruye ijwi, bubahiriza utwatuzo. Bitewe n'umubare w'abanyeshuri, umunyeshuri asoma igika kimwe agasimburwa na mugenzi we kugeza umwandiko urangiye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uko ungana.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri akagenda akosora amwe mu makosa yagiye akorwa n'abanyeshuri iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira:

Kunamiriza mu gitabo mu gihe barimo gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo arimo kubasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

## III. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko mu matsinda yabo bagerageza gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko biri mu bitabo byabo no gushakisha ibisobanuro by'amagambo badasobanukiwe babonye mu mwandiko. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye, hanyuma bakaza guhuriza hamwe ibyo bagezeho mu matsinda, umwarimu akababafasha kubinoza neza.

**Ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko:**

1. **Umuranga yari muntu ki?**

   Yari umuntu w'inyangamugayo wahabwaga ubutumwa bwo gukusanya amakuru ku mugeni umuryango w'umusore wifuza gusaba.
2. **Vuga akamaro k'umuranga mu gihe cyashize no muri iki gihe tugezemo.**

   Mu gihe cyashize yabaga ngombwa mu guhuza iyo miryango yombi; ariko muri iki gihe ntbwo agaragara cyane kuko ubu umusore n'umukobwa bariyumvikanira ubundi bakageza umushinga wabo ku babyeyi.
3. **Ufatiye ku mwandiko, vuga nibura imihango itatu ya ngombwa yo mu bukwe bwa kinyarwanda.**

   Gufata irembo, gusaba no gukwa, gushyingira.
4. **Ufatiye ku mwandiko n'ibyo ubona muri iki gihe, ni uwuhe muhango utagikorwa muri iki gihe?**

   Gutwikurura ni byo usanga bigenda bicika ahenshi bakageza umugeni mu rugo gusa; ariko wa muhango ntukorwe nkuko kera byagendaga.
5. **Vuga imihango y'ubukwe bwa kinyarwanda ishobora kubera umunsi umwe.**

   Gusaba no gukwa
6. **Mu bukwe nyarwanda bw'iki gihe ni iyihe mihango ubona idashobora kubera umunsi umwe? Sobanura impamvu.**

   Gusaba no gutekesha. Impamvu ni uko bizwi neza ko uyu muhango wo gutekesha ubaho nibura nyuma y'iminsi mike umugeni n'umusore babana
7. **Garagaza ababaga hafi y'umugeni mu gitaramo cy'ubukwe n'inshingano zabo muri icyo gihe.**

   Ba nyirasenge bo kumugira inama z'uko azafata neza umugabo we; n'abakobwa b'urungano rwe bo kumuririmbira.
8. **Sobanura mu buryo bwimbitse ibijyanye n'umuhango w'itekesha**.

   Uwo muhango wabagamo kubaterera amashyiga bakazana inkono n'ikibindi cyo kuvomesha ndetse n'uruho rwo kudaha amazi, bakarika umutsima, ahenshi wabaga ari uw'uburo. Umugabo na nyirabukwe w'umugeni bakamufasha kuvuga umutsima, bakawurisha ibishyimbo by'umubaga. Abari aho bose bakaryaho, barangiza buri wese ufite icyo atekesha akagitanga , yaba amatungo cyangwa ibikoresho,...

## Inyunguramagambo

Nyuma yo gusubiza neza ibibazo byo kumva umwandiko, umwarimu asaba abanyeshuri kugaragaza ibyavuye mu matsinda ku nyunguramagambo. Amatsinda ahuriza hamwe ibyo yagezeho.

Shaka ibisobanuro by'amagambo cyangwa amatsinda y'amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:

a) **Gufata irembo** :kujya gutangira gahunda zo gusaba umugeni mu muryango mwamubonyemo.
b) **Gucyocyorana**: kubwirana amagambo ameze nko gusererezanya.
c) **Utaracuya**: utarahinduka ukundi, utarahidura isura.
d) **Amarwa**: ikigage, inzoga y'amasaka.
e) **Guheka umugeni**: kumuherekeza bamushyiriye umusore wamusabye.

### Imyitozo y'inyunguramagambo

Umwarimu asaba abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo mu nteruro ngufi ziboneye no kuzuza interuro bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko, ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro.

1. Koresha amagambo akurikira mu nteruro ngufi kandi ziboneye:
   a) **Igicuba** : Abatunze inka nyinshi biyambaza n'igicuba mu kubika amata yabo.
   b) **Kwarika umugeni** : Mu gihe cyo kwarika umugeni haba hari abashinzwe kumugira inama
   c) **Kumuhanura** : Iyo bagira umugeni inama byitwa kumuhanura.
   d) **Abantu bifite** : Mu bukwe bw'abantu bifite hagaragaramo ibinyobwa bihenze.
2. Shaka impuzanyito z'aya magambo akurikira:
   a) **Wabimburiraga** : wabanzirizaga, watangiriraga
   b) **By'ineza**: by'amahoro, by'umutuzo
   c) **Gusurana** : kugendererana
3. Shaka imbusane z'aya magambo akurikira:
   a) **Kuryemererwa** ≠ kuryangirwa , kuryimwa
   b) **Ibiribwa** ≠ ibinyobwa
   c) **Akaga** ≠ ibyishimo, umunezero
4. Uzurisha interuro zikurikira amagambo cyangwa itsinda ry'amagabo dusanga mu mwandiko:
   a) Mu misango y'ubukwe bavuga ko baje gusaba irembo ry'**umugeni.**
   b) Iyo basaba umugeni bakoresha ikiganiro **kinogeye** amatwi.

c) Byari ikizira **kikaziririzwa** ko usaba umugeni arya ataravuga ikimugenza.
d) Mu muhango w'itekesha ahenshi bagabura umutsima w'**uburo**

## Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

***Intego:***
Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:

- Gusesengura umwandiko agaragaza ingingo z'ingenzi zikubiye mu mwandiko
- Gusubiza neza ibibazo byo gusesengura umwandiko.
- Kugaragaza ingingo z'umuco w'Abanyarwanda n'iz'amateka ziri mu mwandiko

**Imfashanyigisho:**
Igitabo cy'Umwarimu, igitabo cy'Umunyeshuri (n'izindi wabona ko ari ngombwa ).

### I. Isubiramo:

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakanavuga muri make ibikubiyemo.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Umwandiko duheruka gusoma ufite uwuhe mutwe?**
   Ubukwe bwa kinyarwanda.
2. **Uvuga ku biki muri make?**
   Ku misango n'ibice by'ubukwe bwa kinyarwanda.
3. **Ibyo bice by'ubukwe bwa kinyarwanda ni ibihe muri iki gihe?**
   Gufata irembo, gusaba no gukwa, gusezerana mu mategeko, gusezerana imbere y'Imana, guheka umugeni no kumutwikurura, hanyuma hakazabaho no gutekesha.

### II. Gusoma

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane, akababwira bakongera gusoma umwandiko bagerageza kuwumva neza cyane, no kuvumbura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziwugize, hanyuma bakaza gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

### III. Gusesengura umwandiko

Umwarimu asaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Hanyuma uhagarariye buri tsinda akamurikira abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

**Ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko**

1. **Erekana ingingo z'ingenzi ziri muri uyu mwandiko.**
   Ingingo z'ingenzi ni izi ibice bigize ubukwe bwa kinyarwanda; uko imisango y'ubukwe bwa kinyarwanda iteye.
2. **Vuga ingingo z'umuco w'Abanyarwanda usanze muri uyu mwandiko**.
   Kwitegura gusaba umugeni no kumukwa kugeza igihe bazamugereza mu rugo.
   Ibijyanye n'umuranga mbere yo gusaba umugeni.
   Ibijyanye no gucyocyorana mu misango y'ubukwe.
   Umuhango wo gutega amasunzu ku bakobwa b'inkumi no kuyogoshwa bashyingiwe.
   Umuhango wo gukirana no kumara amavuta ku bashyingiwe.
   Kwarika umugeni no kumuherekeza ku munsi w'ubukwe.
3. **Ku bwawe wumva imihango y'ubukwe ifite akahe gaciro ku mukwe n'umugeni ndetse no ku babyeyi?**
   Imihango y'ubukwe ifite agaciro gakomeye kuko nk'uko babivuga umuntu agira iminsi itatu y'ingenzi mu buzima bwe. Umunsi wo kuvuka, umunsi wo gushyingirwa n'umunsi wo gupfa. Ni byiza rero iyo umukwe n'umugeni bagize ibirori kandi n'ababyeyi bibatera ishema n'ibyishimo kuko abana baba bateye ikirenge mu cyabo.

## Intera ya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro:

**Kungurana ibitekerezo ku bukwe bwa kinyarwanda**

***Intego:***

Umunyeshuri ahereye ku nsanganyamatsiko yahawe, araba ashobora:
- Gutanga igitekerezo ke mu buryo buboneye ku nsanganyamatsiko yatanzwe
- Kujora mu kinyabupfura ibitekerezo bya bagenzi be akabifataho ikemezo

**Imfashanyigisho:**

Igitabo cy'Umunyeshuri n'igitabo cy'Umwarimu.

## I. Isubiramo:

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakanavuga muri make ibikubiyemo.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Umwandiko duheruka gusoma bavugagamo iki?**
   Bavugagamo ubukwe bwa kinyarwanda.
2. **Abantu badakoze ubukwe hari ikibazo baba bafite?**
   Kirahari kuko ubwo baba babana mu buryo butemewe.
3. **Ni iyihe mihango iba mu bukwe bwa Kinyarwanda?**
   Gufata irembo, gusaba no gukwa, gusezerana mu mategeko, gusezerana imbere y'Imana, guheka umugeni no kumutwikurura

## Kungurana ibitekerezo

Umwarimu arafasha abanyeshuri kujya mu matsinda, hanyuma abagezeho ingingo bunguranaho ibitekerezo. Buri tsinda ryitoramo umuyobozi kugira ngo nyuma y'igihe cyagenwe aze kumurikira andi matsinda ibyo bo bagezeho kandi n'andi matsinda bikaba uko. Umwarimu afasha abanyeshuri kunonosora ibitekerezo byabo igihe babimurika.
Insanganyamatsiko zunguranwaho ibitekerezo:

a) Hari ubukwe waba waragiyemo bagacyocyorana? Muri icyo gihe wumvaga umeze ute? Kuri ubu ubona hari icyo bikimaze?
b) Mu bukwe bwa kinyarwanda hari igihe umugeni yatangirwa ubuntu. Wabivugaho iki?

**Ingero z'ibyo bavuga kuri buri nsanganyamatsiko:**

a) Hari ubukwe waba waragiyemo bagacyocyorana? Muri icyo gihe wumvaga umeze ute? Kuri ubu ubona hari icyo bikimaze?

Yego, nabugiyemo kandi abasangiraga amagambo baracyocyoranye karahava.

Mu gihe bacyocyoranaga numvaga mfite ubwoba nibaza niba umugeni bataza kumutwima; nkanaterwa isoni n'uko bageraga aho bakabeshya cyane kandi kubeshya ari imwe muri za kirazira z'umuco nyarwanda. Gusa nageze aho numva ko ari ibyo bigirisha kuko batari kutwima umugeni kandi ari bo baduhaye ikaze ndetse n'umusore n'umukobwa bakaba barikundaniye.

Kuri ubu mbona nta cyo bikimaze kuko bavuga ngo ni uburyo bwo kuryoshya ibiganiro; nyamara birashoboka ko abantu baganira bagasetsa, ibiganiro bikaryoha kandi hatabayemo kubeshya. Kubeshyana no kubeshyuzanya bitwara n'igihe kitari gito kandi cyagakozwemo ibindi bikorwa byinshi by'iterambere.

b) Mu bukwe bwa kinyarwanda hari igihe umugeni yatangirwa ubuntu. Wabivugaho iki?

Icyo nabivugaho ni uko muri ki gihe tugezemo hatagombye kubaho umugeni w'ubuntu kuko bibayeho byagabanya agaciro ari ku ruhande rw'umusore ndetse

n'umuryango we basekwa ko babuze inkwano, ari no ku ruhande rw'umukobwa n'umuryango we basekwa ko uwo mukobwa yatangiwe ubuntu.

**Umwanzuro**

Mu bijyanye n'inkwano, hagombye kurebwa inkwano iringaniye itaremereye umuryango uyitanga kuko n'ubundi inkwano atari ikiguzi ahubwo ari ikimenyetso cy'ubumwe iyo miryango yombi iba igiranye.

## Intera ya kane: Ikinyazina nyereka n'ikinyazina mbanziriza

### Ikinyazina nyereka

***Intego:***

Umunyeshuri ahereye ku nteruro n'ibisobanuro yahawe, araba ashobora:

- Gutahura ibinyazina nyereka n'ibinyazina mbanziriza mu nteruro no mu mwandiko
- Gusesengura neza ibinyazina nyereka n'ibinyazina mbanziriza biri mu mwandiko  no kubikoresha neza mu nteruro

**Imfashanyigisho:**

Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo k'ikibonezamvugo.

### I. Ivumburamatsiko

Umwarimu yifashishije interuro zirimo ibinyazina nyereka bigiye kwigishwa, arazandika ku kibaho, azibazeho ibibazo bifasha abanyeshuri gutahura ikigwa. Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma interuro bahawe barangiza bakazitegereza neza hanyuma bakavuga  icyo babona amagambo yanditse mu nyuguti z'umukara tsiri akoramo.

**Soma interuro zikurikira nurangiza uzitegereze neza hanyuma uvuge  icyo ubona amagambo yanditse mu nyuguti z'umukara tsiri akoramo.**

- Muri **iki** gihe n'ibiribwa biraza.
- Muri **kino** gihe hari aho gusaba no gukwa bigendera hamwe.
- Bene **abo** bitwaga abageni b'ineza.
- Nyuma y'**ibyo** iyo imihango itabereye rimwe, haba hatahiwe gusezerana mu butegetsi.
- **Uwo** munsi ukaba uwo kuvugana umunsi wo kwitegura umugeni.
- Akabona kumukura muri **icyo** gitaramo.
- **Urya** muhigo wahangayikishije Nyiraryangombe.

- Igihanga cya **ya** mbogo Binego yarakibambye.
- **Buriya** buryo bwo kurambagirizwa n'umuranga bugenda bucika.

Aya magambo urabona amaze iki mu nteruro?

- iki, kino, abo, ibyo, uwo, icyo, urya, ya, buriya ni **amagambo akora igikorwa cyo kwerekana.**

**Inshoza y'ikinyazina nyereka**

**Ikinyazina nyereka** ni ikinyazina kerekana izina giherekeje cyangwa kikaryibutsa iyo cyarisimbuye. Ibinyazina nyereka bishobora kwerekana ibintu biri ahantu hatandukanye akaba ari yo mpamvu bigabanyijemo ibyiciro bitandatu bitewe n'aho icyo byerekana giherereye. Ayo matsinda afite ibi bicumbi: -ϕ, -no, -o, -riya. -rya, na -.âa

## Uturango tw'ikinyazina nyereka

### a) Ikiciro cya mbere

Kigizwe n'ibinyazina byerekana ikintu kiri hafi cyane y'abavugana. Ibi binyazina ntibigira igicumbi mu mwanya w'igicumbi bakoreshwa ikimenyetso "ϕ". Intego mbonera zacyo ni indomo, indangakinyazina n'igicumbi(ϕ). Mu mpine byandikwa muri ubu buryo: **D – RkZ –** ϕ

*Ingero:*

- **Ubu** bukwe burashyushye.
- Butwiriyeho tukiri muri **iri** twikurura.
- **Aba** bageni baraberewe.
- Sindabona ibirori byiza nk'**ibi**.

### b) Ikiciro cya kabiri

Kigizwe n'ibinyazina byerekana ikintu kiri hafi y'uvuga. Ibi binyazina bigira igicumbi –no. Intego mbonera zacyo ni indangakinyazina n'igicumbi (-**no**). Mu mpine byandikwa muri ubu buryo: **Rkz – C**

*Ingero:*

- **Kino** gihe turimo imisango y'ubukwe yarahindutse.
- Nimukora ubukwe muzazinduke nka **bano** bageni.
- **Hano** hantu hatatse neza.

**c) Ikiciro cya gatatu**

Kigizwe n'ibinyazina byerekana ikintu kiri hafi y'uwo babwira. Ibi binyazina bigira igicumb – o. Intego mbonera zacyo ni indomo, indangakinyazina n'igicumbi (-**o**). Mu mpine byandikwa muri ubu buryo: **D – Rkz – C**

***Ingero:***

- Uzanyengere ikigage nk'**icyo**.
- **Aho** hantu muhategure neza ubukwe butungane.
- Abanyarwanda ba kera bashimishwaga n'**izo** ndirimbo.

**d) Ikiciro cya kane**

Kigizwe n'ibinyazina byerekana ikintu kitaruye abavugana bombi. Ibi binyazina bigira igicumbi – riya. Intego mbonera zacyo ni indangakinyazina n'igicumbi (-**riya**). Mu mpine byandikwa muri ubu buryo: **Rkz – C**

***Ingero:***

- **Iriya** migani migufi ikwiye kwigishwa urubyiruko.
- Urabona **kuriya** kuntu abaherekeza b'abageni bambaye!
- **Uriya** mwana agira umuco mwiza.

**e) Ikiciro cya gatanu**

Kigizwe n'ibinyazina byibutsa ikintu abavugana baba basanzwe baziranyeho cyangwa se nanone baba barigeze kuvuganaho. Ibi binyazina bigira igicumbi –rya. Intego mbonera zacyo ni indangakinyazina n'igicumbi (- **rya**). Mu mpine byandikwa muri ubu buryo: **Rkz – C**

***Ingero:***

- **Urya** murima nabonye wera nibawugurisha uzawugure.
- **Irya** mbogo yishe Ryangombe yashoboraga kuyirinda.
- Uzanyigishe ikivugo nka **kirya** cyawe.

**f) Ikiciro cya gatandatu**

Kigizwe n'ibinyazina byibutsa ikintu abavugana baba barigeze kuganiraho cyangwa kubonera hamwe. Ibi binyazina bigira igicumbi –âa. Intego mbonera zacyo ni indangakinyazina n'igicumbi (-**âa**). Mu mpine byandikwa muri ubu buryo: **Rkz – C**

***Ingero:***

- **Bya** binyobwa batwakirije byari bifutse.
- Tuzasubukura gahunda ya **bwa** bukwe ryari?
- Sinzibagirwa **cya** gitekerezo twize ubushize.

**Intego y'ikinyazina nyereka**

Intego y'ikinyazina nyereka muri rusange igizwe n'uturemajambo tubiri ari two indangakinyazina n'igicumbi; icyakora ibinyazina byo mu kiciro cya mbere bigira indomo n'indangakinyazina n'igicumbi -ϕ naho ibyo mu kiciro cya gatatu bikagira uturemajambo dutatu ari two indomo, indangakinyazina n'igicumbi.

Dore zimwe mu ngero z'ibinyazina nyereka zisesenguye mu nteko zimwe na zimwe:

| **Ingero mu nteruro** | **Intego** | **Amategeko y'igenamajwi** |
|---|---|---|
| **Ikiciro cya mbere** | **D - Rkz - ϕ** | |
| - **Ubu** bukwe burashyushye. | u - bu - ϕ | Nta tegeko. |
| - **Aba** bageni baraberewe. | a - ba - ϕ | Nta tegeko. |
| **Ikiciro cya kabiri** | **Rkz – C** | |
| - Mu bukwe muzazinduke nka **bano**. | ba - no | Nta tegeko. |
| - **Hano** hantu hatatse neza. | ha - no | Nta tegeko. |
| **Ikiciro cya gatatu** | **D - Rkz - C** | |
| - Uzanyengere ikigage nk'**icyo**. mu nyandiko | i - ki - o | i→y /-J; ky→cy |
| - **Aho** hantu muhatunganye neza. | a - ha - o | a→ ϕ /- J |
| - Aba kera bashimishwaga n'**izo** ndirimbo. i - zi - o | i→ ϕ /- J | |
| **Ikiciro cya kane** | **Rkz - C** | |
| - **Iriya** migani ikwiye kwigishwa. | i - riya | Nta tegeko. |
| - Urabona **kuriya** kuntu abageni bambaye! | ku - riya | Nta tegeko. |
| - **Uriya** mwana agira umuco mwiza. | u - riya | Nta tegeko. |
| **Ikiciro cya gatanu** | **Rkz - C** | |
| - **Urya** murima nabonye wera uzawugure. | u - rya | Nta tegeko. |
| - **Irya** yishe Ryangombe yari kuyirinda. | i - rya | Nta tegeko. |

| | | |
|---|---|---|
| - Uzanyigishe ikivugo nka **kirya** cyawe. | ki - rya | Nta tegeko. |
| **Ikiciro cya gatandatu** | **Rkz - C** | |
| **- Bya** binyobwa batwakirije byari bifutse. | bi - âa | i⟶y /-J |
| - Tuzasubukura **bwa** bukwe ryari? | bu - âa | u⟶w /-J |
| - Sinzibagirwa **cya** gitekerezo twize ejo. mu nyandiko | ki – âa | i⟶y /-J; ky⟶cy |

**Imbonerahamwe y'ibinyazina nyereka**

| | **Ibicumbi** | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| **Inteko** | **ɸ** | **-no** | **-o** | **-riya** | **-rya** | **-âa** |
| Nt1 | uyu | uno | uwo | uriya | urya | wâa |
| Nt 2 | aba | bano | abo | bariya | barya | bâa |
| Nt 3 | uyu | uno | uwo | uriya | urya | wâa |
| Nt 4 | iyi | ino | iyo | iriya | irya | yâa |
| Nt 5 | iri | rino | iryo | ririya | rirya | ryâa |
| Nt 6 | aya | ano | ayo | ariya | arya | yâa |
| Nt 7 | iki | kino | icyo | kiriya | kirya | cyâa |
| Nt 8 | ibi | bino | ibyo | biriya | birya | byâa |
| Nt 9 | iyi | ino | iyo | iriya | irya | yâa |
| Nt 10 | izi | zino | izo | ziriya | zirya | zâa |
| Nt 11 | uru | runo | urwo | ruriya | rurya | rwâa |
| Nt 12 | aka | kano | ako | kariya | karya | kâa |
| Nt 13 | utu | tuno | utwo | turiya | turya | twâa |
| Nt 14 | ubu | buno | ubwo | buriya | burya | bwâa |
| Nt 15 | uku | kuno | uko | kuriya | kurya | kwâa |
| Nt 16 | aha | hano | aho | hariya | harya | hâa |

**Imyitozo ku binyazina nyereka:**

Umwarimu arashyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri, hanyuma ababwire gukora neza umwitozo uri mu gitabo cyabo ku binyazina nyereka. Mu gihe abanyeshuri bari gukora umwitozo, umwarimu agendagenda mu ishuri areba uko abanyeshuri bakorana mu matsinda. Iyo igihe cyagenwe kirangiye umwarimu afasha abanyeshuri mu kumurika ibyo bagezeho no kurushaho kubinoza.

**Ibibazo n'ibisubizo:**

1. **Erekana ibinyazina nyereka muri uyu mwandiko ubicaho akarongo unagaragaze intego yabyo n'amategeko y'igenamajwi.**

**Ibisubizo:**

Umwandiko: Buzataha

**Uyu** ni umwaka wa gatatu tubaye inshuti **izi** z'amagara. **Uriya** mwaka washize twari twifuje kwereka ababyeyi bacu **iyi** myiteguro yo kurushinga. Amahirwe ariko ntiyadusekeye kubera **iriya** nkenya y'impanuka yampungabanyirije umukunzi. Nyamara **urya** munsi twari twaraye tuvuganye ko aba yihanganye ntagire aho ajya kuko impanuka zarimo zica ibintu. **Uwo** munsi w'inkuru y'inshamugongo nari naraye nabi **ibi** rwose biteye ubwoba.

Icyakora ubwo yakize ngiye kumubwira twihutishe ubukwe bwacu **iriya** minsi mikuru yegereje ntizaducike. Ko mukunda na we akankunda kandi n'ababyeyi bacu bakabishima; Imana yacu yo izabura ite kudushyigikira kandi twarayubahishije ntitwiyandarike nk'aba **kino** gihe bamwe bajya bashaka guta umuco wacu?

Intego y'ibi binyazina n'amategeko y'igenamajwi:

| Ikinyazina | Intego | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|
| **Uyu** | u-yu-ϕ | Nta tegeko |
| **Izi** | i-zi- ϕ | Nta tegeko |
| **Uriya** | u-riya | Nta tegeko |
| **Iyi** | i-yi-ϕ | Nta tegeko |
| Iriya | i-riya | Nta tegeko |
| **Urya** | u-rya | Nta tegeko |
| **Uwo** | u-u-o | u⟶w /-J |
| **Ibi** | i-bi- ϕ | Nta tegeko |
| **Iriya** | i-riya | Nta tegeko |
| **Kino** | ki-no | Nta tegeko |

2. **Mukoreshe neza ibi binyazina nyereka mu nteruro ziboneye:**

   a) **Abo** : Mubwire abo bahungu bagaruke batayoba.
   b) **Buriya** : Buriya buro bureze.
   c) **Zirya** : Ziriya nka zikomoka ku nkwano ya mushiki wange.
   d) **Harya** : Harya hantu twatashye ubukwe hari kure.
   e) **Runo** : Runo rugo rushya rwatekeshejwe ibintu byinshi.
   f) **Ba** : Ba bakobwa bombi barasabwa.

## Ikinyazina mbanziriza

## I. Ivumburamatsiko

Umwarimu yifashishije interuro zirimo ibinyazina mbanziriza bigiye kwigishwa, arazandika ku kibaho, azibazeho ibibazo bifasha abanyeshuri gutahura ikigwa. Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma interuro bahawe barangiza bakazitegereza neza hanyuma bakavuga icyo babona amagambo yanditse mu nyuguti z'umukara tsiri akoramo.

**Soma izi nteruro nurangiza witegereze neza amagambo yanditse mu nyuguti z'umukara tsiri uvuge uko ubona yitwaye mu nteruro:**

- Byari ikizira ko umushyitsi mukuru agira **icyo** arya ataravuga ikimugenza.
- Hari **aho** basaba bakanakwera rimwe.
- Buri wese ufite **icyo** atekesha akagitanga.
- Nguko **uko** bigenda naho **uko** byagenze ibara umupfu.

Aya magambo: icyô,ahô, ukô yasimbuye andi mazina kandi yaje imbere y'inshinga.

**Inshoza y'ikinyazina nyereka**

**Ikinyazina mbanziriza** gihagararira izina ryagombye kuba icyuzuzo k'inshinga. Mu mikoreshereze yacyo, gifata buri gihe umwanya wacyo imbere y'inshinga ari na yo mpamvu kitwa gutyo.

**Uturango tw'ikinyazina mbanziriza**

Ikinyazina mbanziriza gisimbura ijambo ribanjirije inshinga. Ibyo bituma rero buri gihe kibanziriza inshinga. Intego yacyo igizwe n'uturemajambo dutatu ari two indomo indangakinyazina n'igicumbi. Iki kinyazina gisa n'ikinyazina nyereka gifite igicumbi-o bigatandukanywa n'uko igicumbi cyacyo gihorana isaku nyejuru (**-ô**) mu gihe icya nyereka cyo gihorana isaku nyesi (-o).

***Urugero:***

1. Uwo mwana nkunda ararwaye ( hano "uwo" ni ikinyazina nyereka kibanjirije izina)
2. Uwô nkunda ararwaye ( hano "uwô" ni ikinyazina mbanziriza kibanjirije inshinga)

***Ingero z'ikinyazina mbanziriza:***

3. **Uwô** nkunda ararwaye.
4. Umubwire ko **izô** yakoye zabyaye.
5. **Abô** mwatahiye ubukwe barakeye.
6. **Ubwô** twatashye burahumuje.

## Intego y’ikinyazina mbanziriza

Intego y’ikinyazina mbanziriza igizwe n’uturemajambo dutatu ari two indomo, indangakinyazina n’igicumbi - **ô**. Mu mpine byandikwa muri ubu buryo **D – Rkz – C**

Dore imbonerahamwe y’ikinyazina mbanziriza n’intego yacyo mu nteko zose.

| Inteko | Ikinyazina | Intego | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|---|
| Nt 1 | Uwô | u-u-ô | u⟶w /-J |
| Nt 2 | abô | a-ba-ô | a⟶ ɸ /-J |
| Nt 3 | uwô | u-u-ô | u⟶w /-J |
| Nt 4 | iyô | i-i-ô | i⟶y /-J |
| Nt 5 | iryô | i-ri-ô | i⟶y /-J |
| Nt 6 | ayô | a-a-ô | a⟶ y /-J |
| Nt 7 | icyô | i-ki-ô | i⟶y /-J; ky⟶cy mu nyandiko |
| Nt 8 | ibyô | i-bi-ô | i⟶y /-J |
| Nt 9 | iyô | i-i-ô | i⟶y /-J |
| Nt 10 | izô | i-zi-ô | i⟶ ɸ /-J |
| Nt 11 | urwô | u-ru-ô | u⟶w /-J |
| Nt 12 | akô | a-ka-ô | a⟶ ɸ /- J |
| Nt 13 | utwô | u-tu-ô | u⟶w /-J |
| Nt 14 | ubwô | u-bu-ô | u⟶w /-J |
| Nt 15 | ukô | u-ku-ô | u⟶ ɸ /-J |
| Nt 16 | ahô | a-ha-ô | a⟶ɸ /-J |

## Imyitozo ku kinyazina mbanziriza:

Umwarimu arashyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri, hanyuma ababwire gukora neza umwitozo uri mu gitabo cyabo ku binyazina mbanziriza. Mu gihe abanyeshuri bari gukora umwitozo,umwarimu agendagenda mu ishuri areba uko abanyeshuri bakorana mu matsinda. Iyo igihe cyagenwe kirangiye umwarimu afasha abanyeshuri mu kumurika ibyo bagezeho no kurushaho kubinoza.

## Ibibazo n’ibisubizo:

1. **Tahura ibinyazina mbanziriza biri mu mwandiko “Binego bya Kajumba” nurangiza ubishakire intego ugaragaza n’amategeko y’igenamajwi.**

**Ibisubizo:**

Ibyo binyazina ni ibi: **ibyo, iyo, aho.**

*Intego yabyo:*

| Ikinyazina | Intego | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|
| Ibyô<br>Iyô<br>Ahô | i-bi-ô<br>i-i-ô<br>a-ha-ô | i⟶y /-J<br>i⟶ y /- J<br>a⟶ φ /- J |

2. **Ishakire interuro zawe umunani zikoreshejwemo ibinyazina mbanziriza mu nteko zinyuranye unagaragaze intego yabyo n'amategeko y'igenamajwi.**

**Dore izo nteruro:**

a) Kamana yatweretse **uwô** azashaka.
b) Muri ziriya nka **iyô** bakoye ni iy'ibihogo.
c) Ndabona muri ayo mazina yose **iryô** nahitamo ryose ryambera.
d) Iryo tungo nurigurisha **ayô** uzaca yose bazayaguha.
**e)** **Icyô** nshobora cyose nzagikora kugira ngo umwana wacu azatsinde.
f) Uzakore **ibyô** ushoboye bazaguhembera ibyo.
g) Imirima yose ni myiza ariko **iyô** guhingamo ikawa izatoranywa n'inzobere mu by'ubuhinzi.
h) Izo nama waduhaye ni nziza izô tuzabona zidushobokera tuzazikurikiza.

**Intego y'ibinyazina mbanziriza byakoreshejwe muri izi nteruro:**

| Interuro | Ikinyazina | Intego | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|---|
| 1.<br>2.<br>3.<br>4.<br>5.<br>6.<br>7.<br>8. | Uwô<br>Iyô<br>Iryô<br>Ayô<br>Icyô<br>Ibyô<br>Iyô<br>Izô | u-u-ô<br>i-i-ô<br>i-ri-ô<br>a-a-ô<br>i-ki-ô<br>i-bi-ô<br>i-i-ô<br>i-zi-ô | u⟶w /-J<br>i⟶y /-J<br>i⟶y /-J<br>a⟶ y /- J<br>i⟶y /-J; ky⟶cy mu nyandiko<br>i⟶y /-J<br>i⟶y /-J<br>⟶ φ /-J |

## Intera ya gatanu: Ikeshamvugo ku mata, ku nka, ku gisabo no ku cyansi.

*Intego:*

Umunyeshuri ahereye ku nteruro zikuwe mu mwandiko yasomye, araba arashobora:

- Gutahura amagambo aboneye akoreshwa ku mata, ku nka, ku cyansi no ku gisabo

- Guhanga interuro akoreshamo neza amagambo yabugenewe ku nka, ku mata, ku gisabo no ku cyansi.
- Kunoza imvugo akoresha amagambo yabugenewe ku mata, ku nka, ku cyansi no ku gisabo

**Imfashanyigisho:**

Igitabo cy'umunyeshuri, icy'umwarimu n'icy'ubuvanganzo.

## II. Ivumburamatsiko:

Umwarimu arasaba abanyeshuri gukorera mu matsinda yubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye, abahe umwitozo wo kwitegereza interuro yabahaye atahure uburyo amagambo yanditse mu gikara tsiri yakoreshejwe mu nteruro. Umwarimu aragenda abaza ibibazo abanyeshuri ku buryo ibisubizo biza kugusha ku nshoza y'ikeshamvugo.

Ahereye ku byo abanyeshuri bakoreye mu matsinda, umwarimu arabafasha kugaragaza ikeshamvugo ku nka, ku mata, ku cyansi no ku gisabo.

**Nimwitegereze izi nteruro maze muvuge uko amagambo yanditse mu nyuguti z'umukara tsiri yakoreshejwe:**

- Ubwo rero umuhango ukurikiyeho uba ari uwo **gukwa**.
- Kuva kera rero kugeza n'ubu aho umuco utaracuya, inka ni yo **nkwano**.
- Ibyo ntibibuza ko n'amafaranga atangwa aho **inzuri** zimariye kuba nke mu Gihugu
- Bene abo bitwaga **abageni b'ineza**.
- Mu mitako yo mu nzu hari aho usanga **bajishamo** n'igisabo.
- Ya nka yakowe mushiki wange yarabyaye none turacyanywa **umuhondo**.
- Abagikurikiza umuco wa kera **bakosha** ibyansi akaba ari byo bakamisha amata.

Mubonye aya magambo: gukwa, inkwano, inzuri, abageni b'ineza, bajishamo, umuhondo, bakosha yakoreshejwe ate muri izi nteruro?

Aya magambo yakoreshejwe mu buryo bw'ikeshamvugo.

**Ikeshamvugo ku mata, ku nka, ku cyansi no ku gisabo**

**Inshoza y'ikeshamvugo**

**Ikeshamvugo** nkuko ijambo ubwaryo ribivuga ni ugukesha imvugo bisobanuye kunoza imvugo. **Ikeshamvugo** rero ni uburyo bwo gukoresha amagambo yabugenewe ku bintu cyangwa ibikoresho runaka mu buryo bwo kunoza imvugo. Ni ha handi bagira bati: "Ntibavuga..., bavuga...". Abanyarwanda bakunze gukoresha ubu buhanga ku buryo utabimenyereye ashobora gusigara asiganuza.

Dore ingero z'amagambo y'ikeshamvugo akoreshwa mu Kinyarwanda ku mata, ku nka, ku cyansi no ku gisabo.

| **Ku mata**<br>**Ntibavuga** | **Bavuga** |
|---|---|
| Kuyasuka mu gisabo | Kuyabuganiza |
| Kuyavanamo amavuta | Kuyasobanura |
| Uduta | Amata |
| Kuyamena amata ubishaka | Kuyabikira, kuyabyarira |
| Kuyamena amata utabishaka | Kuyabogora |
| Kuyasuka mu gisabo | Kuyabuganiza |
| Amata y'inka ikibyara | Umuhondo |
| Amata y'inka yimye | Amasitu |
| Amata bagikama | Inshyushyu |
| Amata yiriwe | Amirire |
| Amata yaraye ataravura | Umubanji |
| Agati bavurugisha amata | Umutozo |
| Umuheha banywesha amata | Umuceri |
| **Ku nka**<br>**Ntibavuga** | **Bavuga** |
| Itagira amahembe | Inkungu |
| Gutangira gukama | Kwinikiza |
| Kurangiza gukama | Guhumuza |
| Gukamisha amaboko yombi | Kuvuruganya |
| Kuyihanagura | Kuyihonora |
| Gukamwa make | Gukamwa menshi |
| Kurorera gukamwa | Guteka |
| Ikiraro k'inyana | Uruhongore |
| Inyana imaze igihe gito ivutse | Umutavu |
| Isaso yazo | Icyarire |
| Utubere tw'inyongera badakama | Indorerezi |
| Gukamana ingoga | Gukama kera |
| Kubura amazi kw'inka | Kurumanga |
| Kuzivomera | Kuzidahirira |
| Umuriro wazo wirukana isazi | Igicaniro |
| Ibihamagazo byazo | Amazina y'inka |

| **Ku cyansi no ku gisabo**<br>**Ntibavuga** | <br>**Bavuga** |
|---|---|
| Kukibika | Kukiranga |
| Kurangiza kucyoza | Guhumuza |
| Kukimanika | Kukijisha |
| Kukikorera | Kukiremerera |
| Kubitura | Kubyururutsa |
| Kugishyushya | Kucyosa |
| Kukigura | Kugikosha |
| Kumeneka (gusaduka) | Kuribora |
| Kukibaza | Kukiramvura |
| Gutoboka | Kubyara |
| Gusaza | Gukura |
| Umupfundikizo wabyo | Umutemeri (icyansi), inzindaro (igisabo) |
| Utubuye bahonda bakadukoresha babyoza | Imonyi |

## Imyitozo ku ikeshamvugo

**(Mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 98)**

Umwarimu arashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane, ababwire batahure mu nteruro no mu mwandiko amagambo yabugenewe akoreshwa ku mata , ku nka, ku cyansi no ku gisabo, banashake andi magambo y'ikeshamvugo kandi bayakoreshe mu nteruro ziboneye. Amatsinda aritoramo abayahagarariye kugira ngo igihe cyagenwe nikigera bageze ku bandi ibyo bagezeho, umwarimu abafashe kubinonosora.

## Ibibazo n'ibisubizo:

1. Erekana amagambo y'ikeshamvugo akoreshwa ku magambo akurikira nurangiza uyakoreshe mu nteruro ziboneye:

   **Ku nka:**

   a) Guha inka akanyana yonsa atari akayo : **gutsindira**
   b) Kuba yenda kubyara imeze nk'iri ku nda: **kwerera**
   c) Utwatsi bahanaguza inka: **inkuyo**
   d) Gusubira kurisha ku gasozi kw'inyana: **gusubira iswa**
   e) Amase y'umutavu: **umususwe**

**Ku mata:**

a) Kuvangura amata n'amavuta bamaze gucunda: **gusobanura, kwavura**

b) Amata bakuyemo amavuta : **amacunda**

c) Amata inka ikamwe ubwa kabiri bashubijeho inyana : **amarindira**

2. Matsinda maze mushake andi magambo y'ikeshamvugo atanu ku mata no ku gisabo n'andi icumi ku nka tutavuze maze muyakoreshe mu nteruro ziboneye.

   **Abanyeshuri baratanga amagambo anyuranye, umwarimu abafashe kuyanonosora.**

3. Soma umwandiko ukurikira hanyuma utahuremo amagambo yabugenewe akoreshwa ku mata, ku nka no ku cyansi cyangwa ku gisabo unavuge icyo asobanura.

## Umwandiko: Iwacu zirakamwa

Tumaze iminsi twifashe neza, twinywera umuhondo. Ndavuga uwo dukama mu ishyo ririmo n'indongoranyo y'iyakowe mushiki wange. Iyo umwungeri wazo yinikije ni nge uba hafi ngo nimire inyanya itamukoma akayabogora, nkaba nyihanaguza inkuyo nayishakiye. Mu gukora uwo murimo ariko, mba nitegereza uko avuruganya, yarangiza akampereza iyo nshyushyu mu cyansi gikeye kuko kiba cyogeshejwe imonyi nziza. Ubwo ngakuraho menshi mu gikombe andi nkayabuganiza mu gicuba. Ubwo nkarekura inyana ikonka akanya gato agakama amarindira. Ni intyoza cyane mu gukama; sindabona na rimwe akama amatembankokora cyangwa ngo mbone igitotsi mu yo yakamye. Iyo ahumuje inyana nyijyana mu ruhongore. Birumvikana ko ayo duteretse, dutegereza kuyanywa ikivuguto kuko amirire n'umubanji tutayakunda. Iyo tumaze guhumuza cyangwa gusobanura amata, ibyansi n'ibisabo birozwa, bikoswa bikajishwa cyangwa bigaterekwa ku ruhimbi. Iyo bikuze bakosha ibindi bikazana n'injishi zabyo kuko umwuga w'ubworozi tuwukunda cyane.

**Ayo magambo yabugenewe n'icyo asobanura:**

| **Ijambo** | **Igisobanuro** |
|---|---|
| Umuhondo | Amata y'inka ibyaye vuba |
| Ishyo | Inka nyinshi ziba hamwe |
| Indongoranyo | Inka itangwa n'iwabo w'umukobwa washyingiwe ikomoka ku yo yakowe |
| Iyakowe | Iyatanzwe nk'ishimwe ku muryango utanze umugeni |
| Umwungeri | Umushumba |
| Yinikije | Atangigiye gukama |

| | |
|---|---|
| Nimire | Mbuze inyana kuza kurogoya umukamyi |
| Akayabogora | Akayamena amucitse |
| Inkuyo | Utwatsi bahanaguza inka |
| Avuruganya | Akamisha yombi |
| Inshyushyu | Amata agikamwa |
| Imonyi | Agafu k'amabuye ajya kumera nk'ibifonyi bogesha ibyansi |
| Menshi | Make ( kuko batavuga amata make) |
| Nkayabuganiza | Nkayasuka, nkayashyira |
| Igicuba | Igikoresho kinini babikamo amata |
| Amarindira | Amata bakamye ubwa kabiri bagombye kurekura inyana ikongera kuretesha |
| Amatembankokora | Amata ashoka ku maboko no ku nkokora bitewe n'ubuswa bw'umukamyi |
| Igitotsi | Akantu k'akanda cyangwa agasimba kaguye mu mata |
| Ahumuje | Arangije gukama |
| Uruhongore | Ikiraro k'inyana |
| Ikivuguto | Amata amaze kuvura neza |
| Amirire | Amata agejeje nimugoroba ataravura |
| Umubanji | Amata yaraye ariko ataravura |
| Guhumuza (ibyansi, ibisabo) | Kurangiza kubyoza |
| Gusobanura | Gutandukanya amavuta n'amata bamaze gucunda |
| Twacunze | Twacugushije kenshi ngo dukuremo amavuta |
| Bikoswa | Bikanikwa, bikumutswa |
| Bikajishwa | Bikamanikwa ahabugenewe |
| Ku ruhimbi | Aho babika amata n'ibikoresho bijyana na yo |
| Bikuze | Bishaje |
| Bakosha | Bagura |
| Injishi | Akagozi kagenewe kumanikwamo ibisabo,ibyansi |

## Inshamake y'ibikubiye muri uyu mutwe

Muri uyu mutwe twasesenguye imyandiko ivuga ku nsanganyamatsiko y'umuco nyarwanda. Twabonye ko umuco nyarwanda ukwiye gukomeza gusigasirwa. Twabonye ko Abanyarwanda bisanzuriraga mu buvanganzo bwo muri rubanda kandi bakanyuzamo ubutumwa bwo guhugurana no kugirana inama. Mu bijyanye n'umuco kandi twarebye n'uko ubukwe bwa kinyarwanda bwagendaga.

Twasesenguye ibijyanye n'ubuvanganzo bwo muri rubanda tubona ko igitekerezo cyo muri rubanda, ari ubwoko bw'umwandiko w'ubuvanganzo uteye ku buryo bw'ibarankuru, uvuga ku bantu batabayeho cyangwa bashobora kuba barabayeho mu muryango rusange w'abantu, ukabavugaho ibyababayeho ariko ukagenda wongeramo n'amakabyankuru menshi. Twabonye kandi ko imigani migufi ari interuro zigizwe ahanini n'amagambo make ariko akubiyemo ubutumwa bwinshi mu buryo bw'amarenga ari na yo mpamvu bamwe bayita imigenurano.

Si ibyo gusa, mu kibonezamvugo twabonye ko ikinyazina nyereka ari ikinyazina kerekana izina giherekeje cyangwa kikaryibutsa iyo cyarisimbuye. Intego yacyo muri rusange igizwe n'uturemajambo tubiri ari two indangakinyazina n'igicumbi; icyakora hari n'ibigira indomo n'indangakinyazina n'igicumbi ϕ naho ibindi bikagira uturemajambo dutatu ari two indomo, indangakinyazina n'igicumbi. Ikindi twabonyemo ni ikinyazina mbanziriza gisimbura ijambo ribanjirije inshinga. Intego yacyo igizwe n'uturemajambo dutatu ari two indomo, indangakinyazina n'igicumbi.

Twabonye ko ikeshamvugo ari uburyo bwo gukoresha amagambo yabugenewe ku bintu cyangwa ibikoresho runaka mu buryo bwo kunoza imvugo aho bagira bati: "Ntibavuga..., bavuga...". Ikeshamvugo ryibanze ku mata, ku nka, ku cyansi no ku gisabo.

## Isuzuma rusange risoza umutwe wa gatanu

Nyuma yo kurangiza umutwe wa gatanu, umwarimu aratanga isuzuma riteganyijwe risoza umutwe wa gatanu, buri munyeshuri arikore ku giti ke. Nyuma y'ikosora umwarimu asuzume urwego abanyeshuri bagezeho kugira ngo niba hari ibigomba gusubirwamo, bisubirwemo.

### Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma:

**I. Ibibazo byo kumva umwandiko**

1. **Vuga ibintu nibura bine mu bigize umuco nyarwanda bivugwa mu mwandiko.**

   Ururimi, imigenzo n'imihango, imitekerereze n'imyemerere yabo n'imibereho yabo ya buri munsi

2. **Sobanura ukuntu ururimi ari ingobyi y'umuco.**
   Ururimi ni ingobyi y'umuco kuko ari rwo rusakaza umuco aho rukoreshwa hose; ni ukuvuga ko ari rwo umuco ugendamo kuko ari rwo rugaragaza biriya byose bigize umuco.
3. **Vuga igice cy'ururimi Abanyarwanda bisanzuriramo cyane cyavuzwe mu mwandiko usobanure n'impamvu.**
   Ubuvanganzo cyanecyane ubwo muri rubanda.Impamvu ni uko muri iki gice ari ho umuntu wese avuga akamuri ku mutima ari ntawugombye kumubaza aho yabikuye cyangwa ngo agombe kubisabira uburenganzira. Ni ubuvanganzo bwa buri wese.
4. **Tanga urugero rwo gucyocyorana mu zavuzwe mu mwandiko.**
   Umusaza usabwa umugeni akagira ati: "Umukobwa wacu yagiye mu kibikira", cyangwa se ati: "Mu bo mwazanye harimo uwaduhemukiye". Usaba na we akagira ati: "Biri amahire n'ubundi n'umusore wacu akubutse mu gifurere". Ati: "Ubwo rero 'ibisa birasabirana', n'ubundi naje nzi ko ari ukwisanga".
5. **Rondora ingero enye z'ingeri z'ubuvanganzo bwo muri rubanda zavuzwe mu mwandiko wongereho n'izindi waba uzi.**
   Imigani migufi, imigani miremire, indirimbo, ibitekerezo bya rubanda, insigamigani, ibisakuzo, ibihozo, amahigi, uturingushyo n'ibindi
6. **Erekana amazina ari mu mwandiko aganisha ku nka utange n'andi waba uzi mu muco nyarwanda.**
   Mutumwinka, Mukobwajana, Bazizane, Mukanyana, Nzamukosha

## II. Inyunguramagambo

1. Shaka ibisobanuro by'amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:
   a) **Urusobe**: Uruhurirane rw'ibintu byinshi bihuriza hamwe mu kurema ikintu kimwe
   b) **Inararibonye**: Umuntu ufite ubuhanga bwo kumenya cyangwa gukora ibintu runaka neza kubera igihe kirekire abimazemo
   c) **Kwisanga**: Kugenderera umuntu akakwakira binoze
   d) **Ataziganya**: Ntacyo ahishe, arekuye, atagira ubugugu
   e) **Mukobwajana** : Ukwiriye ingurane y'inka nyinshi cyane zigereranywa n'ijana.
2. Shaka impuzanyito z'aya magambo:
   a) **Ntawasiga** : Ntawareka, ntawakwihorera
   b) **Gukesha** : Kunoza, gutunganya, kuryoshya
   c) **Abunganizi** : Abafasha

3. Shaka imbusane z'aya magambo:
   **a) Umusore** ≠ inkumi
   **b) Migufi** ≠ miremire
   **c) Umuhanga** ≠ umuswa

## III. Ubuvanganzo, ubumenyi bw'ururimi n' ikibonezamvugo

1. a) **Vuga ibintu bitatu biranga igitekerezo cyo muri rubanda utange n'ingero ebyiri z'ibitekerezo.**

   Ibitekerezo byo muri rubanda biba bigenewe abantu bose nta vangura, biba bivuga ku bantu babayeho cyangwa batabayeho, biba birimo amakabyankuru,...
   Indero: igitekerezo cya Nyiranda, Ngunda, Serugarukiramfizi,....

   b) **Tanga inshoza y'umugani mugufi nurangiza utange ingero eshanu z'imigani migufi unavuge muri make ubutumwa bukubiyemo.**
   Umugani mugufi cyangwa umugani w'umugenurano ni imvugo ikoresha amagambo make ariko ugasanga igisobanuro ari kirekire. Umugani mugufi uba ugamije kwigisha, guhana, guhanura, kuburira,....
   **Ingero z'imigani migufi:** (ni nyinshi umwarimu arareba izo abanyeshuri batanze n'ibisobanura byayo)
   - **Utazi ubwenge ashima ubwe**
     Umuntu ntakwiye gutekereza ko ari we wenyine uzi ubwenge nkaho abandi nta bwenge bagira.
   - **Kora ndebe iruta vuga numve**
     Igikwiye si ukuvuga ibyo umuntu ashoboye; ahubwo bikwiye kugaragarira mu bikorwa.
   - **Umwana murizi ntakurwa urutozi**
     Umuntu ntakwiye guhora atabaza ku kantu kose n'akadakomeye kugira ngo atazahura n'akaga abantu bakamwihorera bavuga ko ari ko yabaye.
   - **Igiti kigororwa kikiri gito**
     Kugira ngo umuntu azavemo umuntu nyamuntu agomba kubitozwa hakiri kare atararengerana.
   - **Aho imfura zisezeraniye ni ho zihurira**
     Byaba byiza buri muntu agerageje kubahiriza amasezerano yagiranye na mugenzi we.
2. Garagaza ibinyazina nyereka biri muri izi nteruro unabishakire intego ugaragaza n'amategeko y'igenamajwi.
   a) Aha ariko na sebukwe w'umugeni akamugabira.

b) Akabona kumukura muri icyo gitaramo.
c) Uwo wari umukino w'umusore n'umugeni we biherereye.
d) Muri ibyo birori ni ho bagabiraga urugo rushya.Uwo muhango wabagamo kubaterera amashyiga.
e) Ibi bikagenda bitandukana bitewe n'umuco w'agace aka n'aka.

**Intego y'ibi binyazina nyereka:**

| Ikinyazina | Intego | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|
| Aha | a-ha- ɸ | Nta tegeko |
| Icyo | i-ki-o | i⟶y /-J; ky⟶cy mu nyandiko |
| Uwo | u-u-o | u⟶w /-J |
| Ibyo | i-bi-o | i⟶y /-J |
| Ibi | i-bi-ɸ | Nta tegeko |
| Aka | a-ka-ɸ | Nta tegeko |

Shaka interuro eshanu zikoreshejemo ibinyazina mbanziriza, ubigaragarishe kubicaho umurongo nurangiza ubisesengure ugaragaza n'amategeko y'igenamajwi.

***Ibisubizo:***

a) Amatungo yose ni meza ariko **Iryô** Abanyarwanda baha agaciro cyane ni inka.
b) Twitahire muri aya meza **ayô** nshaka ntayarimo.
c) **Icyô** mbifuriza ni uko mutsinda.
d) **Ibyô** nandika ni ibizagarukwaho.
e) Umuhanzi ati: "**Urwô** ngukunda ni kimeza".

**Intego n'amategeko y'igenamajwi:**

| | | |
|---|---|---|
| Iryô | i-ri-ô | i⟶y /-J |
| Ayô | a-a-ô | a⟶ y /- J |
| Icyô | i-ki-ô | i⟶y /-J; ky⟶cy mu nyandiko |
| Ibyô | i-bi-ô | i⟶y /-J |
| urwô | u-ru-ô | u⟶w /-J |

4. Shaka ingero eshanu z'amagambo y'ikeshamvugo akoreshwa ku nka, ku mata, ku cyansi no ku gisabo nurangiza uyakoreshe mu nteruro ngufi.

**Ku nka:**

- **Ubusenzi:** Uwo mushumba azogoshe ubusenzi bw'iriya nka bumaze kuba burebure cyane.
- **Ishyo**: Ishyo rya Kamana riratashye.

- **Umwungeri**: Umwungeri wa ririya shyo akwiye guhembwa kuko aryitaho bitangaje.
- **Uruhongore**: Garura iyo nyana isubire mu ruhongore burakeye.
- **Ibuguma**: Baca umugani ngo: “Ibuguma ntishoka isibo”.

**Ku mata:**

- **Inshyushyu:** Inshyushyu igirira umubiri akamaro.
- **Amarindira**: Amarindira asaba gutegereza umuntu yihanganye.
- **Ikivuguto**: Abantu benshi bakunda ikivuguto.
- **Umujago**: Umujago nta buryohe ugira.
- **Guhonora**: Iyo nka muyihonore vuba izindi zitayisiga bage kuzitera umuti hakiri kare.

**Ku cyansi no ku gisabo:**

- **Imonyi**: Icyo cyansi n’igisabo uwazabishakira imonyi bigacya neza.
- **Injishi**: Mbega injishi ikomeye!
- **Gukosha**: Uwakosha ikindi cyansi kiriya kirakuze.
- **Inzindaro**: Mwibuke gushyira inzindaro kuri icyo bisabo hatagira igitotsi kijya mu mata.
- **Uruhimbi**: Uragahorane amata ku ruhimbi!

## IV. Ihangamwandiko

Hanga umwandiko utarengeje imirongo mirongo itatu, uvuga ku muco nyarwanda wibande ku gukoresha ikeshamvugo.

Gukosora umwandiko bikurikiza amabwiriza asanzwe agenga ihangamwandiko

# 6 Ikoranabuhanga

## (Umubare w'amasomo: 8)

**Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:**

- Gusesengura no guhanga umwandiko uvuga ku ikoranabuhanga, gusesengura interuro, ibinyazina ndafutura no kubikoresha neza mu nteruro

**Umwandiko: "Mudasobwa mu iterambere".**

**Intera ya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko**

***Intego:***

Umunyeshuri yifashishije inkoranya n'umwandiko wasomwe, araba ashobora:

- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko
- Gusobanura amagambo adasobanukiwe
- Gusoma yubahiriza utwatuzo n'isesekaza
- Gukoresha mu nteruro ngufi kandi ziboneye amagambo yungutse.

**Imfashanyigisho:**

Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko uvuga ku ikoranabuhanga, amashusho n'inkoranyamagambo.

### I. Ivumburamatsiko

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko ikubiye mu mwandiko bagiye gusoma.

**Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:**

**1. Kuri iki gishushanyo murabonaho iki?**

Abagabo babiri bahagaze iruhande rw'umuhanda wa kaburimbo bitegereza icyapa.

2. **Murabona bariya bagabo bambaye bate?**
   Umuntu arabona bambaye neza, mbese barimbye.
3. **Ni ibiki biri kuri iki cyapa?**
   Hariho igishushanyo cya mudasobwa nini cyane n'umugore wicaye ayandikisha bigaragara ko ari yo baganiraho.

## II. Gusoma

### Gusoma bucece

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane maze akabarangira urupapuro ruriho umwandiko **"mudasobwa mu iterambere"**. Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke, yamara kubona ko barangije gusoma bucece, akababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

***Urugero rw'ibibazo byabazwa:***

1. **Uyu mwandiko uravuga ku ki?**
   Ku ikoranabuhanga.
2. **Iryo koranabuhanga rikoresha iki?**
   Rikoresha mudasobwa.
3. **Abaganira kuri iyo mudasobwa ni bande?**
   Munyawera na Mwumvaneza.

### Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba umunyeshuri umwumwe gusoma umwandiko aranguruye ijwi, bubahiriza utwatuzo. Bitewe n'umubare w'abanyeshuri, umunyeshuri asoma igika kimwe agasimburwa na mugenzi we kugeza umwandiko urangiye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uko ungana.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri akagenda akosora amwe mu makosa yagiye akorwa n'abanyeshuri iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira:
Kunamiriza mu gitabo mu gihe barimo gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo arimo kubasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

## III. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko mu matsinda yabo bagerageza gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko biri mu bitabo byabo no gushakisha ibisobanuro by'amagambo badasobanukiwe babonye mu mwandiko. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye, hanyuma bakaza guhuriza hamwe ibyo bagezeho mu matsinda, umwarimu akabafasha kubinoza neza.

**Ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko:**

1. **Mu mwandiko baravugamo ko isi ivuduka. Iravuduka mu biki?**
   Mu bijyanye n'iterambere n'ikoranabuhanga.
2. **Vuga ingaruka zaba ku warangara muri uyu muvuduko w'isi.**
   Abandi bamusiga agasigara asiganuza.
3. **Amahugurwa ba Munyawera bakubutsemo, yavugaga ku biki?**
   Ku mikoreshereze y'ikoranabuhanga mu iterambere.
4. **Gereranya ibyo abantu bigaga kuri mudasobwa zicyaduka n'aho bigeze kuri ubu wifashishije umwandiko.**
   Kera mudasobwa zicyaduka wasangaga abantu biga kuzandikisha zikanabika amakuru gusa; ariko ubu zisigaye zikora n'indi mirimo myinshi ijyanye n'ikoranabuhanga nko gukora ibishushanyo by'amazu n'imihanda; guhanahana amakuru yihutisha iterambere n'ibindi.
5. **Tanga nibura ingero enye z'ibyiza by'ikoranabuhanga rikoresha mudasobwa byagaragajwe mu mwandiko.**
   Kumenya ibiciro byo ku masoko yo hirya no hino ku isi;
   Kuganira n'umuntu uri iyo bigwa utavuye aho uri;
   Kwandika izina ry'ahantu hose ku isi ugahita uhabona;
   Gukora ibishushanyo by'amazu n'ibindi.
6. **Tanga izindi ngero eshatu z'ibikoresho by'ikoranabuhanga uzi unasobanure umumaro wabyo.**
   **Terefoni:** irahamagara, igafata amafoto, igakoresha mu kohererezanya amafaranga;
   **Tereviziyo:** yerekana amashusho y'amakuru avugwa ku isi, ikerekana imikino na za sinema;
   **Ibyogajuru:** bifata amakuru y'ibibera hirya no hino ku isi, bigakoreshwa mu iteganyagihe n'ibindi.

## Inyunguramagambo:

Nyuma yo gusubiza neza ibibazo byo kumva umwandiko, umwarimu asaba abanyeshuri kugaragaza ibyavuye mu matsinda ku nyunguramagambo. Amatsinda ahuriza hamwe ibyo yagezeho.

**Shaka ibisobanuro by'amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:**

a) **Batwanikiye:** Badusize cyane
b) **Kubwerabwera:** Kubuyera usa n'uwayobewe icyo ukora.
c) **Gukura ubwatsi:** Gushimira uwakugabiye (inka cyangwa ikindi kintu cy'agaciro).
d) **I Bwotamasimbi:** I Burayi. (Ubundi amasimbi ni urusaro rwererana ruba hejuru y'imisozi miremire cyane. Ibihugu bimwe by'i Burayi bijya

bitwikiririrwa n'urubura mu gihe k'Itumba, akaba ari ho haba hakomoka iryo zina).

e) **Intica ntikize:** ibintu bike cyane, bidahagije

### Imyitozo y'inyunguramagambo

Umwarimu asaba abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo mu nteruro ngufi ziboneye no kuzuza interuro bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko, ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro.

**1. Koresha amagambo akurikira mu nteruro ngufi kandi ziboneye:**

a) **Ibikoro:** Ibikoro bigeretse ku bishyimbo biraryoha.

b) **Dukubutsemo:** Rwa rugendo shuri dukubutsemo rwatugiriye akamaro gakomeye.

c) **Zicyaduka:** Igihe mudasobwa zari zicyaduka zakoreshwaga imirimo mike ugereranyije n'ubu.

d) **Bizacura iki?** Ko ugira ibitekerezo bikomeye ukiri umwana nukura bizacura iki?

e) **Bagapfunyikira abantu ikibiribiri:** Dukwiye kwamagana abafatirana abataramenya ikoranabuhanga bakabapfunyikira ikibiribiri.

**2. Huza amagambo yo mu ruziga A n'ibisobanuro byatanzwe mu ruziga B**

**A**

1. Ingaruka
2. Rusahurira mu nduru
3. Iravuduka
4. Dusiganuza
5. Urarenzwe

**B**

a. Irihuta cyane
b. Dusobanuza
c. urahaze none wibagiwe aho wavuye
d. Inkurikizi
e. Ushaka inyungu abantu batarasobanukirwa

Ibisubizo: 1=d, 2=e, 3=a, 4=b, 5=c

## Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

***Intego:***

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:

- Gusesengura umwandiko asubiza neza ibibazo byabajijwe.

**Imfashanyigisho:**

Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu ( n'izindi wabona ko ari ngombwa).

**I. Isubiramo**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

**Urugero rw'ibibazo yababaza:**

1. **Umwandiko duheruka gusoma ufite uwuhe mutwe?**
   Mudasobwa mu iterambere.
2. **Uvuga ku biki muri make?**
   Uvuga uko mudasobwa ikoreshwa mu bijyanye no kwiteza imbere..
3. **Ni kuki umuntu akwiye gukangukira iterambere?**
   Kugira ngo isi itamusiga.

**II. Gusoma**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane, akababwira bakongera gusoma umwandiko bagerageza kuwumva neza cyane, no kuvumbura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziwugize, hanyuma bakaza gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

**III. Gusesengura umwandiko**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mumatsinda hanyuma akabasaba gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Hanyuma uhagarariye buri tsinda akamurikira abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

**Ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko**

1. **Erekana ingingo z'ingenzi ziri muri uyu mwandiko.**
   **Ingingo z'ingenzi** ni izi: umuvuduko mu iterambere; impamvu tugomba gukangukira ikoranabuhanga.

**Ingingo z'ingenzi**

- Tutabaye maso twasigara mu iterambere.
- Gukoresha ikoranabuhanga mu buryo bukwiye hirindwa kwikoresha mu bibi.

2. **Garagaza uko ubona izo ngingo zihura n'ubuzima bwa buri munsi tubamo.**
   Aho bihuriye ni uko zivuga ku kamaro k'ikoranabuhanga, kandi muri iki gihe tugezemo ikoranabuhanga rikaba ari ikintu dukenera mu buzima bwacu bwa buri munsi.
3. **Ubona ikoranabuhanga rikoresha mudasobwa ryamara iki mu myigire yawe?**
   Ikoranabuhanga rikoresha mudasobwa ryagira akamaro kanini mu myigire kuko ryakoroshya imirimo imwe n'imwe y'ubushakashatsi cyane ikoranabuhanga rikoresha interineti.

**Intera ya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro:** Kungurana ibitekerezo

***Intego:***

Umunyeshuri agendeye ku nsanganyamatsiko yahawe, araba ashobora:

- Gutanga igitekerezo ke mu buryo buboneye, ku nsanganyamatsiko yatanzwe
- Kujora mu kinyabupfura ibitekerezo bya bagenzi be akabifataho ikemezo

**Imfashanyigisho:**

Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu.

## I. Isubiramo

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo bituma bibuka umwandiko uheruka kwigwa, n'insanganyamatsiko ubumbatiye.

**Urugero rw'ibibazo byabazwa:**

1. **Ni uwuhe mutwe w'umwandiko duheruka kwiga?**
   Mudasobwa mu iterambere
2. **Uvuga ku biki muri rusange?**
   Uko dukwiye gukangukira gukoresha ikoranabuhanga mu iterambere.

**Gutanga ibitekerezo**

Umwarimu arafasha abanyeshuri gukora amatsinda y'abatanga ibitekerezo bubahiriza uruhande rwemeza insanganyamatsiko n'uruyihakana, ndatse no gushaka umuyobozi w'ikiganiro mpaka, umwanditsi, ucunga igihe. Umwarimu aratanga insanganyamatsiko abanyeshuri batange ibitekerezo bubahiriza uko bikorwa.

Insanganyamatsiko:**" Gukoresha ikoranabuhanga rya mudasobwa ntibyagira ingaruka mbi"**
Mugaragaze uko mubibona ku banyeshuri no ku iterambere ry'Igihugu muri rusange, mwibanda ku mikoreshereze y'ikoranabuhanga .

**Urugero rw'ibitekerezo batanga**

Ikoranabuhanga ryifashisha mudasobwa rifite akamaro gakomeye cyanecyane iyo mudasobwa ikoresha interineti yifashishwa mu bushakashatsi bunyuranye, ariko hari n'aho usanga iyo rikoreshejwe nabi rigira ingaruka mbi.

**Ku munyeshuri:**

Ryamufasha gukora ibintu byinshi mu gihe gito kuko yajya asangamo amasomo yamuteguriwe ndetse n'imyitozo yajya akora akanikosora we ubwe. Ikindi kandi rimufasha gukora ubushakashatsi bwamufasha mu myigire ye ndetse no mu

mibereho ye muri rusange. Ku rundi ruhande ikoranabuhanga rishobora gushora umunyeshuri mu ngeso mbi, nko mu gihe yishoye ku mbuga zitangaza ibintu by'urukozasoni agashaka kubyigana, icyo gihe ubuzima bwe bwahangirikira nta kabuza.

**Ku rwego rw'Igihugu:**

Ikoranabuhanga ryifashisha mudasobwa ni ingenzi cyane kuko rifasha Igihugu mu kubona amakuru akenewe kandi akabonerwa ku gihe no mu kuyahanahana; Rikoreshwa mu bijyanye n'iteganyagihe n'igenamigambi;

Ryihutisha imirimo inyuranye ubuzima bw'Igihugu bushingiyeho.(nko mu mutekano mu gisirikari n'igiporisi, mu bikorwa by'ubuzima, mu bikorwa by'icungamutungo n'amabanki n'ibindi).
Ikoranabuhanga ku rundi ruhande rishobara gukoreshwa nabi rikaba ryafasha mu bikorwa byo guhungabanya umutungo wa Leta, ubujura bwo mu mabanki,...

**Ingaruka:**

Abakunda guhora kuri mudasobwa bataruhuka baba bashobora kugira ibibazo by'amaso. Ikoreshwa rya mudasobwa ryatumye abanyamabanga bamwe babura akazi kuko ibyandikwa byinshi abayobozi babyikorera.

**Umwanzuro:**

Ikoranabuhanga rifite akamaro cyane , haba mu kazi ko mu biro, haba mu nganda, mu biga ndetse no mu rubyiruko. Ikoranabuhanga rikoreshwa mu myigire ndetse ukaba wakwiga uri kure y'ishuri kandi ntucikwe. Rituma kandi abantu barushaho gusabana. Ariko kandi iyo rikoreshejwe nabi rigira ingaruka mbi kuko nk'urubyiruko rushobora guta igihe aho gukora rukiririrwa ndetse rukarara kuri interineti, kuri terefoni. Rishobora no gutera indwara z'amaso ndetse n'umunaniro urengeje urugero. Ikoranabuhanga ritera kubura akazi,... Ikoranabuhanga rero rikwiye gukoreshwa neza.

## Intera ya kane: Imimaro y'amagambo: ruhamwa, inshinga, icyuzuzo

***Intego:***

Umunyeshuri ahereye ku nteruro n'ibisobanuro yahawe, araba ashobora:

- Gutahura no gusesengura mu nteruro imimaro y'amagambo ayigize.
- Gutandukanya ruhamwa, inshinga n'icyuzuzo mu nteruro.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'ik'ikibonezamvugo .

## I. Ivumburamatsiko

Umwarimu yifashishije interuro zirimo amagambo afite ubwoko bw'umumaro bugiye kwigishwa, arazandika ku kibaho, azibazeho ibibazo bifasha abanyeshuri gutahura ikigwa. Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma interuro bahawe barangiza bakazitegereza neza hanyuma bakavuga icyo babona amagambo yanditse mu nyuguti z'umukara tsiri yerekana nk'umumaro mu nteruro.

### Ruhamwa

Soma izi nteruro zikurikira nurangiza witegereze amagambo yanditse mu nyuguti z'umukara tsiri hanyuma uvuge icyo yerekana mu nteruro.

- **Incyuro** se na zo ziteganyijwe mu kiganiro cyacu?
- Nituba maso **ikoranabuhanga** rizadufasha ibintu byinshi.
- **Gukoresha** ikoranabuhanga ni ingenzi.
- **Imashini** ikoresha uwabyize.

Ubonye aya magambo agaragaza iki mu nteruro? **Incyuro, ikoranabuhanga, gukoresha, imashini** ni amagambo aragaragaza uwo (icyo) berekezaho igikorwa cyangwa imimerere bivugwa mu nshinga.

### Inshoza ya ruhamwa

Ruhamwa ni ijambo rigaragaza ukora igikorwa cyangwa uwo berekezaho imimerere cyangwa imiterere bikubiye mu nshinga. Muri rusange ruhamwa iba igizwe n'izina ryonyine cyangwa ikaba ari itsinda ry'izina n'andi magambo arisobanura nka ntera, igisantera, n'ayandi. Ruhamwa ishobora no kuba izina ntera, ikinyazina, imbundo, umugereka,...

***Ingero:***

- **Ababyeyi** bita ku bana babo.
- **Umunyamabanga Nshingwabikorwa** agira imirimo myinshi.
- **Urubyiruko mwese** nimutozwe ikoranabuhanga.
- **Umunyeshuri mwiza** yubaha abarezi n'ababyeyi.
- **Iyo** ikamwa menshi
- **Kwiga** biteza imbere.
- **Ejo hazaza** hazaba heza.
- Niturangara **bu**zacya abandi badusize kubera ikoranabuhanga.
- None se urumva **a**ri ikoranabuhanga rizana ibibi?
- **Ha**zabaho guhuguka kugira ngo ikoranabuhanga ritadusiga

### Amoko ya ruhamwa

Ruhamwa ibamo amoko atatu: Ruhamwa mboneranteruro, ruhamwa nyurabwenge na ruhamwa mburabuzi.

### a) Ruhamwa mboneranteruro

Ruhamwa mbonerantururo ni yo igenga interuro mbonezamvugo, ikanashingirwaho isanisha ry'amagambo yose agize interuro. Ni yo ivugwaho igikorwa cyangwa imimerere bikubiye mu nshinga hakurikijwe isanisha risanzwe.

***Ingero:***

- **Ababyeyi** bita ku bana babo.
- **Umunyamabanga Nshingwabikorwa** agira imirimo myinshi.
- **Umunyeshuri mwiza** yubaha abarezi n'ababyeyi

### b) Ruhamwa nyurabwenge

Ruhamwa nyurabwenge yerekezwaho igikorwa cyangwa imimerere bikubiye mu nshinga ariko ntigenga isanisha risanzwe.

***Ingero:***

- Imboga zibona **abana** ( hano imboga si zo zibona ahubwo abana nibo babona)
- Iki kizamini kizatsinda **umuhanga** rwose ( umuhanga niwe uzatsinda si ikizamini)

### c) Ruhamwa mburabuzi

Ruhamwa mburabuzi mu nteruro igaragara igihe hakoreshejwe inshinga itagaragaza ijambo yisanisha na ryo. Icyo gihe ruhamwa igaragazwa n'indanganshinga.

***Ingero:***

- Niturangara **bu**zacya abandi badusize kubera ikoranabuhanga.
- None se urumva **a**ri ikoranabuhanga rizana ibibi?
- **Ha**zabaho guhuguka kugira ngo ikoranabuhanga ritadusiga.

**Umwitozo kuri ruhamwa**

Umwarimu arashyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri, hanyuma ababwire gukora neza umwitozo uri mu gitabo cyabo kuri ruhamwa. Mu gihe abanyeshuri bari gukora umwitozo, umwarimu agendagenda mu ishuri areba uko abanyeshuri bakorana mu matsinda. Iyo igihe cyagenwe kirangiye umwarimu afasha abanyeshuri mu kumurika ibyo bagezeho no kurushaho kubinoza.

**Erekana ruhamwa mu nteruro zikurikira:**

a) Ikoranabuhanga rizatugeza kuri byinshi.
b) Ibi biryo byatetse umuhanga.
c) Aka kanya burakeye.
d) Harakabaho ikoranabuhanga.

***Ibisubizo:***

- **Ikoranabuhanga** rizatugeza kuri byinshi.
- Ibi biryo byatetse **umuhanga**.
- Aka kanya **bu**rakeye.
- **Ha**rakabaho ikoranabuhanga.

## Inshinga

Soma izi nteruro zikurikira nurangiza witegereze amagambo yanditse mu nyuguti z'umukara tsiri hanyuma uvuge icyo yerekana mu nteruro.

- Iwacu **bakugaburiye** ibikoro utari ubizi.
- Ikoranabuhanga **rifite** akamaro.
- Imashini **yatumye** ubona akazi.
- **Ntituzarangare**.

Ubonye aya magambo agaragaza iki mu nteruro? **bakugaburiye, rifite, yatumye, ntituzarangare** ni amagambo aragaragaza igikorwa cyangwa imimerere bivugwa kuri ruhamwa.

## Inshoza y'inshinga

**Inshinga** mu nteruro ni ijambo ribumbatiye cyangwa rigaragaza igikorwa, imico,imiterere cyangwa imimerere bya ruhamwa. Ni yo zingiro ry'ubutumwa bukubiye mu nteruro. Inshinga ishobora kurema interuro yonyine kandi igatanga ubutumwa bwuzuye. Ishobora no kuzuzwa n'indi nshinga nta bundi bwoko bw'ijambo bukoreshejwe.

**Ingero z'inshinga zikoresheje muri ubwo buryo bwose tubonye:**

- **Uzitabire** inama.(igikorwa)
- Abanyeshuri **barabyibushye**.(imimerere)
- Kagenzi na Gatesi **barakubagana**.( imico)
- **Ntuzibe**.
- **Mugende mwihuta**.

## Umwitozo ku nshinga

Umwarimu arashyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri, hanyuma ababwire gukora neza umwitozo uri mu gitabo cyabo ku nshinga. Mu gihe abanyeshuri bari gukora umwitozo, umwarimu agendagenda mu ishuri areba uko abanyeshuri bakorana mu matsinda. Iyo igihe cyagenwe kirangiye, umwarimu afasha abanyeshuri mu kumurika ibyo bagezeho no kurushaho kubinoza.

Erekana inshinga ziri muri izi nteruro unavuge icyo zigaragaza kuri ruhamwa.

a) Ba bana banyu baritonda.
b) Ikoranabuhanga ririhuta cyane.
c) Uwo ukunda ararwaye.

**Ibisubizo:**

- Ba bana banyu **baritonda**. →igikorwa
- Ikoranabuhanga ririhuta **cyane**. →igikorwa
- Uwo ukunda **ararwaye**. →imimerere

## Icyuzuzo

Soma izi nteruro zikurikira nurangiza witegereze amagambo yanditse mu nyuguti z'umukara tsiri hanyuma uvuge icyo yerekana mu nteruro.

- Uwakoze **mudasobwa** akwiye ibihembo.
- Mudasobwa si iyo kwandika no kubika **amakuru** gusa.
- Abantu bage bagenzura **ubuziranenge** bwaryo.
- Ndaharanira **kujijuka** ni yo mpamvu ngomba kujya **mu ishuri**.

Ubonye aya magambo agaragaza iki mu nteruro? **mudasobwa, ibihembo, amakuru, ubuziranenge, kujijuka, mu ishuri** , ni amagambo agaragaza ibyuzuzo mu nteruro.

**Inshoza y'icyuzuzo**

**Icyuzuzo** ni ijambo cyangwa urwunge rw'amagambo biherekeza inshinga birushaho gusobanura neza ubutumwa buyikubiyemo. Ibyuzuzo bishobora kugira amoko atandukanye ariko ay'ingenzi ni: icyuzuzo ruhamya, icyuzuzo mbonera, icyuzuzo nziguro n'icyuzuzo k'ingereka.

**a) Icyuzuzo ruhamya**

**Ruhamya** ni ijambo rivuga isano y'imiterere cyangwa isano y'imico icyuzuzo gifitanye na ruhamwa. Ruhamya ihuzwa na ruhamwa n'inshinga z'imimerere cyangwa imiterere hamwe n'inshinga "kuba" cyangwa imvugaruhamwa **"ni"**

***Ingero:***

- Umwana ni **umutware**
- Amazi ni **meza ku buzima**
- Arimo **umunyeshuri mwiza**

**b) Icyuzuzo mbonera**

**Icyuzuzo mbonera** kigizwe n'ijambo cyangwa amagambo aherekeza inshinga akuzuza igitekerezo cyayo. Icyuzuzo mbonera giherekeza inshinga kitanyuze ku rindi jambo cyangwa ngo kigire ibindi bisobanuro by'umwihariko cyongeraho.

Ni ukuvuga ko hagati y'inshinga n'icyuzuzo mbonera nta rindi jambo rizamo. Gishobora kuba kigizwe n'ijambo rimwe cyangwa menshi. Muri rusange gisubiza ibi bibazo: nde?, iki?

***Ingero:***

- Tuzitabira **ikoranabuhanga**. ( Tuzitabira iki? Ikoranabuhanga)
- Iterambere turikesha **abayobozi beza**. (Turikesha nde? Abayobozi beza )
- Muzatsinda ikizamini **k'Ikinyarwanda**. (Muzatsinda iki? Ikizamini k'Ikinyarwanda)

**Ikitonderwa:** Ibyuzuzo mbonera bishobora gukoreshwa icyarimwe ari bibiri. Icyo gihe tugira icyuzuzo mbonera ntega n'icyuzuzo mbonera ntegesha.

**Icyuzuzo mbonera ntega** usanga gisubiza ibibazo nka nde? Iki? Zingahe? Gukora iki?

***Ingero:***

- Nkunda **mwarimu.** Nkunda nde? Mwarimu
- Tuzatsinda **ikizamini.** Tuzatsinda iki? Ikizamini
- Data atunze inka **ijana**. Atunze inka zingahe? Inka ijana
- Bagiye **kuryama**. Bagiye gukora iki? Kuryama

**Icyuzuzo mbonera ntegesha** usanga kivuga ikigenewe icyuzuzo ntega, icyo bifashisha mu gukorera igikorwa icyuzuzo ntega, icyo icyuzuzo ntega kivamo, ikibereye umutungo icyuzuzo ntega, ikiri ku cyuzuzo ntega, icyo icyuzuzo ntega giteganyirijwe, n'ibindi.

***Ingero:***

- Umubyeyi agurira umwana **umugati** ( ikigenewe icyuzuzo ntega)
- Umushumba yakubise inka **inkoni** ( icyo bifashisha)
- Uruganda rukora amavuta mu bihwagari ( icyo icyuzuzo ntega kivamo)
- Umujura yibye umuturanyi **intama** ( umutungo w'icyuzuzo ntega)
- Umubyeyi yahanaguye umwana **amarira** ( ikiri ku cyuzuzo ntega)
- Ikoranabuhanga ryorohereza abantu **imirimo** ( igiteganyirijwe icyuzuzo ntega)

**c) Icyuzuzo nziguro**

Icyuzuzo nziguro cyuzuza inshinga akenshi kibanje guca ku rindi jambo nk'icyungo cyangwa indangahantu, kigasobanura uburyo igikorwa gikorwa, igihe gikorerwa, ahantu gikorerwa, impamvu gikorwa, inshuro gikorwa n'ibindi.

***Ingero:***

- U Rwanda rurakataje **mu ikoranabuhanga** ( icyuzuzo nziguro cy'ahantu)
- Abakinnyi bagenda **bushuhe** (icyuzuzo nziguro cy'uburyo)

- Ubukwe buzaba ejo **mu gitondo**. (icyuzuzo nziguro k'igihe)
- Abanyarwanda benshi ku munsi barya **inshuro eshatu**. (icyuzuzo nziguro k'inshuro)
- Bavuye **ku ishuri**. (icyuzuzo nziguro cy'ahantu)
- Arayura **kuko ashonje**. (icyuzuzo nziguro k'impamvu)
- Ahora ameze **nk'umurwayi** (icyuzuzo nziguro kigereranya)
- Abanyeshuri bagomba guca ukubiri **no gutukana** (icyuzuzo nziguro cyunga)

**Ikitonderwa:**

Aya moko yombi y'ibyuzuzo (icyuzuzo mbonera n'icyuzuzo nziguro) ashobora gukoreshwa icyarimwe mu nteruro.

***Ingero:***

- Ikigo cyacu cyaguze **mudasobwa mu mugi**.( "mudasobwa" ni icyuzuzo mbonera; "mu mugi" ni icyuzuzo nziguro).
- Umpere **umwana imiti nimugoroba**. ("**umwana, imiti**" ni ibyuzuzo mbonera; "**nimugoroba**" ni icyuzuzo nziguro).

**d) Icyuzuzo k'ingereka**

Icyuzuzo k'ingereka ni icyuzuzo kizanwa n'uko ingereka yongerewe ku nshinga cyangwa se icyuzuzo k'inshinga kigatuma igira ingereka. Hari n'ingereka zituma inshinga igira icyuzuzo kibanjirijwe n'icyungo.

***Ingero:***

- Umwana arakinana **inkweto**
- Iyi nzu yubakwa **n'umufundi**
- Gatera yigana na **Mwiza**

## Imyitozo ku byuzuzo

Umwarimu arashyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri, hanyuma ababwire gukora neza imyitozo iri mu gitabo cyabo ku cyuzuzo. Mu gihe abanyeshuri bari gukora imyitozo,umwarimu agendagenda mu ishuri areba uko abanyeshuri bakorana mu matsinda. Iyo igihe cyagenwe kirangiye, umwarimu afasha abanyeshuri mu kumurika ibyo bagezeho no kurushaho kubinoza.

**Ibibazo:**

1. **Tahura ibyuzuzo biri mu nteruro zikurikira hanyuma uvuge n'ubwoko bwabyo.**

   a) Imyanya y'icyubahiro yicayemo abayobozi.

b) Abashyitsi bariye kabiri.
c) Abanyeshuri bacu babonye amanota meza mu bizamini bya Leta.
d) Muhe uwo mutetsi umuceri n’amavuta.

**Ibisubizo:**

**a)** **<u>Imyanya y’icyubahiro</u>** yicayemo abayobozi**.**
Icyuzuzo nziguro cy’ahantu

**b)** Abashyitsi bariye **<u>kabiri</u>.**
Icyuzuzo nziguro k’inshuro

**c)** Abanyeshuri bacu babonye **<u>amanota meza mu bizamini bya Leta</u>.**
**Amanota meza:** Icyuzuzo mbonera ntega
**Mu bizamini bya Leta:** Icyuzuzo nziguro

**d)** Muhe **<u>uwo mutetsi umuceri n’amavuta</u>.**
**Uwo mushyitsi:** icyuzuzo mbonera ntega
**Umuceri n’amavuta:** icyuzuzo mbonera ntegesha

2. Shaka interuro zawe bwite ebyiri zikoreshejemo ibyuzuzo mbonera n’ebyiri zikoreshejemo ibyuzuzo nziguro unabigaragaze.

**Ibisubizo:**

**Ibyuzuzo mbonera:**
Abana bariye **<u>ibijumba</u>**.
Tuzabona **<u>ibihembo byiza</u>**.

**Ibyuzuzo nziguro:**
**<u>Ku wa Mbere</u>** muzage **<u>mu isoko</u>**.
**<u>Ejo bundi</u>** umuyobozi azadusura.

## Umwandiko: Itangazamakuru mu iterambere

## Intera ya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko

***Intego:***

Umunyeshuri yifashishije inkoranya n’umwandiko wasomwe, araba ashobora:
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko
- Gusobanura amagambo adasobanukiwe
- Gusoma yubahiriza utwatuzo n’isesekaza
- Gukoresha mu nteruro ngufi kandi ziboneye amagambo yungutse.

**Imfashanyigisho:**

Igitabo cy’umunyeshuri kirimo umwandiko uvuga ku itangazamakuru mu iterambere, igitabo cy’umwarimu n’inkoranyamagambo.

## I. Ivumburamatsiko

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko ikubiye mu mwandiko bagiye gusoma.

**Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:**

1. **Kuri aya mashusho murabonaho iki?**
   Abantu bicaye baganira.
2. **Iyo mwitegereje neza mubona bariya bantu bahugijwe n'iki?**
   Ibintu bitandukanye: bamwe barareba televiziyo, undi arasoma ikinyamakuru.
3. **Mutekereza ko ari abareba televiziyo, ari n'usoma ikinyamakuru bakurikiyemo iki?**
   Bose barashaka kumenya amakuru.

## II. Gusoma

### Gusoma bucece

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane maze akabarangira urupapuro ruriho umwandiko **"Itangazamakuru mu iterambere"**. Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke, yamara kubona ko barangije gusoma bucece, akababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

**Urugero rw'ibibazo byabazwa:**

1. **Uyu mwandiko musomye uravuga ku biki?**
   Ku itangazamakuru.
2. **Ni izihe ngero z'uburyo bukoreshwa mu gutangaza amakuru?**
   Gukoresha amagambo, ibimenyetso by'umubiri, ibindi bikoresho nk'ingoma n'ibindi.
3. **Ni ibihe bintu bikoreshwa mu ikoranabuhanga ryo gufata no gutangaza amakuru muri iki gihe?**
   Terefoni, kamera, mudasobwa, ibyogajuru n'ibindi.

### Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba umunyeshuri umwumwe gusoma umwandiko aranguruye ijwi, bubahiriza utwatuzo. Bitewe n'umubare w'abanyeshuri, umunyeshuri asoma igika kimwe agasimburwa na mugenzi we kugeza umwandiko urangiye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uko ungana.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri akagenda akosora amwe mu makosa yagiye akorwa n'abanyeshuri iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira:

Kunamiriza mu gitabo mu gihe barimo gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo arimo kubasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

### III. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko mu matsinda yabo bagerageza gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko biri mu bitabo byabo no gushakisha ibisobanuro by'amagambo badasobanukiwe babonye mu mwandiko. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye, hanyuma bakaza guhuriza hamwe ibyo bagezeho mu matsinda, umwarimu akababafasha kubinoza neza.

**Ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko:**

1. **Rondora ibikoresho byakoreshwaga mu gutangaza amakuru mu Rwanda rwo hambere bigaragara mu mwandiko uvuge n'icyo byamenyeshaga.**
   Amagambo n'ibimenyetso byakoreshwaga mu kugezanyaho ibitekerezo byabo: **Ingoma** ibwami bayikoreshaga mu kumenyesha amakuru amwe n'amwe; **ihembe** rigakoreshwa mu kumenyekanisha umuhigo; **umwirongi** ugakoreshwa mu kumenyekanisha ahabaye igitaramo.
2. **Erekana inshoza cyangwa intero y'ijambo amakuru ukurikije uko yavuzweho mu mwandiko.**
   Amakuru ni ibyo umuntu amenya atari azi.
3. **Tanga ingero enye z'ibitangazamakuru biriho muri iki gihe?**
   Radiyo, tereviziyo, interineti, ibyogajuru, imbuga nkoranyambaga.
4. **Vuga ibikoresho bine byifashishwa mu gufata amakuru no kuyatangaza.**
   Terefone, mudasobwa, ibyogajuru,...
5. **Tandukanya itangazamakuru ryo mu buryo bwa kera n'iryo mu buryo bw'iki gihe tugezemo.**
   Iryo mu buryo bwa kera, wasangaga rikoresha amaradiyo atagaragaza amashusho, n'amajwi yayo adatunganye cyangwa rigakoresha ibinyamakuru byanditse ariko amafoto agaragaramo ugasanga atanoze. Mu gihe itangazamakuru ryo mu gihe tugezemo rikoresha uburyo bw'ikoranabuhanga bukoresha amajwi n'amashusho ameze neza; ibinyamakuru byanditse na byo bisigaye bikoresha amashusho akeye rwose.
6. **Garagaza uruhare rw'itangazamakuru mu iterambere ry'Igihugu.**
   Itangazamakuru rimenyesha abaturage gahunda za Leta zibateza imbere;
   Rimenyekanisha ikerekezo k'Igihugu, ahakeneye ibikorwa remezo bikahajya ,abubaka bakagendera ku makuru bahawe; abantu bakora ibikorwa by'ubucuruzi bakoresheje itangazamakuru; abantu bamenya amakuru y'uko bakwiye kujyanisha umutungo n'ubwiyongere bw'abaturage; abantu batanga amakuru akenewe ku nzego z'ubuyobozi bw'Igihugu igihe bibaye ngombwa.

7. **Ugendeye ku mwandiko erekana isano iri hagati y'ikoranabuhanga n'itangazamakuru.**

   Isano bifitanye ni uko itangazamakuru ryifashisha ikoranabuhanga kugira ngo rirusheho kwihuta no kunogera abo rigenewe

8. **Sobanura ukuntu itangazamakuru rigezweho rishobora kugira uruhare mu kubungabunga umutekano w'Igihugu.**

   Ibi birashoboka kuko mu itangazamakuru rigezweho umuntu ashobora gutanga amakuru mu ibanga kandi ku buryo bwihuse ku cyo abona cyahungabanya umutekano w'Igihugu akabimenyesha porisi. Aha twatanga nk'urugero rwa terefoni igendanwa aho umuntu ashobora kuyikoresha atanga amakuru ku muyobozi w'ikinyabiziga ugendera ku muvuduko urenze cyangwa utwaye ibintu bya magendu.

## Inyunguramagambo

Nyuma yo gusubiza neza ibibazo byo kumva umwandiko, umwarimu asaba abanyeshuri kugaragaza ibyavuye mu matsinda ku nyunguramagambo. Amatsinda ahuriza hamwe ibyo yagezeho.

**Shaka ibisobanuro by'amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:**

a) **Bwarakataje:** bwateye imbere cyane.
b) **Ritomoye:** ritunganye rwose.
c) **Imvugiro:** urwego rw'ibitekerezo abavugana bahurizaho.
d) **Bwaguka:** bugenda buba bugari, bwiyongera mu mikorere.
e) **Kwisanzura:** gukora nta nzitizi cyangwa inkomyi uhura na zo.

### Imyitozo y'inyunguramagambo

Umwarimu asaba abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo mu nteruro ngufi ziboneye no kuzuza interuro bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko, ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro.

1. **Koresha amagambo akurikira mu nteruro ngufi kandi ziboneye:**

   a) **Bya gakondo:** Itangazamakuru rya kera ryakoreshaga uburyo bwa gakondo.
   b) **Ihembe:** Mu byo Abanyarwanda bakoreshaga batanga amakuru habagamo n'ihembe
   c) **Urucuruzo:** Ibikorwa bimwe na bimwe byakorerwaga ubuntu muri iki gihe byahindutse urucuruzo.
   d) **Bunoze:** Itangazamakuru rikoresha ikoranabuhanga ritangaza amakuru ku buryo bunoze.

e) **Butangaje:** Iterambere ririhuta ku buryo butangaje.

2. **Shaka impuzanyito z'aya magambo akurikira:**
   a) **Gusakaza :** gutangaza, gukwirakwiza
   b) **Igataha :** igakurikiraho, ikaza
   c) **Bunoze :** butunganye, bukeye
3. **Shaka imbusane z'aya magambo akurikira:**
   a) **Intangiriro** ≠ iherezo, imperuka
   b) **Hasi** ≠ hejuru
   c) **Bwihutisha** ≠ budindiza

## Intera ya kabiri: Gusesengura umwandiko

***Intego:***

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:

- Gusesengura umwandiko asubiza neza ibibazo by'isesengura

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri (n'izindi wabona ko ari ngombwa).

### I. Isubiramo:

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakanavuga muri make ibikubiyemo.

### Urugero rw'ibibazo yababaza:

1. **Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?**
   Itangazamakuru mu iterambere.
2. **Tanga ingero z'ibikoresho bikoresha ikoranabuhanga mu itangazamakuru.**
   Amaterefoni, za mudasobwa, za kamera n'ibyogajuru.
3. **Ni akahe kamaro kabyo?**
   Bikoresha uburyo butanga amajwi atunganye n'amashusho akeye kandi mu buryo bwihuse, mu ibanga, bitagusabye buri gihe gukora urugendo n'ibindi.

### II. Gusoma

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane, akababwira bakongera gusoma umwandiko bagerageza kuwumva neza cyane, no kuvumbura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziwugize, hanyuma bakaza gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

### III. Gusesengura umwandiko

Umwarimu asaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Hanyuma uhagarariye buri tsinda akaza kumurikira abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

**Ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko**

1. **Erekana ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri muri uyu mwandiko.**

   Ingingo z'ingenzi ziri muri uyu mwandiko ni izi: imikorere y'itangazamakuru rya gakondo; imikorere y'itangazamakuru rikoresha ikoranabuhanga; akamaro k'itangazamakuru rikoresha ikoranabuhanga.

   Ingingo z'ingereka zirimo ni inyigisho zo gukumira jenoside; inyigisho zijyanye n'ubuzima bw'imyororokere no kuringaniza urubyaro.
2. **Ikoranabuhanga mu itumanaho ritumariye iki mu buzima bwacu bwa buri munsi?**

   Muri iki gihe tugezemo ikoranabuhanga mu itumanaho ridufitiye akamaro kanini cyane. Iyo turebye uko itumanaho ryakorwaga mu gihe cyahise n'uburyo ubu ikoranabuhanga ryoroheje itumanaho kandi rikarushaho kurinoza, ntawabura kwemeza ko ridufitiye akamaro. Ingero ni nyinshi cyane dufatiye kuri terefoni cyangwa interineti ubu itumanaho ririhuta kandi rigakorwa mu buryo bunoze.
3. **Ese hari ingaruka umuntu ashobora kugira bitewe no kutamenya amakuru?**

   Kumenya amakuru ni ukumenya icyo utari uzi. Kutamenya amakuru, ntumenye uko bwije nuko bukeye, byagira ingaruka mbi nyinshi cyane kuko umuntu yazisanga asa n'uba mu isi ya wenyine atazi aho Igihugu kigeze na gahunda zacyo kandi buri muturage aba abwirizwa kuzikurikiza. Nta muntu ushobora gutera imbere atamenya amakuru.

## **Intera ya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro:** Ihangamwandiko

***Intego:***

Umunyeshuri agendeye ku nsanganyamatsiko yahawe, araba ashobora:

- Kwandika inkuru yihimbiye ijyanye n'ikoranabuhanga.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu.

### 1. Isubiramo

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo bituma bibuka umwandiko uheruka kwigwa, n'insanganyamatsiko ubumbatiye.

**Urugero rw'ibibazo byabazwa:**

1. **Ni uwuhe mutwe w'umwandiko duheruka kwiga?**
   Itangazamakuru mu iterambere.
2. **Uwo mwandiko uvuga ku ki muri rusange?**
   Imikorere y'itangazamakuru n'imihindukire yaryo kugeza ku rigezweho rikoresha ikoranabuhanga; bakatwereka n'akamaro karyo mu iterambere.

## II. Kwandika inkuru

Umwarimu aratanga umukoro wo kwandika inkuru ngufi ku nsanganyamatsiko ijyanye n'ikoranabuhanga mu itumanaho. Nyuma yo kwandika inkuru buri wese ageza ku bandi ibyo yanditse, umwarimu agafatanya n'abanyeshuri kuzijora bareba inkuru zanditse neza.

Ikibazo cy'umukoro: **Andika inkuru wihimbiye ushishikariza abantu kwitabira ikoranabuhanga rikoreshwa mu itangazamakuru.**

**Urugero rw'ibitekerezo byagaragara mu nkuru:**

- Kuva kera uburyo bwo gutangaza amakuru (ay'ibyishimo n'akababaro) bwahozeho
- Amakuru agira icyo ahindura ku buryo bw'imitekerereze
- Birakwiye ko tujyana n'igihe dukoresha itangazamakuru rikoresha ikoranabuhanga nka terefoni, interineti, imbuga nkoranyambaga, ibyogajuru,.....
- Duhanahane amakuru kenshi kandi mu buryo bukwiye ndetse buboneye
- Tugomba kuzirikana ko iyo ikoranabuhanga rikoreshejwe nabi ryangiza byinshi
- Mu itangazamakuru nihakoreshwe ikoranabuhanga ariko rikoreshwe neza.

## Intera ya kane: Ikinyazina ndafutura

***Intego:***

Umunyeshuri ahereye ku bisobanuro yahawe, araba ashobora:
- gutahura ikinyazina ndafutura mu nyandiko zinyuranye.
- Gusesengura ikinyazina ndafutura.
- Gukoresha neza mu nteruro ikinyazina ndafutura.

**Imfashanyigisho:**Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'igitabo k'ikibonezamvugo.

## I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

**Urugero rw'ibibazo yababaza:**

1. **Ni uwuhe mwandiko muheruka gusesengura?**
2. Umwandiko duheruka gusesengura ni "Itangazamakuru mu iterambere".
3. **Ni iki mwasigaranye kijyanye n'ubuzima busanzwe?**

   Ni uko nakwitabira gukoresha itangazamakuru rigezweho kuko rikora ku buryo bunoze kandi rikihuta; ariko nanone nkamenya ko nta gupfa kuvuga cyangwa ngo nkore ibyo nishakiye bitemewe kuko itangazamakuru rikoresha ikoranabuhanga rireba n'aho umuntu atibwiraga kandi mu ibanga.

## Ikinyazina ndafutura

### Inshoza y'ikinyazina ndafutura

**Ikinyazina ndafutura** ni ikinyazina kidasobanura neza ijambo kigaragiye cyangwa gisimbuye ari nayo mpamvu kitwa ikinyazina ndafutura cyangwa ndasigura.

### Uturango tw'ikinyazina ndafutura

Ikinyazina ndafutura giherekeza izina cyangwa kikarisimbura kirishyira mu kiciro runaka, ariko icyo kiciro kidasobanuye neza. Ikinyazina ndafutura kigira amoko abiri y'ibicumbi ari yo – **ndi** ibanguka (itarimo ubutinde) na – **ndi** itinda ( irimo ubutinde)

a) Igicumbi – **ndi** kibanguka, gikorana n'indangakinyazina zigizwe n'inyajwi kandi nta ndomo kigira.

   ***Ingero:***

   - Mu nteko ya mbere: **Undi** muntu
   - Mu nteko ya gatatu: **Undi** musozi
   - Mu nteko ya kane: **Indi** mirima
   - Mu nteko ya gatandatu: **Andi** masaka
   - Mu nteko ya kenda: **Indi** nzu

b) Igicumbi – **ndi** gitinda cyandikwa hifashishijwe utudomo tubiri: –:**ndi** , gikorana n'indangakinyazina zo mu nteko ya mbere kugera ku ya cumi na karindwi.

   ***Ingero:***

   - Mu nteko ya mbere: Uwundi muntu
   - Mu nteko ya kabiri: Abandi bantu
   - Mu nteko ya karindwi: Ikindi kibindi
   - Mu nteko ya cumi: Izindi nka

### Intego y'ikinyazina ndafutura

Ikinyazina ndafutura kigira intego zitandukanye bitewe n'ubwoko bwacyo. Intego y'ikinyazina ndafutura kigufi, igizwe n'uturemajambo tubiri aritwo indangakinyazina

( z'inyajwi) n'igicumbi –**ndi** . Nta ndomo kigira. Mu mpine byandikwa muri ubu buryo **Rkz – C**

| *Ingero:* | **Rkz – C** |
|---|---|
| - Mu nteko ya mbere: **Undi** muntu | u – ndi |
| - Mu nteko ya gatatu: **Undi** musozi | u – ndi |
| - Mu nteko ya kane: **Indi** mirima | i – ndi |
| - Mu nteko ya gatandatu: **Andi** masaka | a – ndi |
| - Mu nteko ya kenda: **Indi** nzu | i – ndi |

Intego y'ikinyazina ndafutura kirekire, igizwe n'uturemajambo dutatu ari two indomo, indangakinyazina n'igicumbi – **:ndi**. Mu mpine byandikwa muri ubu buryo **D –Rkz –C**

| *Ingero:* | **D –Rkz –C** |
|---|---|
| - Mu nteko ya mbere: **Uwundi** muntu | u – wu – :ndi |
| - Mu nteko ya kabiri: **Abandi** bantu | a – ba – :ndi |
| - Mu nteko ya datangatu **Ayandi** masaka | a – ya – :ndi |
| - Mu nteko ya karindwi: **Ikindi** kibindi | i – ki – :ndi |
| - Mu nteko ya cumi: **Izindi** nka | i – zi – :ndi |

**Ikitonderwa:**

a) Ikinyazina ndafutura gishobora kwisubiramo ku buryo mu ntego usanga igice cya mbere kigizwe n'ikinyazina ndafutura kigufi, na ho igice cya kabiri kikagirwa n'ikinyazina ndafutura kirekire. Icyo gihe mu ntego igice cya kabiri gitakaza indomo.

| *Urugero:* | **Rkz –C  D –Rkz –C** |
|---|---|
| - undiwundi | u – ndi – ϕ – wu – :ndi |
| - andiyandi | a – ndi –ϕ – ya – :ndi |

b) Ikinyazina ndafutura gishobora kwisubiramo ku buryo usanga igice cya mbere kigizwe n'ikinyazina ndafutura gitinda,naho indangakinyazina n'igicumbi, igice cya kabiri na cyo kikagirwa n'ikinyazina ndafutura kirekire ariko indomo yacyo igatakara.

| *Urugero:* | D – Rkz –C  D –Rkz –C |
|---|---|
| - uwundiwundi | u – wu – :ndi – ϕ – wu – :ndi |
| - ayandiyandi | a – ya –: ndi – ϕ – ya – :ndi |
| - ibindibindi | i – bi – :ndi – ϕ – bi – :ndi |

c) Ikinyazina ndafutura gkirekire gitinda gitakaza indomo iyo gikurikiye ijambo kigaragiye cyangwa gikurikiwe n'irindi jambo mu mvugo zimwe na zimwe.

***Urugero:***

- Umusozi wundi: ϕ – wu – :ndi
- Bundi bushya: ϕ – bu – :ndi

**Imbonerahamwe y'ikinyazina ndafutura**

| Inteko | Igicum bi-ndi kigufi | Intego | Igicumbi -ndi kirekire | Intego | Amategeko y'igenemajwi |
|---|---|---|---|---|---|
| 1. | undi | u-ndi | Uwundi | u-wu-:ndi | - |
| 2. | - | - | Abandi | a-ba-:ndi | - |
| 3. | undi | u-ndi | Uwundi | u-wu-:ndi | - |
| 4. | indi | i-ndi | Iyindi | i-yi-:ndi | - |
| 5. | - | - | Irindi | i-ri-:ndi | - |
| 6. | andi | a-ndi | Ayandi | a-ya-ndi | - |
| 7. | - | - | Ikindi | i-ki-:ndi | - |
| 8. | - | - | Ibindi | i-bi-:ndi | - |
| 9. | indi | i-ndi | Iyindi | i-yi-:ndi | - |
| 10. | - | - | Izindi | i-zi-:ndi | - |
| 11. | - | - | Urundi | u-ru-:ndi | - |
| 12. | - | - | Akandi | a-ka-:ndi | - |
| 13. | - | - | Utundi | u-tu-:ndi | - |
| 14. | - | - | Ubundi | u-bu-:ndi | - |
| 15 na 17 | - | - | Ukundi | u-ku-:ndi | - |
| 16. | - | - | Ahandi | a-ha-:ndi | - |

**Imyitozo ku kinyazina ndafutura**

**1. Erekana ibinyazina ndafutura biri muri izi nteruro unabishakire intego werekana n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe.**

a) Hari itangazamakuru rikoresha amajwi yonyine **irindi** rigakoresha amajwi n'amashusho.

b) Amenshi muri ayo mateka y'itangazamakuru ni yo **andi** si yo.

c) Imashini imwe irashaje mu gihe ebyiri zikiri nshya; tuzagura **indi** yo kuyisimbura.

d) Ubundi rero si byiza gutangaza ibinyoma kuko bibangamira **abandi** bantu.

**Intego y'ibyo binyazina**

| Ikinyazina | Intego |
|---|---|
| Irindi | i-ri-ndi |
| Andi | a-ndi |
| Indi | i-ndi |
| Abandi | a-ba-ndi |

2. Tanga interuro eshanu zikoreshejemo ibinyazina ndafutura kandi uvange ibigufi n'ibirebire ubundi ubishakire intego werekana n'amategeko y'igenamajwi.

   a) Uyu murongo w'iradiyo urakora indi yanze.
   b) Irindi ribaryarakamye.
   c) Dukeneye andi materefone.
   d) Ikindi cyaba ikihe kitari ukwitabira ikoranabuhanga?
   e) Abantu bakeneye iterambere; ibindi nibibe bicecetse.

**Intego y'ibyo binyazina**

| Ikinyazina | Intego |
|---|---|
| Indi | i-ndi |
| Irindi | i-ri-:ndi |
| Andi | a-ndi |
| Ikindi | i-ki-:ndi |
| Ibindi | i-bi-:ndi |

3. Mu bumenyi bwawe uhora wiyungura buri munsi koresha ibi binyazina ndafutura mu nteruro ziboneye.
   Ukundi, bandi, yandi, izindi, bamwe

   a) **Ukundi** kuguru kwe gufite ubumuga ariko ntibimubuza kugira amanota meza nk'abandi.
   b) Ngwino uge mu **bandi** iterambere ritagusiga.
   c) Ayo matara **yandi** ni mazima ariya niyo yapfuye.
   d) Utugurire **izindi** mvaho nshya twisomere.
   e) Ingona zirya bamwe **abandi** bambuka.

**4. Tanga imigani itanu migufi kandi usobanure isano ifitanye n'uyu mutwe tumaze kwiga**

**Imigani migufi (y'imigenurano) ijyanye n'uyu mutwe w'ibyigwa**

1. **Akanyoni katagurutse ntikamenya iyo uburo bweze.**
   Aho bihuriye ni uko tugomba guhaguruka tukigira ku ikoranabuhanga ry'ibihugu byateye imbere.
2. **Inkuru mbarirano iratuba.**
   Aho bihuriye ni uko umuntu agomba kwifatira amakuru y'ukuri ntagendere ku nkuru mbarirano.
3. **Uruvuga undi ntirugorama.**
   Aho bihuriye ni uko uyu mugani ukoreshwa baseka abagenda bakwiza amakuru yo gusebya abandi.
4. **Uvuze ko nyiri urugo yapfuye si we uba umwishe.**
   Birahuye kuko iyo ibintu biriho bivugwa bityo bikaba bibaye amakuru.
5. **Inyamaswa idakenga yicwa n'umututizi.**
   Birahuye kuko bitwigisha ko tudakwiye guhubukira ikoranabuhanga; ahubwo dukwiye kurijyanamo amakenga.

## Inshamake y'ibikubiye muri uyu mutwe

Muri uyu mutwe twasesenguye imyandiko ivuga ku nsanganyamatsiko y'ikoranabuhanga. Twabonye ko gukoresha mudasobwa n'ubundi buryo bw'ikoranabuhanga bifite akamaro gakomeye bikaba bidusaba kuryitabira. Twabonyemo kandi ko itangazamakuru ry'igihe tugezemo rigomba gukoresha ikoranabuhanga rigezweho kugira ngo rirusheho kunoga.

Mu kibonezamvugo twabonye imimaro y'amagambo aho twabonye ko **ruhamwa** ari ijambo rigaragaza ukora igikorwa cyangwa uwo berekezaho imimerere cyangwa imiterere bikubiye mu nshinga. Ruhamwa ishobora kuba "mboneranteruro, nyurabwenge cyangwa mburabuzi." **Inshinga** ni ijambo rigaragaza igikorwa, imimerere cyangwa imiterere bacira ruhamwa, akaba ari yo zingiro ry'interuro. **Icyuzuzo** cyo ni ijambo cyangwa urwunge rw'amagambo biherekeza inshinga birushaho gusobanura neza ubutumwa buyikubiyemo. Ibyuzuzo bishobora kugira amoko atandukanye ari yo: Ruhamya, icyuzuzo mbonera, icyuzuzo nziguro n'icyuzuzo k'ingereka.

Twabonye ko **ikinyazina ndafutura** giherekeza izina cyangwa kikarisimbura ariko ntikirisobanure neza; ari na yo mpamvu kitwa **" ndafutura"** cyangwa **"ndasigura"**. Kigira ibicumbi by'ubwoko bubiri aribyo –ndi ibanguka na –:ndi itinda bityo n' intego zacyo ugasanga hamwe kigira indangakinyazina n'igicumbi ( Rkz – C) ku gicumbi –ndi kibanguka , na ho ku gicumbi gitinda intego ikaba igizwe n'indomo, indangakinyazina n'igicumbi ( D – Rkz – C ). Twabonye kandi ko ikinyazina ndafutura gishobora kwisubiramo.

Twabonye kandi ko **ikinyazina ndafutura** ari ikinyazina **giherekeza** izina cyagwa **kikarisimbura** kirishyira mu kiciro runaka, ariko icyo kiciro **kidasobanuyeneza**; ari na yo mpamvu kitwa **" ndafutura"** cyangwa **"ndasigura"**. Kigira intego y'uburyo bubiri: hari ikigiraindangasano (RS) n'igicumbi (C) (ik'igicumbi –**mwe** n'ik'igicumbi-**ndi** kigufi), hakaba n'igifite uturemajambo dutatu: indomo(D), indangasano(RS) n'igicumbi(C) ( ik'igicumbi-**ndi** kirekire ).

## Isuzuma rusange risoza umutwe wa gatandatu

Nyuma yo kurangiza umutwe wa gatandatu, umwarimu aratanga isuzuma riteganyijwe risoza umutwe wa gatandatu, buri munyeshuri arikore ku giti ke. Nyuma y'ikosora umwarimu asuzume urwego abanyeshuri bagezeho kugira ngo niba hari ibigomba gusubirwamo bisubirwemo.

### I. Ibibazo byo kumva umwandiko

1. **Mu mwandiko bavuga ko uburyo imirimo imwe n'imwe yakorwaga mbere y'uko ikoranabuhanga riza bwari bumeze bute?**

   Bwari uburyo buruhije cyane.

2. **Rondora imirimo ikoreshwa mudasobwa yavuzwe mu mwandiko.**

   Kwandika, kubara, kubika no gutwara inyandiko zitandukanye, gutegura ibishushanyo mbonera by'amazu, iby'imihanda n'ibiraro, n'iby'imigi itandukanye.

3. **Abantu bose bari ku rwego rumwe mu gukoresha ikoranabuhanga? Sobanura igisubizo cyawe wifashishije n'umwandiko.**

   Oya, abantu bose ntibari ku rwego rumwe. Mu mwandiko bavuga ko abantu bamwe batarasobanukirwa n'iryo koranabuhanga mu gihe abandi barigeze mu bushorishori.

4. **Garagaza uruhare rwa terefoni zigezweho mu ikoranabuhanga ukurikije ibivugwa mu mwandiko.**

   Zifata amafoto zikohereza ku mbuga nkoranyambaga zirimo "fesibuku", "watsapu", "tuwita" n'izindi.

5. **Uyu mwandiko uvuga iki ku byogajuru?**

   Uvuga ko **ibyogajuru** bijagajaga ikirere bikoresheje ikoranabuhanga, amakuru yose bikayatara, yaba ay'isi ndetse n'indi mibumbe yo mu kirere.

6. **Tanga izindi ngero enye z'ahakoreshwa ikoranabuhanga zitavuzwe mu mwandiko.**

   Za kamera zifata amashusho anyuranye;

Amatereviziyo atangaza amakuru akoresheje n'amashusho;
Indege zitema ikirere zitwaye abantu n'ibintu ndetse n'amato yo mu nyanja byose bikoresha ikoranabuhanga.

**II. Inyunguramagambo:**

1. Shaka ibisobanuro by'amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:
   a) **Harashamaje:** harashimishije
   b) **Ntiyatanzwe:** yitabiriye rugikubita
   c) **birafatika:** ni byiza rwose, bifite ireme
2. Shaka impuzanyito z'aya magambo :
   a) **Ibiraro:** amateme
   b) **Ntawakwishimira:** ntawanezezwa
   c) **Gutara:** kwegeranya, gushakisha
3. Shaka imbusane z'aya magambo:
   a) **Umugi** ≠ icyaro
   b) **Yica** ≠ akiza
   c) **Abanyarwanda** ≠ Abanyamahanga

## III. Ikibonezamvugo

1. Tahura ruhamwa mu nteruro zikurikira nurangiza uvuge ubwoko bwazo.
   a) Isuzuma rye ritsinda umuhanga.
      umuhanga: ruhamwa nyurabwenge
   b) Harakabaho u Rwanda n'Abanyarwanda.
      ha: ruhamwa mburabuzi
   c) Abanyeshuri bariga ikoranabuhanga mu itangazamakuru.
      Abanyeshuri: ruhamwa mboneranteruro
2. Mu nteruro zikurikira erekana ruhamwa, inshinga n'ibyuzuzo.
   a) Abanyarwanda birwanagaho mu buryo bwa gakondo.
      Abanyarwanda: ruhamwa mboneranteruro
      Birwanaho : inshinga
      Mu buryo bwa gakondo: Icyuzuzo nziguro cy'uburyo
   b) Terefoni zoroheje imirimo.
      Terefoni: ruhamwa mboneranteruro
      Zoroheje: inshinga
      Imirimo: icyuzuzo mbonera
   c) Ikoranabuhanga ni ingenzi
      Ikoranabuhanga: ruhamwa mboneranteruro
      ni:inshinga
      ingenzi:icyuzuzo ruhamya

3. Soma neza umwandiko ushakemo ibinyazina ndafutura unabisesengure ugaragaza intego n'amategeko y'igenamajwi.
   Ibyo binyazina ni:  iyindi, ibindi, abandi, izindi, wundi, indi.

***Intego yabyo:***

| Ikinyazina | Intego | Itegeko ry'igenamajwi |
|---|---|---|
| iyindi | i-yi-ndi | |
| ibindi | i-bi-ndi | |
| Abandi | a-ba-ndi | |
| izindi | i-zi-ndi | |
| Wundi | ϕ -wu-ndi | |
| indi | i-ndi | |

4. Koresha ibi binyazina ndafutura mu nteruro zubatse neza.
   a) Andi
      Ayo makuru nayakuye kuri radiyo andi nyakura mu kinyamakuru.
   b) Ikindi
      Ikoranabuhanga ryihutisha itumanaho ikindi ni iterambere.
   c) Irindi
      Ubu tuzi itumanaho rya gakonda irindi ni irikoresha ikoranabuhanga.
   d) Indi
      Iyi terefoni ni iyange indi si iyange.

## IV. Ihangamwandiko

Hanga umwandiko utarengeje imirongo mirongo itatu ugaragaza ibyiza by'ikoranabuhanga

Umwandiko ukosorwa hakurikijwe amabwiririza agenga ihangamwandiko
Umwarimu ashobora kureba ko abanyeshuri bubahirije:

- Imigaragarire y'umwandiko(isuku).
- Imyandikire yemewe y'ikinyarwanda.
- Imbata y'umwandiko wasabwe.
- Kubahiriza uburebure bwasabwe.
- Gutanga no gusobanura ingingo.

# 7 Umuco w'amahoro

(Umubare w'amasomo: 10)

**Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:**

- Gusesengura no guhanga umuvugo ku muco wamahoro yubahiriza uturango twawo;
- Gukoresha neza inshoberamahanga mu mvugo no mu nyandiko.

**Imfashanyigisho:**

Imyandiko ivuga ku muco w'amahoro, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, amafoto ubufatanye, urukundo, ubwiyunge, n'inkoranyamagambo.

## Umwandiko "Nta murage w'ubwigunge"

## Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

***Intego:***

Umunyeshuri yifashishije inkoranya n'umwandiko wasomwe, araba ashobora:

- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko
- Gusobanura amagambo adasobanukiwe
- Gusoma yubahiriza utwatuzo n'isesekaza
- Gukoresha mu nteruro ngufi kandi ziboneye amagambo yungutse.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, ibitabo bijyanye n'umuco wamahoro, inkoranyamagambo y'Ikinyarwanda....

### I. Ivumburamatsiko

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho ari mu gitabo ku rupapuro yabarangiye, akababazaho ibibazo by'ivumburamatsiko. Abasaba kugira icyo bayavugaho:

**Urugero rw'Ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:**

1. **Kuri iki gishushanyo murabonaho iki?**
   Kuri iki gishushanyo turabonaho abagabo n'abagore bari hamwe.
2. **Murabona basa n'abari mu biki?**
   Bameze nk'abari mu nama
3. **Murashingira ku ki?**
   Turashingira ko tureba bakikije ameza kandi hari ufite ikayi bigaragara ko ari umuyobozi w'inama.

## II. Gusoma

### Gusoma bucece

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane maze akabarangira urupapuro ruriho umwandiko "**Nta murage w'ubwigunge**". Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke, yamara kubona ko barangije gusoma bucece, akababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

### Urugero rw'ibibazo byabazwa:

1. **Umutwe w'uyu mwandiko mumaze gusoma ni uwuhe?**
   Umutwe w'umwandiko ni "Nta murage w'ubwigunge".
2. **Ni ayahe mazina y'abanyarubuga bavugwa mu mwandiko?**
   Mudahunga na Kayitesi.
3. **Ni iyihe koperative yateje imbere Mudahunga?**
   Mudahunga yatejwe imbere na Koperative Duteraninkunga.

### Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba umunyeshuri umwumwe gusoma umwandiko aranguruye ijwi, bubahiriza utwatuzo. Bitewe n'umubare w'abanyeshuri, umunyeshuri asoma igika kimwe agasimburwa na mugenzi we kugeza umwandiko urangiye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uko ungana.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri, akagenda akosora amwe mu makosa yagiye akorwa n'abanyeshuri iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira:
Kunamiriza mu gitabo mu gihe barimo gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo arimo kubasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

## III. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko mu matsinda yabo bagerageza gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko biri mu bitabo byabo no

gushakisha ibisobanuro by'amagambo badasobanukiwe babonye mu mwandiko. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye, hanyuma bakaza guhuriza hamwe ibyo bagezeho mu matsinda, umwarimu akababafasha kubinoza neza.

**Ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko:**

1. **Mudahunga yumvaga ashobora kwirwanaho nyuma y'urupfu rwa se. Yashingiraga ku ki?**

   Yashingiraga ko yari akuze kandi arangije amashuri yisumbuye.
2. **Ni iki cyatumye Mudahunga adahita yitabira amakoperative?**

   Mudahunga ntiyahise yitabira amakoperative kuko yabonaga ahuriyemo n'abaturanyi be batarebana neza (batacana uwaka).
3. **Koperative Duteraninkunga yamariye iki abanyamuryango bayo.**

   Koperative duteraninkunga yatumye abanyamuryango babasha gukorera hamwe maze biteza imbere. Yatumye kandi ubuyobozi bubasha kubasurira hamwe bubagira inama kuri gahunda z'Igihugu, harimo iz'ubumwe n'ubwiyunge. Yatumye kandi bubaka ubumwe hagati yabo amacakubiri yari abarimo avugutirwa umuti, babana mu mahoro.
4. **Inyigisho y'uko Abanyarwanda batava inda imwe yakomotse he? Abayadukanye bari bagamije iki?**

   Inyigisho y'uko Abanyarwanda batava inda imwe yakomotse ku bakoroni. Bashakaga gusenya ubumwe bw'Abanyarwanda kugira ngo babone uko babayobora.
5. **Ese Mudahunga na Kayitesi bakomeje kwishishanya? Sobanura igisubizo cyawe.**

   Oya ntabwo bakomeje kwishishanya ahubwo baje kubana.
6. **Kuki nta muturanyi wageraga iwabo wa Mudahunga?**

   Nta muturanyi wageraga iwabo wa Mudahunga, kuko hari inzigo hagati y'umuryango wabo n'abaturanyi.

**Inyunguramagambo**

Nyuma yo gusubiza neza ibibazo byo kumva umwandiko, umwarimu asaba abanyeshuri kugaragaza ibyavuye mu matsinda ku nyunguramagambo. Amatsinda ahuriza hamwe ibyo yagezeho.

Sobanura amagamo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:

a) **Inzigo:** Inzika umuntu agirira uwamwiciye cyangwa uwamugiriye indi nabi ikabije. Bishobora no kuvuga umuntu ugufitiye bene iyo nzika.

b) **Kuza biguru ntege:** Kugenda buhoro, kuza buhoro utabishaka, wangira

c) **Barunguka karahava:** Barunguka cyane.

d) **Gukeka amababa :** Kumva ko umuntu ari we wakoze igikorwa (akenshi kibi) ariko nta gihamya ufite, kutamushira amakenga.

e) **Gusasa inzobe:** kuvuga amagambo yo kujora uwo muri kumwe; gusesengura ikibazo kiri hagati yanyu nta kintu muciye ku ruhande.

**Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro**

Umwarimu asaba abanyeshuri bose gukora neza neza imyitozo bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko, ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri akurikije ibisubizo yatanze.

1. Koresha amagambo akurikira mu nteruro yumvikana neza:
   a) **Inzigo:** Umuryango wa Mugisha n'uwa Samvura ifitanye inzigo ituruka ku babyeyi babo
   b) **Biguru ntege :** Ko ugenda biguru ntege urabona utari bukererwe wa mwana we?
   c) **Kurimanganya:** Namubajije impamvu ataje kwiga ku wa mbere, arandimanganya kandi nzi neza ko yari yagiye ku isoko.
   d) **Gukeka amababa:** Uno mugabo ndamukeka amababa, ashobora kuba ari we wibye ibitoki byo kwa Kalisa
2. Uzuza interuro zikurikira ukoresheje aya magambo yakoreshejwe mu mwandiko:
   (ntibacana uwaka, bishyira kera, umutima w'urugo, bagasasa inzobe, inzigo)
   a) Maze imyaka ibiri mfite **mutima w'urugo** ni yo mpamvu mbyibushye ntya.
   b) Barataramye **bishyira kera** barasangira, barasabana.
   c) Kayihura na Bagirubwira **ntibacana uwaka** iyo bagiye guhura, umwe ahindura inzira, agaca mu yindi.
   d) Iyo abantu bafitanye ikibazo, batumira inshuti **bagasasa inzobe** ugaragaweho kuba impamvu y'ikibazo agacibwa ikiru.
   e) Kuba ababyeyi baragiranye **inzigo** ntibivuga ko abana na bo bagomba kwangana.
3. Tanga impuzanyito z'amagambo akurikira:
   a) **Isaho:** umufuka,
   b) **Umushahara:** igihembo
   c) **Umugore:** umufasha
4. Tanga imbusane z'amagambo akurikira:
   a) **Urupfu** ≠ ubuzima
   b) **Inzangano** ≠ ubucuti
   c) **Inzigo** ≠ ubucuti

## Intera ya kabiri: Gusesengura umwandiko

***Intego:***

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:

- gusesengura umwandiko asubiza neza ibibazo by'isesengura.

**Imfashanyigisho:** igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri

### I. Isubiramo:

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakanavuga muri make ibikubiyemo.

**Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:**

1. **Umwandiko duheruka kwiga ni uwuhe?**
   Umwandiko duheruka kwiga ni "Nta murage w'ubwigunge."
2. **Mudahunga uvugwa mu mwandiko yashakanye n'umugore witwa ngo iki?**
   Mudahunga uvugwa mu mwandiko yashakanye n'umugore witwa Kayitesi.
3. **Nyuma yo gusoma umwandiko wumva wavuga iki kijyanye n'ubuzima busanzwe?**
   Navuga ko gufatanya n''abandi mu mashyirahamwe na za koperative bifasha umuntu kwisanga mu bandi bikababahuza kandi bikabateza imbere.

### II. Gusoma

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane, akababwira bakongera gusoma umwandiko bagerageza kuwumva neza cyane, kugirango babashe gusubiza neza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

### III. Gusesengura umwandiko

Umwarimu asaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Hanyuma uhagarariye buri tsinda akaza kumurikira abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

**Ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko**

1. **Shaka ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko.**

   Ingingo z'ingenzi ziri muri uyu mwandiko: amashyirahamwe n'amakoperative atuma abantu bafitanye ikibazo babasha kwiyunga; gahunda ya ndi umunyarwanda ni uburyo bwiza bwo kunga abanyarwanda kuko ituma babwizanya ukuri bakababarirana.

   Iz'ingereka: Urukundo nyarwo rusumbya inzigo ingufu; amashyirahamwe atuma abantu biteza imbere,…

2. **Ese urumva gufata mugenzi wawe nk'inzigo hari icyo byakungura mu buzima bwawe?Sobanura igisubizo cyawe.**

   Nta cyo kuko bituma mudindira aho gufatanya ngo mwiteze imbere, mwungurane ibitekerezo byubaka,... mugahora mucungana ku jisho.

3. **Sobanura uburyo gukorera hamwe mu mashyirahamwe n'amakoperative kimwe na gahunda ya « Ndi Umunyarwanda » byakwimakaza ubumwe n'ubwiyunge mu Banyarwanda.**

   Byakwimakaza ubumwe n'ubwiyunge kuko iyo mukorera hamwe muhuza ibitekerezo, mugasenyera umugozi umwe, icyo gihe muba muri abavandimwe kuko muba musangiye ubunyarwanda, bityo n'ukosheje agasaba imbabazi akazihabwa mugahora mwunze ubumwe ntihagire ikibatanya.

## Intera ya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro

### Kwandika inkuru

***Intego:***

Umunyeshuri ahereye ku nsanganyamatsiko yahawe, araba ashobora:

- Guhanga nkuru igaragaza ibitekerezo bye kunsanganyamatsiko yahawe.

**Imfashanyigisho:** igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri

### I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakanavuga muri make ibikubiyemo.

**Urugero rw' ibibazo n'ibisubizo**

1. **Umwandiko duheruka kwiga watwigishaga iki?**
   Watwigishaga kutagira inzika no gukorera hamwe mu makoperative
2. **Gahunda yavuzweho ihuriza hamwe Abanyarwanda ni iyihe?**
   Ni gahunda ya ndi umunyarwanda
3. **Gukorera mu makoperative bimaze iki?**
   Byatuma abantu biteza imbere.

## II. Kwandika inkuru

Umwarimu arabwira abanyeshuri gukora umukoro w' umwitozo ngiro wo kwandika inkuru. Arabarangira umwitozo wo mu gitabo cyabo bawukore nk'umukoro uzakosorwa igihe cyagenwe kigeze.

**Umukoro:**

Andika inkuru irimo insanganyamatsiko yo "**kwimakaza umuco w'amahoro**" ugaragaza ko nta kintu na kimwe kigomba gutanya abanyarwanda

**Ingingo zakwihandwaho:**

- Gukumira amakimbirane
- Kuganira ku kibazo igihe kivutse
- Kwemera icyaha igihe wagikoze no kugisabira imbabazi
- Kubabarirana
- Gufashanya
- Kwirinda icyatanya Abanyarwanda,…

## Intera ya kane: Inshoberamahanga

***Intego:***

Umunyeshuri yifashishije ingero zakuwe mu mwandiko yize, araba ashobora:

- Gutahura inshoberamahanga mu mwandiko.
- Gusobanura inshoza n'imiterere y'inshoberamahanga.
- Gukoresha inshoberamahanga mu mvugo no mu nyandiko.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo kivuga ku nshoberamahanga, igitabo k'imiterere y'Ikinyarwanda,...

## I. Ivumburamatsiko

Umwarimu arandika ku kibaho interuro zirimo inshoberamahanga, hanyuma abaze abanyeshuri ibibazo bibafasha kuvumbura ikigwa.

Soma interuro zikurikira maze witegereze amagambo atsindangiye, nurangiza

uvuge uburyo wumva yumvikana.

1. Maze **guca akenge** nabajije data impamvu nta mama mbona.
2. Inyungu **ikaza biguru ntege**.
3. Bangejejeho icyo gitekerezo, **ngisamira hejuru**.
4. Nsanga **tutacana uwaka** n'abaturanyi turamutse duhuriye muri koperative imwe.
5. Byatumye nsubiza **amerwe mu isaho**, nkomeza kuba nyamwigendaho mu bucuruzi bwange.
6. Urugwiro Kayitesi yangaragarije rwatumye **mva ku izim**a.

   Aya magambo yanditswe atsindagiwe ntahita yumvikanisha igisobanuro cyayo ako kanya.

Amagambo yanditse atsindagiye, yakumva buri wese?

=> Oya, aya magambo yakumva umuntu uzi neza ikinyarwanda.

**Inshoza y'inshoberamahanga**

Nk'uko izina ubwaryo ribivuga inshoberamahanga ni ikintu cyashobeye cyangwa cyayobeye amahanga. Inshoberamahanga rero ni imvugo ikoreshwa n'abenerurimi runaka ku buryo umuntu utarakenetse urwo rurimi nk'umunyamahanga, ayumva ntahite amenya icyo bashatse kuvuga. Bigasaba ko asobanurirwa icyo bashatse kuvuga bakoresheje iyo mvugo mu by'ukuri idasobanura icyo amagambo ayigize ubwayo avuze, ahubwo ari imvugo shusho.

Urugero tuvuze tuti: "Kanaka agenda atera isekuru." Umuntu utazi neza ururimi rw'Ikinyarwanda yumvise iyi mvugo yamubera urujijo kuko gutera isekuru atahita yiyumvisha icyo bishatse kuvuga. Ubundi mu Kinyarwanda batera ibiti, bagatera imbuto y'imyaka nk'ibishyimbo, ibirayi n'ibindi. Kugira ngo amenye ko bashatse kuvuga ko kanaka agenda acumbagira, byasaba ko asobanurirwa icyo bashatse kuvuga.

**Uturango tw'inshoberamahanga**

Inshoberamahanga ni imvugo igizwe n'inshinga n'icyuzuzo cyayo. Inshoberamahanga kandi iba ifite igisobanuro shusho kihariye, kidahuye n'igisobanuro gisanzwe cy'amagambo aba ayigize.

***Ingero:***

- Gutera isekuru
- Kugwa mu kantu
- Kugenda biguru ntege
- Gusamira hejuru
- Kugenda runono
- Kurya akara

- Gukura inzira ku murima
- Gukura ubwatsi
- Gupfa agasoni
- Kurara rubunda
- Kurara rwantambi
- Kurimba uw'inkoko
- Ducurangira abahetsi
- Guhata inzira ibirenge
- Kuvoma hafi
- Kutamenya ururo n'icyatsi,...

**Umwitozo ku nshoberamahanga**

Umwarimu arashyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri, ababwire bakore umwitozo uri mu gitabo cyabo. Hanyuma igihe cyagenwe nikirangira, baze guhuriza hamwe n'abandi ibyo bagezeho. Umwarimu abafashe kubinoza neza.

Soma umwandiko ukurikira ushakamo inshoberamahanga, buri nshoberamahanga uyikoreshe mu nteruro yawe bwite.

## Yihaye rubanda

Habayeho umugabo akitwa Rudaseswa agakunda gutera inogo umutsima. Umunsi umwe uwo mugabo yahuye n'uruvagusenya ndetse n'umugore we agwa mu kantu. Yagufatiye irobe ry'umutsima aryohereza mu kanwa agira ngo ararimira bunguri uko bisanzwe maze riramuniga, umugabo si ugusepfura yimarayo. Umugabo yarakanuye, abana bati: "Data agiye kwitaba Imana", umugabo we abura icyo akora. Hashize umwanya, umugore akora iyo bwabaga, arega igipfunsi no munsi y'ingoto y'umugabo we ngo: piii! Rya robe uko ryakabaye riraturumbuka. Rudasewa yaguye hasi avunika akaguru ku buryo yamaze igihe atera isekuru, inkuru yabaye kimomo umubonye wese ati: "Dore ingaruka z'ubusambo." Ubusambo si bwiza, kwitwararika ku meza bihesha agaciro.

**Ibisubizo:**

Habayeho umugabo akitwa Rudaseswa agakunda **gutera inog**o umutsima. Umunsi umwe uyu mugabo **yahuye n'uruvagusenya** ndetse n'umugore we **agwa mu kantu**. Yagufatiye irobe ry'umutsima aryohereza mu kanwa agira ngo **ararimira bunguri** uko bisanzwe maze riramuniga, umugabo si ugusepfura yimarayo. Umugabo yarakanuye, abana bati: "Data agiye **kwitaba Imana**", umugore we abura icyo akora. Hashize umwanya, umugore **akora iyo bwabaga**, arega igipfunsi no munsi y'ingoto y"umugabo we ngo: piii! Rya robe uko ryakabaye riraturumbuka. Rudasewa yaguye hasi avunika akaguru ku buryo yamaze igihe **atera isekuru**, inkuru **yabaye**

**kimomo** umubonye wese ati: "Dore ingaruka z'ubusambo." Ubusambo si bwiza, kwitwararika ku meza bihesha agaciro.

### Interuro zirimo inshoberamahanga

- **Gutera inogo:** Umuntu utera inogo umutsima, aba ashobora kunigwa ku buryo bworoshye.
- **Guhura n'uruvagusenya:** Uyu mugabo yahuye n'uruvagusenya, ikiraro k'inka ze cyafashwe n'inkongi y'umuriro.
- **Kugwa mu kantu:** Yambeshye ko yasibye ishuri se ya mutumye, mubwiye ko ahubwo se yaje kumureba ku ishuri akamubura, agwa mu kantu.
- **Kumira bunguri:** Umuntu ufite ubusambo aba yumva yamira ibiryo bunguri.
- **Kwitaba Imana:** iyo umuntu yapfuye bavuga ko yitabye Imana.
- **Gukora iyo bwabaga:** Mu marushanwa yo kwiruka buri wese akora iyo bwabaga ngo yegukane insinzi.
- **Gutera isekuru:** Kamana amaze igihe yaravunitse ukuguru none agenda atera isekuru.
- **Kuba kimomo:** Iyo inkuru runaka imenyekanye ahantu henshi bavuga ko yabaye kimomo.

## Umwandiko: "Menya uburenganzira bwawe"

### Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

***Intego:***

Umunyeshuri yifashishije inkoranya n'umwandiko wasomwe, araba ashobora:
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko
- Gusobanura amagambo adasobanukiwe
- Gusoma yubahiriza utwatuzo n'isesekaza
- Gukoresha mu nteruro ngufi kandi ziboneye amagambo yungutse.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, amashusho ajyanye n'ibivugwa,...

### I. Ivumburamatsiko

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho ari mu gitabo ku rupapuro yabarangiye akababazaho ibibazo by'ivumburamatsiko. Abasaba kugira icyo bayavugaho:

**Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:**

1. **Kuri iki gishushanyo murabonaho iki?**
   Kuri iki gishushanyo turabonaho abantu benshi .
2. **Murabona basa n'abari mu biki?**
   Bameze nk'abari mu nama.
3. **Umukobwa mubona ahagaze we yaba ahagaze kubera iki?**
   Arimo gutanga igitekerezo ke.
4. **Ibyo bigaragaza iki kijyanye n'ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu Rwanda?** Ibyo bigaragaza ko ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu Rwanda ryimakajwe n'abagore bakaba bafite ijambo kandi bagafatanya na basaza babo mu kugena ibibateza imbere.

## II. Gusoma

### Gusoma bucece

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane maze akabarangira urupapuro ruriho umwandiko **"Menya uburenganzira bwawe"**. Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke, yamara kubona ko barangije gusoma bucece, akababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

**Urugero rw'ibibazo byabazwa:**

1. **Uyu mwandiko uravuga ku ki?**
   Ku burenganzira bwa muntu.
2. **Ni nde watubwira uburenganzira nibura bumwe muri ubwo bwose?**
   Umuntu afite uburenganzira bwo kubaho akanagira aho atura.
3. **Ni ubuhe burenganzira bavuze burebana n'umunyeshuri by'umwihariko?**
   Ku birebana n'umunyeshuri by'umwihariko , bavuze ko buri muntu afite uburengazira bwo guhabwa uburezi bukwiye, kandi uburezi bw'ibanze agomba kubuhererwa ubuntu. Buri muntu afite uburenganzira bwo gukomeza amashuri ye hashingiwe ku bushobozi agaragaza kandi ababyeyi bafite uburenganzira bwo guhitiramo abana babo amashami bazigamo.

### Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba umunyeshuri umwumwe gusoma umwandiko aranguruye ijwi, bubahiriza utwatuzo. Bitewe n'umubare w'abanyeshuri, umunyeshuri asoma igika kimwe agasimburwa na mugenzi we kugeza umwandiko urangiye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uko ungana.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri akagenda akosora amwe mu makosa yagiye akorwa n'abanyeshuri iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira:

Kunamiriza mu gitabo mu gihe barimo gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorerera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo arimo kubasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

## III. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko mu matsinda yabo bagerageza gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko biri mu bitabo byabo no gushakisha ibisobanuro by'amagambo badasobanukiwe babonye mu mwandiko. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye, hanyuma bakaza guhuriza hamwe ibyo bagezeho mu matsinda, umwarimu akabafasha kubinoza neza.

**Ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko:**

1. **Rondora uburengazira bwa muntu bugaragara mu mwandiko.**
   Uburenganzira bwo kubaho ufite umutekano, uburenganzira bwo kujya aho ushaka mu gihugu cyawe, no gutura aho ushaka, uburenganzira bwo kuvuga igitekerezo cyawe no kugira imyemerere yawe bwite, uburenganzira bwo kugira imibereho myiza, uburenganzira bwo guhabwa uburezi bukwiye.
2. **Kuba umuntu afite uburenganzira bwo kubaho, bikubwira iki nk'umunyeshuri?** Bimbwira ko ntakwiye gutekereza kwica mugenzi wange kandi ko nange ntakwiye kwiyahura, gufata umubiri wange nabi, nishora mu biyobyabwenge n'izindi ngeso zankururira urupfu.
3. **Ni abahe bantu bagomba kubungabungirwa umutekano ku buryo bw'umwihariko?**
   **Wumva ari iyihe mpamvu bagomba kwitabwaho cyane?**
   Abantu bakwiye kubungabungirwa umutekano ku buryo bw'umwihariko ni umugore uri ku nda n'umwana. Impamvu ni uko baba bari mu gihe gikomeye k'intege nke, aho bakeneye kwitabwaho kuko bashobora kuba babura ubuzima.
4. **Wumva ute kuba umwana wavutse ku babyeyi babana ku buryo bwemewe** n'amategeko n'uwavutse ku bundi buryo barengerwa n'amategeko kimwe?
   Numva bifite ishingiro kuko bombi ni abana, bafite uburengenzira bungana imbere y'amategeko kandi nta n'uruhare bagira mu ivuka ryabo ku buryo waribaziza.
5. **Vuga ubundi burenganzira bwa muntu butavuzwe mu mwandiko.**
   Uburenganzira bwo kugira icyo ukora kinjiza amafaranga, uburenganzira bwo gushaka ukuburanira, ...

**Inyunguramagambo**

Nyuma yo gusubiza neza ibibazo byo kumva umwandiko, umwarimu asaba abanyeshuri kugaragaza ibyavuye mu matsinda ku nyunguramagambo. Amatsinda ahuriza hamwe ibyo yagezeho.

Sobanura amagamo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:

a) **Uburezi:** Uburo batera mu ziko iyo baterekera.

b) **Uburenganzira:** Uruhushya umuntu ahabwa n'amategeko cyangwa umuco rwo gukora ikintu runaka cyangwa kugira imyitwarire iyi n'iyi.

c) **Guhuguza:** Kuburanya umuntu umuriganya ukabasha kumutwara ibyari ibye ku maherere.

d) **Kuvutsa:** Gutuma umuntu atabona ikintu yari agenewe ubikoze ku bwende cyangwa bikugwiririye.

e) **Kubangamira:** Gutuma umuntu atisanzura, kumubuza gukora neza icyo ari gukora.

**Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro**

Umwarimu asaba abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo mu nteruro ngufi ziboneye no kuzuza interuro bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko, ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro.

1. Koresha amagambo akurikira mu nteruro zumvikana:

   a) **Kwitabwaho:** Umwana agomba kwitabwaho n'ababyeyi be kuva akivuka.

   b) **Guhuguza:** Gakwavu yampuguje umurima kandi twari twarawuguze, uretse ko nta nyadiko twari twaragiranye.

   c) **Kuvutsa:** Papa yambujije kujya mu mahugurwa, aba amvukije guhura n'abandi bana.

   d) **Uburenganzira:** Buri muntu afite uburenganzira bwo gutembera mu gihugu ke.

   e) **Kubungabunga:** Tutabungabunze amashyamba, imvura ntiyazongera kugwa kuko burya ibiti birayikurura.

2. Uzuza interuro zikurikira ukoresheje aya magambo yakoreshejwe mu mwandiko kandi uyasanishe uko bikwiye aho ari ngombwa:

   (kuvutsa, guhuguza, uburezi, kubangamira, uburenganzira)

   a) Umuntu uterekera ajugunya **uburezi** mu ziko akaba asangiye n'abakurambere.

   b) Ni nde **wavutsa** umuntu umugisha Imana yamugeneye?

   c) Buri muntu agira **uburenganzira** n'inshingano ze; ni ngombwa kubimenya byombi.

   d) Karibwende arashaka **guhuguza** nyirakuru umurima, ariko abunzi baritaye mu gutwi, ntibazamukundira.

   e) Nihagira **ukubangamira** mu mushinga wawe, uzambwire nkurenganure.

3. Tanga impuzanyito z'amagambo akurikira:

   a) **Ubujiji:** ubugoryi, ubuswa

   b) **Kubugabunga:** gusigasira, kurengera

4. Tanga imbusane z'amagambo akurikira:
   a) **Kuvutsa** ≠ guhesha
   b) **Kubasha** ≠ kunanirwa

## Intera ya kabiri: Gusesengura umwandiko

***Intego:***

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:

- Gusesengura asubiza neza ibibazo byo gusesengura umwandiko

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu

### I. Isubiramo:

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakanavuga muri make ibikubiyemo.

**Urugero rw' ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:**

1. **Umwandiko duheruka kwiga ni uwuhe?**
   Umwandiko ni Menya uburenganzira bwawe.
2. **Uvugwamo iki muri rusange?**
   Uvugwamo ibijyanye n'uburenganzira bwa muntu
3. **Mu burenganzira bwose wumvise ko ubuhatse ubundi ari ubuhe?**
   Uburenganzira buhatse ubundi ni uburenganzira bwo kubaho.
4. **Kubera iki ubona ko busumba ubundi?**
   Busumba ubundi kubera ko ubundi burenganzira ubugezwaho n'uko ufite ubuzima.

### II. Gusoma

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane, akababwira bakongera gusoma umwandiko bagerageza kuwumva neza cyane, kugirango babashe gusubiza neza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

### III. Gusesengura umwandiko

Umwarimu asaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Hanyuma uhagarariye buri tsinda akaza kumurikira abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

**Ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko**

1. **Shaka ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko.**
   Ingingo z"ingenzi:
   Buri muntu akwiye kumenya uburenganzira bwe akabuharanira kandi buri muntu akwiye kumenya uburenganzira bwa mugenzi we akabwubahiriza.
   Ingingo z"ingereka:
   Kwikunda kwagiye gutuma abantu bamwe baryamira abandi, bakabahohotera, bakabaheza.
2. **Mu gihe hari umuntu uvukijwe uburenganzira bwe hakorwa iki ngo bwimakazwe?**
   Mu gihe hari umuntu uvukijwe uburenganzira bwe, yagombye kwihutira kubimenyesha abashinzwe kubungabunga uburenganzira bwa muntu kugira ngo bamurenganure.
3. **Wumva hakorwa iki kugira ngo abantu bamenye uburenganzira bwabo?**
   Icyakorwa ni uko abantu bose bahugurwa bakamenya ibijyanye n'uburenganzira bwabo. Ikindi kandi bagomba gukangukira kumenya aho inzego izi n'izi zishinzwe kubungabunga uburenganzira bwa muntu zikorera kugira ngo igihe habonetse umuntu ubangamirwa amenye aho agana mu rwego rwo kubona ubufasha.

## Intera ya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro

**Kungurana ibitekerezo**

***Intego:***

Umunyeshuri ahereye ku byavuzwe n'ibyo yasomye mu mwandiko,araba ashobora:

- Kungurana ibitekerezo na bagenzi be ku nsanganyamatsiko bahawe
- Gutanga ibitekerezo bihamye ashize amanga ku nsanganyamatsiko bahawe,no kujora mu kinyabupfura ibitekerezo byabagenzi be.

**Imfashanyigisho:Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu.**

## I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakanavuga muri make ibikubiyemo.

**Urugero rw' ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:**

1. **Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga?**
   Ni "Menya uburenganzira bwawe"

2. **Batubwiraga ibijyanye n'iki?**
   Batubwiraga ibijyanye n'uburenganzira bwa muntu
3. **Ese uburenganzira bwa muntu buri gihe burubahirizwa?**
   Oya ntibwubahirizwa buri gihe kuko hari igihe bubangamirwa

## II. Kungurana ibitekerezo

**Uko bikorwa**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabaha insanganyamatsiko bunguranaho ibitekerezo, bakurikije uko bikorwa. Mu matsinda bitoramo umuyobozi w'itsinda n'umwanditsi kugira ngo buri tsinda rize kugaragariza andi ibyo bagezeho. Hanyuma bakaza guhuriza hamwe ibyo bagezeho umwarimu akabafasha kubinonosora.

**Insanganyamatsiko:** Mwungurane ibitekerezo ku byo mubona aho mutuye bigaragaza ukutubahiriza uburenganzira bwa muntu, n'icyo mwumva cyakorwa ngo iyo migirire ihinduke.

**Bimwe mu bitekerezo byatangwa bigaragaza ukutubahirizwa k'uburenganzira bwa muntu:**

- Gukubita abagore n'abana. Ababikora bakwiye kubihanirwa kandi bakagirwa inama.
- Gukuramo inda. Ababyeyi n'abayobozi b'inzego z'ibanze bakwiye gufatanya gushakira icyo kibazo umuti.
- Guterwa inda bituma abana b'abakobwa bakiri bato batabasha kwiga.Abashuka abana b'abakobwa bakabajyana mu ngeso mbi bakwiye guhagurukirwa n'ubuyobozi kandi bakajya babihanirwa by'intangarugero.
- Abajura babuza abantu umutekano , bashaka kubatwarira umutungo. Umuti ni ugukaza amarondo, abafashwe bagahanwa.
- Kuvutswa amahirwe yo kurererwa mu muryango. Kugira inama ababyeyi bikuraho inshingano zo kurera abana babo bato babareresha mu bigo bibarera birihisha amafaranga no gushakira imiryango irera abana baba mu bigo by'imfubyi.
- Abana bakurwa mu ishuri bakajya gukoreshwa imirimo itandukanye. Inzego z'ibanze zigomba guhagurukira iki kibazo kigashakirwa umuti.
- Abana bavutswa amahirwe yo kwiga n'ababyeyi babyo banga kubashakira ibikoreresho. Inzego z'ubuyobozi zigomba guhagurukira iki kibazo ababyeyi nkabo bakabihanirwa by'intangarugero.

## Umwandiko "Ubunyarwanda burambera"

## Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

***Intego:***

Umunyeshuri yifashishije inkoranya n'umwandiko wasomwe, araba ashobora:

- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko
- Gusobanura amagambo adasobanukiwe
- Gusoma yubahiriza utwatuzo n'isesekaza
- Gukoresha neza mu nteruro ngufi kandi ziboneye amagambo yungutse

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo, amashusho ajyanye n'ibivugwa, …

### I. Ivumburamatsiko

Umwarimu ashobora kwifashisha ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko cyangwa akabwira abanyeshuri kwitegereza amashusho ari mu gitabo ku rupapuro yabarangiye akababazaho ibibazo by'ivumburamatsiko. Abasaba kugira icyo bayavugaho:

**Ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:**

1. **Kuri iyi shusho murabonaho iki?**
   Abana bari ku karasisi.
2. **Ni iki umunyeshuri uri imbere afite?**
   Ni ibendera.
3. **Witegereje neza iryo bendera wavuga ko abo bana ari abahe?**
   Navuga ko ari bo mu Gihugu cy'u Rwanda.
4. **Umuntu akubajije ngo : "Uri umunyarwanda" wamusubiza ngo iki?**
   Namusubiza ngo: "Ndi Umunyarwanda".

### II. Gusoma

### Gusoma bucece

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane maze akabarangira urupapuro ruriho umwandiko. Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke, yamara kubona ko barangije gusoma bucece, akababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

**Urugero rw'ibibazo byabazwa:**

1. **Uyu mwandiko ufite uwuhe mutwe?**
   Ubunyarwanda burambera.
2. **Uhereye ku bivugwa urumva uyu mwandiko warahimbwe mbere ya jenoside cyangwa nyuma yayo?**
   Wahimbwe nyuma yayo.
3. **Uyu mwandiko urabona udukangurira iki?**
   Uyu mwandiko udukangurira gukunda u Rwanda tukanezezwa no kuba Abanyarwanda.

**Gusoma baranguruye**

Umwarimu asaba umunyeshuri umwumwe gusoma umwandiko aranguruye ijwi, bubahiriza utwatuzo. Bitewe n'umubare w'abanyeshuri, umunyeshuri asoma igika kimwe agasimburwa na mugenzi we kugeza umwandiko urangiye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uko ungana.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri akagenda akosora amwe mu makosa yagiye akorwa n'abanyeshuri iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira: Kunamiriza mu gitabo mu gihe barimo gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo arimo kubasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

## III. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko mu matsinda yabo bagerageza gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko biri mu bitabo byabo no gushakisha ibisobanuro by'amagambo badasobanukiwe babonye mu mwandiko. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye, hanyuma bakaza guhuriza hamwe ibyo bagezeho mu matsinda, umwarimu akabafasha kubinoza neza.

**Ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko:**

1. **Ni iki umusizi asanga gitandukanya Abanyarwanda n'abanyamahanga?**
   Igitandukanaya Abanyarwanda n'abanyamahanga ni umuco wabo.
2. **Inzangano hagati y'Abanyarwanda zakomotse hehe?**
   Inzangano hagati y'Abanyarwanda zazanywe na Ruhurwera (Umuzungu) we wacuze amoko mu Rwanda.
3. **Ni iki cyatumye Ruhurwera acura amoko?**
   Yagira ngo asenye ubumwe bw'Abanyarwanda abone uko abategeka.
4. **Ni ibihe bibazo by' Abanyarwanda byakemutse?**
   Abanyarwanda ntibakiri injiji kubera amashuri, ntibagikennye kubera gukorana n'amabanki, ntibakicwa n'indwara kuko begerejwe amavuriro.

5. **Umusizi arahamagarira Abanyarwanda kwitwara gute? Kuki?**
   Arasaba Abanyarwanda kuberwa n'ubunyarwanda kuko ari wo murage w'abasokuruza.

**Inyunguramagambo**

Nyuma yo gusubiza neza ibibazo byo kumva umwandiko, umwarimu asaba abanyeshuri kugaragaza ibyavuye mu matsinda ku nyunguramagambo. Amatsinda ahuriza hamwe ibyo yagezeho.

Sobanura amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:

a) **Ipfunwe:** Ikimwaro umuntu aterwa n'igisebo kimuriho cyangwa kiri ku bantu
b) **Gushwana:** Kutumvikana by'abantu bari bashyize hamwe bagatatirana cyangwa bagatana.
c) **Ubugwari:** Ubunebwe, ubwoba, umuco wo kubura ubupfura.
d) **Abatibasha:** Abantu batishoboye, badakize.
e) **Urugwiro:** Ubwuzu umuntu agaragaza yakira uwo yishimiye, ugushyikirana by'abakundana.

**Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro**

Umwarimu asaba abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo mu nteruro ngufi ziboneye no kuzuza interuro bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko, ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro

1. Koresha amagambo akurikira mu nteruro ziboneye:
   a) **Gushwana:** Umugabo n'umugore ntibakwiye gushwana ngo batandukane kuko iyo bibaye, abana barahababarira bikomeye.
   b) **Ubugwari:** Karasira yagaragaje ubugwari igihe yasezeranaga n'abandi ko bazafatanya gushinga ishyirahamwe nyuma akabatererana.
   c) **Ipfunwe:** Kanamugire bamufashe yiba ibitoki by'abandi none asigaye agenda afite ipfunwe.
   d) **Igihango:** Umuryango wacu ufitanye igihango n'uwa Nyiramariza, nta muntu w'iwacu ushobora guhemukira uw'iwabo ngo agire amahoro.
   e) **Gakondo:** Ubwenge bwa bano bana ni gakondo, nta muntu w'iwabo ujya utsindwa mu ishuri.
2. Uzurisha interuro zikurikira aya magambo yakoreshejwe mu mwandiko: (arashamaje, aberwa, yatoye, imbuto, gakondo)
   a) Kamari yabibye **imbuto** y'ubufatanye mu bana be, none gushyira hamwe byatumye biteza imbere.
   b) Uyu munyamahanga yakuriye mu Rwanda none **yatoye** umuco wacu.
   c) Iyi sambu ni **gakondo** twasigiwe na ba sogokuruza.

d) Uyu mugore **aberwa** no gufata ijambo imbere y'abantu agatanga ibitekerezo bye.
e) Uyu mwana **arashamaje** kuko aba uwambere muri byose.

## Intera ya kabiri: Gusesengura umwandiko

***Intego:***

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:

- Gusubiza neza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho.

### I. Isubiramo:

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakanavuga muri make ibikubiyemo.

**Ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:**

1. **Ubushize twize iki?**
   Twize umwandiko witwa "Ubunyarwanda burambera."
2. **Ni iki umwanditsi avuga ku mashuri?**
   Avuga ko amashuri yatumye tuva mu bujiji.
3. **Ni ubuhe butumwa umwandiko watugezagaho?**
   Ubutumwa bwo guheza ibyadutanya byose tukimika ubunyarwanda.

### II. Gusoma

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane, akababwira bakongera gusoma umwandiko bagerageza kuwumva neza cyane, no kugirango baze gusubiza neza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

### III. Gusesengura umwandiko

Umwarimu asaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Hanyuma uhagarariye buri tsinda akaza kumurikira abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

**Ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko**

1. **Shaka ingingo z'ingenzi ziri muri uyu mwandiko.**

   Ingingo z'ingenzi:

   Umunyarwanda nyawe aterwa ishema n'uwo ari we, umuco w'Abanyarwanda ni mwiza, ubatandukanya n'abatari bo, inzangano hagati y'Abanyarwanda zazanywe n'umuzungu w'umukoroni, Abanyarwanda barajijutse inzangano, ubujiji, ubukene n'indwara barimo guhangana na byo.
2. Ukurikije uko indi myandiko iba yanditswe, uyu urabona wanditswe ute?

   Uyu mwandiko wanditse mu nteruro ngufi zigiye zikurikiranye zidakoze urukurikirane rurerure rw'amagambo ugereranyije n'izindi. Wanditswe mu mikarago
3. Uyu mwandiko urumva uvugitse nk'indi myandiko twize mu buryo bw'injyana? Sobanura igisubizo cyawe.

   Oya! uyu mwandiko wanditswe ku buryo usoma yumva harimo injyana inogeye amatwi.

## Intera ya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro

**Umukoro wo gufata mu mutwe umuvugo**

***Intego:***

Umunyeshuri ahereye ku muvugo yahawe,araba ashobora:

- Gufata mu mutwe umuvugo.
- Kuvugira umuvugo imbere y'abandi, adategwa kandi yubahiriza isesekaza.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imfashanyigisho zifite amajwi, ibitabo birimo imivugo,....

## I. Isubiramo:

Umwarimu arashoza ikiganiro kigufi bibukiranya umwandiko baheruka kwiga. Bimwe mu bibazo yabaza n'ibisubizo byabyo

1. **Ubushize twize iki?**

   Twize umwandiko witwa "Ubunyarwanda burambera."
2. **Mvumvaga usomeka ute ugereranyije n'indi?**

   Wo urimo injyana inogeye amatwi.
3. **Ni iyihe nsanganyamatsiko yarimo?**

   Insanganyamatsiko yo kuberwa n'ubunyarwanda.

## II. Umukoro

Umwarimu abwira abanyeshuri gukora umukoro wo gufata mu mutwe umuvugo uri mu bitabo byabo. Hanyuma bakazawuvugira imbere y'abandi badategwa kandi bubahiriza isesekaza. Igihe cyagenwe kigeze umwarimu akurikirana uko abanyeshuri bavuga umuvugo badategwa kandi bubahiriza isesekaza, agakosora abakora amakosa.

## Intera ya kane: Umuvugo

*Intego:*

Umunyeshuri ahereye ku bumenyi n'ibisobanuro yahawe, araba ashobora:
- Gusobanura uturango tw'umuvugo,
- Guhanga umuvugo yubahiriza uturango tw'umuvugo.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, igitabo kirimo imivugo,....

## I. Ivumburamatsiko

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibafasha kuvumbura ikigwa.

**Bimwe mu bibazo yababaza n'ibisubizo byabyo.**

1. **Uyu mwandiko urabona wanditse ute ugereranyije n'imyandiko usanzwe uzi?**
   Uyu mwandiko wanditse mu duteruro tugufi tugiye tutuzura ku murongo.
2. **Ese umwanditsi arareka umurongo akimukira ku wundi ari uko interuro yuzuye?**
   Oya arimuka interuro ituzuye.
3. **Izi nteruro zanditse muri ubu buryo bazita ngo iki?**
   Izi nteruro zanditse muri ubu buryo bazita imikarago.
4. **Umwanditsi yakoresheje imvugo isanzwe?**
   Oya imvugo yakoresheje irimo ubuhanga n'ubugeni butambutse ubwo mu mvugo isanzwe.

## II. Umuvugo

### Inshoza y'umuvugo

Umuvugo ni igihangano cy'umwimerere, kigusha ku ngingo cyangwa insanganyamatsiko runaka, cyuje amagambo y'indezi (arata) n'ikeshamvugo.

Umuvugo kandi ni igihangano gihimbirwa kuvugirwa imbere y'abantu. Kubera iyo mpamvu umuvugo ugomba kuba unyuze amatwi y'abawumva.

**Uturango tw'umuvugo**

Umuvugo ni umwandiko uvuga ku ngingo runaka nk'indi myandiko yose ariko bigakorwa ku buryo bwa gihanga bushingiye ku kuryoshya imvugo. N'ubwo umuntu ashobora gusoma umuvugo mu gitabo, ubundi umuvugo uhimbirwa kuvugirwa imbere y'abantu; ni na yo mpamvu kuwufata mu mutwe ari ingenzi. Dore ibiranga umuvugo:

**a) Imikarago**

Uko umuvugo wandikwa bitandukanye n'uko bandika indi myandiko isanzwe. Umuvugo wandikwa mu buryo bw'intondeke hakoreshejwe uturongo tugufi twitwa " imikarago". Umukarago ushobora kuba ari interuro yuzuye cyangwa ari igice k'interuro.

***Ingero:***

- Ubunyarwanda burambera. (interuro)
- Kuko ubuvandimwe n'urukundo (igice k'interuro)

**b) Injyana y'itonde ripimye**

Umuvugo unoze ugomba kuba ufite injyana ipimye, ni ukuvuga ko imikarago igomba kuba ireshya kandi ifite injyana inogeye amatwi. Mu busizi injyana ishingira ku tubangutso cyangwa utubeshuro. Abasizi bakora ku buryo imikarago igira umubare ungana w'utubangutso cyangwa utubeshuro, bashingiye ku migemo igize umukarago. Dore uko injyanya ikorwa:

- Akabangutso gashingira ku mugemo kandi umugemo ushobora kuba ari inyajwi, ingombajwi ifatanye n'inyajwi cyangwa igihekane gifatanye n'inyajwi.
- Akabangutso kamwe kaba gafite uburebure bungana n'umugemo umwe.
- Umugemo utinda wo ubarwamo utubangutso tubiri.
- Inyajwi itangira umukarago ntibarwa
- Inyajwi ebyiri zikurikiranye mu mukarago, imwe isoza ijambo indi ikaritangira zibarwa nk'akabangutso kamwe(ijwi rimwe)

***Urugero:***

- Muump(e) umwaanya nge muu ngaazo, =12
- Mvug(e) uko niiyumva muu ngiingo=12
- No mu biteekerezo n'ingeendo,=12
- Mvug(e) ibiteer(a)Abanyamahaanga=12
- Kuump(a) umwaanya nkavug(a) ijaambo.=12

**Uyu muvugo ugizwe n'injyana y'utubangutso cumi na tubiri**

#### c) Ikeshamvugo n'iminozanganzo

Mu muvugo, umuhanzi akoresha amagambo y'indobanure agambiriye gukesha cyangwa kunoza imvugo. Amagambo yose ntanganya agaciro, ni yo mpamvu umuhanzi atoranya amagambo yabugenewe agusha ku ngingo. Mu muvugo kandi umuhanzi yubaka ingingo ku buryo bugamije kunoza inganzo ari byo bita iminozanganzo. Mu minozanganzo habamo isubirajwi, isubirajwi n'isubirajambo, ishushanya, igereranya n'ibindi

*Ingero:*

- Ruhurwera: Umuzungu (ihwanisha)
- Yumva indwara imugera ijanja: Yumva indwara imwototera, ishaka kumufata(ishushanya)
- Harashamaje aho turi none,
  Haraharenze aho tujya kandi ( isubirajwi rishingiye kuri " h")

**Imyitozo ku muvugo (Iyi myitozo ishobora gutangwamo umukoro)**

Umwarimu abwira abanyeshuri gukora imyitozo iri mu gitabo cyabo, kandi buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu akurikirana uko abanyeshuri bakora imyitozo bakaza gukosorera hamwe ku kibaho, umwarimu agenda ahitamo umunyeshuri akajya ku kibaho abandi bagakurikirana uko abigenza, ubikoze nabi agakosorwa na mugenzi we

1. Bara utubangutso tw'imikarago icumi ya nyuma y'uyu muvugo.
2. Hanga umuvugo wawe bwite ku nsanganyamatsiko y'umuco w'amahoro, nturenze imikarago mirongo ine.

**Ibisubizo: Ikibazo cya mbere**

(U)b(u) amavuurir(o) aturi haafi = 11
Mu kwiivuuza turiisuungana=13
Tukanavuuz(a) abatiibaasha=12
Ntaawukiizirikir(a) iwaabo =12
Yuumv(a) indwaar(a) imuger(a) ijaanja.=12

(U)bunyarwaanda burambeera=10
Kaandi naamwe nibubabeere,=12
Niyo gakoond(o) isuumb(a) iziindi=12
(A)baatubyaaye baaduhaaye=12
Ntitugataatir(e) icyo gihaango.=12

Ikibazo cya kabiri kirakosorwa bakurikije ibigomba kubahirizwa mu guhanga umuvugo

## Inshamake y'ibikubiye muri uyu mutwe

Muri uyu mutwe twasesenguye imyandiko ivuga ku nsanganyamatsiko y'umuco w'amahoro. Twabonye uburyo gahunda zo gukorera hamwe nka « Ndi Umunyarwanda, Amashyirahamwe n'amakoperative » byimakaza ubumwe n'ubwiyunge, abagiranye ibibazo bakiyunga kuko baba bashyize hamwe. Twanabonye kandi ibijyanye n'uburenganzira bwa muntu. Ubwo burenganzira bugomba kubahirizwa, nta muntu ukwiye kuvutswa uburenganzira bwe.

Twabonye icyo inshoberamahanga ari cyo, tureba n'umuvugo, uturango tw'umuvugo n'uburyo babara utubangutso tw'umuvugo ndetse dukomoza ku ikeshamvugo rikoreshwa mu muvugo.

### Isuzuma rusange risoza umutwe wa karindwi

Nyuma yo gusoza umutwe wa karindwi, umwarimu aratanga isuzuma riteganyijwe risoza umutwe wa karindwi, buri munyeshuri arikore ku giti ke. Nyuma y'ikosora umwarimu asuzume urwego abanyeshuri bagezeho kugira ngo niba hari ibigomba gusubirwamo bisubirwemo.

### I. Ibibazo byo kumva umwandiko

1. **Umusizi arahamagarira nde gutera amahoro?**
   Arahamagarira abana b'u Rwanda gutera amahoro.
2. **Ese ku mwanditsi ni ubuhe bufatanye bukwiye ngo abantu birindire umutekano?**
   Ni ubufatanye bwo gutabara mugenzi wawe, ntuvunire ibiti mu matwi igihe atatse.
3. **Ukurikije uko bigaragara mu mwandiko, inzangano hagati y'Abanyarwanda** zikomoka he? Ese wowe ubona izo nzangano umuntu yazirinda gute?
   Nk'uko bigaragara mu mwandiko, inzangano zikomoka ku bantu boshya Abanyarwanda, bababwira ko ntacyo bapfana. Uburyo mbona umuntu yakwirinda inzangano ni uguha agaciro ubumwe bwacu nk'Abanyarwanda, tugakorera hamwe, tukaganira ku bibazo twatejwe n'imyumvire mibi y'abatubyaye, tukabyumva kimwe muri gahunda ya "Ndi umunyarwanda" tugafatanya kwiteza imbere mu mashyirahamwe aho gutinda ku macakubiri ashingiye ku kinyoma.
4. **Usibye abaturage, abandi bantu bagira uruhare mu kubumbatira amahoro ni bande? Babikora gute?**
   Abantu bagira uruhare mu kubumbatira amahoro ni abayobozi beza

b'Igihugu. Babikora bigisha abaturage imigenzo myiza, kubana mu mahoro no kwiteza imbere.

5. **Ese wowe ubaye umuyobozi, urumva wakora iki ngo amahoro asagambe?**

   Aha umunyeshuri aratanga ibitekerezo bye umwarimu amufashe kubinoza neza.

## II. Inyunguramagambo

1. Sobanura amagambo akurikira yakoreshejwe mu muvugo:
   a) **Bura bw'u Rwanda:** Bana b'u Rwanda
   b) **Kugoboka:** Gufasha umuntu gukemura ikibazo cyari kigiye kumubera ingorabahizi, cyari kigiye kumunanira
   c) **Kuganya:** Kwinubira ububabare bw'umuntu cyangwa gutekerereza umuntu amagorwa uri mo, kuvuga amagambo y'agahinda agaragaza ko ufite ibibazo ku mutima.
   d) **Gutuza:** Kumva nta kibazo ufite ku mutima, guceceka kubera ko ikibazo wari ufite gikemutse.
   e) **Kwimika :** Guha ikintu runaka umwanya w'ingenzi mu buzima bwawe, kugifata nk'ikiruta ibindi.
2. Tanga impuzanyito z'aya magambo:
   a) **Gushuka:** Kubeshya, koshya
   b) **Kugoboka:** Gushyigikira,gutabara
3. Shaka imbusane z'amagambo akurikira:
   a) **Gutuza** ≠ Guhangayika, gusakuza
   b) **Guha (amahoro)** ≠ kwima
4. Koresha amagambo akurikira mu nteruro zawe bwite:
   a) **Amahoro:** Ahari amahoro, ntiharangwa intambara.
   b) **Kugoboka:** Mu Rwanda, hari imiryango itegamiye kuri Leta igoboka abakene.

c) **Kuganya:** Uriya mugabo akunda kuganya cyane kandi ntacyo abuze.
d) **Gutuza:** Ubwo ibizamini byose birangiye, ndumva ntuje.
e) **Kwimika:** Ubwo wimitse kunywa ibiyobyabwenge, uzasara cyangwa upfe bahambe.

## III. Ubumenyi bw'ururimi

Koresha izi nshoberamahanga mu nteruro yawe bwite.

a) **Guca mu rihumye:** Abaporisi bari bagiye gufata igisambo kibaca mu rihumye

b) **Guca akenge:** Umwana utangiye guca akenge, aba azi gutandukanya ikibi n'ikiza.

c) **Gusubiza amerwe mu isaho:** Niba ushaka gusaba umukobwa wange, usubize amerwe mu isaho kuko hari undi wamugutanze!

d) **Kuva ku izima :** Nari nanze kujya mu ishyirahamwe ariko bansobanuriye ibyiza by'amashyirahamwe mva ku izima, nemera gufatanya n'abandi.

e) **Korosora uwabyukaga :** Yamubwiye ngo amuherekeze kwa nyirakuru, asa n'uworosoye uwabyukaga

## IV. Guhanga umuvugo

Hanga umuvugo wubahiriza uturango tw'umuvugo kandi uvuga ku nsanganyamatsiko y'umuco w'amahoro

Umuvugo urakosorwa hubahirijwe amabwiriza yo guhanga umuvugo

**Umuvugo uzakosorwa hashingiwe:**

- Ku burebure bwasabwe
- Kubahiriza insanganyamatsiko
- Gukoresha iminozanganzo
- Ubutumwa ndetse n'ikoreshwa ry'itonde ripimye.

# 8 Ibiyobyabwenge mu mashuri

## (Umubare w'amasomo:8)

**Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe**

- Gusesengura imyandiko ku biyobyabwenge
- Kwandika yubahiriza imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda

**Umwandiko: "Ikiganiro Gahongayire yagiranye n'umunyamakuru"**

**Intera ya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko**

***Intego:***

Umunyeshuri yifashishije inkoranya n'umwandiko wasomwe, araba ashobora:

- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko
- Gusobanura amagambo adasobanukiwe
- Gusoma yubahiriza utwatuzo n'isesekaza
- Gukoresha mu nteruro ngufi kandi ziboneye amagambo yungutse.
- Gusobanura ubuvanganzo bwo muri rubanda icyo ari cyo

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko uvuga ku biyobyabwenge mu mashuri, igitabo cy'umwarimu n'inkoranyamagambo.

### I. Ivumburamatsiko

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko ikubiye mu mwandiko bagiye gusoma.

**Urugero rw'ibibazo yababaza:**

1. **Kuri aya mashusho murahabona iki?**
   Turayabonaho umuhungu n'umukobwa.
2. **Murabona barimo gukora iki?**
   Turabona barimo gutumura amatabi.
3. **Ni iki muzi ku itabi mu bijyanye n'ubuzima?**
   Tuzi ko itabi atari ryiza ryangiza imyanya y'ubuhumekero y'abarinywa n'abahumeka umwotsi waryo.
4. **Ibindi abantu banywa bagata ubwenge babyita ngo iki?**
   Babyita ibiyobyabwenge.

## II. Gusoma

**Gusoma bucece**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane maze akabarangira urupapuro ruriho umwandiko. Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke, yamara kubona ko barangije gusoma bucece, akababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

**Urugero rw'ibibazo byabazwa:**

1. **Muri uyu mwandiko haravugwamo bande?**
   Haravugwamo Gahongayire n'umunyamakuru.
2. **Gahongayire uvugwa mu mwandiko ni muntu ki?**
   Gahongayire ni umunyeshuri mu ishuri ryisumbuye.
3. **Mumaze gusoma musanze bavugana ku ki?**
   Baravugana ku bijyanye n'ibiyobyabwenge mu mashuri.
4. **Ni nde watubwira nibura ubwoko bumwe bw'ibiyobyabwenge bavuzeho mu mwandiko?**
   Bumwe mu bwoko bw'ibiyobyabwenge bavuzeho mu mwandiko ni urumogi n'utuyoga bita suruduwiri.

**Gusoma baranguruye**

Umwarimu asaba umunyeshuri umwumwe gusoma umwandiko aranguruye ijwi, bubahiriza utwatuzo. Bitewe n'umubare w'abanyeshuri, umunyeshuri asoma igika kimwe agasimburwa na mugenzi we kugeza umwandiko urangiye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uko ungana.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri akagenda akosora amwe mu makosa yagiye akorwa n'abanyeshuri iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira: Kunamiriza mu gitabo mu gihe barimo gusoma, kutubahiriza ibimenyetso

by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo arimo kubasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

### III. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko mu matsinda yabo bagerageza gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko biri mu bitabo byabo no gushakisha ibisobanuro by'amagambo badasobanukiwe babonye mu mwandiko. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye, hanyuma bakaza guhuriza hamwe ibyo bagezeho mu matsinda, umwarimu akabafasha kubinoza neza.

**Ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko:**

1. **Ni ikihe cyorezo cyugarije urubyiruko muri iki gihe?**
   Ni icyorezo k'ibiyobyabwenge.
2. **Ni ibihe biyobyabwenge biboneka mu mashuri, bivugwa mu mwandiko?**
   Ni urumogi na suruduwiri.
3. **Ni izihe ngaruka zo kunywa ibiyobyabwenge, ziboneka mu mwandiko?**
   Ingaruka z'ibiyobyabwenge zivugwa ni uguhungabana k'ubuzima, bitera indwara zo mu myanya y'ubuhumekero, ibiyobyabwenge byangiza ubwonko, umuntu ntiyongere kugira ibitekerezo bizima.
4. **Umwanya wo kunywa biyobyabwenge, abanyeshuri bawubona bate?**
   Babinywa mu gihe cyo gukina, mbere yo kuryama no mu minsi y'ikiruhuko.
5. **Wumva hakorwa iki kugira ngo ibiyobyabwenge bicike mu banyeshuri?**
   Kuganiriza abataratangira kubifata kugira ngo batava aho batangira kubinywa no kwegera ababifata, tukababafasha kumva ububi bwabyo bakagenda babireka buhorobuhoro. Ababihinga n'ababicuruza bo bakwiye guhanwa by'intangarugero.

### Inyunguramagambo

Nyuma yo gusubiza neza ibibazo byo kumva umwandiko, umwarimu asaba abanyeshuri kugaragaza ibyavuye mu matsinda ku nyunguramagambo. Amatsinda ahuriza hamwe ibyo yagezeho.

### I. Inyunguramagambo

Sobanura amagambo akurikira yakoreshejwe mu kiganiro:

a) **Cyahekura:** cyakwica, cyamara (urubyiruko)
b) **Babaswe:** bigaruriwe, babaye imbata
c) **Babitsimba:** ubusanzwe "gutsimba" ni ugupfundisha ikizuru ku icebe by'inyana yonka, hano mu mwandiko ni imvugo nyandagazi ivuga ko babihisha, babiseseka
d) **Bazezengeye:** bataye umutwe, batagitekereza

**Imyitozo y'inyunguramagambo**

Umwarimu asaba abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo mu nteruro ngufi ziboneye no kuzuza interuro bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko, ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro

1. Tanga impuzanyito y'amagambo akurikira:
    a) **Kwishora:** kwiroha
    b) **Umunezero:** ibyishimo
    c) **Yerekeza:** agana
2. Tanga imbusane z'aya magambo:
    a) **Bakabikirana** ≠ bakivamo
    b) **Aratangira** ≠ ararasoza/ararangiza
    c) **Burahungabana** ≠ ntibwangirika
3. Koresha buri jambo wahawe mu nteruro wihimbiye:
    a) **Kubatwa**
    Munyazikwiye yabaswe n'ubusinzi ku buryo nta mugoroba w'ubusa kuri we.
    b) **Guhekura**
    Marariya yahekuye ababyeyi benshi igihe yari itaramenyekana, ariko ubu imiti yarabonetse, nta bwo igikanganye.
    c) **Kwishora**
    Mwana wange ntuzishore mu busambanyi utazahakura imbwa yiruka dore SIDA iravuza ubuhuha.
    d) **Gufogeka**
    Abanyeshuri batagira ikinyabupfura iyo bashaka kuvuga ijambo guhisha, bakoresha gufogeka.
4. Huza amagambo yo mu ruhushya A n'ibisobanuro byayo biri mu ruhushya B

| A | B |
|---|---|
| a) Gusubuta<br>b) Gufogeka<br>c) Kubata<br>d) Suruduwiri | 1. Guhisha ikintu aho badashobora kukibona ukaza kukihakura witonze.<br>2. Gutwara umutima umuntu kw'ikintu ku buryo kimubuza gutekereza neza.<br>3. Kwigerereza, guhangara<br>4. Ubwoko bw'ikiyobyabwenge bunyobwa nk'inzoga |

Ibisubizo: a=3, b=1, c=2, d=4

## Intera ya kabiri: Gusesengura umwandiko

***Intego:***

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:

- Gusesengura neza umwandiko asubiza neza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri.

### I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

**Urugero rw'ibibazo yababaza:**

1. **Umwandiko uheruka kwigwa witwa ngo iki?**
   Ikiganiro Gahongayire yagiranye n'umunyamakuru.
2. **Ni iki cyavugwaga muri uwo mwandiko?**
   Havugwagamo ibiyobyabwenge mu mashuri.
3. **Ni izihe ngaruka bavuze ziterwa no gukoresha ibiyobyabwenge mu banyeshuri?**
   Abanyeshuri baba indakoreka, bakayoba ubwenge ntibige neza.

### II. Gusoma

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane, akababwira bakongera gusoma umwandiko bagerageza kuwumva neza cyane, kugira ngo baze gusubiza neza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

### III. Gusesengura umwandiko

Umwarimu asaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Hanyuma uhagarariye buri tsinda akaza kumurikira abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

**Ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko**

1. **Vuga ingingo z'ingenzi ziboneka mu mwandiko wizwe.**

   Ibiyobyabwenge byinjizwa n'abanyeshuri bavuye hanze.

   Ibiyobyabwenge byica ubuzima, byica ubwonko.

   Urubyiruko rukwiye kureka ibiyobyabwenge kuko birwokamye nta hazaza h'Igihugu cyacu hazabaho.

2. **Ukurikije ibivugwa mu mwandiko ni iki wumva wungutse, utari uzi ku biyobyabwenge?**

   Iki kibazo abanyeshuri baragisubiza ku buryo butandukanye bitewe n'icyo buri munyeshuri yungutse atari azi.

## Intera ya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro:

### Kungurana ibitekerezo ku ngaruka zo kunywa ibiyobyabwenge

***Intego:***

Umunyeshuri ahereye ku nsanganyamatsiko yahawe, araba ashobora:

- Gutanga no gusobanura ibitekerezo bye agaragaza ingaruka zo kunywa ibiyobyabwenge.
- Kujora mu kinyabupfura ibitekerezo bya bagenzi be.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'Umwarimu.

### I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa isomo baheruka kwiga bakanavuga muri make ibikubiyemo.

**Urugero rw' ibibazo n'ibisubizo**

1. **Umwandiko twasesenguye ubushize witwa ngo iki?**

   Umwandiko twasesenguye witwa "Ikiganiro Gahongayire yagiranye n'umunyamakuru."
2. **Iyo bavuze ikiganiro mwumva iki?**

   Iyo bavuze ikiganiro twumva iyakuranwa ry'amagambo hagati y'abantu bungurana ibitekerezo/baganira.
3. **Nyuma ya kiriya kiganiro urumva wabwira iki bagenzi bawe?**

   Nababwira ko kwishora mu biyobyabwenge bigira ingaruka mbi zitandukanye zirimo kubura ikinyabupfura, guta ubwenge, kutabasha kwiga neza, indwara z'ubwonko,…

**Kungurana ibitekerezo**

Umwarimu arafasha abanyeshuri kujya mu matsinda, hanyuma abagezeho ingingo bunguranaho ibitekerezo. Buri tsinda ryitoramo umuyobozi kugira ngo nyuma y'igihe cyagenwe aze kumurikira andi matsinda ibyo bo bagezeho kandi n'andi matsinda bikaba uko. Umwarimu afasha abanyeshuri kunonosora ibitekerezo byabo igihe babimurika.

**Insanganyamatsiko yunguranwaho ibitekerezo:**

1. Nimwungurane ibitekerezo ku ngaruka zindi z'ibiyobyabwenge zitavuzwe mu mwandiko.

**Bimwe mu bitekerezo byatangwa ku ngaruka z'ibiyobyabwenge:**

- Kuba indakoreka
- Kubura ikinyabupfura
- Indwara z'ubuhumekero
- Indwara z'ubwonko n'ibisazi
- Kubura uburere
- Kwishora mu busambanyi n'ubundi bukozi bw'ibibi
- Ubujura bw'amafaranga kugira ngo bagure ibiyobyabwenge
- Ubwicanyi buturuka ku kunywa ibiyobyabwenge,...

## Intera ya kane: Imvugo z'Ikinyarwanda

### Imvugo nyandagazi n'imvugo iboneye

***Intego:***

Umunyeshuri ahereye ku nteruro yahawe, araba ashobora:

- Kuvuga inshoza y'imvugo nyandagazi n'imvugo iboneye.
- Gutandukanya imvugo nyandagazi n'imvugo iboneye.
- Gukosora imvugo nyandagazi ayisimbuza imvugo iboneye.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo k'imiterere y'ikinyarwanda,...

### I. Ivumburamatsiko

Umwarimu yifashishije ingero z'interuro zirimo imvugo nyandagazi n'imvugo iboneye, arazandika ku kibaho, hanyuma abasabe kugira icyo bazivugaho. Birababafasha kuvumbura ikigwa.

**Urugero rw'interuro yakwifashisha:**

Soma interuzo zikurikira, maze ugire icyo uvuga ku mvugo zakoreshejwemo:

1. Ubashuka ababwira ko kunywa ibiyobyabwenge ari byiza sana, ko bituma baswingarara, ko ubinyoye agira kime ntihagire uwongera kumusubuta.
2. Ubashuka ababwira ko kunywa ibiyobyabwenge bituma banezerwa, ko ubinyoye agira ingufu, ntihagire uwongera kumuhangara.

Iyo usomye izi nteruro, usanga interuro ya mbere n'iya kabiri zivuga ibintu bimwe ariko imvugo yakoreshejwe si imwe muri izo nteruro ebyiri. Urasanga interuro ibanza yakoreshejwemo amagambo atiyubashye atanakoreshwa mu mvugo isanzwe (baswingarara, kime, kumusubuta) ku buryo umuntu yibaza niba uyikoresheje yarahawe uburere bunoze, niba afite umuco wo kwiyubaha no kubaha abandi. Interuro ikurikiyeho ivuga ibintu ku buryo bwiyubashye, bubereye uvuga n'ubwirwa, wumva koko bwiyubashye.

## Imvugo z'ikinyarwanda

## Inshoza y'imvugo z'Ikinyarwanda

Ururimi ni urusobe rw'amajwi abenegihugu baba barumvikanyeho, bakayakoresha kugira ngo babashe kumvikana. Iyo abantu babiri bavuga ntibumvikane icyo gihe baba bavuga indimi zitandukanye, bityo ubwumvane ntibube bugishobotse. Abantu bavuga cyangwa bandika, hari uburyo bakoresha ururimi rimwe na rimwe bakarupfobya ubundi rukaba ruboneye. Ni yo mpamvu mu mvugo abantu bakoresha, dushobora gusangamo imvugo nyandagazi n'imvugo iboneye.

### a) Imvugo nyandagazi

Imvugo nyandagazi ni imvugo ikocamye, iba itubahiriza amategeko y'ikibonezamvugo, imikoreshereze y'amagambo n'inzego z'ubusumbane bw'abavugana kandi ugasanga itubahisha nyiri ukuyikoresha. Umuntu ukoresha imvugo nyandagazi, ushobora gukeka ko nta burere bukwiye yahawe ndetse ko nta muco wo kwiyubaha no kubaha abandi agira.

***Ingero:***

- Imvugo nka "Ndagaswi"
- Mu gihe baguhamagaye uti "yeee!"

### b) Imvugo iboneye

Imvugo iboneye ni imvugo yubahiriza amategeko y'ikibonezamvugo. Mu mvugo iboneye dusangamo amagambo aboneye, kandi yubahiriza ubusumbane bw'abavugana ndetse ugasanga yubahisha nyiri ukuyikoresha. Ukoresha imvugo iboneye, wumva yiyubashye, yararezwe kandi afite umuco ndetse ukumva yubashye n'uwo bavugana.

*Urugero:*

- Mu gihe baguhamagaye uti "karame!"
- Igihe uhereje umuntu ikintu uti "nimwakire"

**Umwitozo ku mvugo z'Ikinyarwanda**

Umwarimu arashyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri, hanyuma ababwire gukora neza umwitozo uri mu gitabo cyabo ku mvugo z'Ikinyarwanda. Mu gihe abanyeshuri bari gukora umwitozo, umwarimu agendagenda mu ishuri areba uko abanyeshuri bakorana mu matsinda. Iyo igihe cyagenwe kirangiye, umwarimu afasha abanyeshuri mu kumurika ibyo bagezeho no kurushaho kubinoza.

Kosora izi nteruro zikurikira ku buryo imvugo nyandagazi zisimbuzwa imvugo iboneye y'Ikinyarwanda.

a) Ko uri ku myako ni nde wagusize kashi?
b) Amashumi yange yose ntiyakwitera imere nk'iyi ngo abashe gutigita.

**Ibisubizo:**

a) Ko usa neza ni nde waguhaye amafaranga?
b) Inshuti zange zose ntizarya ibiryo nk'ibi ngo zibashe kugenda

## Intera ya Gatanu: Imyandikire y'Ikinyarwanda/ Amagambo akatwa

*Intego:*

Umunyeshuri ahereye ku nteruro yahawe, araba ashobora:

- Gutahura mu nteruro amagambo akatwa n'igihe akatwa.
- Kwandika neza yubahiriza amabwiriza agenga ikatwa ry'amagambo mu Kinyarwanda.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo k'imiterere y'ikinyarwanda,...

### I. Ivumburamatsiko

Umwarimu yifashishije ingero z'interuro zirimo amagambo akaswe, arazandika ku kibaho, azibazeho ibibazo bifasha abanyeshuri kuvumbura ikigwa.

**Urugero rw'interuro yakwifashisha:**

Soma interuro zikurikira hanyuma uvuge uko ubona imyandikire y'amagambo yanditse atsindagiye:

1. Umuhungu **n**'umukobwa bagomba kuzuzanya.
2. Nta kibyara **nk**'intare **n'**ingwe.
3. Urubyiruko rugomba kumenya ububi **bw'**ibiyobyabwenge.

Amagambo yanditse atsindagiwe yakaswe yatakaje inyajwi y'inyuma bashyiraho agakato.

### Amagambo akatwa

Mu Kinyarwanda tugira amoko atandukanye y'amagambo. Ayo magambo iyo yandikwa hari ayandikwa uko yakabaye, hari n'amagambo yandikwa akaswe, ariko nabyo bikagira amabwiriza agomba gukurikizwa igihe hari agomba gukatwa.

***Urugero:***

- Kuganiriza abana birareba ababyeyi, ubuyobozi **bw'**ishuri **n'**abayobozi **b'**inzego **z'**ibanze. Ibi Gahongayire yabivuze **nk'**umwana ushaka ko ababyeyi **n'**abayobozi bita ku bana **b'**igihugu bari mu mashuri.
- Ingamba ya mbere ni ukuga-
  niriza abana bakiri batoya

#### Ikata ry'amagambo

Mu kinyarwanda, hari amabwiriza agenga ikata ry'inyajwi zisoza ibinyazina ngenera n'ibyungo "na" na "nka". Inyajwi zisoza ikinyazina ngenera n'ibyungo "na" na "nka" zirakatwa iyo zikurikiwe n'ijambo ritangiwe n'inyajwi, zigatakaza inyajwi "a" isoza igasimbuzwa agakato ('); ariko inyajwi isoza ikinyazina ngenera gikurikiwe n'umubare wanditswe mu mibarwa ntikatwa.

Mu Kinyarwanda kandi iyo ijambo ritarangiranye n'impera y'umurongo rirakatwa; bigakorwa hakurikijwe imiterere y'umugemo kandi hagakoreshwa akanyerezo.

***Ingero:***

- Wakomerekejwe **n'**iki?
- Ntkibyara **nk'**intare **n'**ingwe.
- Umwaka **w'**ibihumbi bibiri na cumi **n'**itandatu
- Umwaka **wa** 2016
- Ni ngombwa ko hashakwa umwanya wo kuganiriza abana kuri iki kibazo.

#### Umwitozo ku ikatwa ry'amagambo

Umwarimu abwira abanyeshuri gutega amatwi, hanyuma akabaha icyandikwa yateguye kirimo amagambo akatwa, akababwira kwandika bubahiriza amabwiriza y'imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.

Tega amatwi umwarimu hanyuma wandike interuro akubwira wubahiriza amategeko y'imyandikire y'Ikinyarwanda.

**Urugero rw'icyandikwa yabaha:**

Tumaze kwiga ingaruka z'ibiyobyabwenge tugomba kubuza abanyeshuri b'ingeri zose ikoreshwa ry'ibi bitindigasani. Tube abana b'imbonera mu kwamagana abacuruzi b'inzoga zitemewe, ab'urumogi n'ab'ibindi byose biyobya abantu ubwenge. Dufate umunyeshuri wishora mu biyobyabwenge nk'umuntu ukeneye inkunga, tumwegere maze tumukangurire kubireka

## Inshamake y'ibikubiye muri uyu mutwe

Muri uyu mutwe, twasesenguye imyandiko ivuga ku nsanganyamatsiko y'ibiyobyabwenge, tubona ko ubuzima bw'abanyeshuri banywa ibiyobyabwenge buhungabana cyane ntibashobore kwiga neza aho kugira ikinyabupfura bakarangwa n'imyitwarire mibi ku ishuri, basuzugura abarezi, barwana na bagenzi babo, bakiba ndetse bakanishora mu busambanyi. Ibiyobyabwenge byangiza ubwonko bw'umunyeshuri ntiyongere kugira ibitekerezo by'abantu bazima, ubwenge bwe bukayoba, ntabashe gufata mu mutwe.

Twavuze ku ngamba zafatwa mu rwego rwo kurwanya ibyo biyobyabwenge, zirimo kuganiriza abakiri bato bakamenya ingaruka z'ibiyobyabwenge batari bahura n'ababibashoramo. Ababyeyi, abarezi n'ubuyobozi bw'ishuri bagomba gukurikiranira hafi abanyeshuri kandi n'abanyeshuri ubwabo bagashyira imbere gusa amasomo bagatera umugongo ingeso zibashora mu biyobyabwenge.

Twavuze ku mvugo z'Ikinyarwanda, dusanga imvugo nyandagazi ari imvugo itubahiriza amategeko y'ikibonezamvugo kandi ntiyubahishe nyiri ukuyikoresha; mu gihe imvugo iboneye, ari imvugo yubahiriza amategeko y'ikibonezamvugo kandi ikubahisha uyikoresha, inagaragaza ko uyikoresha yiyubashye kandi akubaha uwo avugisha.
Mu rwego rwo kunoza imyandikire, twabonye ko inyajwi zisoza ikinyazina ngenera gifite igicumbi "-a-" n'ibyungo "na" na "nka" zikatwa, iyo zikurikiwe n'ijambo ritangiwe n'inyajwi. Iyo kandi ijambo ritarangiranye n'impera y'umurongo rikatwa hubahirijwe umugemo.

## Isuzuma rusange risoza umutwe wa munani

Nyuma yo kurangiza umutwe wa munani, umwarimu aratanga isuzuma riteganyijwe risoza umutwe wa munani, buri munyeshuri arikore ku giti ke. Nyuma y'ikosora umwarimu asuzume urwego abanyeshuri bagezeho kugira ngo niba hari ibigomba gusubirwamo bisubirwemo.

**Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma:**

## I. Ibibazo byo kumva umwandiko

1. **Rondora ibiyobyabwenge bivugwa mu mwandiko.**
   Ibyemewe: inzoga zinyuranye n'itabi;
   Ibitemewe, kokayine, heroyine, urumogi, kanyanga, nyirantare, muriture, yewemuntu, kore, lisansi,…
2. **Garagaza ingaruka zo kunywa ibiyobyabwenge zigaragara mu mwandiko.**
   Mu ngaruka zivugwa mu mwandiko, harimo kwigarurira ubwonko bw'umuntu ku buryo ahora ashaka kubifata. Iya kabiri ni uko bikoresha uwabinyoye amakosa.
3. **Shaka mu mwandiko ingingo umwanditsi ahuriraho n'abacuze ijambo "ibiyobyabwenge.**
   Byigarurira umuntu ku buryo umubiri we ubimenyera ubwonko bwe bukiyoborerwa na byo. Ino ngingo iragaragaramo kuyobya ubwenge.
4. **Ni ubuhe buryo bwo kurwanya ibiyobyabwenge buvugwa mu mwandiko?**
   Umwanditsi arajya inama yo kwirinda kubitangira kuko iyo ubitangiye umubiri ukabimenyera, kubivaho biragorana.
5. **Ese wowe wumva hakorwa iki ngo ibiyobyabwenge bicike burundu?**
   Numva urubyiruko rwakwigishwa rusanzwe mu mahuriro yarwo, rukaganirizwa ku bubi bw'ibiyobyabwenge. Abanywa ibiyobyabwenge bashakwa bagafashwa gusohoka muri iyo ngeso. Ababicuruza n'ababihinga bafatwa bagahanwa n'amategeko.

## II. Inyunguramagambo

1. Sobanura aya magambo ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko:
   a) **Gusatira:** Kwegera, kwigira hafi cyane ya...
   b) **Kumugaza:** Gutuma umuntu aremara cyangwa akagira ubumuga budakira
   c) **Kwirahuriraho:** Kwikururira ibyago cyangwa amakuba.
   d) **Ahazaza:** Ubuzima bwo mu gihe kizaza.
2. Tanga impuzanyito z'aya magambo:
   a) **Kugera** (ahantu) : guhinguka, gushyika
   b) **Kugusha:** guhanura
   c) **Ingaruka:** inkurikizi

3. Tanga imbusane z'aya magambo:
   a) **Zasenyutse** ≠ zubatswe
   b) **Kureka** ≠ gutora, kwitabira
   c) **Kugusha** ≠ kwegura

## III. Ubumenyi bw'ururimi

1. Kosora imyandikire mu nteruro zikurikira:
   a) **Uno mugabo na umuhungu we ni abanyarwenya pe!**
      Uno mugabo n'umuhungu we ni abanyarwenya pe!
   b) **Inyamaswa zinkazi nka intare ningwe ziba mu ishyamba.**
      Inyamaswa z'inkazi nk'intare n'ingwe ziba mu ishyamba.
   c) **Urubyiruko rugomba kwirinda ingeso mbi nibiyibyabwenge.**
      Urubyiruko rugomba kwirinda ingeso mbi n'ibiyobyabwenge.
2. Tandukanya imvugo nyandagazi n'imvugo iboneye, unatange ingero ebyiri kuri buri mvugo.
   Imvugo nyandagazi ni imvugo itubahiriza amabwiriza y'ikibonezamvugo kandi ntiyubahishe uyikoresha na ho imvugo iboneye yubahiriza amabwiriza y'ikibonezamvugo kandi ikubahisha uyikoresha.
   (abanyeshuri baratanga ingero zitandukanye).

## IV. Ihangamwandiko

Hanga umwandiko uvuga ku nsanganyamatsiko y'ingaruka z'ibiyobyabwenge mu rubyiruko, wirinde gukoresha imvugo nyandagazi

Ihangamwandiko rikosorwe hubahirizwa amabwiriza yo guhanga umwandiko nko:
- Kubahiriza uburebure bwasabwe
- Guhamanya n'insanganyamatsiko
- Imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda
- Gusobanura neza ibitekerezo
- Kugira isuku
- Kubahiriza imbata y'umwandiko ntekerezo...

# 9 Iterambere

## (Umubare w'amasomo:18)

**Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:**

Gusesengura imyandiko ivuga ku iterambere rishingiye ku buhinzi;
Gusoma no gushyira amasaku ku magambo;
Kwandika ibaruwa y'ubuyobozi yubahiriza imbata n'imiterere yayo.

### Umwandiko "Ibishyimbo"

### Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

***Intego:***

Umunyeshuri yifashishije inkoranya n'umwandiko wasomwe, araba ashobora:

- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko
- Gusobanura amagambo adasobanukiwe
- Gukoresha mu nteruro ngufi kandi ziboneye amagambo yungutse.

**Imfashanyigisho:**

Umwandiko uvuga ku iterambere, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo cy'umwarimu, imyandiko n'amashusho bijyanye niterambere, inkoranya n'amabwiriza y'imyandikire y'ikinyarwanda.

### I. Ivumburamatsiko

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho ari mu gitabo ku rupapuro yabarangiye akabazaho ibibazo. Abasaba kugira icyo bayavugaho.

**Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:**

1. **Mwitegereje iyi shusho murabonaho iki?**
   Umugabo, umugore n'abana babiri b'ibitsina byombi basarura imyaka.

2. **Murabona iyi myaka yaba ari iyihe?**
   Turabona ari ibishyimbo.
3. **Ubundi se ibishyimbo bidufasha iki mu ngo zacu?**
   Bidufasha kurwanya inzara bityo tukaboneraho no kwiteza imbere.

## II. Gusoma

**Gusoma bucece**

Amaze kubarangira urupapuro ruriho umwandiko, umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke.

Amaze kubona ko barangije gusoma bucece, umwarimu arabaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

**Urugero rw'ibibazo byabazwa:**

1. **Uyu mwandiko uravuga ku biki?**
   Uravuga ku bishyimbo.
2. **Ni ibiki ubivugaho?**
   Uravuga ku kamaro kabyo mu rugamba rwo kurwanya inzara.
3. **Ibyo uyu mwandiko uvuga bibera he?**
   Bibera iwacu mu muryango.

**Gusoma baranguruye**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko, baranguruye ijwi, bubahiriza utwatuzo. Bitewe n'umubare w'abanyeshuri, umunyeshuri asoma igika kimwe agasimburwa n'undi kugeza umwandiko urangiye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'uko umwanya ungana.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri akagenda akosora amwe mu makosa yagiye akorwa n'abanyeshuri iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira: Kunamiriza mu gitabo mu gihe barimo gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo usoma arimo kubasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

## III. Gusubiza ibibazo

Muri iki gice, umwarimu arasaba abanyeshuri kujya mu matsinda, bagasoma umwandiko bashakishamo ibisubizo birebana n'ibibazo byo kumva umwandiko n'iby'inyunguramagambo biteganyijwe mu gitabo cyabo. Nyuma yo kubyunguranaho ibitekerezo mu matsinda yabo, abahagarariye amatsinda baraza kumurika ibyo bakoreye mu matsinda, maze bafatanye n'umurezi kubinoza.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo batanga:**

**Ibibazo byo kumva umwandiko**

1. **Vuga amoko y'ibishyimbo avugwa mu mwandiko.**
   Haravugwamo rumaragishyika, mutiki na munteri.
2. **Ni iki kigaragara mu mwandiko kerekana ko Abanyarwanda barya ibishyimbo cyane?**
   Kuba ari ikiribwa gihatse ibindi ku buryo bitamanuka bitakiruzi, biravuga ko nta meza y'umunyarwanda aburaho ibishyimbo.
3. **Mu kurwanya inzara, abantu bifashisha iki?**
   Mu kurwanya inzara abantu bifashisha ibihingwa ngandurarugo birimo n'ibishyimbo.
4. **Ni iki umusizi asaba abantu gukora? Ese wowe wumva ari ngombwa koko? Sobanura impamvu**.
   Arasaba abantu guhinga ibishyimbo n'ibindi bihingwa ngandurarugo ku bwinshi kugira ngo birinde inzara. Ni ngombwa kwihaza mu bihingwa ngandurarugo kugira ngo tubone ibyo turya, kandi tubone n'ibyo tujyana ku masoko kugira ngo abakora indi mirimo itari ubuhinzi babone ibyo bahaha.
5. **Hari aho umusizi yavuze ati: "N'izindi ngandurarugo." Bisobanuye iki?**
   Bisobanura ko hari ibindi bihingwa ngandurarugo byunganira ibishyimbo mu kurwanya inzara.

**Inyunguramagambo**

Nyuma yo gusubiza neza ibibazo byo kumva umwandiko, umwarimu asaba abanyeshuri kugaragaza ibyavuye mu matsinda ku nyunguramagambo. Amatsinda ahuriza hamwe ibyo yagezeho.

Sobanura amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:

a) **Ipfa:** ubushake umuntu yiyumvamo iyo areba ibiryo yumva yaryaho kandi atemerewe cyangwa atari yemererwa kubifata.
b) **Gihatse:** kigenga (ibindi), kirusha ibindi icyubahiro.
c) **Ntibyamanuka:** ntibyarenga umuhogo.
d) **Ibebera:** ihunga ariko ikenguza ngo hatagira uyibona.

**Imyitozo y'inyunguramagambo**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo y'inyunguramagambo kandi buri munyeshuri akora ku giti ke.

Umwarimu agenda akosora buri wese nyuma agakosorera hamwe n'abanyeshuri bose

1. Tanga impuzanyito z'aya magambo:
   a) **Bitakiruzi:** bitakireba
   b) **inzara:** isari
   c) **birwanya:** bihinda, byirukana
2. Tanga imbusane z'aya magambo:
   a) **atera** (ipfa)≠ amara     b) **isoni** ≠ ishema     c) **iwacu** ≠ mu muhana

3. Shaka amazina icumi y'ibihingwa ngandurarugo mu kinyatuzu gikurikira, usoma mu butambike, mu buhagazi cyangwa uberamisha:

| | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| A | A | M | A | S | A | K | A | B | U | D |
| E | F | G | H | O | H | J | K | M | T | Y |
| S | R | I | N | Y | A | N | Y | A | N | D |
| V | F | A | M | A | T | E | K | E | S | R |
| V | D | K | R | Y | F | G | A | G | U | T |
| D | I | H | **U** | **B** | **U** | **R** | **O** | M | I | K |
| N | Y | B | U | I | O | M | N | I | M | A |
| V | I | B | I | J | U | M | B | A | B | R |
| A | A | M | W | H | A | V | O | A | U | O |
| E | F | G | U | Y | A | S | M | O | T | T |
| A | M | A | S | H | A | Z | A | K | O | I |
| N | Y | B | U | I | O | M | A | A | M | A |

**Ibisubizo:**

Mu butambike: amasaka, inyanya, amateke, **uburo**, ibijumba, amashaza.
Mu buhagazi: soya, imbuto, karoti.
Uberamishije: ibihaza, imyumbati.

## Intera ya kabiri: Gusesengura umwandiko

***Intego:***

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:

- Gusubiza ibibazo by'isesengura.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri.

## I. Isubiramo:

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakanavuga muri make ibikubiyemo.

**Urugero rw'ibibazo yababaza:**

1. **Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?**
   Ibishyimbo.

2. **Muri rusange uvuga ku biki?**
   Uvuga ku kamaro k'ibishyimbo mu kurwanya inzara.
3. **Iyo abantu bashoboye guhashya inzara bunguka iki?**
   Bituma bagira ubuzima bwiza kandi bakaniteza imbere.

**Gusoma**

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda bakabanza kongera gusoma umwandiko bagerageza kuwumva neza cyane ko baba bamaze gusobanukirwa amagambo, bakaboneraho gutangira gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

## II. Gusesengura umwandiko

Umwarimu asaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Hanyuma uhagarariye buri tsinda akazaakamurikira abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

**Ibibazo byo gusesengura umwandiko n'ibisubizo byabyo.**

1. **Uyu mwandiko ni bwoko ki? Sobanura impamvu uwise utyo.**
   Uyu mwandiko ni umuvugo kuko wanditse mu mikarago.
2. **Ibihingwa babishyira mu matsinda abiri iyo bitaye ku mumaro wabyo. Iyo usomye uyu mwandiko usanga umusizi avuga ku buhe bwoko bw'ibihingwa? Kuki babyise gutyo.**
   Umusizi aravuga ku bihingwa ngandurarugo.
   Babyise gutyo kuko bitanga umusaruro uhita utekwa, urugo ntirwicwe n'inzara.
3. **Ni iki ubona umuhinzi w'ibishyimbo yakora kugira ngo agire umusaruro utubutse?**
   Umuhinzi w'ibishyimbo agomba gutera imbuto y'indobanure kandi agakoresha inyongeramusaruro ari yo fumbire y'imborera cyangwa y'imvaruganda.

## Umwandiko "Ibihingwa ngandurarugo"

## Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

***Intego:***

Umunyeshuri yifashishije inkoranya n'umwandiko wasomwe, araba ashobora:

- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko
- Gusobanura amagambo adasobanukiwe

- Gusoma yubahiriza utwatuzo n'isesekaza
- Gukoresha mu nteruro ngufi kandi ziboneye amagambo yungutse.

**Imfashanyigisho:**

Umwandiko uvuga ku iterambere, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, amabwiriza y'imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda, igitabo cy'ubuvanganzo, ik'ikibonezamvugo n'inkoranya.

## I. Ivumburamatsiko

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho ari mu gitabo ku rupapuro yabarangiye, hanyuma akababazaho ibibazo by'ivumburamatsiko. Abasaba kugira icyo bayavugaho:

Dore urugero rw'ibibazo yababaza:

1. **Mwitegereje iyi shusho murabonaho iki?**
   Umugabo n'umugore bari mu murima.
2. **Murabona uyu murima ari uw'ibihe bihingwa?**
   Imyumbati.
3. **Ubundi se imyumbati itumariye iki mu ngo zacu?**
   Hari itekwa ikaribwa, hakabaho n'iyo binika ikazavamo ubugari.
4. **Yose se ishirira mu itekwa?**
   Oya; imwe iragurishwa tukaguramo ibindi bityo tukaboneraho no kwiteza imbere.

## II. Gusoma

### Gusoma bucece

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane maze akabarangira urupapuro ruriho umwandiko. Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke, yamara kubona ko barangije gusoma bucece, akababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

***Urugero rw'ibibazo byabazwa:***

1. **Uyu mwandiko uravuga ku biki?**
   Uravuga ku bihingwa ngandurarugo.
2. **Ni ibiki ubivugaho?**
   Uravuga ku kamaro kabyo mu rugamba rwo kurwanya inzara.
3. **Ibyo bihingwa bikoreshwa bite ukurikije ibivugwa mu mwandiko?**
   Bimwe biraribwa, ibindi bikavamo ibinyobwa, ibindi bikagurishwa.

**Gusoma baranguruye**

Umwarimu asaba umunyeshuri umwumwe gusoma umwandiko aranguruye ijwi, yubahiriza utwatuzo. Bitewe n'umubare w'abanyeshuri, umunyeshuri asoma igika kimwe agasimburwa na mugenzi we kugeza umwandiko urangiye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uko ungana.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri akagenda akosora amwe mu makosa yagiye akorwa n'abanyeshuri iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira: Kunamiriza mu gitabo mu gihe barimo gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo arimo kubasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n"ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

## III. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko mu matsinda yabo bagerageza gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko biri mu bitabo byabo no gushakisha ibisobanuro by'amagambo badasobanukiwe babonye mu mwandiko. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye, hanyuma bakaza guhuriza hamwe ibyo bagezeho mu matsinda, umwarimu akabafasha kubinoza neza.

**Ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko:**

1. **Ni iyihe ntego nkuru ituma bahinga ibihingwa ngadurarugo?**
   Ibihingwa ngandurarugo bihingirwa gutanga amafunguro ya buri munsi.
2. **Ukurikije uko byunganirana mu kuribwa ibihingwa ngandurarugo wabishyira mu byiciro bingahe? ibyo byiciro ni ibihe?**
   Twabishyira mu byiciro bine: Ibinyamisogwe, ibinyamafu ibinyampeke, imboga n'imbuto.
3. **Ibinyampeke bishobora kuribwa ku buhe buryo?**
   Bishobora kuribwa byokeje(ibigori), bakabisyamo ifu itanga umutsima cyangwa bakabiteka.
4. **Erekana ukuntu mu rwego rwo kwiteza imbere no kunganirana n'abandi, umuhinzi adahingira urugo rwe gusa**.
   Umuhinzi agomba guhingira urugo rwe agasagurira n'amasoko kugira ngo abakora indi mirimo babone ibyo bahaha ku isoko kandi n'umuhinzi abone amafaranga yo kugura ibidahingwa kandi bikenerwa mu rugo.
5. **Sobanura impamvu umusaruro w'ibihingwa ngandurarugo ukeneye ikoranabuhanga ryo kuwuhunika**.
   Umusaruro w'ibihingwa ngandurarugo ukeneye ikoranabuhanga ryo kuwuhunika kuko uburyo bwa gakondo buzana igihombo cyo kubora cyangwa kumungwa. Hakenewe rero ikoranabuhanga rihangana n'iryo bora n'imungwa.

6. **Sobanura imirimo ikorerwa ibinyampeke mbere yo kubyara ubushera**.
   Barabyinika, bakayinura, bakabisereka bagatandikira, nyuma yo kumera bakayanika, byakuma bakabisya, bagashigisha igikoma, bakagitereka kigashya nta musemburo.
7. **Uhereye no ku yavuzwe mu mwandiko, tanga amazina 4 y'ibinyamisogwe**.
   Mu binyamisogwe twavuga ibishyimbo, amashaza, soya, n'ubunyobwa.
8. **Sobanura ukuntu ibihingwa ngandurarugo bifite akamaro kanini unatange n'inama ku Banyarwanda zijyanye no kwitabira kubihinga**.
   Ibihingwa ngandurarugo bifite akamaro kanini kuko biramutse bibuze abantu bakwicwa n'inzara. Nagira inama abahinzi kubihinga ku bwinshi, bagakoresha inyongeramusaruro kandi bagahuza ubutaka bashingiye ku byera mu karere batuye kuruta ibindi. Ikindi bakwiye kwiyambaza inzobere mu by'ubuhinzi ziri mu mirenge yabo zikabagira inama.

## Inyunguramagambo

Nyuma yo gusubiza neza ibibazo byo kumva umwandiko, umwarimu asaba abanyeshuri kugaragaza ibyavuye mu matsinda ku nyunguramagambo. Amatsinda ahuriza hamwe ibyo yagezeho. Dore amwe mu magambo ashobora kuba ari mashya n'ibisobanura byayo:

**Sobanura amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:**

a) **Ibinyabafu:** Ibinyabijumba, ibihingwa bigira amafu.

b) **Ibisusa:** Imboga zigizwe n'ibibabi by'inzuzi z'ibihaza.

c) **Impengeri:** Ibinyampeke bashoranye n'amazi bagateka nk'amasaka n'ingano.

d) **Umutobe:** Ikinyobwa gikorwa mumbuto.

e) **By'ikashi:** Bigira amakakama menshi, byagenewe gutarwa bikengwamo umutobe.

### Imyitozo y'inyunguramagambo


Umwarimu asaba abanyeshuri bose gukora imyitozo y'inyunguramagambo, ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro

1. Tanga impuzanyito z'aya magambo:
   a) **Urugo:** Umuryango

   b) **Amafunguro:** Ibiryo

   c) **Zigisoromwa:** Zigisarurwa

2. Koresha buri jambo mu nteruro yawe bwite:
   a) **Ibinyamafufu:** Ibinyamafufu ni ibiribwa bitera imbaraga..
   b) **Ibisusa:** Ibisusa bigeretse ku bishyimbo biraryoha.
   c) **Impengeri:** Wari warya impengeri z'amasaka?
   d) **Umutobe:** Umutobe ni ikinyobwa kiryoha cyane.
3. Huza amagambo yo mu ruziga A n'ibisobanuro byatanzwe mu ruziga B




## Intera ya kabiri: Gusesengura umwandiko

***Intego***

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:

- Gusubiza ibibazo by'isesengura neza.

**Imfashanyigisho:**

Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri.

## I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakanavuga muri make ibikubiyemo.

*Urugero rw'ibibazo yababaza:*

1. **Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?**
   Ibihingwa ngandurarugo.
2. **Muri rusange uvuga ku biki?**
   Uvuga ku kamaro k'ibihingwa ngandurarugo mu kurwanya inzara.
3. **Iyo abantu bashoboye guhashya inzara bunguka iki?**
   Bituma bagira ubuzima bwiza kandi bakaniteza imbere.

## II. Gusoma

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda bakabanza kongera gusoma umwandiko bagerageza kuwumva neza, cyane ko imbogamizi z'amagambo abakomereye ziba zavuyeho mu ntera ya mbere, bakaboneraho gutangira gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

## III. Gusesengura umwandiko

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda bagasubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko barangiza bakamurika ibyavuye mu matsinda. Amatsinda asimburana mu kugaragaza ibyo yakoze ku bibazo bihari, andi matsinda asigaye akareba niba nta bindi bitekerezo yongeraho; maze umwarimu akabafasha kunoza inshamake yandikwa ku kibaho, abanyeshuri na bo bakayandika mu makayi yabo.

**Ibibazo byo gusesengura umwandiko n'ibisubizo:**

1. **Shaka ingingo z'ingenzi ziri muri uyu mwandiko wizwe.**

   Ibinyamisogwe n'imboga rwatsi bitanga imboga.
   Ibinyampeke n'ibinyabijumba bitanga uburisho
   Imbuto zitanga ubwikuzo
   Ibinyampeke n'imbuto bitanga ibyo kunywa.
   Ibihingwa ngandurarugo ibifite akamaro ko gutanga ibiribwa.
   Hakenewe ikoranabuhanga ryo guhunika ibihingwa ngandurarugo.
2. **Umuhinzi wihagije mu biribwa agasagurira amasoko we bimumarira iki?**
   Bimufasha kwiteza imbere kuko akuramo amafaranga akayagura ibindi byose akeneye.
3. **Uteguye ifunguro ririmo ibyubaka umubiri, ibitera imbaraga n'ibiwurinda indwara, washyiramo iki n'iki?**
   Nashyiramo ibinyamafufu, ibinyampeke, imboga n'imbuto

## Intera ya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro

### Kungurana ibitekerezo ku kamaro k'ibihingwa ngandurarugo mu iterambere ry'Igihugu.

*Intego*

Agendeye ku nsanganyamatsiko yahawe, umunyeshuri araba ashobora:

- Gutanga igitekerezo ke mu Kinyarwanda ku nsanganyamatsiko yatanzwe ku buryo buboneye;
- Kujora mu kinyabupfura ibitekerezo bya bagenzi be akabifataho ikemezo.

**Imfashanyigisha:** Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'Umwarimu.

### Isubiramo:

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo bituma bibuka umwandiko uheruka kwigwa, n'insanganyamatsiko ubumbatiye.

**Kungurana ibitekerezo:**

Umwarimu araha abanyeshuri insanganyamatsiko ivuga ku ruhare rw'ibihingwa ngandurarugo mu iterambere ry'Igihugu abasabe kuyitangaho ibitekerezo. Nyuma yo kungurana ibitekerezo, umwarimu ahuza ibitekerezo byose akabafasha gufata umwanzuro ukwiye.

**Ikibazo:**

Ganira na bagenzi bawe mu itsinda mwungurane ibitekerezo ku ruhare rw'ibihingwa ngandurarugo mu iterambere ry'Igihugu.

Abanyeshuri barungurana ibitekerezo, babwire abandi ibyo bagezeho maze umwarimu abunganire.

**Umwanzuro:**

Ibihingwa ngandurarugo bifite uruhare runini mu iterambere ry'Igihugu kuko bifasha abaturage mu kurwanya inzara; bakagira imibereho myiza izira kurwaragurika cyangwa guhura n'indwara ziterwa n'imirire mibi. Ibi bituma bagira imbaraga n'ubwenge byo gukora imirimo inyuranye ibateza imbere bo ubwabo, ndetse n'Igihugu muri rusange. Ibyo bihingwa rero ntibabirya gusa ngo bicire aho, ahubwo banasagurira amasoko bakabonamo amafaranga yo kwiteza imbere; ariko bagatanga n'imisoro; bimwe bakanabyohereza mu mahanga bikinjiza amadovize.

## Intera ya kane: Imiterere y'amasaku ku magambo

**Amoko y'amasaku no kwandika amasaku ku magambo.**

*Intego*

Yifashishije interuro yahawe, umunyeshuri araba ashobora:
Kugaragaza amoko y'amasaku;
Kwandika amasaku ku magambo.

**Imfashanyigisha:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'Umwarimu n'ik'ikibonezammvugo.

**Isubiramo**

Umwarimu abaza ibibazo bifitanye isano n'umwandiko wizwe ndetse n'isomo ry'ikibonezamvugo bagezeho.

**Urugero rw'ibibazo yababaza:**

1. Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?
   Ibihingwa ngandurarugo.
2. Ibinyamisogwe dusanga mu bihingwa ngandurarugo byanikwa ku ki ngo bitajyamo itaka?
   Byanikwa ku musambi cyangwa ku ihema.
3. Ibitoki bivamo umutobe babyenga mu gikoresho kitwa ngo iki?
   Icyo gikoresho kitwa umuvure.

**Isesengura**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma no kwitegereza interuro hanyuma bakavuga itandukaniro ry'amagambo yanditse mu nyuguti z'umukara tsiri mu rwego rw'imivugirwe.

**Imiterere y'amasaku ku magambo**

Hamwe na bagenzi bawe muri kumwe mu itsinda, nimusome izi nteruro, mugaragaze itandukaniro riri hagati y'imivugirwe y'amagambo y'umukara tsiri:

1. Ihene yange **itaka** ryayigiye mu jisho. Umva ukuntu **itaka**.
2. Umuntu yanika bishyimbo ku **musambi**. Uyu **musambi** ntiwona imyaka.
3. **Umuvure** wagwiriye umwana wange acika igisebe; genda **umuvure**.
4. Intore **ikamba** iyo yambaye **ikamba** ryayo ari ryo mugara.
5. **Ineza ineza** uyigiriwe.

**1. Inshoza y'ubutinde n'amasaku**

Mu ijambo ry'Ikinyarwanda inyajwi iba ifite ubutinde n'imiterere y'amasaku karemano. Ntawavuga ubutinde n'imiterere y'amasaku atabanje kuvuga ku mugemo kuko byombi bihera ku mugemo.

Umugemo ugizwe n'ijwi rimwe cyangwa urwunge rw'amajwi menshi y'ishingiro

yumvikanira rimwe uko umuntu abumbuye umunwa avuga. Bityo umubare w'imigemo ungana n'inshuro umuntu yagiye abumbura umunwa kugira ngo avuge ijambo.

**Ingero :**

- Umusaaruro: u-mu-saa-ru-ro **= imigemo itanu**
- Amashyiga : a-ma-shyi-ga **= imigemo ine**
- Amapfa : a-ma-pfa= **imigemo itatu**

Umugemo ushobora kugira inyajwi ibanguka ukitwa umugemo ubanguka cyangwa ukagira inyajwi itinda ukitwa umugemo utinda. Ari umugemo ubanguka, ari n'umugemo utinda byose byitwa ubutinde. Umugemo ubanguka wandikwa n'inyajwi imwe, umugemo utinda ukandikwa n'inyajwi ebyiri. Ubutinde rero ni uburyo umugemo uvugwa ubanguka cyangwa utinda

Umugemo ushobora kandi kugira amasaku. Amasaku ni uburyo umugemo uvugwa uzamuka cyangwa ukavugwa uguma hasi.

Ikitonderwa: Ubutinde n'imiterere y'amasaku bigaragara ku mugemo uyu n'uyu biba ari ubutinde n'imiterere y'amasaku y'iryo jambo.

**2. Amoko y'amasaku**

Habaho isaku nyesi n'isaku nyejuru. Isaku nyesi nta kimenyetso kirigaragaza ku nyajwi mu gihe isaku nyejuru rigaragazwa n'akamenyetso gateye nk'akagofero (^) ku nyajwi.

Inyajwi ibangutse igira isaku nyesi cyangwa isaku nyejuru. Inyajwi itinda yandikwa n'inyajwi ebyiri zisa. Inyajwi zombi zishobora kugira amasaku nyesi cyangwa zikagira amasaku nyejuru; inyajwi ibanza ishobora kugira isaku nyesi indi ikagira isaku nyejuru cyangwa inyajwi ibanza ikagira isaku nyejuru ikurikira ikagira isaku nyesi. Amasaku ateye atyo bayita amasaku y'inyunge. Bityo habaho inyunge nyesi nyesi, inyunge nyejuru nyejuru (nyejuru ndende), inyunge nyesi nyejuru n'inyunge nyejuru nyesi.

**Ingero:**

Inyunge nyesi nyesi: Umutaako, umugaanda, kuvooma

Inyunge nyesi nyejuru: Umwaâmi, umwaâri

Inyunge nyejuru nyesi: Umwâana, umwâaka

Inyunge nyejuru nyejuru (nyejuru ndende): Abatââje

**Ikitonderwa:**

Mu kinyarwanda, amagambo ashobora guhuza ishusho cyangwa imisusire ariko ntahuze ibisobanuro biturutse ku kudahuza ubutinde n'imiterere y'amasaku. Ni ukuvuga ko ubutinde n'amasaku bifite ubushobozi bwo gutandukanya ijambo n'irindi. Ubutide n'imiterere y'amasaku bifite akamaro kuko imihindagurikire yabyo ishobora gutuma igisobanuro k'ijambo gihenduka

**Ingero:**


- Inkôko/inkooko
- Umusaâmbi/umusaambi
- Gutaka/gutaaka


**3. Kwandika ubutinde n'amasaku ku magambo hakoreshejwe muhundwanota**


Amasaku ashobora kwandikwa ku magambo hakoreshejwe "muhundwanota". Muhundwanota ni uturongo tubiri tutambitse kandi duteganye, ducibwa hejuru y'ijambo. Muri utwo turongo tubiri niho bashushanyiriza imivugirwe y'iryo jambo bitewe n'uko imigemo irigize ivugitse.


a) Iyo inyajwi ibangutse ifite isaku nyesi cyangwa se isaku nyejuru. Iyo umaze guca uturongo tubiri dutambitse hejuru y'ijambo inyajwi ibangutse ifite isaku nyesi igaragazwa n'agasharu gato gatambitse hejuru y'iyo nyajwi, gakurikiye akarongo ko hasi; inyajwi ibangutse ifite isaku nyejuru igaragazwa n'agasharu gato gatambitse hejuru y'iyo nyajwi, gakurikiye akarongo ko hejuru.

Ingero: Amasaku yo hasi — Amasaku yo hejuru


umugezi


umudaho



umutaka



inka

b) Inyajwi itinda ifite isaku nyesi igaragazwa n'agakato karekare hejuru y'iyo nyajwi gakurikiye umurongo wo hasi. Naho inyajwi itinda ifite isaku nyejuru ngesi, iba ifite isaku nyejuru ry'integuza riba riri ku nyajwi iri ku mugemo ubanziriza uwo iyo nyajwi itinda iba irimo. Mu gihe inyajwi itinda ifite isaku nyesi ngejuru nta 155 saku nyejuru ry'integuza igira. Ivugika ku buryo basa n'abazamura ijwi bahereye ku ntangiriro y'iyo nyajwi kugera ku mpera yayo.


Ingero:


-inyajwi itinda ifite isaku nyesi kuri muhundwanota igaragazwa itya:


Umuganda



umweyo


-Inyajwi itinda ifite isaku nyejuru ngesi kuri muhundwanota igaragazwa itya:


Urukundo


Ikigori


-Inyajwi itinda ifite isaku nyesi ngejuru kuri muhundwanita igaragazwa itya:


Urutonde



Icyatsi

c) Hari ubwo inyajwi itinda igira isaku nyejuru ku ntangiriro yayo (bityo ikagira isaku nyejuru ry'integuza) kandi igakurikirwa n'umugemo urimo inyajwi ifite isaku nyejuru. Icyo gihe rya saku nyejuru riri ku nyajwi yo mu mugemo ukurikira inyajwi itinda, rigira isaku nyejuru ry'integuza ku mpera y'iyi nyajwi itinda. Ibyo bituma imivugirwe y'iyo nyajwi itinda ikomeza guhanika kugera ku mivugirwe ya ya nyajwi ili mu mugemo ukurikiraho.

Urugero:



Umusave



Uruhira

Biragaragara ko kuri muhundwanota, amajwi y'Ikinyarwanda afite ubutinde n'imiterere y'amasaku bitandukanye. Hari mo amajwi adatinda abangutse, amajwi atinda, amajwi afite amasaku yo hasi n'amasaku yo hejuru, amajwi atinda afite amasaku nyesi nyesi, nyesi ngejuru na nyejuru ngesi. Mu nyandiko isanzwe itagabanya ibimenyetso, amajwi ariho amasaku yandikwa ashyizweho akagofero (^). Ni ukuvuga
ku majwi afite amasaku nyejuru ndetse no ku majwi y'integuza.

***Ingero:***

- Umugezi, umûdâho
- Umutaka, înkâ
- Umugaanda, umweeyo
- Urûkûundo, ikîgôori
- Urutoônde, icyaâtsi
- Umûsââvê, urûhîîrâ


Mu myandikire y'amasaku ku magambo kandi hari uburyo bwo kwandika amasaku busanzwe bwo kugabanya ibimenyetso. Icyo gihe amasaku ashyirwa ku majwi afite amasaku gusa naho amajwi y'integuza ntashyirweho amasaku.

***Ingero:***


- Umugezi, umudâho
- Umutaka, inkâ
- Umugaanda, umweeyo
- Urukûundo, ikigôori
- Urutoônde, icyaâtsi
- Umusâavê, uruhîirâ

### Umwitozo ku myandikire y'amasaku


- Mu matsinda ya babiribabiri mugaragaze ubutinde n'imiterere y'amasaku ku magambo.
  1. Andika amagambo akurikira ugaragaza ubutinde n'amasaku kuri muhundwanota:


     a) Amashaza


     b) Ibijumba

     c) Inkori

     d) Ibishyimbo

     e) Imbwija
  2. Andika amagambo yatsindagiwe ari mu nteruro zikurikira, ugaragaza ubutinde n'amasaku ariko ugabanya ibimenyetso:
     a) Ihene yange **itaka** ryayigiye mu jisho. Umva ukuntu **itaka**.
     b) Umuntu yanika bishyimbo ku **musambi**. Uyu **musambi** ntiwona imyaka.
     c) **Umuvure** wagwiriye umwana wange acika igisebe; genda **umuvure**.
     d) **Inkoko** bayanitseho ibigori, **inkoko** zirabirya.

**Ibisubizo:**

a) itaka ≠ itakâ
b) musaambi ≠ musaâmbi
c) umuvure ≠ umuvuûre
d) inkooko ≠ inkokô

## Umwandiko: "Ibihingwa ngengabukungu"

## Intera ya mbere : Gusoma no kumva umwandiko

***Intego:***

Umunyeshuri yifashishije inkoranya n'umwandiko wasomwe, araba ashobora:

- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko
- Gusobanura amagambo adasobanukiwe
- Gusoma yubahiriza utwatuzo n'isesekaza
- Gukoresha neza mu nteruro ngufi kandi ziboneye amagambo yungutse.

**Imfashanyigisho:**

Umwandiko uvuga ku bihingwa ngengabukungu, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, amabwiriza y'imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda, igitabo cy'ubuvanganzo, ik'ikibonezamvugo n'inkoranya.

## I. Ivumburamatsiko

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho ari mu gitabo ku rupapuro yabarangiye akabazaho ibibazo by'ivumburamatsiko. Abasaba kugira icyo bayavugaho:

**Ibibazo n'ibisubizo bishobora gutangwa**

1. **Mwitegereje iyi shusho murabonaho iki?**
   Umuntu usarurira imyaka ku gitebo n'abandi bantu bari mu murima hirya.
2. **Ku ishusho ya kabiri murabona iyi myaka uyu muntu asarura yaba ari iyihe?**
   Ni ikawa.
3. **Naho se ku ishusho ya mbere bariya bandi bo barakora iki?**
   Barasoroma amababi y'ibindi bihingwa.
4. **Biriya bihingwa byo ni ibihe?**
   Ni icyayi.
5. **None se ari icyayi, ari n'ikawa barahita babirya?**
   Oya; bizabanza kunyuzwa mu mashini zibitunganya.
6. **Ibihingwa bagomba kunyuza mu nganda ngo bibone kuribwa byitwa ngo iki?**
   Ibihingwa ngengabukungu.

## II. Gusoma

**Gusoma bucece**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane maze akabarangira urupapuro ruriho umwandiko. Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke, yamara kubona ko barangije gusoma bucece, akababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

***Urugero rw'ibibazo byabazwa:***

1. **Uyu mwandiko uravuga ku biki?**
   Uravuga ku bihingwa ngengabukungu.
2. **Ni ibiki ubivugaho?**
   Biravugwaho ko bidahita biribwa; ahubwo bigurwa amafaranga, bikabanza kuzanyuzwa mu nganda ngo bihindurwemo ibyo abantu barya cyangwa bakoresha indi mirimo.

3. **Iyo bamaze kubigurisha bimara iki?**
   Bibanza kunyuzwa mu nganda ngo bihindurwemo ibyo abantu barya cyangwa bakoresha indi mirimo.

**Gusoma baranguruye**

Umwarimu asaba umunyeshuri umwumwe gusoma umwandiko igika ku kindi baranguruye ijwi, bubahiriza utwatuzo. Bitewe n'umubare w'abanyeshuri, umunyeshuri asoma igika kimwe agasimburwa na mugenzi we kugeza umwandiko urangiye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uko ungana. Bashobora gusomera mu matsinda bicaye igihe imyicarire ituma bose bashobora kumureba no kumwumva. Bashobora no gusomera imbere y'abandi bahagaze. Umwarimu ahitamo uburyo buboneye ahereye ku miterere y'ishuri akagenda akosora amwe mu makosa aba yagiye agaragara.

## III. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko mu matsinda yabo bagerageza gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko biri mu bitabo byabo no gushakisha ibisobanuro by'amagambo badasobanukiwe babonye mu mwandiko. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye, hanyuma bakaza guhuriza hamwe ibyo bagezeho mu matsinda, umwarimu akababafasha kubinoza neza.

**Ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko**

1. **Gereranya ibihingwa ngandurarugo n'ibihingwa ngengabukungu.**
   Ibihingwa ngandurarugo ni ibihingwa bihingirwa guhita bitekwa bigatanga amafunguro naho ibihingwa ngengabukungu bihingirwa kugurishwa bikazakoreshwa ari uko bibanje guca mu ruganda.
2. **Ni ibihe bihingwa ngengabukungu bikunze kuboneka mu Rwanda, akamaro kabyo ni akahe?**
   Ikawa, icyayi n'ibireti. Ku bijyanye n'akamaro, byose bigurwa amafaranga, ubundi byamara gutunganyirizwa mu nganda ikawa n'icyayi bikanyobwa naho ibireti bikavamo umuti wica udukoko.
3. **Ikawa zihingwa mu Rwanda zirimo amoko angahe?**
   Zirimo amoko abiri: robosita na arabika.
4. **Ni ikihe gihingwa kera mu Rwanda ubona gishobora gusimbura ikawa mu kwinjiriza u Rwanda amadovize? Sobanura impamvu.**
   Icyo gihingwa ni icyayi. Impamvu ni uko iyo urebye usanga icyayi cy'u Rwanda abantu bagikunda cyane yaba mu Rwanda ndetse no mu mahanga.
5. **Ni iyihe mpamvu nyamukuru yavuzwe mu mwandiko ituma u Rwanda ruza mu bihugu bishobora kweza ikawa nyinshi?** Ni uko u Rwanda ari Igihugu gifite imisozi myinshi kandi kikaba kibona imvura.

### Inyunguramagambo

Nyuma yo gusubiza neza ibibazo byo kumva umwandiko, umwarimu asaba abanyeshuri kugaragaza ibyavuye mu matsinda ku nyunguramagambo. Amatsinda ahuriza hamwe ibyo yagezeho. Dore amwe mu magambo ashobora kuba ari mashya n'ibisobanura byayo:

### Inyunguramagambo

Sobanura amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:

a) **Amadovize:** Amafaranga y'amahanga
b) **Kwamamara:** Kumenyekana ahantu henshi
c) **Abasogongezi:** Abashinzwe kumva uburyohe bw'ikawa mu gihe cy'amarushanwa yazo
d) **Umusaka:** Impumuro mbi iza mu bintu runaka kubera ubukonje cyangwa kubikwa nabi
e) **Intete:** Imbuto z'ibihingwa bimwe na bimwe nk'ikawa.

**III. Imyitozo y'inyunguramagambo**

1. Tanga impuzanyito z'aya magambo:
   a) **Ububasha:** uburenganzira, ubushobozi
   b) **Gutoranya:** guhitamo
   c) **Guhera:** kuzinyuza mu cyuma cyangwa kuzikubisha ibuye ku rindi mu rwego rwo kuzikuraho ibishishwa
2. Tanga imbusane z'aya magambo:
   a) **Imisozi** ≠ ibibaya b) **Kwanika** ≠ kwanura c) **Kubaka** ≠ gusenya
3. Huza amagambo yo mu ruziga A n'ibisobanuro byayo biri mu ruziga B

**A**

1. Amahanga
2. Umusaka
3. Uruganda
4. Idovize
5. kuronga ikawa

**B**

a) Impumuro mbi y'ikintu kimaze igihe gipfundikiye.
b) Gukizaho ururenda.
c) Ahandi hantu hatari mu gihugu cyawe.
d) Ifaranga ry'amahanga.
e) Ahantu hashyizwe imashini zo gutunganya umusaruro.

**Ibisubizo: 1 = c, 2 = a, 3 = e, 4 = d, 5 = b**

## Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

***Intego:***

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:

- Gusubiza neza ibibazo by'isesengura.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri.

### I. Isubiramo:

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakanavuga muri make ibikubiyemo.

**Urugero rw'ibibazo yababaza:**

1. **Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?**
   Ibihingwa ngengabukungu
2. **Muri rusange uvuga ku biki?**
   Uvuga ku kamaro k'ibihingwa ngengabukungu
3. **Iyo abantu bajyanye ibihingwa ngengabukungu mu nganda bigenda bite?**
   Havamo ibyo bashobora guhita bakoresha.

**Gusoma**

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda bakabanza kongera gusoma umwandiko bagerageza kuwumva neza cyane ko imbogamizi z'amagambo abakomereye ziba zavuye mu ntera ya mbere, bakaboneraho gutangira gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

### II. Gusesengura umwandiko

Umwarimu asaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Hanyuma uhagarariye buri tsinda akamurikira abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

**Ibibazo byo gusesengura umwandiko n'ibisubizo byabyo.**

1. **Vuga ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri muri mu mwandiko.**

   Ingingo z'ingenzi:
   Amoko y'ikawa ahingwa mu Rwanda
   Ikawa iri mu bihingwa ngengabukungu

Uburyo ikawa itunganywa
Akamaro k'ikawa
Ingingo z'ingereka: ibijyanye n'abamisiyoneri

2. **Uretse imirimo y'ubuhinzi, ni iyihe mirimo yindi yateza abanyarwanda imbere?**
   Hari indi mirimo yabateza imbere nk'ubworozi
3. **Ukurikije ibihingwa byavuzwe mu mwandiko n'umutwe w'umwandiko urumva bihuye?**
   Birahuye kuko umutwe uvuga ibihingwa ngengabukungu kandi no mu mwandiko ni byo bibanzeho.

## Intera ya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro

**Kungurana ibitekerezo**

***Intego:***

Umunyeshuri ahereye ku byavuzwe n'ibyo yasomye mu mwandiko,araba ashobora:

- Kungurana ibitekerezo na bagenzi be ku nsanganyamatsiko bahawe
- Gutanga ibitekerezo bihamye ashize amanga ku nsanganyamatsiko bahawe.

**Imfashanyigisho:Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu.**

### I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakanavuga muri make ibikubiyemo.

**Urugero rw' ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:**

1. **Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga?**
   Ni "ibihigwa ngengabukungu"
2. **Igihingwa kibanzweho ni ikihe?**
   Ni ikawa
3. **Ibihingwa ngengabukungu byaba bimariye iki igihugu?**
   Ibihingwa ngengabukungu bituma igihugu gitera imbere

### II. Kungurana ibitekerezo

**Uko bikorwa**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabaha insanganyamatsiko bunguranaho ibitekerezo, bakurikije uko bikorwa. Mu matsinda bitoramo

umuyobozi w'itsinda n'umwanditsi kugira ngo buri tsinda rize kugaragariza andi ibyo bagezeho. Hanyuma bakaza guhuriza hamwe ibyo bagezeho umwarimu akababafasha kubinonosora.

Insanganyamatsiko: "**Ganira na bagenzi bawe mwungurane ibitekerezo ku ruhare rw'ibihingwa ngengabukungu mu iterambere ry'igihugu**".

Abanyeshuri baraganira batange ibitekerezo bitandukanye umwarimu abafashe kubinoza neza.

**Guhanga umwandiko**

- Umwarimu aratanga umukoro wo guhanga umwandiko ku ruhare rw'ibihingwa ngengabukungu mu iterambere ry'Igihugu, umunyeshuri umwumwe akore umukoro wo guhanga umwandiko ku ngingo yahawe. Umwarimu awukosore mu gihe yabahaye kigeze.

  Hanga umwandiko ugaragaza akamaro k'ibihingwa ngengabukungu.

## Intera ya kane: Ibaruwa y'ubuyobozi

### Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

***Intego***

Umunyeshuri yifashishije umwandiko yahawe, araba ashobora:

- Kwandika ibaruwa y'ubuyobozi yubahiriza imbata n'imiterere yayo

**Imfashanyigisho:**

Umwandiko w'ibaruwa y'ubuyobozi, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo k'ikibonezamvugo n'inkoranyamagambo.

### I. Ivumburamatsiko

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko yo mu mwandiko bagiye gusoma.

**Urugero rw'ibibazo yababaza aramutse akoresheje ibibazo byo mu buzima busanzwe/ aramutse akoresheje amashusho:**

1. **Mwitegereje iyi shusho murabonaho iki?**
   Umukobwa wicaye mu biro.
2. **Uriya mukobwa muratekereza ko ari muntu ki?**
   Ni umukozi cyangwa umuyobozi runaka.

3. **Muratekereza ko uriya mukobwa akora iki hariya?**
   Ameze nk'uri kwandika ku mashini.

## II. Gusoma

### Gusoma bucece

Umwarimu arabwira abanyeshuri kurambura igitabo cyabo ahari "ibaruwa y'ubuyobozi" abasabe kuyisoma bucece nyuma ababaze ibibazo byo gusuzuma ko basomye.

**Urugero rw'ibibazo yababaza:**

1. **Iyi baruwa irasaba ibiki?**
   Irasaba guhindurirwa ikigo
2. **Ni ibaruwa yandikiwe nde?**
   Umuyobozi w'Akarere ka Nyanza.
3. **Bene iyi baruwa yitwa ngo iki?**
   Ibaruwa y'ubuyobozi.

**Ibaruwa y'ubuyobozi**

UMUTONIWASE Nadine
Ishuri rya Byimana
Umurenge wa Byimana
Akarere ka Ruhango

Ruhango, ku wa 22 Gashyantare 2015

Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Nyanza.

Binyujijwe:

Bwana Umuyobozi w'Urwunge rw' Amashuri rwa Nyanza

Impamvu: Gusaba guhindurirwa ikigo


Bwana Muyobozi w'Akarere,

Nejejwe no kubandikira ngira ngo mbasabe guhindurirwa ikigo, nkava ku Rwunge rw'Amashuri rwa Byimana nkajya ku Rwunge rw' Amashuri rwa Nyanza.

Mu by'ukuri, Bwana Muyobozi, muri ino minsi iwacu bimukiye i Nyanza, nkaba ngumye mu Byimana ntabona aho niga ntaha. Nigaga mu mwaka wa Kabiri w'amashuri yisumbuye kandi ibizami by'igihembwe cya mbere nabikoze neza. Ku mugereka w'iyi baruwa murahasanga fotokopi y'urupapuro rw'amanota hamwe n'ikemezo cy'ubuyobozi bw'ishuri nigagaho.

Mu gihe ntegereje igisubizo cyanyu kiza, Bwana Muyobozi, mbaye mbashimiye uburyo mwakiriye igitekerezo cyange.

UMUTONIWASE Nadine




Bimenyeshejwe:

- Madamu Umuyobozi Ushinzwe Uburezi mu Karere ka Nyanza
- Bwana Umuyobozi Ushinzwe Uburezi mu Murenge wa Busasamana
- Bwana Umuyobozi w'Urwunge rw'Amashuri rwa Byimana

Amabaruwa agira amoko atandukanye bitewe n'uburyo yanditse, uwayanditse cyangwa se uwo yandikiwe. Mu Kinyarwanda habaho ibaruwa ya gicuti ndetse n'ibaruwa y'ubuyobozi. Ibaruwa ya gicuti, uyandika nta mabwiriza runaka aba agomba kubahiriza, mu gihe ibaruwa y'ubuyobozi yo igira amabwiriza n'amategeko agomba kubahirizwa.

## Imbata y'ibaruwa y'ubuyobozi



**Ibice by'ibaruwa y'ubuyobozi**

1. **Aderesi y'uwandika:** Aderesi y'uwandika yandikwa hejuru mu ruhande rw'imoso y'urupapuro. Uwandika agaragaza aderesi y'aho yanditse ari kugira ngo nasubizwa igisubizo kizabone aho cyoherezwa.
2. **Ahantu n'itariki:** Ahantu n'itariki byandikwa hejuru mu ruhande rw'iburyo. Uwandika agaragaza aho yanditse ari, agashyiraho akitso hanyuma agakurikizaho itariki yandikiyeho. Ahantu n'itariki byandikwa biringaniye na aderesi y'uwandika.
3. **Izina ry'icyubahiro n'inshingano by'uwandikiwe:** Begera hepfo gato ya aderesi y'uwandika, bakambukiranya urupapuro bagana iburyo, bagapimanya munsi y'aho ahantu n'itariki byatangiriye, akaba ariho bandika izina ry'icyubahiro n'inshingano by'uwandikirwa.
4. **Binyujijwe:** Begera hepfo gato y'izina ry'inshingano by'uwandikiwe.
5. **Impamvu:** Begera hepfo gato y'aho banditse izina ry'icyubahiro n'inshingano by'uwandikiwe, bakagaruka ibumoso, bagapimanya munsi y'aho aderesi y'uwandika yatangiriye, akaba ariho handikwa ijambo impamvu. Ijambo impamvu rigomba buri gihe kuba rikurikiwe n'utudomo tubiri kandi riciweho akarongo. Mu kwandika impamvu nyiri izina, uwandika agomba kwirinda gukoresha interuro ndende ishobora kwambukiranya ikagera munsi y'izina ry'uwandikiwe n'inshingano ze. Ni byiza ko akoresha interuro ngufi ndetse byaruta yanditse mu mirongo ibiri ariko itambukiranyije urupapuro.
6. **Urwego rw'ubuyobozi rw'uwandikiwe:** Urwego rw'ubuyobozi rw'uwandikiwe rwandikwa hepfo gato y'impamvu ariko bambukiranyije urupapuro, bagapimanya aho ahantu n'itariki, izina ry'icyubahiro n'inshingano by'uwandikiwe byatangiriye, akaba ari ho bandika urwego rw'ubuyobozi rw'uwandikiwe kandi buri gihe hashyirwaho akitso.
7. **Ibaruwa nyirizina:** Igizwe n'ibice bitatu ari byo:
    a) **Intangiriro y'ibaruwa:** Aho ibaruwa itangirira n'ubundi ni ugupimanya munsi y'ahatangiriye ahantu n'itariki, izina ry'icyubahiro n'inshingano by'uwandikiwe ndetse n'urwego rw'ubuyobozi, akaba ariho ibaruwa itangirira. Mu ntangiriro uwandika, akomoza gato ku mpamvu imuteye kwandika.
    (b) **Igihimba k'ibaruwa:** Igihimba na cyo gitangirira aho ibindi bice biba byatangiriye munsi gato y'intangiriro. Mu gihimba uwandika yandika mu buryo burambuye ibitekerezo bye, akirinda kurondogora no gukoresha amagambo agaragaza amarangamutima, ahubwo akandika agusha ku ntego.
    (c) **Umusozo w'ibaruwa:** Umusozo w'ibaruwa y'ubuyobozi na wo utangirira munsi gato y'aho ibindi bice biba byatangiriye, kandi ukandikwa hakoreshejwe amagambo make.

8. **Amazina n'umukono by'uwandika:** Munsi y'umusozo uwandika, yongera kugaragaza amazina ye ndetse agashyira umukono ku ibaruwa yanditse.
9. **Bimenyeshejwe:** Begera hasi gato y'amazina y'uwanditse ariko aharinganiye n'aho impamvu yatangiriye.

**Ikitonderwa:** Binyujijwe na bimenyeshejwe bikoreshwa rimwe na rimwe igihe bibaye ngombwa.

## Inama zigirwa uwandika ibaruwa y'ubuyobozi

Ibaruwa y'ubuyobozi ni ibaruwa yandikanwa ubwitonzi kuko uburyo yanditse bihesha agaciro nyiri ukuyandika bityo n'ibyifuzo bye bikaba byakoroha kubahirizwa cyangwa bikagorana kubifataho ikemezo kubera uko iyo baruwa iteye.
Dore ibigomba kwitonderwa:

1. Uwandika agomba kubahiriza imbata y'ibaruwa y'ubuyobozi. Ibice byose ni ngombwa ko bibonekamo. Iyo uwandika agiye kwandika ibaruwa y'ubuyobozi agomba kumenya uwo yandikira, bitewe n'impamvu agiye kwandika.
2. Uwandika agomba kugira ikinyabupfura, akubaha uwo yandikira. Uwandika agomba koroshya amagambo, agasobanura ibyo yandika mu kinyabupfura.
3. Uwandika agomba kwirinda kurondogora, akandika ibiri ngombwa gusa, arasa ku ntego.
4. Uwandika agomba kwirinda gusiribanga, akandika ibaruwa ifite isuku.
5. Mu ntangiriro y'ibaruwa, shyiramo ikiguteye kwandika. Tangira ugira uti : « Nejewe no kubandikira iyi baruwa ngira ngo ... ». Mu gihimba k'ibaruwa, sobanura neza impamvu wanditse, n'igituma wumva ibyemezo byafatwa byahuza n'ibyifuzo byawe. Niba hari impapuro zarushaho kumvikanisha igitekerezo cyawe uzivuge, kandi buri rupapuro wavuze mu ibaruwa uze kurushyira ku mugereka w'ibaruwa. Mu musozo w'ibaruwa, shimira uwo wandikiye.
6. Iyo ibaruwa ishyizwe mu ibahasha, inyuma ushyiraho izina ry'icyubahiro n'inshingano by'uwo wandikiye. Ntabwo ushyiraho izina rye bwite.

## Umwitozo ku ibaruwa y'ubuyobozi

Umwarimu arabwira abanyeshuri bakore umwitozo uri mu bitabo byabo, bandike ibaruwa y'ubuyobozi bubahiriza imbata n'imiterere yayo. Buri munyeshuri arakora umwitozoku giti ke, umwarimu akosore amabaruwa, ari nako afasha abanyeshuri gukosora amakosa bakoze.

**Umwitozo:**

Andikira umuyobozi w'ishuri ryawe ibaruwa umusaba uruhushya rwo kujya iwanyu kubera impamvu runaka.
Abanyeshuri barandika amabaruwa atandukanye, umwarimu agende akosora umwumwe akurikije amabwiriza agenga imyandikire y'ibaruwa y'ubuyobozi.

## Inshamake y'ibikubiye muri uyu mutwe

Muri uyu mutwe twasesenguye imyandiko ivuga ku nsanganyamatsiko y'iterambere, twabonye ko ibihingwa ngandurarugo nk'ibinyabijumba, ibinyampeke, n'imboga bituma tubona ibidutunga na ho ibihingwa ngengabukungu nk'ikawa, icyayi, ibireti bikaba byoherezwa hanze bikinjiza amadovize. Ibihingwa ngengabukundu twabonye ko ahanini byoherezwa mu mahanga kubera ko mu Rwanda nta bushobozi dufite bwo kubibyaza icyo bigenewe gukoreshwa.

Ku bijyanye n'imyandikire ya gihanga, twabonye uburyo amagambo yandikwa hubahirizwa ubutinde n'amasaku kuri muhundwanota no mu buryo bwo kugabanya ibimenyetso hagaragazwa ubutinde n'amasaku nyejuru by'inyajwi.
Twabonye kandi ibijyanye no kwandika ibaruwa y'ubuyobozi. Ibaruwa yoherezwa mu buyobozi, igomba kwandikanwa ubushishozi ntigaragaremo amarangamutima no kurondogora kandi ikubahiriza imbata n'imiterere yayo.

### Iby'ingenzi nshoboye

- Gushishikariza abantu akamaro k'ibihingwa ngandurarugo n'ibihingwa ngengabukungu mu iterambere ry'Igihugu.
- Kwandika amagambo y'Ikinyarwanda ngaragaza ubutinde n'imiterere y'amasaku by'inyajwi.
- Kwandika ibaruwa y'ubuyobozi nubahiriza imbata n'imiterere yayo.
  **Isuzuma risoza umutwe wa kenda**

## Isuzuma rusange risoza umutwe wa kenda

Nyuma yo kurangiza umutwe wa kenda, umwarimu aratanga isuzuma riteganyijwe risoza umutwe wa kenda, buri munyeshuri arikore ku giti ke. Nyuma y'ikosora umwarimu asuzume urwego abanyeshuri bagezeho kugira ngo niba hari ibigomba gusubirwamo bisubirwemo.

### Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma

### I. Ibibazo byo kumva umwandiko

1. **Umwanditsi afite izihe mpungenge agaragariza mu gika cya mbere?**
   Afite impungenge ko mu Gihugu cyacu ndetse no mu bindi bihugu muri rusange, usanga ababituye biyongera nyamara ubutaka bwo guturaho ndetse n'ubwo gukoreraho imirimo itandukanye ntibwiyongere kandi bugenda busaza ku buryo umusaruro ugabanuka umunsi ku wundi.
2. **Ese ni iki umuntu yakoresha kugira ngo ubutaka bwisubire maze umusaruro w'ibihingwa wiyongere?**

Iyo umuntu ashaka ko ubutaka bwisubira, ashaka ifumbire agashyiramo, yaba iy'imborera se cyangwa iy'imvaruganda.

3. **Ni ubuhe buryo bwo kubona inyongeramusaruro buvugwa mu mwandiko? Hari ubundi buryo uzi wavuga?**

   Uburyo bwo kubona inyongeramusaruro ni ukorora itungo umwanda rita ukivanga n'icyarire hanyuma urwo ruvange rugashyirwa mu ngarani. Iyo rumaze kubora rutanga ifumbire y'imborera.

   Ushobora kandi kugura ifumbire y'imvaruganda ukaba ari yo ukoresha.

   Ubundi buryo butavuzwe bushobora kubonekamo ifumbire ni ukurunda ibyatsi bikazabora na byo bikavamo ifumbire.

4. **Uretse gukoresha ifumbire, ni iki abahinzi bagomba gukora kugira ngo umusaruro uboneke?**

   Bagomba gukoresha imbuto z'indobanure kandi zijyanye n'agace zihingwamo, bakanitabira kurwanya isuri kugira ngo idatwara imyaka n'ubutaka ikabyijyanira ahandi.

5. **Kuba abantu biyongera, ubutaka ntibwiyongere wumva bizagira iyihe ngaruka ku butaka buhingwa?**


   Bizatuma buba buke cyane ugereranyije n'ababukeneye, kandi bugende bwangirika cyane kubera gukoreshwa kenshi butaruhuka.

## II. Inyunguramagambo


1. Sobanura amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:
   a) **Ifumbire:** Umwanda uturuka ku matungo ukoreshwa mu buhinzi kugira ngo umusaruro wiyongere
   b) **Icyarire:** ni ibyatsi basasira amatungo
   c) **Kurumbuka:** kwiyongera
   d) **Imvaruganda:** ni ifumbire itari imborera ikorerwa mu nganda
   e) **Impuguke:** inzobere
2. Tanga impuzanyito y'aya magambo:
   a) **Kongera** (umusaruro): gutubura umusaruro
   b) **Inyongeramusaruro**: ifumbire
3. Tanga imbusane z'aya magambo akurikira:
   a) **Gusanga** ≠ guhunga b) **Kugura** ≠ kugurisha

## III. Ikibonezamvugo


1. Andika aya magambo ugaragaza ubutinde n'amasaku kuri muhundwanota, unayandike mu nyandiko igabanya ibimenyetso.




a) Umuyobozi
   Umuyobozi




b) Ingarani
   ingaraani



c) Ifumbire
   Ifuûmbire



d) Guhinga
   Guhîinga



e) Imvaruganda
   Imvâarugaânda

## IV. Ihangamwandiko

Andikira ibaruwa y'ubuyobozi umuyobozi w'ishuri ryawe umusaba kwiga utaha kubera ikibazo cy'amafaranga utabona.

Ibaruwa irakosorwa hubahirizwa amabwiriza yo kwandika ibaruwa y'ubuyobozi

# Imyandiko y'inyongera

## Afashwe neza nk'icyana k'ingangi

Muri iki gihe hagenda haduka imvugo zitandukanye zigaragaza uko abantu babayeho. Mu minsi yashize hari hadutse imvugo ngo: "Yaradamaraye", Yaragashize", "Yageze iyo ajya" "Arasharamye" n'izindi. Reka tuganire kuri iyi mvugo ngo: "Afashwe neza nk'icyana k'ingagi."

Iyi mvugo yadutse ahagana mu 1990 ubwo ingagi zari zitaweho cyane na nyakwigendera Diyane Fose (Diane Fossey), Umunyamerika wabaga mu Rwanda, Abanyarwanda bari barahimbye Nyiramacibiri. Ni zimwe mu nyamaswa zisigaye hake cyane ku isi. Ingagi ni zimwe mu nyamaswa zenda gusa n'umuntu ku buryo zikurura cyane ba mukererugendo.
Ingagi zo mu misozi zibarizwa mu birunga biri hagati y'u Rwanda, Uganda na Kongo (Congo). Buri mwaka zisurwa na ba Mukerarugendo batari bake maze zikaba zinjirije u Rwanda amadovize atabarika. Ni yo mpamvu rero Leta yashyizeho gahunda yihariye yo kuzirengera.

Kuva mu mwaka wa 2008, hashyizweho umunsi ngaruka mwaka wo kwita amazina abana b'ingagi bavutse vuba. Uwo munsi witwa "Kwita izina". Ni umwe mu minsi mikuru iba mu Rwanda byagaragaye ko ihuruza imbaga y'isi yose. Iyo itariki yo kwita izina igiye kugera, abantu baturuka imihanda yose baje muri icyo gikorwa kibera mu Kinigi mu Karere ka Musanze. Usanga imihanda igana aho ibirori bibera, abantu ari uruvunganzoka.

Kubera agaciro ingagi zifite mu Rwanda, hanashyizweho ivuriro n'abaganga b'inzobere bazibungabungira amagara. Erega na zo zitwinjiriza akayabo! Ni iyihe nyamaswa se isurwa kurusha ingagi? Muri make ingagi zo mu Rwanda zitaweho pe! Mu minsi yashize zanashyirwaga no ku noti.

Ibyo rero hamwe n'ibindi tutarondoye ni byo byatumye Abanyarwanda bahimba iyi mvugo. Iyo babonye umuntu umerewe neza cyangwa afashwe neza na shebuja, mbese ari umutoni, bagira bati: "Afashwe neza nk'icyana k'ingagi."

## Imikino mpuzamahanga ya Olempiki(olympique)

Buri myaka ine, abakinnyi b'imikino ngororamubiri baturutse imihanda yose bahurira mu mikino mpuzamahanga ya "Olempiki(olympique)". Hari benshi batazi

impamvu iyo mikino yiswe ityo, abandi ntibazi inkomoko yayo. Iyi mikino yabereye bwa mbere mu Gihugu cy'Ubugiriki mu mwaka wa 776 mbere y'ivuka rya Yezu. Ibera mu mugi wa Olempiya ari naho hakomotse izina Olempiki ryitiriwe iyo mikino.
Mu ntangiriro y'iyo mikino, byari ibirori byo kwizihiza no kuramya ikigirwamana cyabo kitwaga Zewusi. Abakinnyi baturutse mu migi itandukanye barahuraga bagakina imikino nk'iy'iteramakofe, kwiruka, gukirana, imikino ngororamubiri nko gusimbuka, guterura ibiremereye, banajugunyaga ingasire, bagasimbuka imirambararo n'inkiramende, ubundi bakiruka ku mafarashi.

Iyo iyo mikino yajyaga gutangira, boherezaga intumwa mu migi yose itandukanye ikamenyekanisha ko ibyo birori bigiye kuba. Iyo ntumwa yabaga ifite urumuri ikaruzengurutsa umugi wose abantu barubona bakamenya ko ibyo birori byegereje. Muri icyo gihe nta manza cyangwa andi makimbirane yongeraga kuba mu gihugu hose bimanuke. N'intambara zose zahitaga zihagarara mu gihugu hose.
U Rwanda ndetse n'ibindi bihugu byinshi bya Afurika byohereza abakinnyi batari bake muri iyo mikino. U Rwanda rwagiye rugira abakinnyi benshi bagiye bitwara neza muri iyo mikino. Ku buryo hari abagiye baruserukira bakegukana imidari, bikababahesha ishema ubwabo ndetse bigahesha ishema Igihugu muri rusange. Abakiri bato barashishikarizwa kwitabira imikino ngororamubiri kugira ngo na bo bage baserukira Igihugu cyacu.

Kuva iyo mikino igitangira kugera hafi muri za 392, yaberaga mu Bugereki. Ariko ubu uko imyaka ine itashye hatoranywa umugi uzakira iyo mikino kandi bakamenyesha igihugu kizayakira mbere y'imyaka igera ku munani. Ubu imikino yose iba irimo yaba iy'amaboko, umupira w'amaguru n'imikino ngororamubiri.
Iyo imikino irangiye, ibihembo biratangwa, abakinnyi bakambikwa imidari y'ishimwe. Muri buri mukino, hahembwa abakinnyi batatu cyangwa amakipe atatu ya mbere. Uwa mbere ahabwa umudari wa zahabu, uwa kabiri akambikwa umudari wa feza, hanyuma uwa gatatu akambikwa uwa buronze. Ubwo ni na ko ibyo bihembo byose biherekezwa n'akayabo k'amafaranga.

Imigi yakunze kwakira ayo marushanwa ni nka Atene mu Bugereki, Atalanta muri Leta zunze Ubumwe za Amerika, Beyijinge mu Gihugu cy'Ubushinwa, Mosiku mu Burusiya n'ahandi. Tugize amahirwe yo kwakira iyo mikino, twakungukiramo byinshi. Abantu baturuka imihanda yose baje kureba iyo mikino. Uburiro n'amacumbi byahungukira kakahava. Twabatembereza mu gihugu bakirebera ibyiza nyaburanga. Twanaboneraho kubamurikira ibiranga umuco wacu nk'ibikorwa by'ubukorikori, ububoshyi bw'uduseke, ububumbyi bw'imitako yo mu nzu n'ibindi.

### Urarye uri menge

Uyu mugani bawuca iyo bashaka kuburira umuntu kugira ngo atagwa mu makuba babona ashobora kumugwirira akamwokama. Wamamaye mu Rwanda ukomotse ku muganwa Rutarati warindaga ba ka Mutaga umwami w'u Burundi ahayinga umwaka wa 1700.

Mutaga Semwiza umwami w'i Burundi, yari atuye ku Rutabo rwa Nkanda n'i Muganza w'i Ngara muri Nshige (Nyaruguru). Rimwe rero ahiga n'abaganwa (abatware) be ko abarusha abagore beza. Akababavuga mu bisingizo byabo ati: "Mbarusha Bishunzi bya Nyabinyeri binyara mu ntoki z'abarenzi imponogo zikarangira mu kirambi muka Mwezi!" Uwo ni uwitwaga Nahimpera. Ati: "Mbarusha Gikori igikurungishwabiganza umukobwa ubarusha ikiririsi n'ikirindimuko Bibero by'urutembabarenzi muka Mwezi!" Uwo ni uwitwaga Umunani. Ati: "Mbarusha Rusaro rwa Nzikwesa ruresaresa umutwenzi (umusore) mu museke akamusogota isonga y'ururimi muka Mwezi!" Uwo ni uwitwaga Niraba. Akomeza atyo ahetura abagore be bose bari aho. Abaganwa na bo bahiga ko atabarusha abagore beza. Ubwo bemeza ko bazateranira ku Rutabo rwa Nkanda bakamurikwa, maze bakabona gukemura impaka.

Umugambi urahama. Abaganwa barabikomeza kuko bashakaga kuzabona abagore ba Mutaga kuko yafuhaga ku buryo atemeraga ko hari umugore we ugera ahagaragara ngo banamurabukwe. Bahana igihe cy'ukwezi cy'umwiteguro. Gushize, abagore bose bahurira i Nkanda ku Rutabo. Bamaze kuhagera bateranyirizwa mu nzu yitwaga Menge yari mu gikari kwa Mutaga. Mutaga ariko agira amakenga y'abahungu maze abo bagore abarindisha umugabo witwa Rushorera. Amaze kumuha izo nshingano arikubura, Rushorera asigara muri iyo nzu arinze abo bakobwa. Mutaga ntiyashirwa abwira n'abareruzi (abahetsi) kumugenzurira na Rushorera ubwe. Abwira umutware wabo ko nibamubona bazamufatana n'uwo bari kumwe bakamumushyira. Abareruzi bahimbazwa n'umugambi bahawe. Ibyo byose Mutaga abivugana na bo rwihishwa Rushorera atabizi, yibereye mu nzu yinywera aniganirira n'abagore ba Mutaga n'aba baganwa. Rushorera yibera muri uwo munezero kugeza ubwo yibanisha na Nahimpera.

Nuko abareruzi batangira kugenzura, bakajya binjira mu nzu umwe umwe. Ugezemo wese agasanga Rushorera yegamiye Bishunzi ku rutugu. Rimwe rero umwe abagwa gitumo rwabaye imbwike. Arirahira, bagenzi be baba bahashinze. Babata muri yombi barabahambiranya, babajyana mu gitaramo kwa Mutaga. Abahungu bababonye bariyamira, bati: "Bishunzi bamukenyeje Rushorera!" Rushorera arabohwa, aranyagwa. Ibyo kumurika abagore biba birapfuye kubera uburakari bwa Mutaga.

Hagati aho batarasezererwa, Mutaga abwira Rutarati ati: "Genda undindire abagore hatazagira uwongera gukenyezwa Rushorera!" Abari aho baraseka kuko bari bazi ko Rutarati akunda abakobwa kurusha Rushorera. Umwe muri bo ni ko kubwira Rutarati mu magambo y'igitaramo ati: "Ye ga Rutarati! Uramenye ugende neza, uri muri Menge arya areba hanze!" Bongera guseka ku bwa ya ngeso basanzwe bamuziho, wa wundi yungamo ati: "Kandi rero uri muri Menge arya ashyuhaguza!"

Ibyo byose n'ubwo babivugaga mu marenga, Mutaga yarabyumvaga afindura icyo bashaka kuvuga. Abwira Rutarati ati: "Genda ubwire abareruzi baheke abagore

bose abange b'i Muganza n'ab'abaganwa maze batahe irushanwa rirarangiye." Iyo mvugo rero irahararwa i Burundi ihinduka umugani uba gikwira ugera mu Rwanda. Kuva ubwo bagira uwo bashaka kuburira igishobora kumushyira mu makozere bakamuburira bagira bati: "Urarye uri menge!" Babyendeye kuri uwo murundi Rutarati. Kurya uri menge ni ukwigengesera.

## Shyerezo

Shyerezo, Umwami w'igihugu cyo Hejuru, yari afite abagore benshi, barimo uwitwa Gasani. Ariko Gasani akaba amaze igihe kirekire yaragumbashye. Bukeye haza umuhanuzikazi witwa Impamvu, aramubwira ati:"Nkuragurire umwana w'umuhungu ugiye kubyara!" Gasani ati: "Winshinyagurira! Iki gihe maze cyose naragumbashye, uwo mwana azava hehe?" Impamvu ati: "Uzamubyara, ndabikuraguriye, nange icyo gihembo nzakibona!" Gasani ati: "Ese uhembwa iki?" Undi aramubwira ati:"Icyo uzampemba ntikiruhije upfa kunyihera icyo nambara n'ikintunga, nkaza ngatura mu rugo rwawe, kugira ngo mbone uburyo bwo kugumya kukubwiriza uko uzabigenza." Gasani yemera ibyo Impamvu amubwiye. Amushakira umwanya mu gikari, amushyira aho, aramutunga, akajya amukuburira inkanda uko akanishije inshya. Byibera aho.

Bukeye Impamvu abwira nyirabuja ati: "Ubajishe igicuba cy'umurinzi, ubuganizemo amata, nzakubwira." Muri iyo minsi, Shyerezo akaba afite umugambi wo kwagura ibihugu bye. Maze ahamagara abapfumu be, kugira ngo bamurebere inzira yo kuzuzuza uwo mugambi. Abapfumu bashaka ikimasa kizaba imana, bakizana mu gikari ibwami. Bashaka imbuto y'umwami, bayibuganiza cya kimasa, baracyongorera, barakibikira. Bamaze kukibikira, baracyorosora, baratega, basanga keze. Bajya rero mu nzu kuvuga amabara yacyo. Impamvu abonye Abapfumu bamaze kwinjira ikambere, abwira nyirabuja ati: "Genda wende uriya mutima w'imana yeze, maze uwuzane, uwushyire muri cya gicuba wabuganijemo amata. Ariko wihishe, ntihagire ukubona." Gasani aranyonyomba, no kuri ya mana, yenda wa mutima, araza awushyira muri cya gicuba cy'umurinzi. Igicuba akijisha ku ruhimbi rw'ibisabo, bakajya bakidomamo amata y'inshyushyu, uko inka zihumuje, mu gitondo na nimugoroba, kugira ngo gihore cyuzuye, nk'uko Impamvu yari yamubwiye.

Byibera aho. Amezi kenda arashira, mu kwa cumi Impamvu abwira Gasani ati: "Genda ujishure cya gicuba, ugipfundure, urebe ikirimo." Gasani aragenda no ku ruhimbi rw'ibisabo, ajishura cya gicuba, aragipfundura, arebamo. Arebyemo asanga akana k'uruhinja kareremba hejuru y'amata. Ahita avuza impundu, n'abo mu rugo bose bamutiza izindi bati: "Gasani yabyaye! Nimuvuze impundu!" Umwana bamukura mu gicuba, bamukubise amaso basanga ari agahinja k'agahungu keza cyane.

Inkuru ngo igere kuri Shyerezo, bamubwira ngo aze kwita umwana izina, arabahakanira, intumwa arayirukana ati: "Uwo mwana si uwange!" Umunsi wa

munani ugeze, Shyerezo koko ntiyaza guterura umwana ngo amwite izina. Bongeye kumwibutsa noneho ararakara ati: "Sinababwiye ko uwo mwana atari uwange, kandi ntamushaka? Nibanamwice sinshaka ko ambera aho!" Gasani n'umuja we babyumvise, umwana baramuhisha. Gasani amwita Sabizeze, kubera ko yari yamukuye ku mana yeze. Na ho abo Shyerezo yohereza kwica wa mwana, bakanga kwiteranya na nyirabuja, bakabanza kumuburira, umwana bakamuhisha.

Sabizeze yibanira atyo na nyina arakura, uko akura akagenda asa na se, arushaho kuba mwiza. Abantu bakabwira Shyerezo bati : "Nyagasani rwose ufite umwana mwiza cyane utaraboneka mu bantu!" Shyerezo ati: "Uwo mwana ko nategetse kumwica byagenze bite? Simushaka, ntabwo ari uwange! Kandi namvire mu gihugu!" Bigezeho abagaragu bakuru b'umwami baraza babwira Gasani bati: "Mwamikazi, tuje kureba umwana wawe barahiriye muduhamagarire tumurebe!" Gasani ahamagaza Sabizeze. Umwana ageze imbere ya ba batware, ngo bamukubite amaso baratangara, basanga koko ari mwiza bitarabaho kandi asa na se. Baragenda babwira Shyerezo bati: "Nyagasani umwana ufite hariya ni akataraboneka! Uwamwica ni nko kukwica ubwawe!" Shyerezo yibuka ko yari amaze kwohereza intumwa zo kwica uwo mwana gatatu, zose zikagaruka zimutaka, zimutangarira, yiyemeza kwigira yo. Aragenda no kwa Gasani ahageze, bahamagaza umwana ngo aze aramutse Se. Shyerezo amukubise amaso, ibyo kumwica ahita abireka, ahubwo aramuterura, amugira uwe amwita Imana.

Sabizeze uko akura, ni ko bagendaga basanga atameze nk'abandi bana. Byakubitiraho no kwibuka ko se yari yabanje kumwihakana, abantu bagatangara cyane ariko babaza nyina aho yamukuye n'uko yamubyaye, Gasani akaryumaho. Bukeye nyina wa Gasani aza kumusura, baganiriye arabimubaza, noneho Gasani aramubwira. Naho ubwo umugaragu wa Sabizeze ari hafi aho, icyo bavuze cyose agata mu gutwi. Amaze kubitora neza, aragenda abibwira shebuja Sabizeze. Ati: "Mbega mwana wa databuja, ugira ngo ndacyatangajwe n'uko uturusha byose? Namenye ko utavutse nk'abandi, ahubwo wavuye mu mutima w'imana yeze! Numvise nyoko abibwira nyogokuru! Sabizeze abyumvise, ararakara ati: "Ubonye mama ngo arambyarura! Sinkibaye muri iki gihugu, sinabona aho nkwirwa!"

Sabizeze aboneza ubwo, ajya ku kiraro ke yenda umuheto we, ahamagara imbwa ze z'impigi, Ruzunguzungu na Ruguma. Ajya mu ruganda rwa se yenda umuriro, awuhambira mu ifumba, yenda n'inyundo ya se, yitwa Nyarushara. Ajya mu biraro by'inka, ayobora imfizi Rugira n'insumba yayo Ingizi. Ajyana n'imfizi y'intama Mudende n'iyayo Nyabuhoro. Ajyana n'isekurume y'ihene Rugeyo n'isake Mugambira n'inyange. Amaze gukoranya ibyo byose, akora ku muvandimwe we na mushiki wabo Nyampundu. Umugaragu we Mihwabaro ataho maze bashyira nzira. Bageze ku rugi rw'ijuru Sabizeze yegura ya nyundo ya se Nyarushara, ayikoma ku rugi hejuru no hasi, no hirya no hino. Ijuru rirakingura n'uko barururuka. Ariko ya nyundo iramucika, imanuka umujugujugu igwa ku gisi cya Muhabura, irataruka

yijugunya mu kiyaga cya Gipfuna. Bamanuka ku ijuru baza mu gihugu cyo hasi, maze bururukira ku rutare rw'Ikinani, mu Mazinga ya Mubari. Hakaba mu gihugu cy'abazigaba, Umwami wabo ari Kabeja. Baca ingando, barahatura, baracanira, bibera aho.

## Inka

Inka ni rimwe mu matungo yororwa n'abantu. Igira umubyimba munini, ikagira amaguru n'amaboko abiri; ikandagiza ibinono kandi buri kinono kikagira imbari ebyiri. Igira umurizo muremure uriho ubwoya bita ubusenzi. Inka zigira amabara menshi: Hariho ibihogo, umukara , igitare, urwirungu, umusengo, ubugondo, isine, ikijuju, ikibamba n'ayandi menshi akomoka kuri ayo.

Kera inka bakundaga kuzinyaga mu mahanga, cyanecyane habaye imirwano maze bayitsinda bakazizanaho iminyago. Icyo gihe bororaga inyambo zabaga ari ndende zifite n'amahembe maremare, bakanorora n'inkuku zabaga zo ari ngufi kandi zinafite amahembe magufi. Habagaho n'inkungu zitagira amahembe cyangwa zifite amahembe aregarega, bitaga indegerege. Inka zororerwaga mu nzuri zikararayo maze aho zikunze kurara zikahaca ibikumba. Abashumba bazikukiraga bakanazicira icyarire bitwaga abarenzamase naho abashinzwe kuziragira gusa no kuzirinda kuribwa n'inyamaswa z'inkazi nk'intare bo bakitwa abashumba rwoma. Abashumba baziririmbiraga indirimbo zijyanye n'ibyo zikora. Zaba zitashye bazicyuye bakaziririmbira "amahamba", zaba zishotse bakaziririmbira "inzira" zaba zibyagiye se bakaziririmbira "indama".

Korora inka nyinshi biraruhije muri iki gihe. Inzuri zisigaye ni nke. Abantu basigaye bororera mu biraro. Inka zitungwa no kurisha zikarenzaho amazi. Zikunze kurwara uburondwe buzinyunyuza amaraso. Gushitura uburondwe kera byararushyaga, ariko ubu habonetse umuti bazifuhira cyangwa bashyira mu byuzi inka zikogamo, maze zigakuka uburondwe bwazishizeho.

Mu Rwanda rwa kera inka ni yo yarangaga ubukire. Umuntu wabaga adatunze, yajyaga gukeza uzitunze akamuhakwaho, nuko shebuja akazamuha inka na we akaba abonye icyororo. Umuntu w'intwari yashoboraga kuyihabwaho ingororano kuko yarushije abandi ubutwari mu gitero babaga batabarutsemo. Abasizi na bo bashoboboraga guhabwa inka n'umwami ashimye igisigo bamutuye. Umubyeyi wakoshaga umukobwa, na we yabonaga inka akaboneraho korora. Abantu bifurizanya kugira inka nyinshi, ibyo tubisanga mu ndamukanyo zabo aho umwe agira ati : "Gira amashyo!", undi na we ati : "Amashongore cyangwa amashyo ngore." Inka igirira abantu akamaro ku buryo bwinshi. Nta kintu kiyikomokaho kidafite akamaro. Amata yayo barayanywa, bakanayakuramo amavuta yo kurunga no kwisiga. Inyama zayo barazirya, uruhu rwayo rukurwamo ibikoba cyangwa rugakorwamo inkweto, amasakoshi, imikandara. Uruhu kandi barukoragamo inkanda, igikoba cy'umurizo kigashyirwa ku kirindi cy'umuhoro kikakirinda

gusaduka. Amahembe yayo yashyingurwagamo inzuzi, inago, imirya, amafaranga n'ibindi. Amahembe yanakorwagamo imangu zo gukoma impuzu, akanakorwagamo inkono z'itabi. Amase y'inka ahoma ibidasesa, imitiba, ibigega, insika, n'imbuga zo kwanikaho imyaka. Usibye, ibi amase avamo ifumbire ituma ibihingwa bikura neza abantu bakabona ibyo kurya.

Iryo tungo rero rikwiye gufatwa neza kuko rifitiye abantu akamaro. Turirinde icyatuma ridatanga umusaruro mwiza. Inka tuzifate neza, ziryame heza kandi tuzigaburire neza tunazivuze zitarwara ibyorezo nka muryamo, uburenge, inkubasi n'ibindi.

## Ikinyabupfura

Ikinyabupfura ni umuco w'umuntu utuma imyifatire ye ishimisha abandi aho ari hose. Kigaragaza uburere bwiza, kikarinda umuntu kwandavura no kwiyandarika. Iby'ubupfura abantu bose barabikunda bakabishima ariko ntibabigenze kimwe mu Rwanda.

Iyo umuntu agendereye undi, agera ku irembo agasuhuza. Baba bariyo bakamwikiriza. Agakomeza akaramukanya n'abo asanze mu rugo. Umukuru ni we uramutsa umuto, undi akikiriza. Kuramukanya biri ukwinshi. Bagira bati: "Amashyo". Usubiza ati: "Amashongore". Cyangwa bagira bati: "Gira abana, gira umugabo, gira umugore, gira inka" Usubiza ati: "Ndabashimye, ndamushimye, ndazishimye" cyangwa akavuga gusa ngo: "iii".

Muri iki gihe imyubakire mishya ituma umuntu atasuhuriza inyuma y'urugi ngo yumvwe, akomanga buhoro ku rugi agategereza ko bamubwira ngo yinjire cyangwa ko bamukingurira. Ibyo kuramukanya byarangira, bagaha umushyitsi icyo yicaraho, bakamufungurira iyo babishoboye. Mu muco wa kinyarwanda umushyitsi afungurirwa ikinyobwa, akica akanyota, bakabona kumubaza amakuru. Iyo babuze icyo bamuha baramuganiriza gusa ariko bakamwihohoraho bagira bati: "Nta bisanganwa nk'amagambo." Umushyitsi arubahwa, akanahabwa amafunguro. Rimwe na rimwe ba nyiri urugo bakubita hirya no hino ngo umushyitsi ataza gutaha abagaya ko batamwitayeho uko bikwiye. Ni na yo mpamvu baca umugani ngo: "Umushyitsi akurisha imbuto."

Iyo baramutse bamugaburiye, umushyitsi agomba kurya mu kinyabufura, yitonze, atasamye , adashyuhaguza. Iyo abonye ikintu giteye ishozi mu biribwa cyangwa mu binyobwa agikuramo atabimenyesheje abo basangira. Akomeza kurya cyangwa kunywa nta cyo abwiye abandi kugira ngo bitababatera iseseme. Mu kinyabupfura Abanyarwanda batozwa kutagwira inda ntibagaragaze ko ibyo kurya ari byo bararikiye. Kwandavuzwa n'inda biragayirwa cyane kandi ngo: "Ubupfura buba mu nda". Ariko ushaka nanone kutarya kandi babona ko yaza kwicwa n'inzara kubera kwikomeza, bamwinginga mu kinyabupfura bagira bati: "Imfura yanyuze aha ni iyariye", nuko bakaba bamwumvishije ko nta mpamvu yo kutarya kuko nta wutungwa n'ubusa.

Umushyitsi yiyibutsa gusezera agataha kugira ngo ataza kurambirana. Ntapfa guhubuka, arabanza agashimira abo yasanze, hanyuma akabasezeraho, bakamuherekeza agataha. Uwaherekeje ni we wiyibutsa kugaruka agasezera ku wo yari aherekeje. Ikinyabupfura ntikigarukira mu kuramukanya no guherekeza; kigomba no kugaragarira mu migenzereze myinshi ya buri munsi. Iyo boherereje umuntu ikintu arashimira, bakimuhereza agashimira. Naho uhamagawe n'uwo yubashye wese yitaba avuga ati: "Karame." Umuntu warezwe neza kandi ntabwo yubahuka guca umuntu mu ijambo cyanecyane iyo batangana.

Iyo uzindukiye mu zindi mpugu mudahuje umuco, wirinda kunegura ibyaho: imvugo, imyifatire, imyubakire, imyambarire, n'ibindi. N'iyo ugize icyo ugaya cyaho kandi ugomba kukivuga ubishakira uburyo bukwiye. Wenda ukagira uti: "Iki gikozwe gitya cyarushaho kuba kiza." Niba uri mu modoka, irinde kubyigana no gusakuriza abandi. Nubona umusaza, umukecuru, umubyeyi uhetse cyangwa umugore utwite, jya umwimukira.

Umuntu aho ari hose agomba kugira ikinyabupfura, akirinda icyabangamira abandi, akamenya uko yifata mu rungano, mu bo aruta no mu bantu bakuru. Twitoze kuba imfura, twirinda gukora urukozasoni, ahubwo tube imbonera muri byose. Umwana urangwa n'ikinyabupfura ashimisha ababyeyi. Umuco agaragaza aho ari hose ni umurage aba yarahawe n'abamureze kuva mu bwana kugeza aciye akenge. Uwitwaye nabi akagaragaza ikinyabupfura gike na we akoza isoni ababyeyi. Aha ni ho abakurambere bacu bahereye bavuga ngo "umubyeyi acumura yicaye."

## Urumuri n'umwijima

Umunsi umwe, izuba ryahuye n'umwijima riti: "Mbese nkawe uba ushaka iki mu gihugu, ntuzi ko abantu bose bakwanga, ibintu byose bikugaya? Impamvu wibonekeza uyikura kuki, wahura n'izuba nturive imbere? Ibintu byose ni ge byifuza ni ge bicikira, ni ge bikunda. Ndatunguka byose bikampa impundu. Inka zikahuka, umugenzi agafata inzira, umuhinzi akajya mu murima, inyoni zikabyuka. Nkawe se weguye ujya he?" Umwijima uti: "Shyuu! Ibyo uvuze Zuba ubitewe n'iki? Ugize ngo uranduta kandi ari ge waguhaye izina? Iyo ntaba umwijima ni nde wari kumenya ko uri izuba? Ukwikuza kwawe ni ko kwaguhimbiye ikinyoma ngo ukundwa n'ibintu byose! Ngewe ndakwanga nanga abikuza kandi n'ibintu byose birakwanga kubera icyokere cyawe cyabimaze kibibabura. Uretse n'ibyo nta kintu kigukunda wampaho umugabo. Niba utanyuzwe tuge kureba ikidukiranura umva ko wikuza ngo uranduta, undutisha iki? Ko ushaka abagenzi ntabaho bacyurwa na nde mu icumbi, abahinzi baruhuka gihe ki? Si ge ubacanira indaro ngahemba abakozi kandi nkabaruhura bakaryama? Ngo tugende turebe icyatumara impaka."

Biragenda, umwijima ubona impyisi, ubwira izuba uti: "Ndaguha abagabo batatu, uwo mu nyamaswa ni uyu." Hasigaye uwo mu nyoni no mu bantu. Cyo wa mpyisi we ntubere, niba ukunda izuba bivuge, niba kandi ari ge ukunda bivuge. Impyisi

iti: “Ge nikundira umwijima!” umwijima uti: “Ntakubwira Zuba ko ukwikuza kwawe kwaguhimbiye ibinyoma!” Uwo ni uwa mbere!” Izuba riti: “Va aho, nta rubanza rwo gucibwa n’impyisi!” Biragenda bisanga igihunyira. Umwijima uti: “Cyo nawe nyoni dukize kandi imanza zacu ntiziruhije, ni ukwihitiramo. Ari izuba, ari ge ukunda nde?” Igihunyira kiti: “Reka nari mfite amaso meza, ubwo mureba yahindutse imituku ni izuba ryarashemo impiru, iyo ntakugira riba ryarampuhuye!” Umwijima uti:“Ntiwumva kwikuza kubi! Hoshi tugende tuge kubaza abantu noneho ugende ubwerabwera!” Biragenda bihura n’umujura ati: “Izuba ni umwanzi wange, ndubaka rigasenya. Naho wowe, ngukundira ko ntunga ngatunganirwa.” Umwijima uti:“Ahoo! Sinakubwiye ko nta mukunzi ugira, ari wowe ubwawe wikunda ukikuza. Reba rero aho amaboko make aterera imico myiza, none mba nkwivunnye. Shyuu, ukava iwanyu mu ijuru ukaza kunyiratahо!” Izuba riracemererwa Rigiye kugenda agacurama kati: “Umwijima waguhenze ubwenge, abagabo waguhaye ni inshuti zawo gusa, genda wange abo bagabo uguhe abandi. Nukumpaho umugabo mu nyoni ntuzange, kuko nguruka; nukumpaho umugabo wo mu nyamaswa urashime, kuko nonsa abana nka zo. Umugabo wo mu bantu ushime umukannyi ubarira impu n’inkanda, ni we wanga umwijima.

Izuba riragaruka ribwira umwijima riti: “Abagabo wampaye ndabanze ahubwo mpa abandi. Nuramuka wanze ntunsindira aha tuzagera ku Mana.” Umwijima uti: “Hoshi dusange Imana idukize nta bandi bagabo nguhaye!” Biragenda no ku Mana, birapfukama biraramya biti: “Nyagasani dukiranure, utubwire urusha undi akamaro.” Imana iti: “Mwembi mugira akamaro, nta kitagira akamaro ndema! Ubwiza bw’umubiri bugaragazwa n’izuba, ariko umutima witonda ukagaragazwa n’umwijima. Ni cyo gituma barata ubwiza ku manywa, mu ijoro bagakora bupyisi, bakaba inyamaswa mu zindi. Nimugende muturane kandi nimugiririrana izima uzashobora kwimura undi azamwimure, nabinanirwa muzabane.” Izuba rikura ubwatsi, rihera ko rishaka kwirukana umwijima. Umwijima uhungira munsi. Izuba rituma ku muriro ngo uge urifasha kwirukana umwijima.

Ngaho aho byaturutse ko umwijima uhunga urumuri.

## Ruhumuriza na Gatama

Kera habayeho abagabo babiri bagaturana. Umwe abyara umwana w’umuhungu amwita Ruhumuriza. Undi abyara umukobwa amwita Gatama. Abana barakura, baragirana inyana, baruzura cyane. Bukeye Ruhumuriza abwira Gatama ati: “Dore turakundana cyane, urankunda na nge ndagukunda, icyakomeza urukundo dukundana ni uko twanywana. Gatama aremera baranywana. Bitongera ngo: “Urongorwa n’undi mugabo uteri ge, igihango kikazakwica.” Undi na we ati: “Urongora undi mugore utari ge igihango kikazakwica.” Barangije bacyura inyana zabo barataha.

Nuko Ruhumuriza na Gatama baguma kubana batyo. Bamaze gukura umwe abaye umusore undi abaye inkumi, inzara itera muri icyo gihugu, ibintu biradogera. Bukeye, se wa Gatama asuhukana n'umukobwa we bajya mu gihugu cya kure hategeranye n'aho bari batuye. Bageze muri icyo gihugu, abaho babona Gatama ari mwiza cyane, baza kumusaba. Gatama aranga. Iwabo bamubajije igituma yanga gusabwa, ati: "Sinshaka gusabwa." Ubwo se wa Ruhumuriza na we ashatse kumusabira aranga. Se amubajije ikibimuteye, Ruhumuriza ati: "Sinshaka umugore." bimanuke hashize iminsi Ruhumuriza yibuka Gatama, akiririrwa yigunze n'agahinda kenshi. Iwabo bamubaza uko yabaye akababwira ko arwaye. Gatama na we aho ari akabigenza atyo. Haciyeho iminsi Ruhumuriza araryama, arara atekereza Gatama ntiyasinzira. Bigeze mu nkoko za mbere arabyuka, arakenyera, afata inkoni, maze ashyira nzira ajya gushaka Gatama aho yaherera.

Aragenda, bwakwira agacumbika. Agenda ukwezi kose, mu kwa kabiri atunguka ku rugo rwa se wa Gatama. Atungutse mu marembo Gatama amutanga kumubona, aza yiruka aramuhobera. Baramukanya bafite ikiniga bombi. Bajya mu rugo Ruhumuriza asuhuzanya n'ababyeyi ba Gatama baramufungurira. Ruhumuriza arara aho bukeye asaba Gatama ababyeyi. Ababyeyi bati: "Gatama yanze kurongorwa." Noneho babaza Gatama ko ashaka kurongorwa arabemerera. Nuko Gatama arongorwa na Ruhumuriza. Barabana, barabyara, bagira n'amahirwe baba abatunzi b'inka nyinshi n'ibintu.